**International Criminal Tribunal for Rwanda**
**Tribunal Pénal International pour le Rwanda**

UNITED NATIONS
NATIONS UNIES

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO ICYUMBA I**

MWIMERERE : ICYONGEREZA

**Haburanisha abacamanza :**
Laïti Kama, Perezida
Lennart Aspegren
Navanethem Pillay

**Urubanza rwo kuwa :** 2 Nzeri 1998

**HABURANA**
**UBUSHINJACYAHA**
**NA**
**YOHANI-PAWULO AKAYESU**

**Urubanza N° ICTR-96-4-T**

---

## URUBANZA

---

**Ibiro bya Porokireri :**
Bwana Pierre-Richard Prosper

**Abunganira uregwa :**
Me Nicolas Tiangaye
Me Patrice Monthé

---

## Amashakiro


Amashakiro

I. INTANGIRIRO

- 1.1. Urukiko mpuzamahanga
- 1.2. Inyandiko y'ibirego
- 1.3. Ububasha bw'Urukiko
  - Ingingo ya 2 Itsembabwoko
  - Ingingo ya 3 Ibyaha byibasiye inyoko-muntu
  - Ingingo ya 4 Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n'Umugereka wayo wa II
  - Ingingo ya 6 Iryozwacyaha rya nyir'ubwite
- 1.4. Urubanza
  - 1.4.1. Imiburanishirize
  - 1.4.2. Imyiregurire y'Uregwa

1.5 Ushinjwa n'imirimo yakoraga i Taba (igika cya 3 n'icya 4 by'Inyandiko y'ibirego)

Ububasha burugumesitiri ahabwa n'amategeko

Ububasha bwa burugumesitiri atahabwaga n'amategeko

2. IBYABAYE MU RWANDA MU W'I 1994, MU MATEKA Y'IGIHUGU

3. HABA HARABAYE ITSEMBABWOKO MU RWANDA MUW'I 1994?

4. IBIMENYETSO

5. IMYANZURO KU BYABAYE

5.1 Ibirego muri rusange (Ibika bya 5-11 by'Inyandiko y'ibirego)

5.2 Ubwicanyi (Ibika bya 13,18,19 na 20 by'Inyandiko y'ibirego

5.2.1. Igika cya 12 cy'Inyandiko y'ibirego

5.2.2. Igika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego

5.2.3 Igika cya 18 cy'Inyandiko y'ibirego

5.2.4 Igika cya 19 n'icya 20 by'Inyandiko y'Ibirego

5.3 Inama

5.3.1 Igika cya 14 n'icya 15 by'Inyandiko y'ilingo

5.4 Gukubita no gukomeretsa (kwica urubozo/ibikorwa by'ubugome) (Ibika 16,17,21,22 na 23 by'Inyandiko y'ibirego)

5.5 Ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina (Ibika 12 A na 12 B byo mu Nyandiko ibirego)

6. AMATEGEKO AKURIKIZWA

6.1 Impurirane y'ibyaha

6.2 Uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite (ingingo ya 6 ya sitati)

6.3 Itsembabwoko (Ingingo ya 2 ya Sitati)

6.3.1 Itsembabwoko

6.3.2 Kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko

6.3.3 Gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko

6.4 Ibyaha byibasiye inyokomuntu (ingingo ya 3 ya sitati)

6.5 Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II (Ingingo ya 4 ya Sitati)

7. IMYANZURO KU BIREBANA AMATEGEKO

7.1 Ikirego cya 6, icya 8, icya 10 n'icya 12. Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange (ubuhotozi n'ibikorwa by'ubugome) n'ikirego cya 15 - ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II (guhungabanya agaciro ka muntu.....nko gusambanya ku ngufu)

7.2 Ikirego cya 5- Ibyaha byibasiye inyoko-muntu (ubuhotozi)

7.3 Ikirego cya 7- Ibyaha byibasiye inyoko-muntu (ubuhotozi)

7.4 Ikirego cya 9- Ibyaha byibasiye inyoko-muntu (ubuhotozi)

7.5 Ikirego cya 4- Gushishikariza kuburyo butaziguye kandi kumugaragaro gukora icyaha y'Itsembabwoko

7.6 Ikirego cya 11-Ibyaha byibasiye inyoko-muntu (kwica rubozo)

7.7 Ikirego cya 13 (gusambanya ku gahato) n'icya 14 (ibindi bikorwa birenze kamere-muntu)- Ibyaha byibasiye inyoko-muntu

7.8 Ikirego cya mbere-Itsembabwoko, Ikirego cya kabiri-Kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko

7.9 Ikirego cya 3- Ibyaha byibasiye inyoko-muntu (Itsembatsemba)

8 ICYEMEZO CY'URUKIKO
.

## INTANGIRIRO

### 1.1. Urukiko mpuzamahanga

1. Uru rubanza ruciwe n'Urugereko rwa mbere rw'iremezo icyumba I rw'Urukiko mpuzamahanga rushinzwe gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye, mu Rwanda ibyaha by'itsembabwoko cyangwa ibindi byaha bikomeye binyuranye n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu n'abanyarwanda bakekwaho kuba barabikoreye mu bihugu bituranye n'u Rwanda, hagati y'itariki ya 1 Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994 («Urukiko»). Uru rubanza ruciwe nyuma y'iregwa n'iburana rya Yohani-Pawulo Akayesu, umunyarwanda, wari burugumesitiri wa komini Taba, perefegitura ya Gitarama, mu Rwanda, igihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byaba byarakozwe.

2. Urukiko rwashyizweho n'Inama ishinzwe amahoro ku isi y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemezo cyayo 955 cyo kuwa 8 Ugushyingo 1994[1]. Imaze gusuzuma raporo zinyuranye yagejejweho n'Umuryango w'Abibumbye[2] zagaragazaga ko ibikorwa by'itsembabwoko n'ibindi byaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu byakozwe mu buryo rusange kandi buri kuri gahunda, mu Rwanda mu w'i 1994, Inama ishinzwe amahoro ku isi yasanze ibintu, uko byari byifashe mu Rwanda mu w'i 1994, byari bibangamiye amahoro n'umutekano mpuzamahanga nk'uko bisobanuye mu mutwe wa VII w'Amategeko shingiro y'Umuryango w'Abibumbye. Imaze kwiyemeza guhagarika ibyo byaha, kandi imaze kubona ko [...], ikurikiranwa ry'abantu bakekwaho kuba baragize uruhare muri ibyo bikorwa no muri ibyo byaha, byagira uruhare mu bwiyunge bw'abanyagihugu, bikagarura kandi bigakomeza amahoro, Inama ishinzwe amahoro ku isi yakoresheje ububasha ihabwa n'ayo Mategeko mu mutwe wayo wa VII kugira ngo ishyireho Urukiko[3]. Icyemezo 955 gitegeka ibihugu byose gutera inkunga ishyitse Urukiko n'inzego zarwo hakurikijwe Sitati y'Urukiko («Sitati»), no gufata ibyemezo byose bya ngombwa bikurikije amategeko yabyo bwite kugira ngo bishyire mu bikorwa ingingo za Sitati, harimo no kubahiriza ibisabwe cyangwa ibitegetswe n'Urukiko. Nyuma yaho, mu cyemezo 978 cyo kuwa 27 Gashyantare 1995, Inama ishinzwe amahoro ku isi yasabye ikomeje ibihugu gufata no gufunga, hakurikijwe amategeko yabyo yihariye n'ingingo zikurikizwa z'amategeko mpuzamahanga, abantu bari ku mafasi yabyo bafitiwe ibimenyetso bihagije ko bagize uruhare mu bikorwa Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda rufitiye ububasha bwo kuburanisha mu gihe hagitegerejwe ishyirwa mu bikorwa ry'ikurikiranwa ryatangiwe n'Urukiko mpuzamahanga cyangwa n'ubutegetsi bw'igihugu bubifitiye ububasha[4].

3. Urukiko rugengwa na Sitati yarwo, yometse ku cyemezo 955 cy'Inama ishinzwe amahoro ku isi, n'Amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso («Amategeko») yemejwe n'abacamanza kuwa 5 Nyakanga 1995 akaza kuhindurwa nyuma[5]. Ingereko ebyiri za mbere z'iremezo n'Urugereko rw'ubujurire zigizwe n'abacamanza 11 bose hamwe, batatu bakorera muri buri Rugereko rwa mbere rw'iremezo, batanu bagakorera mu Rugereko rw'ubujurire. Hakurikijwe ingingo ya 12 (3)(c) ya Sitati, abacamanza batorwa n'Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumbye, hazirikanywe imiryango remezo y'amategeko ku isi. Sitati iteganya ko abacamanza b'Urugereko rw'ubujurire rw'urundi rukiko rumwe rukumbi nshinjabyaha mpuzamahanga, arirwo rukiko rushinzwe gukurikirana abantu

bakekwaho kuba barakoreye ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwemuntu mu gihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya kuva mu w'i 1991 («Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rwagenewe igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya») bagize n'Urugereko rw'ubujurire rw'Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda.

4. Nk'uko bisobanuye muri Sitati, Urukiko rufite ububasha bwo gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoze mu Rwanda, ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu n'abanyarwanda bakekwaho kuba barabikoreye mu bihugu bituranye n'u Rwanda hagati y'itariki ya mbere Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994. Hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 2 kugera ku ya 4 ya Sitati zerekeranye n'ububasha bushingiye ku kiburanwa (ratione materiae) bw'Urukiko, Urukiko rufite ububasha bwo gukurikirana abantu bakoze itsembabwoko, nk'uko bisobanuye mu ngingo ya 2 ya Sitati, abantu bagize uruhare mu byaha byibasiye inyokomuntu nk'uko bisobanuye mu ngingo ya 3 ya Sitati n'abantu bafite uruhare mu byaha bikomeye binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo kuwa 12 Kanama 1949 yerekeye umutekano w'abakorewe ibyaha mu bihe by'intambara6, hamwe n'Umugereka wayo wa 2 wo kuwa 8 Kamena 1977, icyaha gisobanuwe mu ngingo ya 4 ya Sitati7. Nk'uko bisobanuye mu ngingo ya 8 ya Sitati, ububasha bw'Urukiko buhuriranye n'ubw'inkiko z'ibihugu ariko ubw'Urukiko mpuzamahanga bugasumba ubw'izo nkiko.

5. Sitati iteganya ko Porokireri, ugize urwego rutandukanye n'Urukiko, ashinzwe kwiga amadosiye no gukurikirana abantu bakoze ibyaha nk'ibyo. Iyo abona, ashingiye ku bimenyetso bicukumbuye, bikwiriye gukurikirana ukekwaho icyaha, Porokireri ategura Inyandiko y'ibirego asobanuramo mu magambo ahinnye uko ibintu byagenze n'icyaha cyangwa ibyaha uregwa ashinjwa. Nyuma yaho ashyikiriza Inyandiko y'ibirego umucamanza w'Urugereko rwa mbere rw'iremezo kugira ngo ayisuzume kandi, ayemeze bibaye ngombwa. Nk'uko biteganywa na Sitati, Porokireri w'Urukiko mpuzamahanga w'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya akora n'imirimo y'Umushinjacyaha w'Urukiko rwagenewe u Rwanda. Ariko izo Nkiko zombi zifite ba Porokireri bungirije n'ibiro bitandukanye. Porokireri w'Urukiko rwagenewe u Rwanda afashwa n'ikipi y'abakozi bashinzwe iperereza, ba avoka jenerali n'abasubutiti bakorera i Kugali (Rwanda). Aba bakozi bajya Arusha igihe bagomba kuburana imbere y'Urukiko.

## 1.2. Inyandiko y'ibirego

6. Inyandiko y'ibirego ya Yohani-Pawulo Akayesu yatanzwe na Porokireri tariki ya 13 Gashyantare 1996, yemejwe n'umucamanza tariki ya 16 Gashyantare 1996. Yaje guhindurwa muri Kamena 1997, urubanza rwaratangiye, ibirego bitatu (13 kugera kuri 15) n'ibika bitatu (10A, 12A na 12B) byongerwamo. Inyandiko irambuye y'ibyo birego itanzwe mu mirongo ikurikira :

> Porokireri w'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda, ashingiye k'ububasha ahabwa n'ingingo ya 17 ya Sitati y'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda («Sitati y''Urukiko»), ashinja :

**Yohani-Pawulo Akayesu**

**icyaha cy'itsembabwoko, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve**, muri aya magambo :

Amavu n'amavuko

1. Tariki ya 6 Mata 1994, indege yari itwaye Perezida Yuvenali Habyarimana w'u Rwanda na Perezida Sipiriyani Ntaryamira w'u Burundi yasandariye ku kibuga cy'indege cy'i Kigali, ihitana abari bayirimo bose. Nyuma y'urupfu rw'abo baperezida, ubwicanyi rusange bwo mu rwego rwa politiki no mu rwego rw'amoko bwahise butangira i Kigali bukwira mu bindi bice by'u Rwanda.

2. U Rwanda rugizwe na perefegitura 11 ; buri perefegitura iyoborwa na perefe. Perefegitura ubwazo zigabanyijemo amakomini ayoborwa n'ababurugumesitiri. Burugumesitiri wa komini ashyirwaho na Perezida wa Repubulika, abisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu. Mu Rwanda, burugumesitiri afatwa nk'umuntu w'igihangange muri komini. Mu karere ke afite ububasha mu by'ukuri, burenze kure ubwo ahabwa n'itegeko.

Ushinjwa

3. **Yohani-Pawulo AKAYESU** yavutse mu w' I 1953 muri segiteri Murehe, komini Taba ; yabaye burugumesitiri w'iyo komini kuva muri Mata 1993 kugera muri Kamena 1994. Mbere yo kugirwa burugumesitiri, yari umwarimu n'umugenzuzi w'amashuri muri Taba.

4. Nka Burugumesitiri, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yari ashinzwe imirimo nyubahirizategeko n'iyo kubungabunga umutekano rusange muri komini ye, akabigenzurwamo na Perefe. Yari afite ububasha busesuye ku bapolisi ba komini ndetse no ku bajandarume bashyizwe mu maboko ya komini. Yari ashinzwe kubahiriza amategeko, n'amabwiriza kimwe n'imigendekere myiza y'ubucamanza ; muri iyo mirimo, yegengwaga gusa na Perefe.

Ibirego muri rusange

5. Uretse iyo bivuzwe ukundi, ibikorwa byose yakoze cyangwa ibyo yagombaga gukora atakoze, bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego byabaye hagati y'itariki ya 1 Mutarama 1994 n'iya 31 Ukuboza 1994, muri komini ya Taba, perefegitura ya Gitarama, mu Rwanda.

6. Muri buri gika cyerekeye icyaha cy'itsembabwoko, icyaha cyemewe mu ngingo ya 2 ya Sitati y'Urukiko, ibyakozwe cyangwa ibitarakozwe byaragombaga gukorwa ashinjwa byabaye mu mugambi umwe wo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo, bazira ubwenegihugu, isano-muzi cyangwa ubwoko.

7. Muri buri gika cyerekeye icyaha cy'itsembabwoko, abakorewe icyaha bari bahuriye k'ubwenegihugu, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini.

8. Muri buri gika cyerekeye ibyaha byibasiye inyokomuntu, ibyaha byemewe n'ingingo ya 3 ya Sitati y'Urukiko, ibyakozwe cyangwa ibitarakozwe byaragombaga gukorwa ashinjwa byabaye mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byagabwe ku baturage b'Abasiviri kubera ubwenegihugu, umutwe wa politiki, isano-muzi cyangwa ubwoko bwabo.

9. Mu bihe byose bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego, hari imirwano hagati y'abenegihugu.

10. Mu bihe byose bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego, abakorewe icyaha bayivugwamo, ni abantu batari bafite uruhare mu mirwano.

10A. Muri iyi Nyandiko y'ibirego, ibikorwa by'urugomo byerekeranye n'igitsina, birimo kwinjiza ku ngufu imboro mu gituba, mu nnyo cyangwa mu kanwa, na cyangwa kwinjiza

ikindi gikoresho icyo ari cyo cyose mu gituba cyangwa mu nnyo kimwe n'ibindi bikorwa bihohotera ubusugire bw'igitsina nko kwambikwa ubusa ku ngufu.

11. Uregwa aryozwa, ku giti cye, ibyaha ashinjwa muri iyi Nyandiko y'ibirego. Nk'uko biteganywa mu gika cya 6(1) cya Sitati y'Urukiko, umuntu wese wacuze umugambi, wawushishikarije, wategetse, wakoze cyangwa k'ubundi buryo ubwo ari bwo bwose agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura cyangwa gukora kimwe mu byaha by'ubugome bivugwa mu ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 ya Sitati y'Urukiko, akiryozwa ku giti cye.

Ibirego

12. Nka burugumesitiri, **Yohani-Pawulo AKAYESU**, yari ashinzwe kubungabunga umutekano w'abaturage no kubahiriza amategeko muri komini ye. Nibura abatutsi 2000 biciwe i Taba hagati y'itariki ya 7 Mata n'impera z'ukwezi kwa Kamena 1994, bicwa akiri burugumesitiri. Ubwo bwicanyi bwabereye i Taba bwakozwe ku mugaragaro kandi bwari bufite umurego ukaze ku buryo **Yohani-Pawulo AKAYESU**, nka burugumesitiri, yagombaga kubimenya byanze bikunze. Nubwo yari afite ubushobozi buhagije bwo kubikora kandi ari nabyo yari ashinzwe, **Yohani-Pawulo AKAYESU** ntiyigeze agerageza mu buryo ubwo ari bwo bwose kubuza ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri komini ye, kandi ntiyasabye inkunga y'abategetsi b'akarere cyangwa b'igihugu kugira ngo ahane ababukoze.

12A. Hagati y'itariki ya 7 Mata n'impera z'ukwezi kwa Kamena 1994, Abasiviri amagana n'amagana («abavanywe mu byabo») bahungiye ku biro bya komini. Abenshi muri bo bari Abatutsi. Mu gihe bashakiraga ubuhungiro ku biro bya komini, abavanwe mu byabo b'igitsina gore batwarwaga buri gihe n'insoresore zo muri ako karere hamwe cyangwa n'abapolisi ba komini bitwaje intwaro, bagakorerwa ubugizi bwa nabi bwerekanye n'igitsina kandi cyangwa bagakubitirwa mu mazu y'ibiro bya komini, cyangwa hafi yaho. Abasiviri bavanywe mu byabo bahotorerwaga kenshi mu mazu y'ibiro bya komini cyangwa hafi yayo. Abagore benshi bahatiwe gukorerwa ibikorwa byinshi by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, rimwe na rimwe bigakorwa n'abagizi ba nabi benshi. Ubwo bugizi bwa nabi bwerekeye igitsina bwajyanaga kenshi n'itera bwoba ryo kwicwa cyangwa guhohoterwa k'umubiri. Abasiviri bavanywe mu byabo b'igitsina gore bahoranaga ikintu cy'ubwoba n'imibereho yabo yaba iy'umubiri cyangwa iyo mu mutwe ikarushaho kumera nabi kubera ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, inkeke n'ubwicanyi byabakorewe.

12B. **Yohani-Pawulo AKAYESU** yari azi ko ubwo bugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, ubwo buhotozi n'izo nkeke byakorwaga, ndetse rimwe na rimwe bigakorwa ahibereye. **Yohani-Pawulo AKAYESU** yorohereje ikorwa ry'ubwo bugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, ry'izo nkeke, ry'ubwo buhotozi, yemera ko bikorerwa mu mazu y'ibiro bya komini cyangwa hafi yayo. **Yohani-Pawulo AKAYESU** yashishikarije ubwo bugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, izo nkeke, n'ubwo buhotozi kubera ko byabaye ahibereye ariko ntagire icyo akora ngo abibuze.

13. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata, mu museke, muri segiteri Gishyeshye, komini Taba, agatsiko k'abantu karimo uwitwaga Farasisiko Ndimubanzi, kishe umwarimu wari utuye muri ako karere witwaga Siliveri Karera, bamurega gukorana n'Umuryango wa FPR («FPR») no kugambanira abahutu ngo bicwe. N'ubwo umwe muri abo bicanyi yashyikirijwe **Yohani-Pawulo AKAYESU**, nta ngamba nimwe yafashe kugira ngo amufungishe.

14. Mu gitondo cyo kuwa 19 Mata 1994, Bwana Karera amaze kwicwa**, Yohani-Pawulo AKAYESU** yayoboye wenyine inama muri segiteri Gishyeshye, ashyigikira urupfu rwa Siliveri Karera, asaba akomeje abaturage kwikiza ibyitso bya FPR ; abaturage bari muri iyo nama bumvise ko yavugaga Abatutsi. Abantu barenga 100 bari bayitabiriye. Ubwicanyi bwibasiye Abatutsi muri Taba bwatangiye nyuma gato y'iyo nama.

15. Muri iyo nama na none yo kuwa 19 Mata 1994 yabereye muri segiteri Gishyeshye, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yavuze nibura amazina y'abantu batatu b'Abatutsi bazwi neza, aribo Efuremu Karangwa, Yuvenali Rukundakuvuga na EEmanweli Sempabwa, bagombaga kwicwa kubera gukekwaho kugira icyo bahuriyeho na FPR. Nyuma y'uwo munsi, Yuvenali Rukundakuvuga yiciwe i Kanyinya. Mu minsi yakurikiyeho, EEmanweli Sempabwa yakubiswe ibiboko kugera igihe apfiriye, imbere y'ibiro bya komini Taba.

16. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, **Yohani-Pawulo AKAYESU**, yakoresheje isaka muri Taba inzu ku yindi. Muri iryo saka, abaturage, harimo n'uwakorewe icyaha V, barabajijwe, bakubitwa imbunda n'inkoni mu maso ya **Yohani-Pawulo AKAYESU**. **Yohani-Pawulo AKAYESU** ubwe yateye ubwoba uwakorewe icyaha U amubwira ko azamwicira umugabo n'umwana niba atamuhaye amakuru ku bikorwa by'Abatutsi yashakishaga.

17. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994**, Yohani-Pawulo AKAYESU** yategetse ko bahata ibibazo uwakorewe icyaha X, ategeka ko akubitwa kugira ngo amenye aho Efuremu Karangwa yaba aherereye. Muri uko gukubitwa, nibwo intoke ze zavunitse ubwo yageragezaga kwikingira inkoni y'icyuma bamukubitishaga.

18. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, abantu bari bategetswe na **Yohani-Pawulo AKAYESU** gushakisha Efuremu Karangwa, basenye inzu ye, batwika n'iya nyina. Nyuma, bagiye gusaka inzu ya muramu we muri komini Musambira, basangayo abavandimwe be batatu aribo Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomo Gakuba. Bagerageje guhunga, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yavugije ifirimbi amenyesha abaturage ko abo bagabo barimo bashaka guhunga, abategeka kubafata mpiri. Bamaze gufatwa, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yategetse ko bicwa kandi nawe abigiramo uruhare.

19. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yafashe abagabo 8 bari bafungiye ku biro bya komini Taba, ategeka insoresore zitwara gisirikare kubica. Zabicishije ibiboko, imipanga, udushoka n'inkoni. Abakorewe icyaha bari bahunze komini Runda, bafungwa na **Yohani-Pawulo AKAYESU**.

20. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994**, Yohani-Pawulo AKAYESU** yategetse abaturage n'insoresore zitwara gisirikare bo muri ako karere kwica abanyabwenge n'abantu bakomeye. Abarimu batanu b'ishuli ryisumbuye ry'i Taba, barishwe ku bw'ayo mabwiriza. Abishwe ni Tewojene, Fobe Uwineza na fiyanse we (izina rye ntiryamenyekanye), Tarisisi Twizeyumuremyi na Samweli. Abaturage n'insoresore zitwara gisirikare bo kuri uwo musozi babicishije imipanga n'ibikoresho byo mu buhinzi, imbere y'ibiro bya komini Taba.

21. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 20 Mata 1994, **Yohani-Pawulo AKAYESU** n'abapolisi bamwe ba komini bagiye k'uwakorewe icyaha Y, umukecuru w'imyaka 69, **Yohani-Pawulo AKAYESU** amubaza aho umugore w'umwarimu wo muri kaminuza yaba aherereye. Igihe bamubazaga, bahagarikiwe na **Yohani-Pawulo AKAYESU**, abapolisi ba komini bakubise Y bakoresheje imbunda n'inkoni. Bamuziritse amaboko n'amaguru,

bamutera inshuro nyinshi imigeri mu gatuza ; **Yohani-Pawulo AKAYESU** yamuteye ubwoba bwo kumwica niba atababwiye ibyo bashakaga kumenya.

22. Nyuma yaho, n'ijoro, ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 29 Mata 1994, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yafashe uwakorewe icyaha W i Taba amubaza nawe aho umugore wa mwarimu wo muri kaminuza aherereye. Amaze kuvuga ko atahazi, yamuryamishije ku ngufu mu muhanda imbere y'ivatiri ye, amutera ubwoba amubwira ko ayimunyuza hejuru.

23. Nyuma yaho, ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 20 Mata 1994, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yafashe uwakorewe icyaha Z i Taba amuhata ibibazo. Muri iryo bazwa, abagabo bategekwaga na **Yohani-Pawulo AKAYESU** bahatiye abakorewe icyaha Z na Y gukubitana ubwabo, bananigisha uwakorewe icyaha Z ikinyita cy'ikanzu y'uwakorewe icyaha Y.

Ibirego 1-3

(Itsembabwoko)

(Ibyaha byibasiye inyokomuntu)

Kubera ibikorwa bye mu rwego rw'ibyabaye bivugwa mu bika kuva ku cya 12 kugera ku cya 23, **Yohani-Pawulo AKAYESU** aryozwa ibyaha bikurikira :

IKIREGO CYA MBERE : **ITSEMBABWOKO**, icyaha gihanishwa ingingo ya 2(3), alineya a), ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 2 : Kuba icyitso mu cyaha cy'**ITSEMBABWOKO**, icyaha gihanishwa ingingo ya 2(3), alineya e), ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 3 : **IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU** (itsembatsemba), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 b) ya Sitati y'Urukiko.

IKIREGO CYA 4

(Guhamagarira abantu ibikorwa by'itsembabwoko)

Kubera ibikorwa bye mu rwego rw'ibyabaye bivugwa mu gika cya 14 n'icya 15, **Yohani-Pawulo AKAYESU** aryozwa ibyaha bikurikira :

IKIREGO CYA 4 : Guhamagarira ku mugaragaro kandi mu buryo butaziguye ibikorwa by'**ITSEMBABWOKO**, icyaha gihanishwa ingingo ya 2(3), alineya c), ya Sitati y'Urukiko.

Ibirego 5 – 6

(Ibyaha byibasiye inyokomuntu)

(Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve)

Kubera ibikorwa bye mu ihotorwa rya Yuvenali Rukundakuvuga, Emanweli Sempabwa, Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomo Gakuba, nk'uko bivugwa mu bika kuva cya 15 kugera ku cya 18, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yakoze ibyaha bikurikira :

IKIREGO CYA 5 : **IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU** (Ubuhotozi), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 a) ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 6 : **IBIKORWA BINYURANYIJE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE**, nk'uko byanditswe mu ngingo ya 4 a) (Ubuhotozi) ya Sitati y'Urukiko.

Ibirego 7 – 8

(Ibyaha byibasiye inyokomuntu)

(Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve)

Kubera ibikorwa bye mu iyicwa ry'abantu 8 bari bafunze, bakicirwa imbere y'ibiro bya komini, nk'uko bivugwa mu gika cya 19, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yakoze ibyaha bikurikira :

IKIREGO CYA 7 : **IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU** (Ubuhotozi), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 a) ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 8 : **IBIKORWA BINYURANYIJE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE**, nk'uko byanditswe mu ngingo ya 4 a) (Ubuhotozi) ya Sitati y'Urukiko.

Ibirego 9 –10

(Ibyaha byibasiye inyokomuntu)

(Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'amasezerano y'i Jeneve)

Kubera ibikorwa bye mu iyicwa ry'abarimu batanu, biciwe imbere y'ibiro bya komini nk'uko bisobanuye mu gika cya 20, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yakoze ibyaha bikurikira :

IKIREGO CYA 9 : **IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU** (Ubuhotozi), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 a) ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 10 : **IBIKORWA BINYURANYIJE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE**, nk'uko byanditse mu ngingo ya 4 a) (Ubuhotozi) ya Sitati y'Urukiko.

Ibirego 11 – 12

(Ibyaha byibasiye inyokomuntu)

(Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'amasezerano y'i Jeneve)

Kubera ibikorwa bye mu ikubitwa ry'abakorewe icyaha U, V, W, Z, Y na Z, nk'uko bivugwa mu bika bya 16, 17, 21, 22 na 23, **Yohani-Pawulo AKAYESU** yakoze ibyaha bikurikira :

IKIREGO CYA 11 : **IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU** (Kwica urubozo), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 f) ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 12 : **IBIKORWA BINYURANYIJE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE**, nk'uko byanditse mu ngingo ya 4 a) (ibikorwa bya kinyamaswa) ya Sitati y'Urukiko.

Usibye uburyozwe bwa nyiribwite hakurikijwe ingingo ya 6(1) ya Sitati y'Urukiko, ushinjwa ashobora kandi kuryozwa na none ku giti cye, hakurikijwe ingingo ya 6(3) ya Sitati y'Urukiko, ibyaha bivugwa mu birego kuva ku cya 13 kugera ku cya 15. Hakurikijwe ingingo ya 6(3), umuntu aryozwa ku giti cye nk'ukuriye abandi ibikorwa byakozwe n'uyoborwa, iyo yari azi cyangwa yaragombaga kumenya ko uwo ayobora yiteguraga kubikora cyangwa ko yabikoze ariko ntafate ingamba za ngombwa kandi zikwiriye kugira ngo ibyo byaha bidakorwa cyangwa ngo ahane ababikoze.

Ibirego 13 – 15

(Ibyaha byibasiye inyokomuntu)

(Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'amasezerano y'i Jeneve)

Kubera ibikorwa bye mu rwego rw'ibyabereye ku biro bya komini, nk'uko bivugwa mu gika cya 12(A) n'icya 12(B), **Yohani-Pawulo AKAYESU** yakoze ibyaha bikurikira:

IKIREGO CYA 13 : **IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU** (Gusambanya ku gahato), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3(g) ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 14 : **IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU** (Ibindi bikorwa birenze kameremuntu), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 i) ya Sitati y'Urukiko ;

IKIREGO CYA 15 : **IBIKORWA BINYURANYIJE N'INGINGO YA 3 IHURIWEHO N'AMASEZERANO Y'I JENEVE N'INGINGO YA 4(2)(e) HAMWE N'UMUGEREKA WAYO WA II**, nk'uko byanditse mu ngingo ya 4(e) (Guhungabanya agaciro ka muntu nko gusambanya ku gahato, gukora ibikorwa bimutesha agaciro, bimukoza isoni, ibikorwa by'iterasoni) ya Sitati y'Urukiko.

(Umukono)
Louise Arbour
Umushinjacyaha

### 1.3. Ububasha bw'Urukiko

7. Ububasha bushingiye ku kiburanwa bw'Urukiko busobanuye mu ngingo ya 2.3 n'iya 4 za Sitati :

**Ingingo ya 2. Itsembabwoko**

1. Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda rufite ububasha bwo gukurikirana abantu bakoze itsembabwoko nk'uko icyo cyaha cy'ubugome gisobanuwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, cyangwa bakoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya 3 cyayo.

2. Itsembabwoko ni kimwe mu bikorwa bikurikira cyakozwe kigamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini, cyangwa igice cyabo, bazira icyo bari cyo :

a) Kwica abo bantu ;

b) Kubateza ubumuga bwaba ubw’umubiri, cyangwa ubwo mu mutwe ;

c) Gushyira ku bushake abo bantu mu nzitane z’ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka ;

d) Gushyiraho ingamba zigamije kubangamira iyororoka ryabo ;

e) Kubanyaga urubyaro rwabo uruha abandi.

3. Ibikorwa bikurikira birahanirwa :

a) Itsembabwoko ;

b) Ubwumvikane bugamije itsembabwoko ;

c) Guhamagarira abantu ku mugaragaro kandi mu buryo butaziguye gukora itsembabwoko ;

d) Ubwinjiracyaha bw’itsembabwoko ;

e) Kuba icyitso cy’abakora itsembabwoko.

**Ingingo ya 3. Ibyaha byibasiye inyokomuntu**

Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda rufite ububasha bwo gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoze ibyaha by’ubugome bikurikira mu gihe byakozwe mu rwego rw'ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byibasiye abaturage b’Abasiviri abo ari bo bose kubera ubwenegihugu bwabo, umutwe wa politiki barimo,isanomuzi yabo, ubwoko bwabo cyangwa idini ryabo:

(a) Ubuhotozi;

(b) Itsembatsemba;

(c) Gushyira mu bucakara;

(d) Kumenesha;

(e) Gufunga;

(f) Kwica urubozo;

(g) Gusambanya ku gahato;

(h) Ugutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, z’ubwoko n'iz’idini;

(i) Ibindi bikorwa birenze kameremuntu.

**Ingingo ya 4. Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve hamwe n’Umugereka wayo wa II**

Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda rufite ububasha bwo gukurikirana abantu batubahirije cyangwa bategetse abandi kutubahiriza Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo kuwa 12 Kanama 1949 agamije kurengera abakorewe ibyaha kubera intambara

n’Umugereka wayo wa II wo ku itariki ya 8 Kamena 1977. Bitavuzwe byose, ibyo byaha bigizwe na:

(a) Ibyaha byo kwangiza imibereho, ubuzima, umubiri cyangwa ubwenge by’abantu, cyane cyane ubwicanyi n'ibikorwa by'ubugome nko kwica urubozo, guca ingingo z’ umubiri, cyangwa ubundi bugizi bwa nabi bwose buwibasira;

(b) Ibihano rusange;

(c) Gufata abantu ho ingwate;

(d) Ibikorwa by'itera bwoba;

(e) Guhungabanya agaciro ka muntu, nko gukora ibikorwa bimutesha agaciro, bimukoza isoni, gusambanya ku gahato, guhatira umuntu uburaya n’ibindi bikorwa by’iterasoni;

(f) Isahura;

(g) Ibihano byatanzwe n’ibyarangijwe bitabanjirijwe n’urubanza rwaciwe n’urukiko rwashyizweho mu nzira zemewe n’amategeko, ku buryo imihango y’iburanisha irengera uregwa yemewe n’ibihugu byateye imbere yubahirijwe;

(h) Gukangisha gukora ibivugwa muri iyi ngingo.

8. Byongeye kandi ingingo ya 6 ishimangira ihame ry’uburyozwacyaha bwa nyir’ubwite.

**Ingingo ya 6. Iryozwacyaha rya nyir’ubwite**

1. Umuntu uwo ari we wese wacuze umugambi, wawushishikarije abandi, wategetse,wakoze cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura, cyangwa gukora icyaha cy’ubugome kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 y'iyi sitati, akiryozwa ku giti cye.

2. Urwego rw’umurimo ushinjwa akora muri Leta, yaba Umukuru w'Igihugu cyangwa uwa Guverinoma, yaba umukozi wa Leta wo mu rwego rwo hejuru, ntibimubuza kuryozwa icyaha ku giti cye, kandi ntibimubera impamvu z’ingabanya-cyaha.

3. Kuba igikorwa icyo ari cyo cyose kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 z’iyi sitati cyarakozwe n’uyoborwa ntibibuza umukuriye kukiryozwa ku giti cye, iyo yari azi cyangwa yaragombaga kumenya ko uwo ayobora yitegura gukora icyo cyaha cyangwa ko yagikoze ariko umukuriye ntafate ingamba za ngombwa kandi zikwiriye kugira ngo icyo cyaha kidakorwa cyangwa ngo ahane abagikoze.

4. Kuba ushinjwa yarakoze icyaha ashyira mu bikorwa itegeko rya Guverinoma cyangwa ry'umukuriye ntibihanagura iryozwacyaha rye uretse ko bishobora kuba intandaro yo kumugabanyiriza igihano iyo Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda rubona bitabangamiye ubutabera.

## 1.4. URUBANZA

### 1.4.1. IMIBURANISHIRIZE

9. Bisabwe na Porokireri mu ibarwa yoherereje abategetsi b'igihugu cya Zambiya kuwa 22 Ugushyingo 1995 hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 40 y'Amategeko, Yohani-Pawulo AKAYESU, yafatiwe muri Zambiya kuwa 10 Ukwakira 1995, afungwa iminsi mirongo icyenda ategereje imyanzuro y'iperereza.

10. Ku itariki ya 13 Gashyantare 1996, Inyandiko ya mbere y'ibirego, yaje guhindurwa ku itariki ya 17 Kamena 1997, yatanzwe na Richard Goldstone wari Porokireri w'Urukiko muri icyo gihe8. Byose hamwe, ibirego 15 byerekeye itsembabwoko, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo mu w'i 1949 hamwe n'Umugereka wayo wa II wo muw'i 1977, bikubiye muri iyo Nyandiko y'ibirego. Koko rero, Akayesu ashinjwa ku giti cye icyaha cy'itsembabwoko, kuba icyitso y'abakora itsembabwoko, guhamagarira abantu k'umugaragaro kandi mu buryo butaziguye ibikorwa by'itsembabwoko, itsembatsemba, ubwicanyi, kwica urubozo, ibikorwa by'ubugome, gusambanya ku gahato, n'ibindi bikorwa birenze kameremuntu bitesha umuntu agaciro, ibyaha akekwaho kuba yarakoreye muri komini Taba yari abereye burugumesitiri mu gihe byakorwaga.

11. Inyandiko y'ibirego imaze kwemezwa, manda yo gufata iherekejwe n'icyemezo cyo kumugumisha mu buroko byatanzwe n'umucamanza William H. Sekule ku itariki ya 16 Gashyantare 1996. Nyuma y'icyumweru, Gerefiye yashyikirije inyandiko y'ibirego abategetsi ba Zambiya kugira ngo bayimenyeshe AKAYESU. Tariki ya 26 Gicurasi 1996, ushinjwa yemuriwe muri gereza y'Urukiko iri Arusha, aho afungiwe ategereje urubanza rwe.

12. Hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 62 y'Amategeko, ushinjwa ari kumwe n'avoka we yitabye bwa mbere Urugereko rwa mbere rw'iremezo I ku itariki ya 30 Gicurasi rugizwe n'abacamanza Laïty Kama, Perezida, Lennart Aspegren na Navanethem Pillay. Ibiro bya Porokireri byari bihagarariwe na Honoré Rakotomanana 9, Porokireri wungirije w'Urukiko, afashijwe na Yacob Hailé-Mariam, Mohamed Chande Othman na Pierre-Richard Prosper10. Uregwa yahakanye ibyaha aregwa byose. Uwo munsi, Urugereko rwategetse ko akomeza gufungwa igihe agitegereje kuburanishwa11. Isemura rikorwa mu buryo usemurwa avugira rimwe n'umusemura ryakozwe mu iburanisha mu Gifaransa no mu Cyongereza, byaba ngombwa, bigakorwa no mu Kinyarwanda.

13. Ushinjwa amaze kwitabaza ubukene nyakujya, Gerefiye w'Urukiko, akurikije amabwiriza agenga ishyirwaho ry'abunganira abaregwa, yafashe icyemezo cyo kumugenera Me Johan Scheers, Urukiko rukamuha igihembo cye n'andi mafaranga atangwa ku bwunganizi. Mu cyemezo rwafashe kuwa 31 Ukwakira 1996 hashingiwe ku ngingo ya 19 y'ayo mabwiriza, Urugereko rwategetse Gerefiye kwambura Me Johan Scheers uburenganzira bwo kwunganira AKAYESU, agahita amusimbuza Me Michel Karnavas12. Na none muri icyo cyemezo, Urugereko, rubisabwe n'uregwa13, rwategetse ko itariki yo gutangira iburanisha ishyirwa kuwa 9 Mutarama 1997. Icyifuzo cya kabiri cy'ushinjwa cyo guhindurirwa avoka cyo kuwa 11 Ugushyingo 1996, hakurikijwe ingingo ya 19 y'amabwiriza nacyo cyakiriwe n'Urugereko kuwa 20 Ugushyingo 1996; ku itariki ya 9 Mutarama, nibwo Nicholas Tiangaye na Patrice Monthé bashyizweho na Gerefiye kugira ngo bunganire ushinjwa. Abo ba avoka nibo bunganira uregwa kugera igihe urubanza ruzarangirira. Ku itariki ya 16 Mutarama 1997, Urugereko ntirwakiriye icyifuzo cyo guhindura, incuro ya gatatu, avoka, cyatanzwe n'ushinjwa kuwa 19 Mutarama 199714. Icyemezo cyo ku itariki ya 16 Mutarama 1997 cyanakuragaho ibyemezo by'agateganyo byafashwe n'Urukiko ku itariki ya 14 Mutarama 1997 byemereraga igihe gito ushinjwa kunyomoza abatangabuhamya yuzuza ibyakozwe n'abamwunganiraga babiri.

14. Ku itariki ya 27 Gicurasi 1996, hakurikijwe ingingo ya 73 y'Amategeko[15], avoka wunganiraga uregwa icyo gihe, Me Johan Scheers, yagejeje k'Urugereko ingoboka mbanzirizarubanza. Yasabaga i) ko ikirego kitakwakirwa kubera ko uburenganzira bw'uregwa butubahirijwe, ii) iyumvwa ry'abatangabuhamya no kwiga dosiye y'imyiregurire, iii) kwigizayo abagabo batahagaze ku byo uregwa ashinjwa, iv) gutegeka irekurwa ry'ushinjwa mu gihe hagitegerejwe iburanisha ry'urubanza mu mizi yarwo. Ariko, mu iburanisha ryo kuwa 26 Nzeli 1996, ubwo yatangaga icyifuzo cye mu magambo, uwunganira ushinjwa yarenze ku cyifuzo cye cyanditse, yinubira uburyo ukekwaho icyaha yafunzwemo akiri muri Zambiya n'ikererwa rya Porokireri mu kumumenyesha inyandiko y'ibirego n'ingingo ishingiyeho. Mu cyemezo cyarwo cyo kuwa 27 Nzeli 1996[16], Urugereko ntirwakiriye icyifuzo cyose kubera ko ibisobanuro byatanzwe n'avoka n'uburyo byatanzwemo bitari bihagije kugira ngo Urugereko rufate icyemezo ku mizi y'ikibazo nk'uko bitangwa muri rusange n'ingingo ya 73 y'Amategeko. Uwo munsi, bisabwe n'uwunganira ushinjwa, Urugereko rwasubitse urubanza, rushyira kuwa 31 Ukwakira 1996[17] itangira ry'iburanisha ry'urubanza mu mizi yarwo.

15. Ku itariki ya 29 Ukwakira 1996, Urugereko rwemeye icyifuzo cya Porokireri yarugejejeho ku itariki ya 23 Ukwakira 1996 arusaba kwemerera umugabo wari ufungiye mu Rwanda kuza gutanga ubuhamya bwe imbere yarwo. Icyifuzo gisa n'icyo cyatanzwe n'uwunganira uregwa ku itariki ya 30 Ukwakira 1997 asaba ko abatangabuhamya batatu bari bafungiye icyo gihe mu Rwanda, bimurirwa muri gereza y'Urukiko igihe cy'amezi abiri nibura kugira ngo batange ubuhamya mu rubanza[18], nacyo cyemewe n'Urugereko. Ariko ibyifuzo bibiri bindi by'uwunganira ushinjwa yasabagamo ko andi matsinda abiri y'abantu bari bafungiwe nabo mu Rwanda, agizwe n'abagabo batatu n'abandi cumi na batatu ntibyemewe n'Urukiko, kuko atashoboye kugaragaza ukuntu ukwitaba Urukiko kwa buri mutangabuhamya kwari ngombwa mu kugaragaza ukuri, cyangwa ko ibiteganywa mu ngingo ya 90 bis b) y'Amategeko byari kuba byuzuye[19].

16. Uretse ibyifuzo byavuzwe haruguru, uwunganira ushinjwa yatanze n'ibindi byinshi mbere y'iburanisha ry'urubanza mu mizi yarwo. Muri ibyo byifuzo harimo icyasabaga ko ushinjwa yahabwa uburenganzira bwo kwicarana n'umwunganira ku ntebe imwe igihe cy'iburanisha, ibyasabaga ko Urugereko rukorera mu muhezo igihe cy'isuzumwa mu buryo bworoshye ibinyuranyije n'amategeko byakozwe na Porokireri n'icyasabaga ko Porokireri yakoresha anketi ze mu kuri kandi mu buryo butabogamye. Nta cyifuzo na kimwe muri ibyo byose cyemewe n'Urugereko.

17. Iburanisha ry'urubanza mu mizi yarwo ryatangiye kuwa 9 Mutarama 1997 imbere y'Urugereko rwa mbere rw'iremezo, rugizwe n'abacamanza Laïty Kama, Perezida, Lennart Aspegren, na Navanethem Pillay. Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 84 y'Amategeko, impinamyanzuro yatanzwe na Honoré Rakotomanana na Yacob Haile-Mariam k'uruhande rw'ibiro bya Porokireri na Me Nicholas Tiangaye na Me Patrice Monthé k'uruhande rw'ubwunganizi. Mu gice cya mbere cy'urubanza cyamaze iminsi 26 yuzuye, kikaba cyararangiye ku itariki ya 24 Gicurasi 1997, abagabo 22 bashinja harimo, batanu b'impuguke, batanze ubuhamya bwabo. Abagabo bashinja bamaze kwerekanwa, hakozwe mu muhezo inama yo gutegura urubanza. Inama irangiye, rubisabwe n'uwunganira ushinjwa, Urugereko rwigijeyo urubanza kugera ku itariki ya 29 Nzeli 1997.

18. Hafashwe ingamba zigamije kugumisha mu ibanga ubuhamya bw'abagabo babuhagazeho b'impande zombi, barindwa n'Urukiko[20]. Muri make, nta kimenyetso cyatuma umwirondoro w'abo bagabo umenyekana cyatangarijwe rubanda cyangwa ngo gishyirwe mu binyamakuru. Niyo mpamvu mu iburanisha, abagabo bahimbwa inyuguti za

alefu, zikajya mu mwanya w'amazina yabo asanzwe, bakanicara ahantu batabonwa na rubanda ariko ushinjwa n'umwunganira ntibavutswe uburenganzira bwabo bwo kubabona. Na none umwe mu bagabo banyomoza yatanze ubuhamya bwe mu muhezo.

19. Ku itariki ya 13 Mutarama 1997, mu buryo bw'agateganyo kandi hagitegerejwe ko Urugereko rufata icyemezo ku cyifuzo cyatanzwe n'ushinjwa kugira ngo ahindurirwe umwunganira, AKAYESU yemerewe n'Urugereko kunyomoza abagabo bamushinja, yuzuzanya n'avoka we. Icyemezo kiboneye cyo kuwa 16 Mutarama 1997 cyanze icyifuzo cy'Ushinjwa cyo guhindurirwa umwunganira kandi kivanaho n'ingamba z'agateganyo zari zafashwe21.

20. Abenshi mu banyarwanda batanze ubuhamya bwabo mu kinyarwanda, noneho bugasemurwa mu ndimi ebyeri zikoreshwa n'Urukiko (Igifaransa n'Icyongereza). Mu cyemezo cyarwo cyo ku itariki ya 9 Werurwe 1998, Urugereko rwanze icyifuzo cy'uwunganira uregwa cyari gishingiye ku ngingo ya 91 y'Amategeko cyasabaga gutegeka Porokireri gukora anketi k'umugabo ushinja R waba waratanze ubuhamya bw'ikinyoma. Urugereko rwasanze ko kuba uwunganira ushinjwa acyemanga ukuri kw'ibyavuzwe n'umwe mu bagabo atari impamvu ihagije yo kwemera ko uwo mugabo yatanze ubuhamya bw'ikinyoma abizi neza kandi abishaka22.

21. Kubera ubwoko budasanzwe bw'ibyaha byasuzumwe mu iburanisha ryo kuwa 23 Mutarama 1997, Urugereko rwasabye Porokireri kurugezaho inyandikomvugo zose z'ibyavuzwe n'abagabo yamenyesheje ubwunganizi. Rumaze kubona ko ibyo rwasabaga bitubahirijwe, mu cyemezo cyo kuwa 28 Mutarama 1997 gishingiye ku ngingo ya 89 a) iya 89 c) n'iya 98 y'Amategeko, Urugereko rwategetse Porokireri kurumenyesha inyandikomvugo zose z'abagabo bashobora kuboneka no kurushyikiriza imvugo zose zatanzweho ibimenyetso gihamya na Porokireri ubwe cyangwa n'uwunganira ushinjwa. Icyo cyemezo ariko cyagombaga gukurura impaka kubera ko gushyikiriza inyandikomvugo zose z'ubuhamya bwatanzwe n'abagabo bitavuga ko zakwakirwa byanze bikunze nk'ibimenyetso23.

22. Ku itariki ya 4 Gashyantare 1997, Porokireri wari utarubahiriza icyemezo cyo ku itariki ya 28 Mutarama 1997, yatanze icyifuzo ko Urugereko rwakongera rugasuzuma kandi rukavanaho icyo cyemezo kubera ko cyahinduraga nta mpamvu gahunda yo gutanga ibimenyetso by'urubanza kandi kikanyuranya n'ibiteganyijwe n'ingin go ya 85. Ikindi kandi ingingo ya 98 igenera Urugereko gusa ububasha bwo gutegeka itangwa ry'ibimenyetso by'inyongera ibi n'ibi, ntiruha ububasha bwo kumenyeshwa ibimenyetso byose byabonetse. Icyo cyemezo gituma kandi Urugereko rugira uruhare mu itangwa ry'ibimenyetso, kubera iyo mpamvu, kikaba gikikiye mu by'ukuri ibikubiye mu ngingo ya 66 A). Kubera izo mpamvu, icyo cyemezo kibangamiye inyungu z'impande zombi. Ku itariki ya 6 Werurwe 1997, Urugereko rwavuze ko icyifuzo cya Porokireri gidafite ishingiro, rusobanura ariko ko icyemezo cyarwo cyarebaga gusa inyandikomvugo z'ubuhamya bw'abagabo zamaze kumenyeshwa uwunganira ushinjwa, kikaba cyaragombaga kumvikana gutyo gusa24. Ku itariki ya 16 Mata 1997, Porokireri yagejeje k'Urugereko mu nyandiko icyifuzo cye cyo kubahiriza icyemezo cyarwo cyo kumenyeshwa inyandikomvugo z'ubuhamya bw'abagabo barufitiye akamaro.

23. Nk'uko byavuzwe haruguru, abagabo banyuma bashinja batanze ubuhamya bwabo kuwa 24 Gicurasi 1997, basoza batyo igice cya mbere cy'urubanza rw'ushinjwa. Ariko ku itariki ya 16 Kamena 1997, Porokireri yasabye Urugereko kurugezaho mu magambo icyifuzo cyihuta kigamije guhindura inyandiko y'ibirego. Mu iburanisha kuri icyo kifuzo ryo ku

itariki ya 17 Kamena 1997, Porokireri yasabye uburenganzira bwo kongeramo ibirego bitatu bishya bikurikira: aribyo icyaha cya cumi na gatatu: gusambanya ku gahato (icyaha cyibasiye inyokomuntu gihanishwa ingingo ya 3 g) ya Sitati), icyaha cya cumi na kane: ibikorwa birenze kamere muntu (ibyaha byibasiye inyokomuntu bihanishwa ingingo ya 3 1) ya Sitati), n'icyaha cya cumi na gatanu: guhungabanya agaciro ka muntu, by'umwihariko, gusambanya ku gahato, gukora ibikorwa bitesha agaciro, bikoza isoni, n'ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'ingingo ya 4 2) e) hamwe n'umugereka wayo II nk'uko bigaragara mu ngingo ya 4 e) ya Sitati). Urugereko rwakiriye icyifuzo cya Porokireri cyo guhindura Inyandiko y'ibirego, rwimurira isubukurwa ry'iburanisha kuwa 23 Ukwakira 1997[25].

24. Igice cya kabiri cy'urubanza cyatangiye ku itariki ya 23 Ukwakira 1997, AKAYESU yitaba ubwa mbere Urugereko ku byerekeye ibyaha byongerewe mu Nyandiko y'ibirego. Iburanisha ryabereye mu ruhame. Ushinjwa yahakanye ibyaha bishya aregwa byose, noneho Porokireri atanga abagabo bashya batandatu, harimo umwe ukora iperereza no mu biro bya Porokireri. Bose hamwe, abagabo 28 batanzwe mu Rukiko na Porokireri mu gihe cy'iminsi 31 yuzuye. Uwunganira ushinjwa yatanze abagabo be mu gihe cy'iminsi 12, hagati y'itariki ya 4 Ugushyingo 1997 n'iya 13 Werurwe 1998. Yahamagaje abagabo 13, n'ushinjwa arimo. Ibimenyetso gihamya 155, byose hamwe byatanzwe mu rubanza.

25. Mu gice cya kabiri cy'urubanza, uwunganira ushinjwa yasabye kandi yemerewe ko Jenerali Roméo Dallaire, wategekaga MINUAR (Intumwa z'Umuryango w'Abibumbye zoherejwe gufasha u Rwanda) yakwitaba Urukiko nk'umugabo ushinjura. Umunyamabanga Mukuru wa Loni yamukuriyeho bimwe mu buzira gatoki kugira ngo ashobore gutanga ubuhamya[26]. Urugereko rwemereye na none uhagarariye Umunyamabanga wa Loni kwitaba nk'inshuti y'Urukiko (amicus curiae) kugira ngo arusobanurire imiterere y'ivanwaho ry'ubuziragatoki bwahawe Jenerali Roméo Dallaire kubera sitati ye nk'uwahoze ategeka MINUAR.

26. Ariko Urugereko ntirwemeye icyifuzo cy'uwunganira ushinjwa cyo gutumiza[27], nk'abagabo bashinjura, abantu babiri barezwe mu Rugereko kuko uburenganzira bwabo bw'ibanze nk'uko buvugwa mu ngingo ya 20 4) g) ya Sitati, bwashoboraga guhungabana kandi ko uko kwitaba Urukiko baje gutanga ubuhamya muri uru rubanza, byarashoboraga kubaviramo ingaruka mbi[28]. Ikindi cyifuzo cya avoka cyo guhamagaza undi muntu ushinjwa nk'umugabo w'impuguke, nacyo nticyakiriwe[29]. Muri icyo cyemezo, Urugereko rwasanze ukutabogama k'uwo mugabo w'impuguke nawe ushinjwa n'Urukiko mpuzamahanga ibyaha bifitanye isano n'ibyo AKAYESU ashinjwa, kutashoboka. Kubera iyo mpamvu, uwo mugabo ntiyari yujuje ibyangombwa bisabwa kugira ngo yitabe Urukiko nk'umugabo w'impuguke. Urugereko rwasanze na none kumuhatira kwitaba Urukiko nk'umugabo w'impuguke muri urwo rubanza nawe byamugiraho ingaruka mbi ndetse bigashobora no kubangamira uburenganzira bwe bw'ibanze nk'uko buvugwa mu ngingo ya 20 4) g) ya Sitati n'ingingo ya 14 3) g) y'Amasezerano mpuzamahanga yo mu w'i 1966 yerekeye uburenganzira bw'abaturage mu mibereho na politiki.

27. Urugereko ntirwakiriye icyifuzo cy'uwunganira uregwa cyo kujya ahantu runaka no gusuzumisha mu baganga babigenewe ibisigazwa by'imirambo itatu y'ababa barakorewe icyaha. Uko rubibona, gusuzuma bundi bushya ibisigazwa by'imirambo y'abo bantu si byiza kandi si ngombwa kugira ngo ukuri kumenyekane kuko ibyinshi mu byobo rusange bikekwa, harimo n'ibindi bivugwa ko bishobora kuba biri hafi y'ibiro bya komini Taba, byari byarataburuwe. Ikindi kandi, Urugereko rwasanze ko niyo ingingo z'uwunganira uregwa zishyigikira icyifuzo cye zaba zifite ishingiro mw'igenagaciro ry'ubwizerwe bwa bumwe mu

buhamya bw'abagabo, ntizashoboraga na gato kugaragaza ko ari ngombwa gutaburura iyo mirambo no gusuzuma ibisigazwa byabo30.

28. Nta numwe mu baburanyi watanze abagabo bo kunyomoza ingingo zatanzwe n'undi. Ushinjwa yatanze ubuhamya bwe ku itariki ya 12 Werurwe 1998, anyomozwa bukeye n'uwari uhagarariye ubushinjacyaha. Imyanzuro y'ubushinjacyaha yatanzwe tariki ya 19 n'iya 23 Werurwe naho iya nyuma y'uwunganira uregwa itangwa ku itariki ya 26 Werurwe 1998. Iburanisha ry'urubanza mu mizi yarwo ryamaze iminsi 60 yuzuye, rikaba ryaratangiye ku itariki ya 9 Mutarama 1997. Ku itariki ya 26 Werurwe 1998, nibwo Urugereko rwiherereye kugira ngo ruce urubanza.

### 1.4.2. Imyiregurire y'uregwa

29. Uregwa yahakanye ibyaha byose bikubiye mu nyandiko y'ibirego, haba igihe yitabaga Urukiko bwa mbere ku itariki ya 30 Gicurasi 1996 haba no ku itariki ya 23 Ukwakira 1997 igihe nabwo yahakanaga ibyaha bishyashya byari byongerewe mu nyandiko y'ibirego, ubwo yari imaze guhindurwa ku itariki ya 17 Kamena 1997.

30. Ikigaragara cyane, nk'uko Urugereko rwashoboye kubyibonera, ibimenyetso by'uwunganira uregwa muri make byashingiye m'ukuvuga ko uregwa atishe cyangwa atategetse kwica, gukubita cyangwa gukora ibikorwa by'ubugizi bwa nabi byerekeranye n'igitsina nk'uko abiregwa mu nyandiko y'ibirego. Uwunganira uregwa yemera ko itsembabwoko ryabaye mu Rwanda n'uko Abatutsi bishwe muri komini Taba, ariko agasobanura ko uregwa atashoboye guhagarika ibyo bikorwa by'ubwicanyi, ingabo ze zimaze kurushwa ingufu n'iza Silasi Kubwimana n'Interahamwe. Uwunganira uregwa yashimangiye ko nk'uko umugabo ushinja R yabigaragaje, AKAYESU yajujubijwe cyane n'Interahamwe k'uburyo yagombye guhunga komini ye. Ubwicanyi bumaze gusakara, ubutegetsi bwe bwarayoyotse, abura uburyo bwo guhagarika ubwicanyi.

31. Uwunganira uregwa asanga Urugereko rutaragombaga gusaba ko ushinjwa aba igitambo, nka burugumesitiri wa Mugina, atanga ubuzima bwe agerageza guhagarika iyicwa n'ikubitwa ry'abantu. Yavuze ko na Jenerali Dallaire wategekaga MINUAR n'abasirikare be 2.500 atashoboye kubuza itsembabwoko. AKAYESU wari ufite abapolisi ba komini 10 gusa yari kubishobora ate? Uwunganira uregwa aremeza na none ko mu Rwanda hose, nta mu burugumesitiri n'umwe n'uwaba yari abifitemo umurego ungana ute washoboye gukumira ubwicanyi muri komini ye.

32. Ku byerekeye ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, ingingo z'avoka zinyuranye gato n'izo yatanze ku bwicanyi n'ikubitwa kuko yemera ko habaye ubwicanyi n'ikubitwa ry'abantu, ariko agahakana ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina ku biro bya komini. Mu buhamya bwe, ushinjwa yahakanye yivuye inyuma ko nta bikorwa by'ubugizi bwa nabi byabereye ku biro bya komini, yewe n'igihe atari ahari. Urugereko rurasanga ushinjwa ahakana atsemba ibikorwa atazi neza.

33. Muri rusange, uwunganira uregwa yibanze ku kibazo k'ijegajega ry'ubuhamya bw'abagabo iyo ubugereranyije n'ubw'ibimenyetso byanditse maze yibanda nta gukikira ku buhamya bwa Matiyasi Ruzindana wari wagaragaje ibibazo biterwa n'ubuhamya bw'abagabo b'Abanyarwanda bavuga ku byo biboneye ubwabo31. Uwunganira uregwa yanavuze ibibazo biterwa n'abantu baba barishyize hamwe kugira ngo bahimbe ubuhamya kubera gushaka kwihorera cyangwa kubera izindi mpamvu. Icyo kibazo kirasuzumwa mu mirongo ikurikira.

34. Ku byerekeye ushinjwa, umwunganira yasobanuye ko Porokireri amaze kwemera ko mbere yo kuwa 18 Mata 1994, ushinjwa yarwanyije ubwicanyi, ntiyagombaga kwemeza ko ushinjwa yari ashyigikiye amatwara y'itsembabwoko kuko bidashoboka ko umuntu yakwitabira amatwara y'itsembabwoko uko bwije uko bukeye. Ushinjwa ntiyashoboraga rero, nk'uko umwunganira abivuga, guhamwa n'itsembabwoko.

35. Muri rusange, uwunganira ushinjwa yashatse kubonamo Ushinjwa igitambo cy'amakosa y'abandi, kubera gusa ko yari burugumesitiri muri icyo gihe cy'ubwicanyi kandi akaba yari n'Umuhutu.

36. Ku byerekeye imvugo zihariye zikubiye mu nyandiko y'ibirego, avoka asobanura ko AKAYESU atigeze ahindura imyifatire n'imyitwarire ye mbere na nyuma y'inama y'i Murambi, yateranye ku itariki ya 18 Mata 1998. Haba mbere haba na nyuma y'iyo nama, yagerageje gukiza Abatutsi. Umutangabuhamya DBB yavuze ku ushinjwa yahaye umututsikazi (umugabo DEEX) urupapuro rw'inzira, n'ubwo atashoboye kugaragaza ko ushinjwa yari azi icyo gihe ko uwo mugore yari umututsikazi cyangwa atari we. Umugabo DEEX yemeje ko ushinjwa yamuhaye urwo rupapuro rw'inzira. Abagabo DIX na DJX nabo bumvise abantu bavuga ko AKAYESU yakijije Abatutsi.

37. Uwunganira uregwa yahakanye kandi ibivugwa ko inama y'i Murambi yo ku itariki ya 18 Mata 1994 yaba ari yo yatumye ushinjwa ahindura neza imyifatire. Uko abibona, kubera ko batashoboye kwerekana ko itegeko ryo gutsembatsemba ryaba ryaratazwe na guverinoma y'agateganyo muri iyo nama y'i Murambi, nta kuntu ushinjwa yaba yarashoboye kwihindura ukundi igihe yasubiraga muri komini ye kubera itegeko ritigeze ritangwa na rimwe. Uwunganira ushinjwa yashimangiye ko umugabo umwe ushinja n'undi ushinjura bari muri iyo nama, kandi nta n'umwe muri bo wemeje ko itegeko ryo kwica abatutsi ryayitangiwemo.

38. Ku byerekeye inama y'i Gishyeshye yo ko itariki ya 19 Mata 1994, avoka yemeza ko ushinjwa yahaswe n'Interahamwe gusoma inyandiko yarimo amazina y'ibyitso bya FPR. Kuri we, ahubwo ushinjwa yasobanuriye abaturage ko batagomba guhita bemera ibikubiye muri iyo nyandiko, kubera ko ukuba kw'ayo mazina kuri iyo lisiti bitavuga koko ko abo bantu bari ibyitso bya FPR. Uwunganira ushinjwa yagaragaje na none ibindi bintu bivuguruzanya mu byavuzwe n'abagabo bari muri iyo nama y'i Gishyeshye.

39. Ku byerekeye iyicwa ry'impunzi 8 z'i Runda n'iry'abarimu 5, uwunganira ushinjwa yavuze ko umugabo umwe rukumbi w'ubwo bwicanyi ari umutangabuhamya K. kandi ko ushinjwa mw'ibazwa rye n'ibiro bya Porokireri muri Zambiya, yamutanzeho umugabo ushobora kuzamurenganura. Ntibyumvikana rero ukuntu ushinjwa yari guteganya kuzamuhamagaza ngo amurenganure kandi azi neza ko yamubonye atanga itegeko ryo kwitabira ubwo bwicanyi.

40. Ku byerekeye iyicwa rya ba Karangwa bavaga inda imwe, uwunganira uregwa yavuze ko uburyo abo bavandimwe bishwe n'intwaro zakoreshejwe budasobanutse neza, ko rero mu gihe habuze ibimenyetso bifatika, kumuhamya icyaha nta shingiro byaba bifite. Ni ukubera izo mpamvu zivuguruzanya kandi zidafututse, uwunganira ushinjwa yasabye ko bataburura ibisigazwa by'imirambo y'abo bantu, ariko icyo cyifuzo nticyakiriwe n'Urugereko.

41. Ibirego byo gukubitwa nabyo uwunganira ushinjwa yarabihakanye kubera ko nta suzumwa ryakozwe n'umuganga ku bakorewe ibyaha kugira ngo barebe niba baba barakomerekejwe koko n'ibikorwa ushinjwa aregwa.

42. Ku byerekeye ibyaha by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, uwunganira ushinjwa asanga byarongerewe mu nyandiko y'ibirego kubera amajwi y'abantu basakuje kandi nta shingiro bifite mu bimenyetso byatanzwe. Urugero: ni ubuhamya bw'umugabo J, wemeza ko yamaze mu giti icyumweru cyose nyuma y'iyicwa ry'umuryango we n'isambanywa ku gahato rya mushikiwe kandi yari atwite inda y'amezi 7, budashobora kwemerwa na gato. Ahubwo, k'ubwo uwunganira ushinjwa, byaba ari ibitekerezo uwo mutangabuhamya yishyizemo, byashobora gushishikaza abaganga b'indwara zo mu mutwe ariko bitashishikaza ubutabera32.

43. Urugereko rwasuzumye rubyitondeye bikomeye ibimenyetso byatanzwe n'uwunganira ushinjwa; ibyo bimenyetso birigwa hamwe n'imyanzuro yarwo inyuranye yerekeranye n'ibyabaye n'amategeko. Ni ngombwa ariko ko kimwe muri ibyo bimenyetso gihita gisuzumwa.

**Ibazwa rinyomoza ry'abatangabuhamya**

44. Mu myanzuro, Me Nicholas Tiangaye wunganira ushinjwa, yemeje ko bamwe mu bagabo bashinja, niba atari bose, batanze ubuhamya bushinja Yohani-Pawulo AKAYESU, babikoze babyumvikanyeho mu kubeshyera umuntu uyu n'uyu kubera impamvu za politiki cyangwa kugira ngo bigarurire umutungo we. Kuri ibyo, Me Tiangaye yatanze urugero rw'ibyavuzwe na M. René Degni-Ségui, intumwa yihariye y'Akanama gashinzwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda, washyize ahagaragara inkuru y'umunyarwanda w'umwere ku buryo budashidikanywaho ariko akaza gushinjwa n'abagabo 15 ko yagize uruhare mu itsembabwoko. Me Tiangaye yanzuye muri aya magambo:

> "... hari abantu babeshyeraga abandi, abantu bagashinja abandi ngo bitabiriye itsembabwoko ari ukugira ngo babatware amazu yabo".
>
> Nyuma, Me Tiangaye yongeyeho ibi bikurikira:
>
> "... None tubigenze dute, Nyakubahwa Bwana Perezida, Madamu na Bwana, igihe abatangabuhamya baza kubeshya imbere y'Urukiko, hakorwe iki"33?

45. Uwunganira uregwa yasabye Urugereko rwa mbere rw'iremezo kutemera ubuhamya bw'abagabo bashinja kubera ko baba barumvikanye kugira ngo batange ubuhamya bw'ikinyoma, cyangwa ko baba bashinja Yohani-Pawulo AKAYESU kugira ngo bamutware umutungo we, bakaba rero barabeshye imbere y'Urugereko. Byaba byiza ahangaha kubamenyesha ko gutanga ubuhamya butari bwo cyangwa gutatira indahiro bikomeye cyane kuko ari icyaha giteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana. Koko rero, uwunganira ushinjwa yatanze icyifuzo, mu rubanza, kigamije gukora iperereza k'umugabo kubera ubuhamya bw'ikinyoma. Icyo cyifuzo nticyakiriwe n'Urugereko rwa mbere rw'iremezo mu cyemezo rwatangiye impamvu34. Icyi kibazo nta nyungu gifitiye Urugereko. Ahubwo, igifitiye akamaro Urugereko ni ukumenya uburemere rwaha, mw'ica ry'urubanza, ikibazo rwashyikirijwe n'avoka ko abagabo bashinja baba barabeshye kubera imwe mu mpamvu zavuzwe haruguru.

46. Urugereko rusanga nta buremere icyo kibazo rusange kigamije kugayisha abagabo bashinja cyashobora kugira kubera impamvu ebyiri. Icya mbere, kutizera abagabo nta kurobanura, ntacyo bigabanya ku bwizerwe bwabo. Ibyo ni ugushyira, nta kurobanura, urwikekwe ku bagabo bose bashinja. Gushidikanya biba gusa ari uko ibimenyetso bimwe byakusanyijwe. Kwihandagaza ukavuga ko ari ngombwa kutemera ubuhamya bw'abagabo bose bashinja kuko harimo abanyarwanda bigeze kubeshya mu bindi bihe batanga ubuhamya

bw'ikinyoma, bihwanye no kuvuga ko kubera ko inoti zimwe ari impimbano, inoti zose zishobora kuba ari impimbano. Akaba ari nayo mpamvu ya kabiri, uwunganira ushinjwa yifuza kutemera ubuhamya bw'abagabo babeshye, cyangwa akaba yifuza kwerekana ko babeshya bagamije gutwara umutungo w'ushinjwa, agomba mbere na mbere kugaragaza ibimenyetso ashingiraho icyo gitekerezo, akaburegera igihe cy'ibazwa rye rinyomoza. Nibwo buryo bugomba gukoreshwa kandi ni ikibazo cy'ihame. Ikibazo ni iki: igihe uwunganira ushinjwa avuze ko umugabo abeshya agamije gutwara umutungo w'ushinjwa, uwo mugabo ashobora kubyemera cyangwa kubihakana ku buryo budashidikanywaho. Umugabo ashobora kurengwa n'ibintu, noneho akagaragaza mu magambo ye cyangwa mu myifatire ye, ko abeshya koko aribyo agamije; cyangwa agashobora guhakana kuburyo budashidikanywaho, atanga nk'urugero ko ushinjwa adafite umutungo yaba yifuza kwigarurira. Uko byagenda kose, ikibazo cyashobora kubonerwa umuti. Kutabaza icyo kibazo gikomeye umutangabuhamya byaba ari ukubuza Urugereko uburyo bwo kugera kuri icyo gisubizo. Ku byerekeye ikibazo cy'ihame, ubutabera busaba ko umugabo urezwe n'avoka ko yabeshye, ahabwa uburyo bwo kumva icyo kirego akaniregura. Ni itegeko ryo mu bihugu bihuriye ku rurimi rw'icyongereza "Common Law"35, ariko ni n'ikibazo cy'ubutabera n'ukuri ku bakorewe ibyaha no ku batangabuhamya, akaba ari n'amahame yemewe n'imiryango remezo y'amategeko y'isi yose.

47. Ni ngombwa kugaragaza ko, mu rubanza, avoka atigeze arega, yemwe no mu buryo buziguye, umutangabuhamya ushinja uyu n'uyu ko yari mu gatsiko k'ababeshye kapakiwemo uburyo bwo gushinja uregwa cyangwa kubeshya, agamije kwigarurira umutungo w'ushinjwa. Ibyo aribyo byose, Urugereko ntirushobora kwakira icyifuzo cy'uwunganira ushinjwa cyo kutizera abagabo bose nta kurobanura. Ukwizerwa kwa buri mugabo kugomba ubundi guhabwa agaciro kako hazirikanwe imyitwarire ye, injyana n'icyizere ibisubizo yatanze hejuru y'indahiro byagirirwa cyangwa bitagirirwa.

### 1.5. Ushinjwa n'imirimo yakoraga i Taba (igika cya 3 n'icya 4 by'Inyandiko y'ibirego)

48. Igika cya 3 n'icya 4 by'Inyandiko y'ibirego byitwa "Ushinjwa". Urugereko rurabisuzuma, kimwe kimwe; igika cya 3 giteye gitya:

**Ushinjwa**

> 3. Yohani-Pawulo AKAYESU yavutse mu w'i 1953 muri segiteri Murehe, komini Taba. Yabaye burugumesitiri w'iyo komini kuva mu kwezi kwa Mata 1993 kugera muri Kamena 1994. Mbere yo kugirwa burugumesitiri, yari umwarimu n'umugenzuzi w'amashuri i Taba.

49. Urugereko rwemeje igika cya 3, cyemewe n'Ubushinjacyaha n'Ubwunganizi. Rushingiye ku bimenyetso byatanzwe mu iburanisha, Urugereko rusanga ingingo zikurikira zerekeye ushinjwa zaragaragajwe muri rusange.

50. Ushinjwa AKAYESU yavukiye muri segiteri Murehe, komini Taba mu Rwanda, akaba ari naho yakuriye. Ni umuntu ukunda imikino ku buryo yari mu bagize ikipi y'umupira w'amaguru yo mu karere ke. Mu w'i 1978, yarongoye umugore wo muri ako karere, ukomoka muri komini imwe n'iye bari bamaze imyaka icumi baziranye. Baracyari kumwe kandi bafitanye abana batanu.

51. Mbere yo kugirwa burugumesitiri mu w'i 1993, ushinjwa yari umwarimu. Nyuma yazamuwe mu ntera, agirwa umugenzuzi w'amashuri abanza i Taba. Muri ako kazi, yari

ashinzwe kugenzura amashuri ya komini kandi akaba, muri urwo rwego, yari umukuru w'abarimu. Rimwe na rimwe yarasimburaga, agakundwa n'abanyeshuli b'ingeri zose muri komini. Muri rusange, ushinjwa yari umuntu uzwi kandi ukundwa n'abaturage.

52. AKAYESU yatangiye imirimo ya politiki muri komini mu w'i 1991. Ku itariki ya 1 Kamena y'uwo mwaka, mu mwaduko w'amashyaka menshi, yabaye umwe mu bashyize umukono kuri Sitati no mu bashinze ishyaka rishya ryitwa Ishyaka riharanira Demokarasi na Repubulika, "Mouvement Démocratique Républicain, MDR.". MDR. ntiyashakaga kwitwa ko ikomoka kuri MDR Parmehutu ya kera, ahubwo yifuzaga kuba MDR. ivuguruye, irwanya rwose MNRD. MDR. yatangiye gushyira ku karubanda amakosa ya MRND, nk'ikererwa mu iyubakwa ry'ibikorwa shingiro, ry'ibigo nderabuzima, ry'imihanda, ikwirakwizwa ry'amashanyarazi n'ibindi. Nyuma, AKAYESU yagizwe Perezida w'ishyaka rye muri komini Taba. Igice kinini cy'abaturage cyahise kiyoboka MDR. Buhoro buhoro uko iryo shyaka ryabonaga abayoboke, hatangiye kuvuka amakimbirane hagati y'abarwanashyaka ba MDR. n'aba MRND; ayo makimbirane yagaragajwe mu bikorwa byinshi by'amahane. Andi mashyaka ya politiki yari muri komini, Ishyaka riharanira imibereho myiza y'abaturage na demokarasi (PSD), n'Ishyaka riharanira ukwishyira ukizana, Parti Libéral (PL) yakoranaga na MDR., ariko, umubano w'ayo mashyaka na MRND wakomeje kubamo agatotsi, mbese nk'uwa MDR na MRND.

53. Ku giti cye, Akayesu yafatwaga nk'umuyobozi uzi ubwenge, w'inyangamugayo, w'indahemuka, kandi wizerwaga n'abaturage. Ibyo byose nibyo bisobanura nta gushidikanya impamvu mu itora ryo mu w'i 1993, ibice binyuranye by'abantu muri komini, barimo abayobozi ba MDR., abahagarariye komini n'abakuru b'amadini, babonagamo Akayesu umukandida ukwiye ku mwanya wa burugumesitiri wa Taba. Ushinjwa ubwe yiyemereye ko ataharaniye cyane uwo mwanya wa burugumesitiri, ko kuwiyamamariza yabishishikarijwe n'ibyo bice, nk'uko byavuzwe n'abatangabuhamya benshi, harimo na nyir'ubwite.

54. Muri Mata 1993, Akayesu nibwo yatowe ku mwanya wa burugumesitiri mu bakandida bane. Yabaye burugumesitiri wa komini Taba kuva muri Mata 1993 kugera muri Kamena 1994. Kubw'Ushinjwa, imirimo ya burugumesitiri iranyuranye. Muri make, ashinzwe imiyoborere ya komini mu nzego zose (ubukungu, ibikorwa shingiro, amasoko, ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage). Kuva na kera, burugumesitiri yakoraga imirimo ye nk'uhagarariye Perezida muri komini. Kubera izo mpamvu, iyaduka ry'amashyaka menshi ntacyo ryahinduye kigaragara ku bubasha buhambaye burugumesitiri ahabwa n'abaturage ba komini. Niwe mutegetsi wa komini kandi muri rusange abaturage baramwubaha cyane.

55. Muri komini Taba, Akayesu yari afite uruhare rukomeye mu butegetsi, yatangaga ibitekerezo ku bibazo byinshi byerekeye umutekano, ubukungu cyangwa imibereho myiza y'abaturage. Inama ze zarakurikizwaga muri rusange, bakanamufata nk'umubyeyi wa komini abaturage bagisha inama ku bibazo byabo bwite. Nyuma y'igihe cy'ingorane mu rwego rw'ubukungu komini Taba yahuye nazo kubera ruswa y'abategetsi bamubanjirije, bigaragara ko ibintu byagenze neza kurushaho uregwa amaze kujya ku butegetsi, kuko kuva icyo gihe abaturage bagiye bariha imyenda kubera kugirira icyizere ubutegetsi bushya. Nk'uko bivugwa na bagenzi be bitabye Urugereko nk'abagabo, Ushinjwa yakoraga neza akazi ke ka burugumesitiri, mbere y'igihe kirebwa n'Inyandiko y'ibirego.

56. Igika cya 4 cy'Inyandiko y'ibirego giteye gitya:

> "4. Mu kazi ke ka burugumesitiri, **Yohani-Pawulo Akayesu** yari ashinzwe kubahiriza amategeko n'umutekano rusange muri komini ye, akabigenzurwamo na perefe. Yari afite uburenganzira busesuye ku bapolisi ba

komini no ku bajandarume batijwe komini, yari ashinzwe kubahiriza amategeko n'amabwiriza kimwe n'ubutegetsi bw'ubucamanza; muri iyo mirimo nabwo yagenzurwaga na perefe gusa".

57. Urugereko rusanga ari ngombwa gusesengura ububasha bwa burugumesitiri no gutandukanya, mu buryo bwihariye, ubwo ahabwa n'amategeko n'ubwo akoresha nyakuri. Bityo, Urugereko rurasuzuma ibivugwa mu gika cya 2 cy'Inyandiko y'ibirego ahanditse ko mu Rwanda, burugumesitiri afatwa nk'umuntu urusha abandi gukomera muri komini. Ubutegetsi bwe mu by'ukuri mu karere burenze kure cyane ubwo ahabwa n'amategeko.

**Imiterere y'ubutegetsi bwa komini muri rusange**

58. Komini itegekwa na burugumesitiri afatanyije n'inama ya komini igizwe na burugumesitiri n'abajyanama bangana n'umubare wa segiteri ziyigize. Segiteri zigabanyijwemo amaselire, za nyumba kumi akaba ari zo nzego zigize ubutegetsi bw'ibanze. Mu by'ukuri izo nzego ebyiri za nyuma ni inzego za politiki aho kuba inzego z'ubutegetsi.

59. Mu gihe cy'ubutegetsi bw'ishyaka rimwe, Perezida wa Repubulika niwe wenyine washyiragaho akanavanaho burugumesitiri; kuyoboka ikaba ariyo ngingo yashingirwagaho. Burugumesitiri niwe wari uhagarariye ubutegetsi bukuru bw'Igihugu muri komini, akanayiyobora nk'urwego rufite ubuzimagatozi bucagase. Mubyo yashoboraga gukora nka burugumesitiri, yatangaga amasoko, akanahagararira komini mu nkiko. Yari afite kandi ububasha bwo gusaranganya umutungo wa komini harimo n'ubutaka. Wenyine, yari ashinzwe kandi yategekaga abapolisi ba komini, yashoboraga kandi kwitabaza jandarumori y'igihugu mu kagarura umutekano. Byongeye kandi yari umufasha w'ubucamanza. Ikindi, nk'umuntu uhagarariye Perezida kandi wizerwa na we, hari indi mirimo inyuranye idateganyijwe n'amategeko yari ashinzwe ku buryo yari umuntu waganwaga n'abaturage mu mibereho yabo ya buri munsi. Abaturage niwe bisungaga kugira ngo bamererwe neza mu mibereho yabo. Burugumesitiri yari afite ijambo ku nama y'abajyanama; n'ubwo iyo nama yari igizwe n'abantu batowe n'abaturage, igomba kurengera inyungu zabo, yari yarahindutse nk'umuyoboro abategetsi banyuzamo amategeko yabo.

60. Iyaduka ry'amashyaka menshi mu w'i 1991 ryahungabanyije imiterere y'ubutegetsi mu nzego z'ibanze n'iz'igihugu kuva mu w'i 1992. MRND yagombye kwigomwa inyungu yarifite igihe yo na Leta bitashoboraga gutandukanywa. Ababurugumesitiri bamwe barirukanywe bisabwe n'akanama kari gahuriweho n'amashyaka menshi. Abataravugaga rumwe n'ubutegetsi batsinze amatora yakurikiyeho ku buryo bugaragara mu rwego rw'uturere. Abandi baburugumesitiri bakuweho n'abantu bitwara gisirikare bo mu mashyaka atavuga rumwe n'ubutegetsi. Kuva icyo gihe, burugumesitiri ntiyongeye kuba byanze bikunze umuntu uhagarariye Perezida cyangwa ubutegetsi bukuru bw'Igihugu. Yabaye umuntu uhagarariye ishyaka rye mu rwego rw'akarere. Ariko, ibyo ari byo byose, yagumye kuhahagararira ubutegetsi bukuru bw'Igihugu.

**Ububasha Burugumesitiri ahabwa n'amategeko**

61. Imirimo ya burugumesitiri mu Rwanda isa n'iya "Maire" mu Bufaransa cyangwa iya "Bourgmestre" mu Bubiligi[36]. Ni imirimo nyubahirizategeko mu rwego rwa gisivili mu gace k'ubutaka bw'igihugu kitwa komini. Uwahawe iyo mirimo afite inshingano z'ibanze zo gushyira mu bikorwa amategeko yemejwe n'umushingamategeko mu rwego rwa komini, ni ukuvuga Inama ya komini yatowe[37]. Niwe "Butegetsi bwa komini"[38].

*Ubutegetsi bwa komini*

62. Imikoranire ya burugumesitiri n'abakozi ba komini isobanurwa mu gitabo cy'amategeko agenga ubutegetsi mu bihugu bigendera ku mategeko ya gisivili (akaba anyuranye n'amategeko agenga umurimo mu rwego rw'abikorera ku giti cyabo). Burugumesitiri afite ububasha bwo gushyiraho no kwirukana abakozi ba komini amaze kugisha inama Inama ya komini39. Akoresheje itegeko-teka, Perezida wa Repubulika ashyiraho amategeko agenga abakozi ba komini (uburenganzira n'inshingano zabo). N'ubwo amategeko abagenga (amategeko agenga ubutegetsi) ashobora kuba anyuranye cyane n'agenga abikorera ku giti cyabo (amategeko agenga umurimo), mu by'ukuri ni amategeko agenga umukoresha n'umukozi, bityo akaba rwose ari mu rwego rw'amategeko agenga umurimo.

*Abapolisi ba komini*

63. N'ubwo atari umupolisi wa komini, burugumesitiri niwe utegeka mu rwego rwa nyuma abapolisi ba komini, akaba ari nawe ushinzwe imitunganyirize, imikorere n'ingenzura by'urwo rwego40.

64. Abapolisi ba komini ni ingufu za gipolisi mu rwego rwa gisivili. Ntibakurikiriranwa hakurikijwe amategeko ahana ya gisirikare. Ibihano n'imihango bigengwa n'amategeko agenga ubutegetsi. Burugumesitiri agenga gusa disipuline yabo (Uregero: nko kubacyaha, kubahagarika ku kazi).

65. N'ubwo, amategeko ateganya ko burugumesitiri ari we wenyine utegeka abapolisi41, ntibivuga ko ari we ubacunga. Ingingo ya 108 *y'Itegeko rigenga imitunganyirize ya komini* irasobonuye neza. "Abapolisi bacungwa na burigadiye nawe agategekwa na burugumesitiri". Rero, isano iri hagati ya burugumesitiri n'abapolisi ba komini yagereranwa n'iri hagati ya Minisitiri w'Ingabo n'ubuyobozi bukuru bw'ingabo.

66. Igihe cy'imvururu, perefe ashobora ubwe kwihera amategeko abapolisi ba komini42.

*Jandarumori y'igihugu*

67. Hakurikijwe ibikubiye mu gika cya 4 cy'Inyandiko y'ibirego, Akayesu, nka burugumesitiri, yari afite ububasha busesuye ku bapolisi ba komini, no ku bajandarume batijwe komini.

68. Jandarumori y'igihugu ni urwego rw'ingabo z'igihugu rushinzwe kubungabunga umutekano *igihe rubisabwe*43.

69. Ni Perefe wenyine ushobora kwitabaza Jandarumori. Burugumesitiri ntafite ubwo bubasha44. Abajandarume batijwe komini bisabwe na perefe bategekwa na burugumesitiri45. Cyakora ntawakwemeza ko mu bihe nka biriya, burugumesitiri yaba ategeka ingufu za gisirikare46.

*Ububasha bwa Burugumesitiri mu gihe cy'intambara cyangwa mu bihe bidasanzwe*

70. Uretse igihe burugumesitiri ashobora gusaba perefe kwitabaza abajandarume (reba haruguru), nta handi itegeko riteganya ubwo bubasha mu gihe cy'intambara cyangwa mu bihe bidasanzwe.

71. Iteka ryo ku itariki ya 20 Ukwakira 1959 (ryafashwe n'abategetsi b'Ububiligi) ku byerekeye ibihe bidasanzwe, risa n'iryubahirizwa kugeza ubu. Iryo teka riha burugumesitiri

ububasha, iyo ibihe bidasanzwe bimaze kwemezwa, bwo gutegeka abantu guhunga, kubimurira kure cyangwa kubafungira ahantu hamwe47.

**Ububasha bwa burugumesitiri atahabwaga n'amategeko**

72. Abagabo bamwe bagaragaje imbere y'Urugereko ko burugumesitiri yari afite ubundi bubasha adahabwa n'amategeko kandi hari ibimenyetso bishyigikira koko imvugo ya Porokireri ko burugumesitiri yari abufite ku buryo buhambaye.

73. Umutangabuhamya w'impuguke Alison Desforges yavuze ko ku muturage wa komini usanzwe, burugumesitiri yari umutegetsi urusha abandi gukomera, umuntu yagereranya ndetse n'umutware wo ku gihe cyabanjirije icy'abakoloni.

74. Umugabo E yavuze ko burugumesitiri yafatwaga nk'umubyeyi w'abaturage bose; amategeko ye yose yarubahirizwaga. Umugabo S yunze muri ubwo buhamya avuga ko abaturage bumviraga amabwiriza y'ubutegetsi, ni ukuvuga aya burugumesitiri, kabone naho yabaga anyuranyije n'amategeko cyangwa arengera. Umugabo V we yavuze ko abaturage batashoboraga gusuzugura amabwiriza ya burugumesitiri.

75. Naho umugabo DAAX we, wahoze ari perefe wa Gitarama, Ushinjwa akaba burugumesitiri w'imwe muri Komini z'iyo perefegitura, bityo akaba yari anamukuriye, we yemeje ko burugumesitiri yagombaga gukora ibyo yemererwa n'amategeko, ntarengere, yaramuka arengereye, perefe akagira icyo abikoraho.

76. Umugabo R, nawe wahoze ari burugumesitiri, yavuze ko inshingano za burugumesitiri ari izashyizweho cyangwa iziteganywa n'amategeko, ko burugumesitiri yagombaga kuzubahiriza. Uwo mugabo ariko yemeye ko ukwamamara k'umuburugumesitiri kwashoboraga kugira ingaruka ku iyubahirizwa ry'amabwiriza n'inama yatangaga muri komini. Uwo mugabo yemeye kandi ko mu gihe cy'ubutegetsi bw'inzibacyuho, ba burugumesitiri bamwe barengereye nta gihano ububasha bahabwa n'amategeko, nko gufunga abo badahuje ibitekerezo bya politiki cyangwa kurigisa umutungo wa komini.

77. Rumaze kubona ibimaze kuvugwa, Urugereko rusanga byaragaragajwe nta gushidikanya na busa ko, nk'uko bivugwa mu gika cya 4 cy'Inyandiko y'ibirego, Yohani-Pawulo AKAYESU nka burugumesitiri, yari ashinzwe imirimo nyubahirizategeko no kubungabunga umutekano muri komini ye, akabitegekwamo na perefe. Urugereko rusanga haragaragajwe ibimenyetso byerekana ko burugumesitiri yari afite ububasha busesuye ku bapolisi ba komini no ku bajandarume batijwe komini. Urugereko rusanga byaragaragajwe rwose ko burugumesitiri yari ashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza ndetse n'iyubahirizwa ry'ubutegetsi bw'ubucamanza kandi ko no muri iyo mirimo, yagenzurwaga gusa na perefe. Urugereko rusanga koko, ko mu Rwanda, burugumesitiri ari umuntu ukomeye kurusha abandi muri komini. Ububasha bwe mu karere burenze mu by'ukuri kure ubwo ahabwa n'amategeko.

---

1 Inyandiko ya ONU : S/RES/955 yo kuwa 8 Ugushyingo 1994.

2 Raporo y'ibanze y'Akanama k'impuguke yashyizweho hakurikijwe icyemezo 935 (1994) cy'Inama ishinzwe amahoro ku isi (Inyandiko ya ONU : S/1994/1125). Raporo isoza y'Akanama k'impuguke kashyizweho hakurikijwe icyemezo 935 (1994) cy'Inama ishinzwe amahoro ku isi (inyandiko ya ONU : S/1994/1405) na Raporo y'Intumwa yihariye ku Rwanda y'akanama k'Umuryango w'Abibumbye kita ku buranganzira bw'ikiremwamuntu (Inyandiko ya ONU s/1994/1157, imigereka I na II).

3 Ishyirwaho ry'urwo Rukiko mpuzamahanga ryari ryasabwe na Leta y'u Rwanda (Inyandiko ya ONU : S/1994/1115. Ariko nyuma uhagarariye u Rwanda mu Nama ishinzwe amahoro ku isi aza gutora yanga icyemezo 955.

4 S/RES/978 wo kuwa 27 Gashyantare 1995, igika cya I.

5 Amategeko yahinduwe ku Matariki ya 12 Mutarama 1996, 15 Gicurasi 1996, 4 Nyakanga 1996, 5 Kamena 1997 na 8 Kamena 1998.

6 Amasezerano y'i Jeneve agamije kwita ku nkomere no ku barwayi bo mu ngabo ziri ku rugamba yo kuwa 12 Kanama 1949, Umuryango w'Abibumbye, Igitabo cy'Amategeko, umutumba 75, n° 970 («Amasezerano y'i Jeneve I») ; Amasezerano y'i Jeneve agamije kwita ku nkomere, ku barwayi no ku barohamye bo mu ngabo zirwanira mu mazi, 12 Kanama 1949, ibid. n° 971 (Amasezerano y'i Jeneve II) ; Amasezerano y'i Jeneve yerekeye uko imfungwa z'intambara zifatwa, 12 Kanama 1949, ibid. n° 972 (Amasezerano y'i Jeneve III) ; Amasezerano y'i Jeneve yerekeye umutekano w'Abasiviri mu bihe by'intambara yo kuwa 12 Kanama 1949, ibid. n° 973 (Amasezerano y'i Jeneve IV).

7 Umugereka wa II werekeye umutekano w'abahohotewe n'imirwano itariyo mu rwego mpuzamahanga, 8 Kamena 1977, Umuryango w'Abibumbye, Igitabo cy'Amategeko, Umutumba 1125 n° 17513.

8 Tariki ya 1 Ukwakira 1996, Louise Arbour yagizwe Porokireri w'Urukiko, asimbura Richard Goldstone

9 Ku itariki ya 26 Mata 1997, Bernard Acho Muna yasimbuye Honoré Rakotomanana ku mwanya wa Porokireri wungirije w'Urukiko.

10 Uretse abo bantu batatu, ibiro bya Porokireri byari bihagarariwe kandi muri uru rubanza na Patricia Viseur Sellers, James K. Stewart, Luc Côté, Sara Dareshori na Rosette Muzigo-Morrison.

11 Itegeko ryo gukomeza gufunga by'agateganyo, Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 30 Gicurasi 1996.

12 ICTR/2/L-2.

13 Icyemezo cyo guhindura avoka wagenywe n'iyimurwa ry'urubanza. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T, 31 Ukwakira 1996.

14 Icyemezo ku cyifuzo cy'Ushinjwa cyo guhindurirwa umwunganira wagenywe. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 16 Mutarama 1997.

15 Nk'uko yemejwe ku itariki ya 5 Nyakanga 1995.

16 Icyemezo ku isuzuma ry'ingoboka mbanzirizarubanza yatanzwe n'uwunganira ushinjwa ku miterere y'Inyandiko y'ibirego no kutakirwa kw'ibimenyetso. Ubushinjacyaha buburana na AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T. Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 27 Nzeli 1996.

17 Icyemezo cyo kwimura urubanza. Ubushinjacyaha buburana na AKAYESU urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 27 Nzeli 1996. Ariko, mu iburanisha ryo kuwa 31 Ukwakira, itangira ry'urubanza ryashyizweho ku itariki ya 9 Mutarama 1997 bisabwe n'uwunganira Ushinjwa.

18 Itegeko ryemerera abatangabuhamya batatu b' imfungwa kwimurirwa ahandi igihe gito, ingingo ya 90 bis y'Amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 31 Ukwakira 1996.

19 Icyemezo cyafashwe ku icyifuzo cy'uwunganira Ushinjwa cyo guhamagaza no kurinda umutekano w'abagabo be. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo, 31 Ukwakira 1996, n'Icyemezo cyafashwe ku icyifuzo cy'uwunganira uregwa cyo kwimura no kurinda umutekano w'abagabo be. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 26 Gashyantare 1998.

20 Icyemezo ku isuzumwa ry'ingoboka mbanzirizarubanza cyatanzwe na Porokireri ku byerekeye ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T, 27 Nzeri 1996.

21Ibid.14

22 Icyemezo cyatanzwe mu magambo. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 9 Werurwe 1998. Icyemezo cyanditse cyafashwe ku itariki ya 24 Werurwe 1998.

23 Icyemezo cy'Urukiko cyasabaga Porokireri kurushyikiriza inyandikomvugo z'ubuhamya bwatanzwe n'abagabo. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo AKAYESU, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 28 Mutarama 1997.

24 Icyemezo ku cyifuzo cya Porokireri kigamije gusuzuma bundi bushya no kuvanaho icyemezo cyo kuwa 28 Mutarama 1997, Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 6 Werurwe 1997.

25 Kwemera ihindurwa ry'Inyandiko y'ibirego. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 17 Kamena 1997.

26 Icyemezo ku cyifuzo cyo guhamagaza umutangabuhamya. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 19 Ugushyingo 1997.

27 Icyemezo cyemera umuntu kwitaba Urukiko nk'inshuti y'Urukiko. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 12 Gashyantare 1998.

28 Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku cyifuzo cyo guhamagaza no kwita k'umutekano w'abagabo batanzwe n'Ubwunganizi. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 17 Gashyantare 1998. Icyemezo cyanditse, 23 Gashyantare 1998.

29 Icyemezo ku cyifuzo cy'uwunganira uregwa cyo guhamagaza umuntu runaka ushinjwa nk'umugabo w'impuguke. Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 9 Werurwe 1998.

30 Icyemezo cyatanzwe mu magambo ku cyifuzo cy'uwunganira uregwa cyo kugera ahantu runaka no gusuzumisha mu baganga babigenewe ibisigazwa by'imirambo. Ubushinjacyaha buburana na Yohani-Pawulo Akayesu, urubanza n° ICTR 96-4-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo I, 17 Gashyantare 1998. Icyemezo cyanditswe, 3 Werurwe 1998.

31 Reba mu bikurikira Umutwe witwa «Ibimenyetso»

32 Iburanisha ryo kuwa 26 Werurwe 1998, urupapuro rwa 61 (mu gifaransa).

33 Inyandikomvugo y'iburanisha ryo kuwa 26 Werurwe 1998.

34 Reba umutwe «Urubanza», Icyemezo k'ubuhamya bw'ikinyoma.

35 Reba Adrian Keane. The Modern Law of Evidence, (Butterworths : 1989), urupapuro 120 : « Mu rwego rw'ibibazo binyomoza, umuburanyi wifuza kumvisha «jury» ko umugabo watanzwe atavugisha ukuri ku kibazo iki n'iki, agomba gutanga ibimenyetso bitajegajega kandi amubaza ku buryo ashobora gutanga ibisobanuro bikenewe ; ariko rero ibyo si itegeko rigomba kubahirizwa uko byagenda kose.

36 Mu Bufaransa, mu Bubiligi no mu Rwanda, burugumesitiri afite cyane cyane inshingano eshatu : 1. Umukuru w'ubutegetsi bwa Komini , 2. Umukuru ushinzwe irangamimerere, 3. Umukuru ushinzwe kubungabunga no kugarura umutekano.

37 Itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 rigenga imitegekere ya komini, ryandukuwe mu gitabo « Codes et lois du Rwanda, (eds.), Reyntjens, F. et Gorus J. 1995.

> Ingingo ya 58 : Muri rusange, burugumesitiri ashinzwe kubahiriza ibyemezo by'inama ya komini [...]

Ariko, iyo hari impamvu ikomeye yihutirwa, burugumesitiri ashobora gushyiraho amabwiriza arwanya urugomo akanabitangira n'ibihano (ingingo ya 61). Burugumesitiri ashobora kandi gufunga, mu masaha atarenze 48 umuntu wese utera imvururu ku mugaragaro (ingingo ya 62).

38 Ingingo ya 56: Burugumesitiri afatanyije umurimo wo guhagararira ubutegetsi bukuru bw'Igihugu n'uwo kuyobora komini.

39 Ingingo ya 93: Ububasha bwo kwinjiza, guhagarika n'ubwo gukuraho abakozi bufitwe na burugumesitiri, Inama ya komini ibyemeye ikurikije ibyetegetswe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu.

40 Itegeko rigenga abapolisi ba komini ryo kuwa 4 Ukwakira 1997 (Iteka rya Perezida n° 285/03 ryandukuwe uko riri muri « Codes et Lois du Rwanda » (eds.) Reyntjens, F. et Gorus, 1995).

Ingingo ya 1 : Abapolisi ba komini bagize urwego rw'ingabo muri komini. Bategekwa na burugumesitiri ubitabaza mu mirimo yo kubungabunga no kugarura umutekano no mu kubahiriza amategeko n'amabwiriza.

Ingingo ya 4 : Burugumesitiri ashinzwe imitunganyirize, imikorere n'igenzura ry'umutwe w'abapolisi ba Komini, muri iyo mirimo, afashwa na Burigadiye.

41 Ingingo ya 104 y'Itegeko rigenga imitunganyirize ya komini : Burugumesitiri niwe gusa utegeka abapolisi ba komini [...]

42 Ingingo ya 104 [...] Ariko, igihe cy'amakuba, cyangwa iyo hari imvururu ishaka kubyuka, cyangwa yabyutse, perefe ashobora guhamagaza abapolisi ba komini akabihera amategeko ye.

43 Itegekoteka ryo kuwa 23 Mutarama 1974 rishyiraho Jandarumori y'Igihugu.

Ingingo ya 3 : Jandarumori y'Igihugu ni urwego rw'ingabo z'igihugu rushyiriweho kubungabunga umutekano no kubahiriza amategeko.

Ingingo ya 4 : Jandarumori ifite inshingano yo gukumira no guhana ibyaha. Zirimo ibice bibiri : inshingano zisanzwe n'izidasanzwe. Inshingano zisanzwe ni izo Jandarumori y'Igihugu irangiza ishingiye ku itegeko idahamagajwe n'umutegetsi. Inshingano zidasanzwe ni izo Jandarumori y'igihugu irangiza igihe gusa ihamagajwe n'umutegetsi ubufitiye ububasha

44 Ingingo ya 103 : [...] Byongeye kandi, perefe ashobora gutiza komini abapolisi bamwe b'Igihugu. [Muri iki gihe, ni ugusoma nta gushidikanya : Jandarumori y'Igihugu].

45 Ingingo ya 104 : Burugumesitiri niwe gusa utegeka abapolisi ba komini, niwe kandi utegeka mu mwanya wa perefe abapolisi b'Igihugu [Gusoma : Jandarumori y'Igihugu] batijwe Komini.

46 Ingingo ya 39 y'itegeko rigenga Jandarumori y'Igihugu.

47 Ibihe bidasanzwe - 20 Ukwakira 1959 – Iteka :

Ingingo ya 1 : Mu gihe cy'intambara, cy'ihamagaza ry'ingabo mu Bubiligi cyangwa muri Kongo, cy'imidugararo cyangwa mu bihe bikomeye bihungabanya umutekano cyangwa inyungu z'igihugu, «Guverineri Jenerali» ashobora gutangaza ibihe bidasanzwe.

Ingingo ya 4 : Guverineri Jenerali, abategetsi ashyiraho n'intumwa zabo bashobora :

(1) gutegeka :

a) isaka mu mazu ku manywa na ni joro

b) ihungisha ry'abantu, kubigizayo, kubagenzura cyangwa kubafungira ahantu.

(2) kubuza :

[...]

Ingamba zidasanzwe – 10 Ukuboza 1959 – Itegeko n° 11/630

Ingingo ya 1 : Ku ifasi y'igihugu cyangwa ku gice cyacyo birebwa n'ibihe bidasanzwe :

a) guverineri w'intara, komiseri w'akarere, burugumesitiri wa mbere cyangwa intumwa zabo, bakoresha ububasha buteganywa mu ngingo ya 4 y'Iteka rigenga ibihe bidasanzwe.

b) ...

## 2. IBYABAYE MU RWANDA MU W'I 1994, MU MATEKA Y'IGUHUGU

78. Urugereko rusanga, ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego bidashobora kumvikana bidashyizwe, nubwo byaba mu magambo ahinnye bwose, mu mateka y'u Rwanda kuva mu bihe bibanziriza abakoloni kugera mu w'i 1994.

79. U Rwanda ni igihugu gito cy'imisozi n'ibishanga kiri mu karere k'ibiyaga bigari byo muri Afurika yo hagati. Icyo gihugu, mbere y'ibyabaye mu w'i 1994, cyarushaga ibindi byo muri Afurika guturwa kuri kilometero rwikuba (miliyoni 7.1 z'abaturage kuri $km^2$ 26.338). Mirongo icyenda ku ijana by'abaturage batunzwe n'ubuhinzi. Kubera cyane cyane ubwiyongere bw'abaturage ugereranyije n'ubutaka, umusaruro w'umuturage uri mu yo hasi ku isi yose.

80. Haba mu gihe cyabanjirije ubukoloni cyangwa mu gihe cy'ubukoloni bwatangiwe n'igihugu cy'Ubudage ahagana mu w'i 1897, nyuma bugakomezwa n'igihugu cy'Ububiligi kirukanye Abadage mu w'i 1917, kikaza kuragizwa u Rwanda n'Umuryango w'Abibumbye, igihugu cy'u Rwanda cyategekagwa n'Umwami. Ubutegetsi bwe bwari urusobe kandi bwarateye imbere. Umwami yategekaga igihugu cyose yifashishije abamuhagarikiraga ku mugaragaro n'imfura zo mu bwoko bw'Abatutsi. Ni uko havutse umuco wa politiki wa gipfura watumaga umwami ashobora kuvugana n'abaturage binyuze muri izo nzego.

81. Icyo gihe mu Rwanda hari imiryango 18 ishingiye cyane cyane ku gisanira. Amagambo Hutu na Tutsi yariho, ariko yakoreshwaga ku muntu ku giti cye aho gukoreshwa ku dutsiko tw'abantu. Muri icyo gihe, itandukanyirizo ry'Umuhutu n'Umututsi ryari rishingiye cyane cyane ku gisekuru aho gushingira ku isano-muzi. Ingingo bagenderagaho batandukanya Umuhutu n'Umututsi zarahindukaga, umuntu akava ku nyito imwe akajya ku yindi bikurikije ubukire cyangwa ubukene bwe, cyangwa se umuryango yashatsemo.

82. Ubukoloni bw'Abadage no mu ikubitiro ry'ubw'Ababiligi, bwisunze abanyabwenge bagizwe cyane cyane n'abantu biyitaga Abatutsi. Nk'uko Dr. Alison Desforges abibona, iryo hitamo ryashingiraga ku mpamvu zifitanye isano n'ubwoko, ndetse z'ivangura bwoko. Abakoloni basangaga Abatutsi basa nabo kurusha abandi haba mu gihagararo haba no ku ibara ry'uruhu, kubera izo mpamvu bababonagamo abantu bazi ubwenge kurusha abandi kandi bafite n'impano yo gutegeka kurusha abandi.

83. Mu ntangiriro zo mu w'i 1930, abakoloni b'Ababiligi bafashe icyemezo cy'ivangura rihoraho, gishingiye mu gushyira abaturage mu matsinda atatu y'amoko: Abahutu bari bagize hafi 84%, Abatutsi bagize hafi 15% n'abatwa bagize hafi 1% by'abaturage bose. Ni bwo hashyirwagaho kuri buri munyarwanda irangamuntu igaragaza ubwoko bwe. Urugereko rusanga iyandikwa ry'ubwoko mu irangamuntu ryarakomeje na nyuma y'ubwigenge bw'u Rwanda, riza kuvanwaho nyuma y'amakuba yagwiririye icyo gihugu mu w'i 1994.

84. Nk'uko Dr. Alison Desforges abisobanura mu buhamya bwe, kiliziya gatolika yaje itera ikirenge mu cy'abakoloni b'i Burayi; mu gihe yoroherezaga amashuli n'uburezi Umwami, ibyegera bye n'abatutsi, kiliziya yageragezaga no kubahindura; ariko babonye ko

Abatutsi batabyitabira cyane, abapadiri bahise batangira guhindura Abahutu. Ariko ababiligi bamaze kwemeza ko kuba umukirisitu ari imwe mu ngingo zishingirwaho kugira ngo umuntu ahabwe akazi mu butegetsi, Abatutsi bagaragaje ubushake bwo guhinduka, bakurikirwa n'imbaga y'Abahutu. Asubira mu magambo y'umutangabuhamya w'umunyarwanda yari yasabye kumusobanurira impamvu abahutu bitabiriye ari benshi ubukirisitu, Dr. Desforges avuga ko impamvu zigomba gushakirwa mu muco wo kubaha abatware, uwo muco ukaba warahawe intebe ku buryo bw'umwihariko mu banyarwanda. Nk'uko uwo mugabo abihamya, "ntushobora gukomeza guhagarara kandi abagutegeka bapfukamye, bari mu masengesho". Kubera izo mpamvu, birumvikana ko icyo gihe, ahagana mu mpera ya za 20 (1920) no mu ntangiriro ya za 30 (1930), kiliziya yavuze rumwe n'umukoloni, ibogamira ku kwiharira ubutegetsi kw'Abatutsi.

85. Kuva mu mpera ya za 40 (1940), mu nkubiri yo kwibohora ubukoloni, Abatutsi nibwo babonye inyungu bashoboraga gukura mw'itoneshwa bari bagiriwe n'abakoloni b'ababiligi na kiliziya gatolika. Nibwo bageragezaga kwigobotora buke politiki y'ubwishingire y'ababiligi no kuvana abanyarwanda mu nzara za kiliziya gatolika. Ayo mashagaga yo kwigenga y'abanyabwenge b'abatutsi yatumye, bwaba Ububiligi, yaba kiliziya gatolika, bava ku batutsi, bahindukirira abahutu. Ndetse iyo nkubiri yaje gukara cyane ku buryo, icyo gihe, mu kiliziya, habayeho ihinduka ry'ibitekerezo nyuma y'intambara ya kabiri y'isi, ubwo hari hamaze kuboneka abapadiri b'abasore bafite amatwara ya kidemokarasi, bemera n'ireshya ry'abantu nk'uko byigishwa n'idini rya kirisitu; abo bapadiri batangiye gucengeza amatwara ya politiki muri rubanda nyamwinshi y'Abahutu, yategekwaga n'Abatutsi.

86. Bwokejwe igitutu n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihugu by'indagizo na nyuma y'imihindukire y'umubano imaze kuvugwa, Ububiligi bwahinduye politiki maze bushishikariza abahutu kwiga ndetse bunabashyira no mu myanya y'ubutegetsi. Ibyo byarakaje cyane Abatutsi dore ko, igihe Umuryango w'Abibumbye wongereraga Ububiligi igihe cy'indagizo k'u Rwanda nyuma y'intambara ya kabiri y'isi, Ububiligi bwari bwarasabwe gushyiraho inzego z'ubutegetsi zihagarariye rubanda hagamijwe ishyirwaho ry'ubutegetsi bw'abanyagihugu bugamije kukigeza k'ubwigenge. Abatutsi nibwo batangiye gushaka kuvanaho ubutegetsi bw'ababiligi, mu gihe abanyabwenge b'abahutu bo bahitagamo gukomeza gutegekwa n'ababiligi, bagamije kugera ku byo bifuzaga kugeraho. Mu by'ukuri, abo banyabwenge b'abahutu bifuzaga gukomeza buhoro buhoro gukangurira imbaga y'abahutu kumenya ingufu zabo muri politiki y'u Rwanda, hagamijwe ubwigenge bwagombaga kugerwaho nta kabuza, bari mu rwego rumwe nibura n'urw'Abatutsi. Iyo myifatire y'abanyabwenge b'Abahutu yakiriwe neza n'ababiligi babonaga ko ubutegetsi ni bujya mu maboko y'Abahutu, ntakizahinduka nyuma y'ubwigenge.

87. Mu w'i 1956, hakurikijwe amabwiriza bwari bwahawe n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihugu by'indagizo, Ububiligi bwakoresheje itora ry'abaturage bose mw'ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi bw'uturere, nk'Inama zihagarariye ubutegetsi bw'ibanze. Ayo matora yaranzwe n'irondabwoko, ku buryo, birumvikana, Abahutu bayatsinze n'amajwi menshi, bituma bamenya ko bafite imbaraga nyinshi za politiki. Kubera ko ingoma y'Abatutsi yifuzaga kugera ku bwigenge ariko ikagumana ubutegetsi, yari imaze kumva ko itora ry'abaturage bose ryagombaga gutuma irunduka, amakimbirane y'ibyo bice bibiri by'abaturage, ntiyarakigize rero igaruriro.

88. Ahagana mu w'i 1957, amashyaka ya mbere ya politiki nibwo yadutse, ariko, nk'uko umuntu yashoboraga kubyitega, yagendeye ku moko aho kugendera ku irangamatwara. Ayo mashyaka yari ane: ishyaka, "Muvoma iharanira demokarasi na Repubulika" (MDR. Parmehutu) yigaragazaga ko ari ishyaka ry'imbaga y'Abahutu, ishyaka "Ubumwe

bw'abanyarwanda" (UNAR) ryigaragazaga ko ari ishyaka ry'Abatutsi bashyigikiye ubwami; hagati y'izo ntagondwa, hari andi mashyaka abiri ya politiki ariyo Aprosoma yiganjemo Abahutu na Rassemblement démocratique rwandais (RADER) igizwe n'Abahutu n'Abatutsi bafite ibitekerezo bitari iby'intagondwa.

89. Imidugararo ya politiki abantu batinyaga yatangiye koko mu Ugushyingo 1959, amaraso arameneka ahantu henshi, Abahutu baba ibitambo bya mbere. Mu kwihorera abahutu batangiye gutwika no gusahura amazu y'Abatutsi. Nyuma yaho, nibwo habaye ibikorwa by'urugomo byabaye karande birundurira ku ishyirwaho, kuwa 18/10/1960 n'abategetsi b'ababiligi, rya guverinoma y'agateganyo yigenga iyobowe na Gerigori Kayibanda, Perezida wa MDR. Parmehutu nyuma y'amatora y'amakomini yo muri Kamena 1960, amashyaka y'Abahutu yatsinze ku bwiganze bw'amajwi menshi. Umwami wo mu bwoko bw'Abatutsi amaze guhungira mu mahanga, amashyaka y'Abahutu ataravugaga rumwe n'ubutegetsi yatangaje, kuwa 28 Mutarama 1961, Repubulika y'i Gitarama n'ishyirwaho ry'Inteko ishinga amategeko. Ku itariki ya 6 Gashyantare 1961, ni bwo Ububiligi bwahaye u Rwanda Sitati y'igihugu gifite ubwigenge bucagase. Ubwigenge bwatangajwe ku itariki ya mbere Nyakanga 1962, Gerigori Kayibanda aba Perezida wa Repubulika ya mbere w'iyo Leta nshya.

90. Ugutsinda kw'amashyaka y'Abahutu kwatumye umubare munini w'Abatutsi bava mu Rwanda, bahungira mu bihugu bituranye narwo, ari naho baturukaga batera u Rwanda. Ijambo "Inyenzi", risobanura ubusanzwe inyenzi zo mu nzu, nibwo ryatangiye gukoreshwa bashaka kuvuga abo bateraga. Buri gitero cy'impunzi cyakurikirwaga no kwihorera ku Batutsi babaga mu gihugu; uko kwihorera kwahitanye nibura Abatutsi ibihumbi icumi mu w'i 1963, gutuma kandi Abatutsi barushaho guhunga. Muri icyo gihe, imbere mu gihugu, ubutegetsi bw'Abahutu bwaboneyeho umwanya wo guha abahutu amasambu yatawe n'Abatutsi bahunze, no kwongera imyanya y'abahutu muri Guverinoma no mu butegetsi hakurikijwe umubare w'abagize buri bwoko mu baturage.

91. Ubwumvikane buke ntibwatinze kugaragara mu butegetsi bw'Abahutu, bituma ishyaka MDR. Parmehutu ryikanyiza mu nzego zose z'ubutegetsi bw'igihugu kugera aho rigirwa mu by'ukuri ishyaka rimwe rukumbi; bityo ubutegetsi bwa Perezida Gerigori Kayibanda n'abari bamugaragiye bakomokaga ahanini mu karere kamwe nawe, Gitarama, mu gihugu hagati, burashimangirwa; wasangaga rero bugenda buhinduka ubutegetsi bushingiye ku bwoko no ku karere. Kuva ubwo, ubutegetsi bw'Abahutu bwacitsemo ibice bibiri: ku ruhande rumwe, abategetsi bakomokaga mu gihugu hagati, k'urundi ruhande, abakomokaga mu majyaguru no mu majyepfo y'igihugu, wasanganaga ipfunwe. Perezida Kayibanda atangira kuba wenyine atyo kandi ntiyashobora guhagarika amacakubiri yari ashingiye ku moko no ku turere. Ubwo bwumvikane buke mu butegetsi bwaje kuvamo akaduruvayo katumye Jenerali Yuvenali Habyarimana, umukuru w'ingabo, afata ubutegetsi muri kudeta yo ku itariki ya 5 Nyakanga 1973. Jenerali Habyarimana yaje gutangaza iseswa rya Repubulika ya mbere, ashyiraho Repubulika ya kabiri. Abanyapolitiki mirongo barafungwa, nyuma baranyongwa cyangwa bicishwa inzara, nk'uwahoze ari Perezida Gerigori Kayibanda.

92. Nk'uko byari byeze muri Afurika icyo gihe, Perezida Habyarimana yashyizeho ubutegetsi bw'ishyaka rimwe rukumbi ashinga mu w'i 1975, "Muvoma revolisiyoneri nasiyonali iharanira amajyambere" (MRND). Abanyarwanda bose n'uruhinja rwavutse uwo munsi, bari, kubera ibyo gusa, muri MRND. MRND yabumbaga abanyarwanda bose, nta mwanya na muto amashyaka menshi ya politiki yari afite. Itegeko ryo mu w'i 1978 rigira u Rwanda igihugu cy'ishyaka rimwe rukumbi. Ingaruka yo gushyiraho ishyaka rimwe rukumbi

ni uko ryabaye “Ishyaka-Leta”, ku buryo iryo shyaka na guverinoma byari bigize urwego rumwe rukumbi. Nk’uko Dr. Desforges abivuga, ushinzwe ubutegetsi kuri buri rwego yari anahagarariye ishyaka kuri urwo rwego. Wasangaga hombi imitegekere ari imwe, kuva ku mukuru w’igihugu kugera ku nzego z’ibanze arizo selire ndetse no kugeza kuri nyumbakumi. Izi nzego ebyiri za nyuma mu by’ukuri zari cyane cyane inzego z’ishyaka aho kuba inzego z’ubutegetsi. Ni zo zari zishinzwe gushyira mu bikorwa icyitwaga “Umuganda” wasabaga abanyarwanda gutanga igice cy’umunsi w’akazi mu cyumweru kigamije umushinga w’amajyambere ya komini nko kubaka amashuri cyangwa gusana imihanda.

93. Nk’uko byagaragajwe mu buhamya bwatanzwe imbere y’Urugereko, nk’ubwa Dr. Desforges, ugufata ubutegetsi kwa Habyarimana kwashimishije benshi kandi gutanga n’icyizere imbere n’inyuma y’igihugu, no mu bwoko bw’Abatutsi. Mu ntangiriro, ubwo butegetsi bwirinze kwerekana politiki irwanya Abatutsi. Abatutsi benshi rero bari biteguye kumvikana nawe. Ariko uko imyaka yahitaga, ubwo butegetsi butangiye kunanirwa, politiki ya Habyarimana yatangiye kurwanya ku mugaragaro Abatutsi. Nk’uko uwo yari yasimbuye ariwe Kayibanda yari yabigenje, Habyarimana yashimangiye politiki y’ivanguramoko ibangamira Abatutsi, akoresha politiki yo gusaranganya imyanya muri za kaminuza no mu butegetsi. Ndetse haje gushyirwaho politiki y’ivangura iri kuri gahunda no mu Bahutu ubwabo, itonesha Abahutu bo mu karere ka Gisenyi na Ruhengeri mu majyaruguru y’iburengarazuba bw’igihugu aho Habyarimana yakomokaga, abangamira Abahutu bo mu tundi turere tw’igihugu. Iyi sura ya nyuma ya politiki ya Habyarimana yajegeje by’umwihariko ubutegetsi bwe; ku bamurwanyaga b’Abatutsi, hiyongeraho Abahutu bumvaga barakandamijwe n’ingoma ye bakomoka cyane cyane mu turere two hagati n’utwo mu majyepfo y’igihugu. Muri ibyo bibazo, Habyarimana yahisemo gukaza umurego, bityo yigana uwo yari yasimbuye igihe yahitagamo gutonesha akarere yakomokagamo k’i Gitarama. Nk’uko byari byagendeye Kayibanda, na we abantu bamucitseho buhoro buhoro, ubutegetsi bwe busigara bushingiye ku gatsiko gato k’inkoramutima ziswe “akazu”, ni ukuvuga umuryango wa Perezida. Ingaruka y’ibi yabaye iyo gukarishya abamurwanyaga bagendaga barushaho kuba benshi. Ku itariki ya mbere Ukwakira 1990, ni bwo igitero cya Front Patriotique Rwandais (FPR) yakomokaga kuri “Alliance Rwandaise pour l’Unité nationale (ARUN)” yari yarashinzwe mu w’i 1979 n’impunzi z’Abatutsi bari barahungiye i Bugande, cyagabwaga giturutse i Bugande. Icyo gitero cyabaye impamvu yo gufunga ibihumbi by’abantu batavugaga rumwe n’ubutegetsi, bitwaga ko bashyigikiye FPR.

94. Ibintu mu gihugu bimaze kudogera, bigatuma abanyarwanda bifuza ishyirwaho ry’amashyaka menshi bakomeza kwiyongera, bikubitiyeho ko n’abafashaga u Rwanda basabaga ubutitsa ivugurura ryo mu rwego rw’ubukungu ndetse na politiki, abaturage bakagira uruhare runini mu mitegekere y’igihugu, byabaye ngombwa ko Perezida Habyarimana yemera ihame ry’amashyaka menshi. Ku itariki ya 28 Ukuboza 1990, imbanzirizamushinga y’itegeko rishyiraho amashyaka menshi ya politiki yaratangajwe. Ku itariki ya 10 Kamena 1991, itegekonshinga rishya riteganya amashyaka menshi naryo ryaremejwe, rikurikirwa ku itariki ya 18 Kamena n’itangazwa ry’itegeko rigenga amashyaka menshi ya politiki n’ishingwa ry’amashyaka ya mbere, ariyo:

- “Ishyaka riharanira repubulika na demokarasi” (MDR), ryafatwaga nk’ishyaka riruta ayandi gukomera kubera kuyarusha abayoboke benshi, ryavugaga ko rifitanye isano na MDR.-Parmehutu ya Gerigori Kayibanda. Indiri y’iryo shyaka wayisangaga cyane cyane mu gihugu hagati, hirya no hino y’i Gitarama.

- “Ishyaka riharanira demokarasi n’imibereho myiza y’abaturage” (PSD), ryari ifite abayoboke barimo abanyabwenge benshi, indiri yaryo ikaba yari mu majyepfo y’igihugu i Butare.

- “Ishyaka riharanira ukwishyira ukizana” (PL) na

- “Ishyaka rya gikirisitu riharanira demokarasi” (PDC).

95. Muri icyo gihe impunzi z’Abatutsi, cyane cyane izari zarahungiye muri Uganda, nazo zarisuganyaga, zitegura gucengera ku butaka bw’u Rwanda ndetse no gushinga umuryango wa politiki «FPR» no kuwuha ishami rya gisirikari ryitwa Armée Patriotique Rwandaise «APR». Impunzi zari zigamije mbere na mbere kugaruka mu Rwanda ariko abategetsi b’u Rwanda na Perezida Habyarimana barabyanga ; Perezida Habyarimana yaba yaravuze ko ubutaka bw’u Rwanda budahagije kugira ngo butunge abashaka bose gutahuka ; «FPR» nibwo yaguraga imigambi yayo, ishyiramo n’ihirikwa rya Habyarimana.

96. Igitero cyo ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 cya FPR cyavuzwe haruguru cyabaye nyirabayazana y’ibyakurikiyeho mu Rwanda. Abayoboke b’amashyaka atavuga rumwe n’ubutegetsi yari yavutse mu w’i 1991 yaboneyeho umwanya wo kwifatanya rwihishwa na FPR kugira ngo ahungabanye kurushaho ubutegetsi bwari bumaze kunanirwa. Nibwo ingoma yariho yemeye ko ubutegetsi busaranganywa hagati ya MRND n’andi mashyaka ya politiki. Ahagana mu kwezi kwa Werurwe 1992, nibwo amasezerano hagati ya Guverinoma n’abarwanyaga ubutegetsi yashyizweho umukono kugira ngo hashingwe guverinoma y’inzibacyuho ihuriweho n’amashyaka menshi iyoborwa na Minisitiri w’intebe ukomoka muri MDR. Ku myanya cumi n’icyenda y’abaminisitiri, MRND yabonyemo icyenda gusa. Kubera icyokere cy’abataravugaga rumwe n’ubutegetsi, MRND yemeye kugirana imishyikirano na FPR. Iyo mishyikirano niyo yavuyemo ihagarikwa ry’imirwano muri Kamena 1992 n’Amasezerano ya Arusha, igice cyayo cya mbere48. Ihagarikwa ry’imirwano ryo muri Kamena 1992 ryasaga naho ryemera ko FPR igenzura igice cy’akarere k’amajyaruguru y’iburasirazuba bw’u Rwanda. Mu masezerano yashyizweho umukono, harimo ayo mu Ukwakira 1992 yashyiragaho Guverinoma n’Inteko ishinga amategeko by’inzibacyuho, yanateganyaga kwinjiza FPR muri izo nzego zombi. Nyuma, ibice bitatu by’ingenzi nibyo byakinguriwe amarembo ya politiki: igice cy’abashyigikiye Habyarimana, igice cy’abataravugaga rumwe n’ubutegetsi cyari imbere mu gihugu n’igice cya FPR. Byagaragaye nyuma ariko ko Perezida Habyarimana yari yemeye atemeye ayo masezerano kubera igitutu, ko kandi atari afite umugambi wo kubahiriza icyo yaba yariyitiye ubwe «ibipapuro».

97. Ariko ibyo ntibyatumye FPR ireka intego zayo zo gufata ubutegetsi, ahubwo yongereye ibitero bya gisirikari. Igitero simusiga cyo ku itariki ya 8 Gashyantare 1993 cyahungabanyije bikomeye imibanire ya FPR n’amashyaka y’abahutu ataravugaga rumwe n’ubutegetsi. Abambari ba Habyarimana babigendeyeho, bahamagarira Abahutu bose kwishyira hamwe. Imibanire ishingiye k’ubuhutu yongera bityo kwimakazwa kurusha intego za politiki. Ibice bitatu byavuzwe bisimburwa n’ishyamirana rishingiye ku moko, bivugwa ko FPR ihuriweho n’Abatutsi bose, naho andi mashyaka agizwe cyane cyane n’Abahutu.

98. Agatsiko k’abahutu b’intagondwa bashinze muri Werurwe 1992, ishyaka rya politiki rishya, rihebuje ubutagondwa «Impuzamugambi» (C.D.R), rirusha amatwara y’ubutagondwa na Habyarimana ubwe ku buryo ryamurwanyije inshuro nyinshi.

99. Kugira ngo babone uko bahinduramo amakimbirane yari ashingiye ku bibazo by’ubukungu, imibereho myiza y’abaturage na politiki, amakimbirane ashingiye ku moko,

ibyegera bya perezida n'ingabo z'igihugu mu buryo bwihariye, ntibatinze kwamamaza no gukwirakwiza ibintu akenshi bitigeze biba. Alison Desforges, mu buhamya bwe, yise iyo politiki irangwa no kwitirira abandi ibyo umuntu akora cyangwa ashaka ubwe gukora «politiki y''indorerwamo». Urugero: mu rukerera rwo ku itariki ya 5 Ukwakira 1990, ingabo z'igihugu zakoze nk'aho Kigali yatewe. Nyuma, Guverinoma ibyitirira FPR, ivuga ko FPR yacengeye mu mujyi ibifashijwemo n'ibyitso byayo by'Abatutsi b'imbere mu gihugu. Abatutsi bagera ku bihumbi munani n'Abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bahise bafatwa bukeye mu gitondo. Abagera kuri za mirongo bapfiriye muri gereza. Urundi rugero rwa «politiki y'indorerwamo» rugaragazwa n'ubwicanyi bwatangiriye mu karere k'Ubugesera muri Werurwe 1992, nyuma y'icyumweru kimwe umukozi ushinzwe iyamamaza muri Guverinoma ya Habyarimana akwirakwije inyandiko zitashyizweho umukono zavugaga ko Abatutsi bo muri ako karere biteguraga kwica umubare munini w'Abahutu. Abantu bitwara gisirikare ba MRND «Interahamwe» bagize uruhare mu bwicanyi bwo mu Bugesera. Bwari ubwa mbere imitwe yitwara gisirikare y'iryo shyaka igira uruhare mu bwicanyi bw'ako kageni. Nyuma, abantu bitwara gisirikare bo mu yandi mashyaka y'intagondwa z'Abahutu nka CDR. «Impuzamugambi» cyangwa bo mu tundi dushyaka bifatanyije nayo.

100. «Politiki y'indorerwamo» yakoreshejwe kandi no muri Kibilira, mu majyaruguru y'uburengerazuba no mu karere k'abagogwe. Muri izo ngero zombi, abaturage bashishikarijwe kwirwanaho, bakarwanya ibitero balinga by'abacengezi ba FPR, batera kandi bica abaturanyi babo b'Abatutsi. Aha umuntu yavuga uruhare Radio R.T.L.M. yashyizweho mu w'i 1993 n'ibyegera bya Perezida Habyarimana yagize muri iyo porogaramu irwanya Abatutsi. Uretse n'amaradiyo, hari abandi bari bashinzwe iyamamaza matwara. Mu babaye ibyamamare cyane, harimo Lehu Mugesera, visi-perezida wa MRND muri perefegitura ya Gisenyi, akaba n'umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda, washyize ahagaragara udutabo tubiri turega Abatutsi kuba bategura itsembabwoko ry'Abahutu[49]. Mu nama ya MRND yabaye mu kwezi k' Ugushyingo 1992, uwo Lehu Mugesera yahamagariye abaturage gutsemba Abatutsi no guhotora Abahutu batavuga rumwe na Perezida. Yavuze ko Abatutsi baba baraturutse muri Etiyopiya, ko bamaze kwicwa, imirambo yabo igomba kujugunywa mu masoko y'uruzi rwa Nili ari mu Rwanda ku buryo basubira iyo baba baraturutse[50]. Yahamagariye abamwunvaga kwirinda amakosa nk'ayakozwe mu bwicanyi bwabaye mu bihe byashize aho Abatutsi bamwe, cyane cyane abana, batishwe.

101. Mu rwego rwa politiki, amashyaka y'abataravugaga rumwe n'ubutegetsi hafi ya yose, yacitsemo ibice kubera kutavuga rumwe ku ishyirwaho umukono ku Masezerano y'Amahoro ; iyo nkubiri yatangiriye ku ishyaka rya MDR., ishyaka rikomeye mu yari ahanganye na MRND ; igice cyaryo cy'intagondwa cyaje kwitwa nyuma MDR.-Power, kishyize hamwe na CDR. na MRND.

102. Kuwa 4 Kamena 1993, Guverinoma y'u Rwanda na FPR bashyize umukono ku masezerano y'Arusha, barangiza batyo intambara yari yatangiye ku itariki ya mbere Ukwakira 1990. Mubyo ayo masezerano ateganya harimo gushyiraho Guverinoma y'inzibacyuho irimo FPR, gusubiza abasirikare bamwe mu buzima busanzwe no kuvanga ingabo z'imitwe yombi yari ihanganye (abasirikari 13.000 ba FPR na 35.000 ba FAR), gushyiraho akarere katarangwamo imirwano hagati y'igice kigenzurwa na FPR mu majyaruguru n'ibindi bice bisigaye by'igihugu, gushyiraho batayo imwe ya FPR mu mujyi wa Kigali no gushyiraho mu ngunga enye umutwe wa Loni wo kubungabunga umutekano, ufite manda y'imyaka ibiri, wiswe Intumwa z'Umuryango w'Abibumbye zishinzwe gufasha u Rwanda, (MINUAR mu magambo ahinnye).

103. Kuwa 23 Ukwakira 1993, Perezida w'u Burundi, Melikiyoro Ndadaye, w'Umuhutu, yahotowe n'abasirikari b'Abatutsi bashakaga gufata ubutegetsi. Intagondwa z'Abahutu mu Rwanda, nk'uko Alison Desforges abibona, zifashishije urwo rupfu kugira ngo zerekane ko bitashobokaga kumvikana n'Abatutsi, kuko ngo umunsi umwe bazabahindukirana, bakabivugana. Mu mpera z'Ukwakira 1993, mu nama yabereye kuri sitadi ya Kigali yahariwe gusa ibyerekeye urupfu rwa Perezida Ndadaye, Foroduwalidi Karamira visi-perezida wa mbere w'Interahamwe mu rwego rw'igihugu yahamagariye Abahutu bose kwishyira hamwe, bakarenga urwego rw'amashyaka ya politiki. Yashoje ijambo rye, atabaza «Hutu-Power».

104. Mu mpera z'Ukuboza 1993, ihotorwa rya Perezida Ndadaye ryahaye Perezida Habyarimana na CDR. urwitwazo rwo kwamagana amasezerano y'Arusha mu itangazo rusange rya MRND na CDR., bayita ubugambanyi. Ariko nyuma y'iminsi mike, muri politiki ye yo kujijisha amahanga, Habyarimana yashyize umukono ku kindi gice cy'amasezerano y'amahoro y'Arusha. Mu by'ukuri ayo masezerano yari asigaye mu mpapuro gusa. Yego Perezida yaje kurahira, ariko ishyirwaho rya guverinoma y'inzibachuho riza kudindizwa n'amacakubiri yari mu mashyaka ya politiki n'amakimbirane yayakomotseho.

105. Abayobozi ba CDR. na PSD barahotowe muri Gashyantare 1994. Mu minsi yakurikiyeho, Interahamwe n'Impuzamugambi zishe abantu i Kigali, Abatutsi n'Abahutu batavugaga rumwe na Habyarimana. Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga w'Ububiligi yamenyesheje uhagarariye igihugu cye mu Muryango w'Abibumbye ko ibintu byari bigeze iwandabaga ku buryo byashoboraga kuvamo ibikorwa by'urugomo bitazagira igaruriro51. Na none muri icyo gihe, nk'uko yabivuze mu buhamya imbere y'Urukiko, Jenerali-Majoro Dallaire, wategekaga ingabo za MINUAR, yari yagejeje ku Muryango w'abibumbye i New York ko amaze kuvumbura ubuhisho bw'intwaro, asaba ko inshingano z'ingabo za MINUAR zahinduka kugira ngo abone uko afata izo ntwaro ariko ntiyabyemerewe. Muri icyo gihe, poropagande irwanya Abatutsi yarakomeje kurushaho mu itangazamakuru. Radio RTLM yongereye ibiganiro byayo birwanya Abatutsi, binarushaho kubibasira no gukara.

106. Mu mpera za Werurwe 1994, Guverinoma y'inzibacyuho yari itarashyirwaho kandi u Rwanda rwari rugeze iwa ndabaga. Nibwo ibihugu bituranye n'u Rwanda n'imiryango mpuzamahanga yarufashaga, byokeje igitutu guverinoma ya Habyarimana kugira ngo ishyire mu bikorwa Amasezerano y'Arusha. Kuwa 6 Mata 1994, Perezida Habyarimana n'abandi bakuru b'ibihugu bo muri ako karere bateraniye i Dar es Salaam muri Tanzaniya kugira ngo bige uko amasezerano y'amahoro yashyirwa mu bikorwa. Bavuye muri iyo nama, mu ma saa mbiri n'igice z'ijoro indege yari itwaye Perezida Habyarimana na Perezida Ntaryamira w'u Burundi yasandariye hafi y'ikibuga cy'indege cy'i Kigali, ntihagira n'umwe urokoka.

107. Ingabo z'u Rwanda n'abantu bitwara gisirikare bahise bashyiraho za bariyeri mu nkengero z'umujyi wa Kigali. Mu rukerera rwo kuwa 7 Mata 1994, umutwe w'abasirikare barinda Perezida n'abo bantu bitwara gisirikare batangiye kwica, mu turere tunyuranye tw'igihugu, Abatutsi n'Abahutu bari bazwiho ko bashyigikiye amasezerano y'Arusha n'isaranganywa ry'ubutegetsi hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Mu bitambo bya mbere, hishwe ba minisitiri bamwe ba guverinoma ihuriweho n'amashyaka menshi, barimo Minisitiri w'intebe Agata Uwilingiyimana (MDR.), perezida w'Urukiko rw'ikirenga n'abari bagize ubuyobozi bw'ishyaka PSD hafi ya bose. Kubera ko nta butegetsi bwari bukiriho, hashyizweho guverinoma y'agateganyo yari igizwe n'abafite amatwara «Hutu-Power» ihagarikiwe cyane cyane na Tewonesiti Bagosora, koloneli wari warafashe ikiruhuko k'izabukuru.

108. Nibwo abasirikari b'ingabo z'igihugu (FAR) bicaga abasirikari icumi ba Loni bakomoka mu gihugu cy'Ububiligi, bituma umutwe wabo wigendera kandi ariwo MINUAR yagenderagaho. Kuwa 21 Mata 1994, Inama ishinzwe amahoro ku isi nibwo yafataga icyemezo cyo kugabanya umubare w'abagize ingabo za Loni zishinzwe kubungabunga umutekano hasigara 450.

109. Nyuma ya saa sita ku itariki ya 7 Mata 1994, ingabo za FPR zavuye mu birindiro mu karere zarimo mu majyaruguru zubura ku mugaragaro imirwano n'ingabo za guverinoma. Ingabo za FPR zari mu majyaruguru zaramanutse, zinyura mu karere katarangagwamo imirwano, zigera mu nkengero y'umujyi wa Kigali tariki ya 12 Mata 1994, zituma guverinoma y'agateganyo ihungira i Gitarama.

110. Kuwa 12 Mata 1994, aho abategetsi batangarije kuri «Radio Rwanda» ibi bikurikira : «Tugomba kunga ubumwe tukarwanya umwanzi, umwanzi umwe, ni uwo tuzi kuva kera ni umwanzi ushaka kugarura ubutegetsi bwa cyami bwa kera», birumvikana ko Abatutsi ari bo cyane cyane bibasiwe. Mu cyumweru cyo kuwa 14 kugera kuwa 21 Mata 1994, guhamagararira ubwicanyi byarahebuje. Perezida wa guverinoma y'agateganyo, Minisitiri w'intebe n'abaminisitiri bamwe bakomeye bagiye i Butare no ku Gikongoro. Icyo gihe niho ubwicanyi bwatangiye muri utwo turere twari dutuje. Ibihumbi by'abantu, rimwe na rimwe bayobowe n'abategetsi bo mu nzego z'uturere cyangwa bijejwe nabo ko umutekano wabo uzabungabungwa, bateraniye nta kwishisha, mu za kiliziya, mu mashuri, mu bitaro no mu mazu y'ubutegetsi bw'uturere. Mu by'ukuri, wari umutego wo gutuma bashobora gutsembatsemba vuba umubare munini.

111. Ubwo bwicanyi bw'Abatutsi bwarakomeje kugera ku itariki ya 18 Nyakanga 1994, ubwo FPR yinjiraga muri Kigali itsinze intambara. Ubwo bwicanyi ntawe bwasize, yaba umugore yaba umwana. Iyo umuntu agereranije, umubare w'abahitanywe n'iyo ntambara uri hagati y'ibihumbi 500 na miliyoni imwe cyangwa irenga.

---

48 Gihamya n° 14 yatanzwe n'Ubushinjacyaha

49 Reba gihamya n° 68 na n° 69

50 Reba gihamya n° 74 yatanzwe n'Ubushinjacyaha

51 Gihamya n° 18 yatanzwe n'Ubushinjacyaha.

### 3. HABA HARABAYE ITSEMBABWOKO MU RWANDA MU W'I 1994?

112. Ku byerekeye ubwicanyi bwakorewe abaturage mu Rwanda hagati y'ukwezi kwa Mata na Nyakanga 1994, kandi buvugwa haruguru mu mutwe urebana n'amarorerwa yabereye mu Rwanda mu mateka y'igihugu, Urugereko rwashatse kumenya niba ubwo bwicanyi ari icyaha cy'itsembabwoko ; kandi koko, abantu bamwe[52], batekereje ko ayo marorerwa yagwiririye u Rwanda yari gusa mu rwego rw'imirwano hagati y'ingabo z'u Rwanda (FAR) na Front Patriotique Rwandais ( FPR). Igisubizo cy'icyo kibazo kizatuma umuntu yumva kurushaho urwego ibikorwa uregwa ashinjwa byakorwagamo.

113. Nk'uko bivugwa mu gika cya kabiri cy'ingingo ya kabiri ya Sitati y'Urukiko isubiramo ijambo ku rindi igisobanuro cy'icyaha cy'itsembabwoko kiri mu Masezerano yerekeye ikumira n'ihana ry'icyaha cy'itsembabwoko (Amasezerano yerekeye icyaha cy'itsembabwoko)[53], itsembabwoko ni kimwe mu bikorwa bivugwa muri icyo gika, cyakozwe kigamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku

bwoko cyangwa ku idini cyangwa igice cyabo bazira icyo bari cyo, nko kwica abo bantu, kubateza ubumuga bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe.

114. N'ubwo umubare w'abakorewe ibyaha utazwi neza kugeza ubu, nta muntu n'umwe ushyira mu gaciro wahakana ko ubwicanyi rusange bwakozwe mu Rwanda mu w'i 1994 mu gihugu hose.

115. Ubuhamya bwinshi bwatanzwe imbere y'Urugereko burabishimangira. Ubwatanzwe na Dr. Zachariah witabye Urugereko ku itariki ya 16 n'iya 17 Mutarama 1997, bwuzuyemo inyigisho nyinshi. Uwo muganga wakoreraga umuryango utagengwa na Leta «Abaganga batagira umupaka» yabaga i Butare mu w'i 1994, kandi yazengurutse igice kinini cy'u Rwanda kugera ku mupaka warwo n'Uburundi. Yavuze mu magambo arambuye ibyerekeranye n'imirambo y'abantu yari igerekeranye ahantu hose, ku mihanda, mu mayira, mu migezi, n'ukuntu abo bantu bose bishwe. Yabonye inkomere nyinshi mu kiliziya y'i Butare, kuri misiyoni ya Gahidi, no mu bitaro, kuri we, zose z'Abatutsi ; bari bakubiswe imipanga mu gahanga, ku majosi ndetse no ku tubumbampore no ku bitsi kugira ngo badashobora guhunga. Ubuhamya bwa Jenerali Dallaire wahoze ategeka ingabo za MINUAR igihe ayo marorerwa avugwa mu Nyandiko y'ibirego yakorwaga, butera mubwuwo muganga. Uyu mutangabuhamya yavuze i Kigali ko ingabo z'igihugu (FAR) n'abari bagize «Umutwe urinda Perezida» bajyaga kwica abantu, mu mazu yatoranyijwe mbere. Yavuze n'ubwicanyi buteye ubwoba bwabereye i Kabgayi hafi y'i Gitarama aho guverinoma y'agateganyo yari ifite icyicaro, anagira icyo avuga kuri raporo yahabwaga n'indorerezi ze hirya no hino mu gihugu bamumenyesha ubwicanyi ku Gisenyi, i Cyangugu n'i Kibungo.

116. Umufotozi kabuhariwe w'umwongeraza witwa Simon Cox yafashe sinema y'imirambo muri za kiliziya nyinshi i Remera, Birambo, Shangi, hagati ya Cyangugu na Kibuye no mu Bisesero, anavuga ku byerekeye indangamuntu zanditseho «Tutsi» zari zinyanyagiye hasi. Urugereko rero, ruhereye kuri ubwo bwicanyi rusange bwibasiye cyane cyane Abatutsi, rusanga ingingo ya mbere yo kugira ngo habeho itsembabwoko, ariyo ubwicanyi no guteza igice cy'abantu ubumuga bw'umubiri, yuzuye.

117. Ingingo ya kabiri ni uko ubwo bwicanyi n'ubwo bugizi bwa nabi bikorwa bigamije kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo, bazira icyo bari cyo.

118. Uko Urugereko rubibona, nta gushidikanya na busa ko, ubwo bwicanyi bwari bugamije kurimbura abo bwari bwibasiye uhereye ku ngano yabwo, gahunda n'ubugome bwakoranywe. Ibintu byinshi bigaragaza ko icyo abicanyi bari bagamije kwari ukurimbura burundu ubwoko bw'Abatutsi. Mu buhamya yatanze imbere y'Urugereko tariki ya 25 Gashyantare 1997, umutangabuhamya w'impuguke Alison Desforges yavuze ibi bikurikira: «urebye imvugo z'abayobozi bamwe ba politiki, indirimbo na siloga z'Interahamwe, ndasanga kuri bo, umugambi wari uwo kurimbura burundu Abatutsi bo mu Rwanda, ku buryo, nk'uko bajyaga babivuga, abana babo, batazamenya nyuma, uko Umututsi yasaga, uretse kubisoma mu bitabo by'amateka». Ayo magambo ya Dr. Desforges yashimangiwe muri uru rubanza n'abatangabuhamya babiri bashinja, KK na OO, bivugiye igihe batangaga ubuhamya imbere y'Urugereko ko uwitwa Silasi Kubwimana yaba yaratangarije mu ruhame mu nama yari iyobowe n'Ushinjwa ubwe ko Abatutsi bose bagombaga kwicwa kugira ngo umwana w'Umuhutu atazigera amenya uko Umututsi yasaga.

119. Nk'uko kandi byavuzwe haruguru, hari n'ubuhamya bwa Dr. Zachariah bwerekana ko ibitsi by'inkomere nyinshi byari bitemye kugira ngo badashobora guhunga. Uko Urugereko rubibona, ibyo bigaragaza ubushake bw'abicanyi bwo kurimbura Abatutsi bose. Kuri bo, bagombaga gukora ibishoboka byose kugira ngo hatagira n'umwe ubacika, maze

bakababamarira ku icumu. Umutangabuhamya OO yongeye kubwira Urukiko ko muri iyo nama, uwitwa Ruvugama, wari Depite, yaba yaravuze ko azagira amahoro ari uko nta mututsi n'umwe usigaye mu Rwanda.

120. Dr. Alison Desforges yavuze ko imirambo myinshi cyane y'Abatutsi yagiye ijugunywa akenshi ku buryo buri kuri gahunda muri Nyabarongo, umwe mu migezi yisuka muri Nili, nk'uko byagaragaye ku mashusho menshi yerekanywe imbere y'Urugereko mu gihe cy'iburanisha. Yasobanuye ko icyo bari bagamije kwari ugusubiza Abatutsi iyo bakomotse, «kubasubiza muri Abisiniya», bikaba bihuje n'igitekerezo ko Abatutsi baba ari «abanyamahanga» mu Rwanda, bakaba barahageze byitwa ko baturutse mu turere dukikije uruzi rwa Nili54.

121. Ubundi buhamya bwatanzwe, nk'ubwa Jenerali Dallaire, nabwo bugaragaza ko bashakaga kwikiza ubwoko bw'Abatutsi burundu kuko n'abavutse uwo munsi batabaretse. Bageze n'aho bica abagore batwite, barimo n'Abahutukazi, kubera ko babaga batwite inda z'abatutsi. Ubundi, mu bihugu bifite umuco ko umugabo ari we utanga ubwoko, nko mu gihugu cy'u Rwanda, umwana ni uwase. Kuri iyi ngingo, ubuhamya bw'umugabo PP bwatanzwe imbere y'Urugereko ku itariki ya 11 Mata 1999 bwashyize ahagaragara amagambo yavugiwe mu ruhame n'Ushinjwa ko mu gihe Umuhutukazi atwite inda y'Umututsi, agomba gushakishwa, inda igakurwamo. Mu bindi bihe, nk'uko abagabo KK, PP na OO bashinja, babivuze mu buhamya bwabo, Ushinjwa yatanze icyo gitekerezo akoresheje umugani w'ikinyarwanda ukurikira: «iyo inzoka yiziritse ku gisabo, nta kundi bigenda, barakimena»55. Muri icyo gihe uwo mugani washakaga kuvuga ko Abahutukazi barongowe n'Abatutsi bakaba bari batwite bagombaga kwicwa kugira ngo bavutse ubuzima umwana w'umututsi wari kuzavuka. Kuri iyi ngingo byaba byiza kwibutsa ko mu muco wa kinyarwanda, kizira «kumena igisabo» igicuma kinini cyakoreshwaga mu gucunda aMata. Ariko rero, iyo inzoka yizingiye ku gisabo, nta kundi bigenda atari ugukura kirazira, kugira ngo bice iyo nzoka.

122. Kubera ko ibintu byifashe bityo, ni ngombwa ko Urugereko rusuzuma ubuliganya bwihariye kugira ngo habeho itsembabwoko (mens rea cyangwa dolus specialis), ni ukuvuga ikibazo cyo kumenya niba ibikorwa byavuzwe haruguru byarakorewe abantu aba n'aba kubera abo ari bo. Aha naho ubuhamya bwinshi buhuje kandi bwagirirwa icyizere, nk'ubwa Jenerali Dallaire, ubwa Dr. Zachariah, ubw'uwakorewe icyaha V, ubw'umutangabuhamya ushinja PP, ubw'umugabo ushinjura DAAX, ariko cyane cyane ubw'Ushinjwa ubwe, buhuriza bwose ku ngingo ko ari Abatutsi56 bari bibasiwe muri ubwo bwicanyi kubera icyo bari cyo57.

123. Hari ingero ebyeri zerekana ko Abatutsi ari bo rwose bari bibasiwe. Mbere na mbere hari itoranya ryakorerwaga ku ma bariyeri yari yashyizwe ku mihanda i Kigali nyuma y'impanuka y'indege ya Perezida yabaye ku italiki ya 6 Mata 1994, no mu turere twinshi tw'igihugu, na nyuma yaho. Koko rero, kuri ayo mabariyeri yabaga arinzwe rimwe na rimwe n'abasirikari, ubundi akaba arinzwe na bamwe mu barindaga Perezida kimwe cyangwa n'abantu bitwara gisirikare, igenzurwa ryahakozwe ry'indangamuntu, n'ubwoko bwanditsemo, ryatumaga batandukanya Abahutu n'Abatutsi. Abatutsi bahitaga bafatwa, rimwe na rimwe bakicirwa aho. Urundi rugero ni poropagande yakorwaga mbere no mu gihe cy'amarorerwa n'itangazamakuru jisho-gutwi nka Radio Télévision des Mille Collines (RTLM) cyangwa ryanditse nk'ikinyamakuru «Kangura»58. Iryo tangazamakuru ryahamagaririraga ku mugaragaro kwica Abatutsi bafatwagaho nk'ibyitso bya FPR kandi bitirirwaga gushaka gufata ubutegetsi batakaje mu mpindura matwara yo mu w'i 1959. Inyandiko zimwe cyangwa ibishembano by'ikinyamakuru Kangura byatanzweho gihamya,

ntibishidikanywaho. Umuntu yakongeraho n'ikimenyetso gihamya nº 25 A. Ni ibaruwa yo mu Buyobozi bukuru bw'ingabo «GZ» yo kuwa 21 Nzeri 1992 yashyizweho umukono na Koloneli B.E.M Deogratias Nsabimana, yari iherekejwe n'inyandiko y'akanama k'abasirikari bakuru 10 yasobanuraga icyo umwanzi ari cyo. Nk'uko bikubiye muri iyo nyandiko yasabwe gukwirakwizwa hose, umwanzi ari mo ibice bibiri: umwanzi w'ibanze n'umushyigikiye. Umwanzi w'ibanze ni «Umututsi uri mu gihugu cyangwa inyuma yacyo w'intagondwa kandi wifuza gusubirana ubutegetsi, utarigeze yemera na rimwe kandi akaba ataremera impindura matwara y'abaturage yo mu w'i 1959 kandi akaba ashaka kongera kwigarurira ubutegetsi mu Rwanda akoresheje uburyo bwose harimo n'intwaro. Naho umushyigikiye «ni umuntu wese umutera inkunga iyo ariyo yose». Iyo nyandiko ivugwamo kandi ko umwanzi w'ibanze n'abamushyigikiye bavaga cyane cyane mu baturage bamwe nk'impunzi z'Abatutsi, Abatutsi mu gihugu, Abahutu batishimiye ubutegetsi buriho, abanyamahanga barongoye Abatutsikazi, n'Abahamiti baturiye uturere tw'uruzi rwa Nili.

124. Urugereko rusanga ko ibi byose bigaragaza, ko igice kihariye cy'abantu kigizwe n'abatutsi cyari kibasiwe. Biragaragara ko abakorewe icyaha batatoranyijwe kubera irangamimerere yabo, ko ahubwo batoranyijwe kubera ko bari abatutsi. Bityo rero, abakorewe icyaha ni abantu batoranyijwe kubera ko ari abatutsi. Nk'uko Alison Desforges abibona, mu buhamya bwe, Abatutsi bicwaga kubera gusa ko bavutse ari Abatutsi.

125. Biragaragara neza rero ko ubwicanyi bwabaye mu Rwanda mu w'i 1994 bwari bugamije ikintu kimwe: kurimbura Abatutsi kubera gusa ko ari Abatutsi, atari ukubera ko bari ingabo za FPR. Ibyo ari byo byose, abana n'abatutsikazi ntibashoboraga gushyirwa mu rwego rw'ingabo.

126. Kubera ibyo byose, Urugereko rusanga, ibyabaye mu Rwanda mu w'i 1994 ari neza itsembabwoko ryakorewe Abatutsi. Urugereko rusanga iryo tsembabwoko risa n'iryateguwe neza cyane. Dr. Alison Desforges, ku itariki ya 24 Gicurasi 1997, yavugiye imbere y'Urugereko ndetse ko ubwicanyi bwateguwe kandi bukayoborwa n'ubutegetsi bukuru bw'igihugu. Hari ibintu bifatika bimwe bigaragaza koko ko iryo tsembabwoko ryateguwe. Mbere na mbere hari lisiti y'Abatutsi bagombaga kwicwa, yavuzwe n'abatangabuhamya benshi. Kuri iyi ngingo, Dr. Zachariah yatanze urugero rw'abarwayi n'abaforomokazi biciwe mu bitaro kubera ko umusirikari yari afite ilisiti yaliho amazina y'abo bantu. Hari kandi n'ubuhisho bw'intwaro bwari muri Kigali bwavuzwe na Jenerali Dallaire igihe yasabaga Umuryango w'Abibumbye uruhusa rwo kuzisenya, bakarumwima. Nyuma na nyuma, hari kandi imyitozo yahawe abantu bitwara gisirikare n'ingabo z'igihugu FAR, umuntu atiriwe avuga imyiteguro abaturage bahawe yo gutera Abatutsi, babifashijwemo n'ibinyamakuru bimwe, RTLM iri ku isonga.

127. Ku kibazo cyabajijwe mu ntangiriro y'uyu mutwe cyo kumenya niba amarorerwa yabaye mu Rwanda mu w'i 1994 yashyirwa gusa mu rwego rw'imirwano hagati y'ingabo z'igihugu FAR n'iza FPR, Urugereko rusanga rero atari ukuri kubera ko, mu gihe iyo mirwano yabaga, itsembabwoko ryakorewe Abatutsi. Ishyirwa mu bikorwa ry'iryo tsembabwoko rishobora kuba ryarorohejwe n'iyo mirwano kubera ko kurwanya FPR byabaye impamvu yo guhamagarira abantu gutsemba ubwoko bw'Abatutsi, bafata Abasiviri basanzwe b'Abatutsi nk'ingabo za FPR, bagendera ku gitekerezo cyafashwe kandi kigakwirakwizwa n'itangazamakuru ko buri mututsi yaba yarabaye icyitso cy'Inkotanyi. Mu magambo yumvikana, itsembabwoko rimaze gushyirwa mu bikorwa, icyo cyaha cyafashe intera ndende mu ntambara yari hagati ya FPR na FAR, ku buryo mu kwezi kwa Gicurasi 1994, Jenerali Kagame, mu izina rya FPR, yavuze ko ihagarikwa ry'imirwano rizashoboka ari uko ubwicanyi bw'Abasiviri bukorwa n'ingabo za Guverinoma buzaba bwahagaritswe[59].

128. Ni ngombwa rero gushimangira ko itsembabwoko ry'Abatutsi, n'ubwo ryabereye rimwe n'imirwano yavuzwe haruguru, ridahuje rwose kamere n'iyo mirwano. Asubiza mu ikiganiro yagiranye n'umusirikari mukuru w'ingabo z'igihugu (FAR) na Silasi Kubwimana, umwe mu bayobozi b'Interahamwe, Ushinjwa yivugiye ubwe igihe yitabaga Urugereko, ko ku bw'uwo musirikare, ibikorwa by'Interahamwe byo guhohotera Abasiviri b'abatutsi, bitashoboraga gufasha ingabo z'igihugu mu ntambara zarwanaga na FPR60. Na none, hari n'ubuhamya bw'umugabo KK wasobanuriye Urugereko ko ubwo bamutwaraga we n'abana be, umusirikari w'ingabo z'igihugu yaba yarabwiye abo bantu bamutotezaga ati : «Aho kujya guhangana n'Inkotanyi ku rugamba, murimo kwica abana kandi nta kintu bazi, ntibigeze bakora politiki». Kubw'Urugereko, umugambi n'itegura ry'itsembabwoko ntibyakozwe n'Ingabo z'igihugu gusa, byanakozwe n'amashyaka ya politiki yibumbiye muri Hutu-Power, rikaba ryashyizwe mu bikorwa cyane cyane n'Abasiviri barimo abantu bitwara gisirikare bari bafite intwaro, yemwe n'abaturage basanzwe ; Abatutsi bariguyemo, abenshi ntibari abasirikari, harimo ibihumbi by'abagore n'abana, ndetse n'inda zitaravuka. Kuba iryo tsembabwoko ryarabaye ingabo z'igihugu zihanganye na FPR, ntibishobora na busa kuribera impamvu nyoroshyacyaha.

129. Kubera ko ari uko ibintu byifashe, Urugereko rusanga ko kuba itsembabwoko ryarakozwe koko mu Rwanda mu w'i 1994, ndetse ku buryo bwihariye i Taba, bitarubuza guca urubanza rutabogamye. Urugereko rugomba gusa gusuzuma uruhare Ushinjwa yagize ku giti cye mu byaha ashinjwa, harimo n'icyaha cy'itsembabwoko Ubushinjacyaha bugomba gutangira ibimenyetso61. N'ubwo ntawe ushidikanya ku bugome ubwicanyi bwakoranywe mu Rwanda mu w'i 1994, abacamanza bo bagomba gusuzuma ibikorwa bagejejweho nta marangamutima kandi bakazirikana ko umuntu afatwa nk'umwere igihe cyose atarahamwa n'icyaha. Koko rero, uburemere bw'ibirego butuma birushaho kuba ngombwa gusuzumana ubwitonzi ingingo zose z'ababurana mu rwego rw'urubanza rutarenganya kandi rwubahiriza uburenganzira bw'Ushinjwa.

---

52 Reba inyomoza ry'umutangabuhamya Dr. Zachariah ryakozwe n'umwe mu bunganira uregwa.

53 Amasezerano yerekeye ikumira n'ihana ry'icyaha cy'itsembabwoko yemejwe n'Inama rusange y'Umuryango w'Abibumbye kuwa 9 Ukuboza 1948.

54. Reba ibyavuzwe hejuru mu mutwe werekeye amateka y'u Rwanda, amagambo yitiriwe Lehu Mugesera mu nama ya MRND yo mu Gushyingo 1992. Muri iyo nama, yavuze ko Abatutsi baba baraturutse muri Etiyopiya, ko bamaze kwicwa, imirambo yabo igomba kujugunywa mu masoko y'uruzi rwa Nili ari mu Rwanda ku buryo basubira iyo baba baraturutse.

55 Nkuko umutangabuhamya P.P abivuga mu magambo y'ikinyarwanda: "iyo inzoka yiziritse ku gisabo, nta kundi bigenda, barakimena."

56 Niba muri rusange ubwoko ari igice cy'abantu bavuga ururimi rumwe kandi/cyangwa bafite umuco umwe, kubirebana n'Abahutu n'Abatutsi bavuga ururimi rumwe kandi bafite umuco umwe, biraruhije kubitirira ubwoko ubu n'ubu. Nyamara uko ibintu byari biteye icyo gihe ukurikije itandukanyirizo ryakozwe n'Abakoloni n'abategetsi ndetse n'abaturage ubwabo bafataga Abahutu n'Abatutsi nk'aho bagize ubwoko butandukanye kandi indangamuntu zabo zandikwagamo ubwoko bwabo. Urugereko ruragaruka kuri icyo kibazo mu myanzuro yarwo iri mu Mutwe wa 7 w'Urubanza.

57 Nyamara kandi Abatutsi sibo bonyine bibasiwe n'ubwicanyi, Abahutu benshi nabo barishwe, ariko ntibicwa kubera ko bari Abahutu ahubwo kubera impamvu runaka nk'abashyigikiye Abatutsi.

58 Kuri icyo kibazo, mu mirimo ibanziriza amasezerano ku itsembabwoko, uhagarariye igihugu cya Yugosilaviya yari yavuze ko, ku birebana n'itsembabwoko Abanazi bakoreye Abayahudi, ibyaha byabimburiwe n'itegurwa n'ishishikariza ry'imbaga y'abantu itsembabwoko hakoreshejwe imvugo zakwirakwijwe muri poropagandi yangombwa hakoreshejejwe kandi n'imari yatanzwe n'abantu banyuranye mu gukwirakwiza iyo

poropagandi. Reba inyandiko-mvugo z'Akanama ka 6 k'Inama rusange yo kuwa 21 Nzeri kugeza kuwa 10 Ukuboza 1998. Inyandiko zemewe z'Inama rusange.

59 Reba Raporo y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu ku butumwa bwayo mu Rwanda ku Matariki ya 11, iya 12 Gicurasi 1994, iri mu mugereka w'inyandiko yiswe "The United Nations and Rwanda, 1993-1996, Département de l'Information, Organisation des Nations Unies, New York, 1996, urupapuro rwa 287".

60 Reba inyandiko-mvugo y'iburanisha ryo kuwa 12 Werurwe 1998, urupapuro rw'i 152.

61 K'ubw'Urugereko, birumvikana ko ushinjwa ashobora guhanagurwaho icyaha cy'itsembabwoko n'ubwo byaba byaragaragaye ko itsembabwoko ryabayeho koko; birashoboka kandi ko, n'ahandi ryaba ryarebereye hatari mu Rwanda, umuntu ashobora guhamwa n'icyaha cy'itsembabwoko bitabaye ngombwa ko hagaragazwa ko itsembabwoko ryabereye k'ubutaka bwose bw'icyo gihugu.

## 4. IBIMENYETSO

130. Urugereko rurasuzuma ibibazo bimwe bifite akamaro muri rusange birebana n'itangwa ry'ibimenyetso. Ibyo bibazo bikaba byarabyukijwe n'Ababuranyi mu rubanza igihe batangaga ingingo z'ibyo bimenyetso. Ni nk'isuzuma ry'ingingo z'ibimenyetso, ingaruka ry'ihahamuka ku batangabuhamya, gusemura uvana mu kinyarwanda ushyira mu gifaransa no mu cyongereza n'izerekeye umuco zishobora gutuma ingingo z'ibimenyetso byatanzwe zitumvikana.

### Ihabwagaciro ry'ingingo z'ibimenyetso

131. Mu guha agaciro ingingo z'ibimenyetso, hakurikijwe ihame rusange, Urugereko rwahaye agaciro buri buhamya na buri gihamya ukwacyo rukurikije ukwizerwa, n'akamaro kabyo, ku bivugwa mu rubanza. Hakurikijwe amategeko menshi ahana, Urugereko rwasuzumye ibirego uregwa ashinjwa rushingiye ku buhamya na gihamya rwashyikirijwe n'ababuranyi bombi kugira ngo rushyigikire cyangwa rwange ibikubiye mu Nyandiko y'ibirego. Mu gushakashakisha ukuri, Urugereko, mu cyemezo cyarwo, rwashingiye ku bimenyetso bidashobora guhakanywa no ku zindi ngingo zifiteye akamaro imikirize y'urubanza nk'amategekoshingiro yerekeye ishyirwaho n'ububasha bw'Urukiko n'ubwo ababuranyi bombi batayatanze ku mugaragaro ngo ashyirwe muri dosiye. Urugereko ruributsa ko Sitati y'Urukiko itarutegeka gukurikiza umuryango remezo w'amategeko uyu n'uyu kandi ko rutagomba kugendera ku mategeko y'igihugu iki n'iki yerekeranye n'itangwa ry'ibimenyetso. Hakurikijwe ingingo ya 89 y'Amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso, Urugereko rwakurikije amategeko y'itangwa ry'ibimenyetso rwabonaga yarufasha guca urubanza ntakarengane kandi ku buryo bujyanye na Sitati n'amahame rusange y'amategeko.

### *Unus testis, nullus testis (Nta mugabo umwe)*

132. Mu gushyigikira ingingo zimwe zivugwa mu Nyandiko y'ibirego, Urugereko rwasanze rwarashyikirijwe ubuhamya bw'umugabo umwe, noneho havuka ikibazo cyo kumenya niba imvugo izwi cyane mu miryango remezo y'amategeko nshinjabyaha akomoka ku baromani n'abanyaburayi, ariyo *Unus testis, nullus testis* (Nta mugabo umwe) yakurikizwa. Iyo mvugo isobanura ko kugira ngo ubuhamya bw'umugabo umwe bushobore kwemerwa, bugomba kugira ikindi kibushyigikira.

133. Rutagiye mu mpaka zerekeye ikurikizwa ry'itegeko rigenga ishyigikirana ry'ibimenyetso muri uru rubanza, Urugereko rwongeye kwibutsa ko, mw'iburanisha, rugengwa gusa na Sitati n'Amategeko y'Urukiko, kandi ko, nk'uko byibutswa n'igika (A) cy'ingingo ya 89, rutagomba kugendera ku mategeko y'igihugu iki n'iki agenga itangwa

ry'ibimenyetso. Mu itangwa ry'ibimenyetso, Urugereko rukurikiza gusa, birumvikana, amategeko n'amabwiriza yarwo bwite harimo n'ingingo ya 89 y'Amategeko, ihame rusange ryemera nk'ikimenyetso ikintu cyose cyarugirira akamaro keretse igihe icyo kimenyetso cyaba kidahagije na busa kugira ngo habeho urubanza rutabogamye.

134. Imiterere y'ishyigikiranwa ry'ibimenyetso isabwa n'Urugereko ivugwa gusa ku buryo butaziguye mu ngingo ya 96 (i) y'Amategeko. Iyi ngingo ikoreshwa gusa mu buhamya bw'umuntu wagiriwe ubugizi bwa nabi bwerekeye igitsina, iteganya ko ishyigikirana ry'ibimenyetso atari ngombwa. Mu rubanza rwa Tadic rwaciwe n'Urukiko nshinjacyaha mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosalaviya, Urugereko rwa mbere rw'iremezo rwasobanuye ko iyo nyungiriza gika yatumaga ubuhamya bw'umuntu wagiriwe ubugizi bwa nabi bwerekeye igitsina bwemerwa ubwabwo kimwe n'ubw'abandi bakorewe ibyaha ; iyo ngingo ikaba yaranzwe kuva kera ku bakorewe ubugizi bwa nabi bwerekeye igitsina mu mategeko ya *Common Law ;* Urugereko rusanga rero iyo myumvire idahagije kugira ngo hafatwe ko mu bindi byaha bitari ibyerekeye igitsina, iryo shyigikirana ry'ibimenyetso ari ngombwa. Kandi koko, byagombaga kumvikana ukundi62.

135. Urugereko rushobora rero kwakira ubuhamya bw'umuntu umwe rukumbi iyo rusanze burubifitiye akamaro kandi bukwiriye kwizerwa.

136. Urugereko, rukurikije ingingo ya 89, rwasanze rushobora kwakira ikimenyetso cyose rusanze gifite akamaro n'agaciro, keretse igihe ako gaciro kari munsi cyane y'ibisabwa n'urubanza rutabogamye. Urugereko rusanga ubuhamya butangwa n'abantu batahagaze ku byabaye butakwigizwayo kubera ibyo gusa, rukaba rero, mu bwitonzi, ruha agaciro buri kimenyetso nk'icyo ukwacyo, hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 89.

**Imvugo z'abagabo**

137. Mu iburanisha ry'uru rubanza, Ubushinjacyaha n'Ubwunganizi, mu bibazo binyomoza, bagendeye ku byavuzwe n'abagabo mbere y'iburanisha ry'urubanza kugira ngo bategure ibaza rinyomoza. Urugereko rwasabye ko ibimenyetso byose byatanzwe kuri ubwo buryo bwitabajwe mu iburanisha ry'uru rubanza, bishyirwa muri dosiye63. Inshuro nyinshi, Ubwunganizi byagaragaje ibintu binyuranye kandi bitajyanye mu mvugo z'abagabo mbere yuko urubanza rutangira no mu rubanza. Urugereko rusanga izo mvugo zarabaye mu biganiro abashinzwe iperereza bo mu biro bya Porokireri bagiranye n'abagabo. Ibyo biganiro ahanini byabaye mu rurimi rw'Ikinyarwanda, kandi Urugereko ntirwiboneye inyandikomvugo z'imyimerere z'ibyo biganiro mbere y'uko zihindurwa. Kubera iyo mpamvu, Urugereko ntirwashoboye gusuzuma kamere n'imiterere by'ibibazo byabajijwe abagabo ; ntirwashoboye kandi no gusuzuma niba inyandiko y'umwimerere ihuye n'iyahinduwe mu rundi rurimi icyo gihe. Urugereko rwasuzumye kandi ibyo bintu binyuranye kandi bitajyanye hagati y'izo mvugo n'ubuhamya bw'abagabo batangiye mu rukiko ruzirikana igihe kiri hagati y'izo mvugo n'ubuhamya kugira ngo ukuri kugaragare ; ruzirikana ingorane zo kwibuka neza ibintu byose byabaye nyuma y'igihe kirekire nk'icyo, kimwe n'ibibazo byo guhindura mu zindi ndimi n'uko abatangabuhamya benshi batazi gusoma no kwandika, kandi bakavuga ko batashoboye kwisomera inyandiko y'ibyo bavuze. Ikindi kandi ni uko izo mvugo zitakozwe hejuru y'indahiro, imbere y'ubishinzwe kandi ubifitiye ububasha. Kubera iyo mpamvu, agaciro kazo, uko Urugereko rubibona, kaba kagabanutse cyane ukagereranyije nak'ubuhamya butangwa mu rukiko hejuru y'indahiro, binakubitiyeho ko buba bwaranyomojwe kugirango ukuri kugaragare.

**Ubuhamya bw'ikinyoma**

138. Ingingo ya 91 y'Amategeko (Ubuhamya bw'ikinyoma hejuru y'indahiro), iteganya ko igihe Urugereko rufite impamvu zigaragara zituma rwemera ko umutangabuhamya yatanze ubuhamya bw'ikinyoma abizi kandi abishaka, rushobora gusaba ko icyo kibazo gisuzumwa kugira ngo abe yakurikiranwa. Nk'uko Urugereko rwabyibukije mu Cyemezo cyarwo rwafashe ku cyifuzo cy'uwunganira uregwa kugira ngo Porokireri asabwe gukora anketi ku buhamya bw'ikinyoma bwatanzwe n'umwe mu bagabo64, ingingo ya 91(B) iteganya ko :

> Iyo Urugereko rufite impamvu zihagije zituma rwemera ko umugabo yatanze ubuhamya bw'ikinyoma abizi kandi abishaka, rusaba Porokireri gusuzuma icyo kibazo kugira ngo ategure kandi atange Inyandiko y'ibirego yerekeye ubwo buhamya;
>
> Cyangwa, rubisabwe n'umwe mu baburanyi, rusaba Porokireri gusuzuma icyo kibazo kugira ngo ategure kandi atange Inyandiko y'ibirego yerekeye ubwo buhamya. Muri icyo gihe uwabisabye niwe usobanurira Urugereko ko hari impamvu zihagije zituma rwemeza ko umugabo yatanze ubuhamya bw'ikinyoma abizi kandi abishaka.

139. Urugereko rwemeza ko umuburanyi ubyukije ikibazo cy'ubuhamya bw'ikinyoma agomba kugaragaza ubwe icyo kinyoma, kugaragaza ko izo mvugo zari zigamije kugira nabi, cyangwa se ko umutangabuhamya yari azi neza ko abeshya kandi ko yari azi nibura ingaruka izo mvugo zishobora kugira ku cyemezo cy'umucamanza. Urugereko rwasanze icyemangwa ry'ukwizerwa kwagirirwa imvugo z'umugabo w'Ubushinjacyaha riturutse k'ubwunganizi ridahagije kugira ngo bigaragare ko uwo mugabo yatanze ubuhamya bw'ikinyoma abizi kandi abishaka. Isuzuma ry'ukwizerwa k'ubuhamya rikorwa gusa igihe cy'icyemezo cya nyuma gifatwa ku rubanza.

140. Abenshi mu batangabuhamya bitabye Urugereko bari abantu biboneye n'amaso yabo cyangwa biyumviye ubwabo ibyo bahamyaga. Ubuhamya bwabo bwari bushingiye ku bikorwa bifitanye isano n'ibyaha bikubiye mu Nyandiko y'ibirego. Muri uru rubanza, Urugereko rwasanze hari ibintu bimeze nk'ibivuguruzanya cyangwa nk'ibinyuranyije n'ukuri hagati y'ubuhamya bwatanzwe hejuru y'indahiro mu rukiko n'ibyo abo bagabo babwiye mbere Porokireri cyangwa ubwunganizi. Ibyo ari byo byose, ibyo ntibihagije kugira ngo umuntu yemeze ko abo bagabo batanze ubuhamya bw'ikinyoma muri uru rubanza. Koko rero, akenshi ubuhamya burakemangwa kubera uko ubutanga ashobora kwibeshya kubera kamere yabwo kubera ko mbere na mbere umutangabuhamya agomba cyane cyane gukoresha, akaniyibutsa ibyo yabonye, ibintu bibiri bikunze gutenguha ubyitabaje, akaba ariyo mpamvu ubuhamya bukunze kunengwa. Bityo ubuhamya bukaba akenshi butagaragaza ukuri ku byabaye k'umutangabuhamya. Ariko rero guhita umuntu avuga ko habaye ubuhamya bw'ikinyoma agendeye ku bintu bivuguruzanya kandi binyuranyije n'ukuri bitewe n'iyo kamere, byaba nko kuvuga ko umuntu agomba guhanirwa intege nke mu bushobozi bwe bwo kubona ibintu. Ikindi kandi ni uko ibyo bintu bivuguruzanya kandi binyuranyije n'ukuri hagati y'ibyo abagabo bavuze kera n'ubuhamya bwabo batanze mu rukiko biterwa na none n'igihe kinini kiri hagati y'ibyo bihe byombi. Ubushiramazinda busazana n'igihe. Ntibyaba rero bihwitse kandi biri mu kuri ko Urugereko rwiyibagiza ibi byose ngo rufate amazinda ho ubuhamya bw'ikinyoma. Ubuhamya bw'ikinyoma ntibushingira ku binyuranyije n'ukuri ahubwo bushingiye ku mugambi wo kutavugisha ukuri ubishaka.

141. Iyo Urugereko rugira impamvu zituma rwemera ko umugabo yatanze ubuhamya bw'ikinyoma abizi kandi abishaka, agamije kuyobya ubucamanza, ingingo ya 91 y'Amategeko yari gukurikizwa.

**Ingaruka y'ihahamuka k'ubuhamya bw'abagabo**

142. Abagabo benshi batanze ubuhamya imbere y'Urugereko muri uru rubanza biboneye amarorerwa yakorewe abo mu miryango yabo, inshuti zabo z'amagara na cyangwa bakorewe ubwabo. Ihahamuka batewe n'ayo marorerwa yabereye mu Rwanda ryateye Urugereko ikibazo giteye inkeke. Gusubiramo ibintu nk'ibyo bitera ihahamuka bishobora kubyutsa ubwoba n'akababaro umugabo yagize, bityo akaba yashobora gusubiramo uko byagenze mu rukiko. Urugereko rwahaye agaciro ubuhamya bw'abagabo rukurikije ibimaze kuvugwa.

143. Urugereko ntirushobora kwiyibagiza ko abagabo bamwe, niba atari bose, baba barahuye nyuma n'ibibazo b'ihahamuka bikomeye cyangwa by'inkenke y'ubumenyeshamyifatire zikomeye, rukaba rero, kubera iyo mpanvu, rwarasuzumye rwitonze ubuhamya bw'abagabo, ari abashinja cyangwa abashinjura. Urugereko rero rwahaye agaciro ibivuguruzanya cyangwa ibidasobanutse neza mu buhamya bwabo ruhereye kuri izo ngingo, ku miterere yihariye y'umuntu ku giti cye n'amarorerwa yabonye cyangwa yakorewe. N'ubwo yashyiriweho cyane cyane kugabanya ingaruka mbi zishobora kuba ku bagabo bemeye gutanga ubuhamya imbere y'Urukiko, gahunda n'ibyemezo byafashwe n'Urugereko mu gihe cy'iburanisha byo kwita ku batangabuhamya byababagabanyirije, nta gushidikanya, inkeke y'ubumenyeshamyifatire abo bagabo bagize. Koroshya ingorane abo batangabuhamya bashoboraga guhura nazo mu Rwanda, kubuza itangazwa ry'imyirondoro yabo mu itangazamakuru no muri rubanda, kubacumbikira mu ibanga igihe cyose bari ku cyicaro cy'Urukiko ahantu harinzwe bashobora kuvurwa indwara zisanzwe n'izo mu mutwe, ibyo aribyo byose, ni ingamba zijyana n'iyo gahunda.

144. Urugereko rwashimiye buri mugabo watanze ubuhamya mu rukiko kandi, mu rubanza, rurashimira abarokotse imbaraga n'ubutwari bavuganye ingorane zitera ihahamuka zababayeho, rimwe na rimwe byagiye bibibutsa akababaro gakomeye bahuye nako. Ubuhamya bwabo bwagiriye Urugereko akamaro katagira ingano mu gushakisha ukuri ku byabereye muri komini Taba mu w'i 1994.

**Gusemura uvana mu kinyarwanda ujyana mu ndimi z'Igifaransa n'Icyongereza**

145. Muri uru rubanza, abatangabuhamya benshi bakoresheje ururimi rw'ikinyarwanda. Urugereko rusanga guhindura ubuhamya bwatanzwe mu magambo buva mu kinyawanda bushyirwa muri rumwe mu ndimi zikoreshwa n'Urukiko bitaroroshye cyane cyane kubera ko iyiganteruro n'imvugo isanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda ari insobe kandi biruhije kubishyira mu gifaransa cyangwa mu cyongereza. Izo ngorane zagize ingaruka ku biganiro abakoze iperereza bagiranye n'abagabo aho babasanze mbere y'urubanza, no ku isemura ry'ibazwa ry'ingenzi n'ibazwa rinyomoza mu rubanza. Mu rukiko, ubuhamya bwinshi bwatanzwe mu rurimi rw'ikinyarwanda, bubanza gusemurwa mu Gifaransa mbere yo gushyirwa mu Cyongereza. Iyo mikorere yashobora kubyara amakosa mu gusemura mu rurimi rw'icyongereza amagambo yavuzwe mu ntangiriro mu kinyarwanda. Niyo mpamvu igihe inyandikomvugo zo mu cyongereza n'izo mu gifaransa zabaga zitandukanye, Urugereko rwagenderaga ku nyandikomvugo yanditse mu gifaransa. Rimwe na rimwe, iyo Urugereko rwasangaga amagambo yavuzwe ari kamara kugira ngo rubone uko rufata icyemezo ari ku byabaye cyangwa se ku byerekeye amategeko, amagambo yakoreshejwe yandukuwe mu rubanza uko ari mu kinyarwanda, ururimi rw'umwimerere.

146. Amagambo *Inkotanyi*, *inyenzi*, *icyitso/ibyitso*, *Interahamwe* n'udutsiko tw'amagambo twakoreshejwe mu Kinyarwanda ku ijambo «viol» (gusambanya ku gahato) bisobanuwe mu buryo bwihariye mu bika bikurikira kubera akamaro bifitiye imyanzuro y'Urugereko. Kugira ngo rubigereho, Urugereko rwashingiye cyane cyane ku buhamya bwa Matiyasi Ruzindana,

umutangabuhamya w'impuguke mu buhanga bw'indimi. Urugereko rurasanga imikoreshereze n'ibisobanuro by'ayo magambo n'udutsiko tw'amagambo mu interamvugo yihariye bigomba kumvikana muri ubwo buryo.

147. Inkomoko y'ijambo *Inkotanyi* iri mu kinyejana cya 19; icyo gihe, iryo jambo ryavugaga umwe mu mitwe y'ingabo z'umwami w'u Rwanda witwaga Rwabugiri. Nta kintu na kimwe kigaragariza ko uwo mutwe wari ugizwe n'ubwoko bumwe. Bwana Ruzindana yavuze ko izina *Inkotanyi* ryakoreshwaga n'ishema ryinshi n'izo ngabo. Igihe intambara yadukaga hagati ya FPR na Guverinoma y'u Rwanda, abasirikare ba FPR bitwaga *Inkotanyi*. Kubera ibyo, Urugereko rusanga igisobanuro cya mbere cy'ijambo *Inkotanyi* kiganisha ku ngabo za FPR. Agendeye ku isesengura ry'ibinyamakuru byinshi byo mu Rwanda n'utubikamajwi twa RTLM, agendeye kandi ku byo yiyiziye ubwe kuri iriya mirwano, Ruzindana asanga ijambo *Inkotanyi* ryari rifite n'ibindi bisobanuro, nko kuba wemera cyangwa ushyigikiye FPR cyangwa uri umwe mu bagize ubwoko b'abatutsi.

148. Mu mvugo isanzwe, ijambo *Inyenzi* rivuga «cafard» mu gifaransa. Ibindi bisobanuro byaryo bikomoka ku mateka y'u Rwanda. Mu mpindura matwara yo mu w'i 1959, impunzi, cyane cyane z'Abatutsi zahunze igihugu. Muri za 60 (1960), zimwe muri izo mpunzi zagabye ibiteroshuma mu Rwanda, zikinjira mu gihugu, kandi zikagisohokamo zitwikiriye ijoro, bwacya zikabura, ibyo bitero bikibutsa imyifatire y'inyenzi, ni nayo mpanvu abo bateraga biswe *inyenz*i. Igihe ingabo za FPR zagabaga ibitero mu Rwanda mu ntangiriro ya za 90, bagereranije na none inyeshyamba z'impunzi z'Abatutsi n'inyenzi. *Inyenzi* zo mu w'i 1990 zafashwe nk'abana b'*Inyenzi* zo muri 60. Ikinyamakuru Kangura cyanditse mu mirongo yacyo : «Inyenzi ibyara inyenzi, ntibyara ikinyugunyugu». Indi nyandiko y'icyo kinyamakuru yo yatangiye mu buryo bugaragara «intambara iri hagati yacu n'*Inyenz*i-*Inkotanyi* imaze igihe kirekire cyane. Igihe kirageze ko tuvugisha ukuri. Ikibazo cy'u Rwanda ni uko intambara turimo ubu ari ntambara iri hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Iyi ntambara ntitangiye ubu. Ni intambara ishaje, ni intambara ya kera65».

149. Aho ijambo *Inkotany*i ritaniye n'ijambo *Inyenzi* ni uko ijambo *Inyenzi* ryo rivuga ikintu kibi, ndetse rimwe na rimwe rikaba igitutsi. «Hari agatsiko k'Abatutsi b'intagondwa kiyita Inkotanyi, kandi ari Inyenzi». Nk'ibyo byavugiwe kuri radiyo RTLM, tariki ya 20 Mata 1994. Lehu Mugesera, muri disikuru ye yo kuwa 22 Ugushyingo 1992 yaravuze ati: «Ntimubite Inkotanyi. Ni Inyenzi kabuhariwe». Ijambo *Inyenz*i ryakoreshwaga cyane n'itangazamakuru ry'intagondwa n'abangaga kwemera Amasezerano y'amahoro ya Arusha n'abashakaga gutsembatsemba Abatutsi bose cyangwa igice cyabo. Nk'uko Ruzindana abivuga, ibyo umuntu yabyumvaga kenshi mu biganiro bya RTLM, radiyo yarwanyaga Abatutsi cyane66.

150. Ijambo *Icyitso* cyangwa *Ibyitso* mu bwinshi rikoreshwa mu Kinyarwanda kuva kera cyane. Ni ijambo risanzwe rivuga «complice» mu gifaransa. Mu mateka y'u Rwanda rwa kera, umwami washakaga gutera igihugu gituranye n'icye, yoherezagayo intasi, zigashaka abazifasha bazwi ku izina ry'*Ibyitso*. Mu Rwanda iryo jambo ni igisebyo. Ntiryagombaga gufatwa nk'aho ari «partisan» mu gifaransa, ijambo rishobora kuba igisebyo cyangwa ikintu cyiza; ahubwo ryagombaga gufatwa nka «collaborateur» mu gifaransa. Igisobanuro cy'iryo jambo cyafashe indi ntera guhera mu w'i 1991, ntiryavuga gusa «abafasha», ahubwo kiza no gukoreshwa ku batutsi bose. Umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru Kangura yavuze mu w'i 1993 ko «igihe intambara yatangiraga, Abahutu bitaga Abatutsi Ibyitso ku mugaragaro, cyangwa se bakabita gutyo mu buryo buziguye[176]».

151. *Interahamwe* ni ijambo rigizwe n'amagambo abiri, *intera* na *hamwe*. Intera ikomoka ku inshinga «gutera» isobanura kugaba igitero no gukora. Byagaragaye ko mu w'i 1994, uretse igisobanuro cyo gukora cyangwa kugaba igitero, inshinga «gutera» yashoboraga no kuvuga kwica. Hamwe bivuga «ensemble». Niyo mpamvu Interahamwe bishobora kuvuga kugaba igitero cyangwa gukorera hamwe, no kwicira hamwe, biturutse ku nteramvugo. Interahamwe zari kandi urubyiruko rw'ishyaka MRND. Mu ntambara, iryo jambo ryasobanuraga kandi umuntu uwari we wese ufite ibitekerezo birwanya Abatutsi, wo mu ishyaka iryo ariryo ryose, wafatanyaga n'urubyiruko rwa MRND.

152. Amagambo *gusambanya*, *kurongora*, *kuryaman*a no *gufata ku ngufu* yagiye akoreshwa n'abatangabuhamya uko babonye, agahindurwa n'abasemuzi bakoresheje ijambo «viol» mu gifaransa. Urugereko rwasobanuje abasemuzi barwo bemewe kugira ngo barusobanurire neza icyo ayo magambo avuga. Ijambo *gusambanya* rivuga «amener (une personne) à commettre l'adultère ou la fornication» mu gifaransa. Ijambo *kurongora* rivuga «avoir des rapports sexuels avec une femme» mu gifaransa. Iryo jambo ni icyo rivuga, umugore yaba yarashatse cyangwa atarashatse, yemeye cyangwa atemeye. Ijambo *kuryamana* rivuga «partager un lit» cyangwa «avoir des rapports sexuels» mu gifaransa, bikurikije interamvugo. Iryo jambo ryibutsa imvugo isanzwe mu ndimi z'igifaransa n'icyongereza «coucher avec». Amagambo *gufata ku ngufu* bisobanura «prendre (quoi que ce soit) par la force» na «violer».

153. Ni ngombwa kumenya interamvugo ayo magambo yakoreshejwemo kugira ngo umuntu yumve icyo asobanura, abone n'uko ayahindura mu zindi ndimi. Igisobanuro gitangwa n'inkoranya ku ijambo «*kurongora*[68]», aririyo jambo risanzwe rikoreshwa iyo bavuga imibonano mpuzabitsina, giherekejwe n'urugero rw'ukuntu iryo jambo rikoreshwa mu nteruro «Mukantwali yahuye n'abasore batatu baramwambura baramurongora», yahinduwe mu Gifaransa n'inkoranya kuri ubu buryo: «Mukantwali a rencontré trois jeunes gens qui l'ont dévalisée et violée».

154. Urugereko rusanga ko hari ubwo Ushinjwa atemeye uko imvugo y'umugabo JJ yasemuwe muri ubu buryo («Batangira kujya kubafata ku ngufu ababakoresha ibyo bashaka») byahinduwe ku buryo bukurikira: «Ils ont commencé à les violer». Hagaragajwe neza ko umugabo yavuze ko «ils ont abusé d'elles». Urugereko rusanga muri urwo rugero rutanzwe, amagambo yakoreshejwe *kubafata ku ngufu* ari yo, muri ariya magambo ane yavuzwe mu gika kibanza, asobanura neza igitekerezo, cyo gukoresha ingufu. Rumaze gusuzuma ijambo ku rindi ibyerekeranye na «viol» riri mu nyandikomvugo z'iburanisha kandi rubifashijwemo n'abasemuzi bemewe, Urugereko rwasanze ariya magambo yavuzwe mu Kinyarwanda yarahinduwe neza mu zindi ndimi.

**Ingaruka z'umuco ku buhamya**

155. Bwana Matiyasi Ruzindana yagaragaje ko Abanyarwanda benshi bafite umuco nyakanwa, umuntu akavuga ibyabaye nk'uko abyumva, yaba yarabyiboneye ubwe cyangwa yarabibwiwe n'undi. Kubera ko abantu bake ari bo bari bazi gusoma no kwandika cyangwa bafite radiyo, amakuru menshi yasakazwaga n'ibinyamakuru mu w'i 1994 yagiye agera ku bantu benshi ahererekanyijwe mu magambo, ku buryo, byanze bikunze, ayo makuru yagiye ahindaguruka buri gihe. Ku byerekeye ibyabereye i Taba, Urugereko rwasanze mu buryo bumwe n'ibimaze kuvugwa, ibazwa ryashoboye kwerekana rimwe na rimwe, ko ibyo abatangabuhamya bavugaga ko biboneye ubwabo n'amaso yabo, byari mu by'ukuri ibintu babwiwe n'abandi. Dr. Ruzindana yasobanuye ko ibyo ari ibintu bisanzwe mu muco nyarwanda, ariko ko Abanyarwanda ari abantu nk'abandi, ko abagabo bashoboraga

gutandukanya ibyo biboneye ubwabo n'ibyo bumvanye abandi. Urugereko rwagerageje gutandukanya ibyo bintu bibiri muri uru rubanza.

156. Dr. Ruzindana yanavuze kandi ko ikindi umuco nyarwanda wihariye ari uko Abanyarwanda badasubiza iteka ikibazo ku buryo butaziguye, cyane cyane igihe ari ikibazo kigomba kwitonderwa. Icyo gihe, kugira ngo umumtu yumve ibivuzwe, ni ngombwa akenshi gufindura icyo uvuga ashaka kuvuga. Kugira ngo ibyo bishoboke, umuntu agomba kumenya interamvugo y'ikiganiro, imvugo yihariye y'agace akomokamo, uwo ari we ndetse n'uwo abwira, kamere y'isano iri hagati yabo ndetse n'icyo baganiraho. Urugereko rwarabyiboneye muri uru rubanza. Urugero: Iyo babazwaga igisobanuro gisanzwe cy'ijambo *Inyenzi*, abatangabuhamya benshi ntibahitaga basubiza, cyangwa se ntibashakaga kuvuga ko ari «cafard» n'ubwo Urugereko rwiboneye, mu mpaka zagiwe imbere yarwo ko Umunyarwanda wese azi icyo ijambo inyenzi rivuga. Ibibazo abagabo bahuye nabyo byo kudasobanura neza aMatariki, amasaha, intera n'ahantu, Urugereko rwasanze biterwa ahanini n'imiterere y'umuco nyarwanda. Urugereko kandi rusanga abatangabuhamya batamenyereye amakarita, ifilimi n'ibindi bishushanyo byerekana ahantu. Ariko nubwo ariko ibintu byifashe, Urugereko ntirwafashe imyanzuro yo kutizera ubuhamya bw'abo bagabo kubera gusa ko bifashe cyangwa ngo ni uko bari bashubije rimwe na rimwe mu buryo buziguye.

---

62 Reba Urubanza rwa Tadic rwo kuwa 7 Gicurasi 1997, ibika kuva ku cya 535 kugeza ku cya 539.

63 Reba ibyavuzwe haruguru, kwibutsa imiburanishirize.

64 Ibyavuzwe haruguru, kwibutsa Imiburanishirize igika cya 12

65 Nº 10, urupapuro rwa 10, 1993.

66 Nk'uko M. Ruzindana abivuga, RTLM yakwizaga amakuru ajya kuba ay'intagondwa kandi yuzuye ibitutsi. Urugero : Dore, muzamenye abo muzica, kubera ko muzareba amazuru yabo...Turareba amazuru yabo maze tumenye abo tuzica!

67 Numero 45, urupapuro rwa 3 Nyakanga 1993

68 Inkoranya Kinyarwanda. Igifaransa ya Institut National de Recherche Scientifique (trois tomes). Edition abrégée et adaptée par Irenée JACOP

## 5.IMYANZURO KU BYABAYE

### 5.1 Ibirego muri rusange (Ibika bya 5 – 11 by'Inyandiko y' ibirego)

### Ibirego byatanzwe

157. Interuro y'ibika kuva kucya 5 kugera kucya 11 by'Inyandiko y'ibirego yitwa "Ibirego muri rusange." Ibyo birego bigizwe ahanini n'uruvange rw'ibyabaye n'ingingo z'amategeko zerekeranye n'ibigize muri rusange icyaha cy'itsembabwoko, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikeremwamuntu, ibyaha bivugwa mu ngingo ya 2, iya 3 n'iya 4 za Sitati y'Urukiko kandi bishinjwa Uregwa. Abagabo benshi batanze ubuhamya imbere y'Urugereko, kugira ngo basobanure amateka y'ibyabaye kandi berekane muri rusange uko ibintu byari bimeze mu Rwanda mu mwaka w'i 1994 na mbere yawo. Urugereko rwifashishije cyane ibyavuzwe n'abatangabuhamya bakurikira: Dr. Ronie Zachariah, Madamu Lindsey Wilson, Bwana Simon Cox, Dr. Allison Desforges, wari umutangabuhamya w'impuguke, na Jenerali Romeo Dallaire, wategekaga ingabo za MINUAR mu gihe ibyaha Uregwa ashinjwa byakorwaga. Urugereko kandi rwifashije raporo

z'Umuryango w'Abibumbye, rukaba rwarahise rusuzuma ibikubiyemo, kugira ngo rushobore gufata imyanzuro rusange ku byaha bivugwa mu bika bya 5-11 by'Inyandiko y'ibirego.

158. Dr. Zachariah, wari umukuru w'abaganga akaba n'umuhuzabikorwa hanze y'icyicaro w'umuryango w'Abaganga batagira umupaka (MSF) mu karere ka Butare, yavuze mu buhamya bwe ko yiboneye ukuntu ubwicanyi bwakorerwaga Abasiviri bwari bwasakaye hose hagati y'itariki ya 13 n'iya 24 Mata 1994. Yavuze ko yavuye i Butare ku itariki ya 13 Mata 1994 ajya i Gitarama, agemuriye imiti ibitaro by'i Gitarama byari byakiriye inkomere zabarirwaga hagati ya 40 na 50. Nk'uko n'abo bari kumwe baziboneye, Dr. Zachariah yavuze ko yatangiye kubona impunzi mu muhanda hasigaye kilometero 25 ngo agere i Gitarama. Izo mpunzi zaba zarababwiye ko Abasiviri bicirwaga kuri za bariyeri. Umushoferi wa Dr. Zachariah yasagariwe kuri imwe muri izo bariyeri n'umwe mu bari bayirinze amuziza ko yari umututsi kandi abatutsi barafashaga inyeshyamba za FPR. Uwo muganga yavuze ko bakigera ku bitaro i Gitarama basanze ibyo bitero byari byasakaye hose byaribasiraga Abasiviri b'abatutsi. Nyuma yaho Dr. Zachariah yiboneye ubwe ibitero byakorewe abaturage b'Abasiviri n'ukuntu bicwaga. Yavuze ko ku itariki ya 16 Mata 1994, yageze kuri kiliziya y'i Kibeho, ahiciwe, uko byagaragaraga, abatutsi bari hagati y'ibihumbi 2 n'ibihumbi 4; yageze ndetse n'i Butare ku itariki ya 17 Mata 1994, aho umututsi w'umurundi yiciwe kuri bariyeri azize inkoni. Muri ako karere kandi, umukozi we ushinzwe kugura ibikoresho yamubwiye ko yagiye abona kuri buri bariyeri yo ku muhanda Kigali-Butare intumbi ziri hagati y'eshanu n'icumi. Izo bariyeri zasaga nizirinzwe n'abasirikare n'Abasiviri bitwaje intwaro nyinshi kandi basinze. Nanone kandi Dr. Zachariah yavuze ko yiboneye ubwe, ku itariki ya 19 Mata, ku muhanda uva i Butare ujya i Burundi, ukuntu Abasiviri bicwaga mu midugudu, mu misozi hose no kuri za bariyeri zari ku mihanda. Yabivuze muri aya magambo:

> "Mu nzira yose aho naciye, ku misozi iriho abantu cyangwa ahandi hatuwe, twabonye abantu basohowe mu mazu yabo batemagurwa n'imipanga, ku buryo hari udusozi cyangwa uturundo tw'imirambo. Ibyo kandi twagiye tubibona kugera ku mupaka w'u Burundi" (ubuhamya bwo kuwa 16 Mutarama 1997, urupapuro 100).

159. Dr. Zachariah yavuze ko, uwo munsi, ku mupaka w'u Rwanda n'u Burundi, yabonye agatsiko k'abantu bari hagati ya 60 na 80 bahunga bagana ku mupaka w'u Burundi. Abo bantu bari bakurikiwe n'abagabo bitwaje imipanga. Avuga ko abo bantu bose bicishijwe imipanga mbere y'uko bagera ku mupaka. Yongeyeho kandi ko, mu kugaruka avuye ku mupaka w'u Burundi, ku itariki ya 21 Mata 1994, yaganiriye n'abantu bari biboneye ubwabo ubwicanyi bwakorewe mu nkambi z'i Saga muri Butare. Abo bantu bamumenyesheje ko abakozi b'abatutsi ba MSF bagera kuri 40 baguye muri ubwo bwicanyi. Dr. Zachariah yavuze kandi ko umuryango w'umushoferi we warimbuwe n'Interahamwe, ibyo bikaba byarabereye ku nkengero za Butare, kandi ko iyo nkuru yayibwiwe n'uwo mushoferi ubwe, wari warusimbutse. Dr. Zachariah yongeyeho ko yari i Butare ku itariki ya 22 Mata 1994, ni ukuvuga igihe umuryango wa Bwana Souphene wari waraye wishwe n'abasirikare barinda Perezida. Bwana Souphene yari Superefe wa Butare, akaba yari umuhutu utari intagondwa. Yanemeje ko uwo munsi yiboneye ubwicanyi bwakorewe abana kuri Hotel Pascal i Butare kimwe n'iyicwa ya za mirongo z'abarwayi n'abaforomokazi b'abatutsi ku bitaro by'i Butare. Muri abo bishwe harimo n'umuforomokazi w'umuhutu wari utwite inda y'umututsi, kubera ko umwana yari kuzabyara, byumvikana, yari kuba umututsi. Amaze kwiyemeza kuvana mu Rwanda abo bakoranaga, yageze ku mupaka w'u Burundi kuwa 24 Mata 1994. Yavuze ko ku muhanda ugana ku mupaka w'u Burundi no ku mupaka ubwawo, yagiye abona mu migezi yambutse imirambo y'abagabo, abagore n'abana, yaciwe ibice by'umubiri, itemba mu mazi.

Ngo ugereranyije, muri buri mugezi hatembaga imirambo itanu buri munota. Mu ibaza rinyomoza, yemeje ko, kubwe, ibitero "byari byarateguwe kandi biri kuri gahunda".

160. Lindsey Hilson, umutangazamakuru, we yavuze ko yari i Kigali kuva kuwa 7 Gashyantare 1994 kugeza hagati muri Mata 1994. Indege Perezida w'u Rwanda n'uw'u Burundi bapfiriyemo imaze gusandara, Lindsey ahamya ko yumvise abantu bavuga kandi ko nawe ubwe yiboneye ko ubwicanyi bwakurikiyeho bwibasiraga Abatutsi mu murwa mukuru. Hashize iminsi itatu iyo mpanuka y'indege ibaye, Madamu Hilson yazengurutse umujyi wa Kigali ari kumwe na bamwe mu bakozi b'imiryango y'ubutabazi. Yabonye abantu bishwe, bafite ibikomere by'imipanga n'amasasu. Ku bitaro bikuru bya Kigali, nk'uko abyivugira "hari hateye ubwoba burenze kamere". Inkomere z'abagabo, abagore n'abana z'ibyiciro by'imyaka yose zari zuzuye mu byumba ; imiferege yo kuri ibyo bitaro yari "yatukujwe n'inkaba y'amaraso". Mu buruhukiro, Madamu Hilson yahabonye "ikirundo k'imirambo", ifite ibikomere, icagaguye, itemaguye, imitwe yayo ihombaye. Imirambo myinshi yambaye ubusa, abagabo cyangwa abagore". Yavuze ko agereranyije, icyo kirundo cyari hanze y'uburuhukiro cyari kigizwe n'imirambo igera kuri 500 kandi ko amakamyo yatundaga buri gihe iyindi mirambo. Yavuze kandi ko yabonye abanyururu batoraguraga muri Kigali imirambo, bakayijugunya mu ma kamyo, kugira ngo ihambwe hamwe mu byobo rusange. Yabonye kandi n'uduco tw'abagabo bitwaje imipanga, ibibando n'inkoni, bazengurukaga umujyi.

161. Mu buhamya bwe, Simon Cox, kabuhariwe mu gufotora no gufata amashusho ya sinema, yavuze ko yari mu butumwa bw'akazi mu Rwanda igihe ibivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego byakorwaga. Yavuze ko yinjiye mu Rwanda aturutse i Bugande akagera ku Mulindi, umujyi uri ku mupaka, mu cyumweru cya gatatu cya Mata 1994. Yavuye aho agana mu majyepfo, aherekejwe n'abasirikare ba FPR, aho yabonye ibimenyetso byerekana ko abagabo, abagore n'abana b'Abasiviri bari biciwe muri za kiliziya nyinshi, bari bafite indangamuntu zerekanaga ko abenshi muri bo ari Abatutsi. Mu nzira igana ku Rusumo, mu majyepfo y'iburasirazuba bw'igihugu, yavuze ko yagiye mu bitaro byavurirwagamo Abasiviri b'Abatutsi, bari bakomerekejwe n'imipanga, kandi ko yaganiriye na bamwe muri bo. Ku mupaka wa Tanzaniya, ahegeranye no ku Rusumo kandi hafi y'uruzi rw'Akagera, rumena mu kiyaga cya Vigitoriya, Bwana Cox yabonye imirambo itemba mu mazi. Buri munota hahitaga imirambo myinshi kandi yayifashe amashusho ya sinema. Nyuma yaho, mu ntangiriro za Gicurasi, ubwo yari i Kigali, ngo yabonye ku mihanda iyindi mirambo y'Abasiviri. Urugereko rweretswe ibice bimwe by'iyo sinema Bwana Cox yafashe.

162. Mu rugendo rwe rwa kabiri yagize muri Kamena 1994, Bwana Cox yagiye mu gice cy'iburengerazuba bw'u Rwanda. Yinjiye i Cyangugu aturutse muri Zaire (ubu ikaba yitwa Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo), mbere yo kugera ku Kibuye, mu majyaruguru y'igihugu. Muri urwo rugendo, yasuye ibigo byakiriye impfubyi z'abatutsi. Ababyeyi b'abo bana bari barishwe cyangwa barabuze. Yahagaze no kuri kiliziya y'i Shangi agirana ikiganiro n'Umupadiri wamubwiye ko abihaye Imana, bagenzi be, bose b'Abatutsi bahungiye bose muri kiliziya, bamaze kwumva ko imidugararo yatangiye. Abo bapadiri baje kuhatsemberwa n'ibitero by'abagabo bari bitwaje intwaro. Uwo mupadiri yavuze ko abateraga, bamwe muri bo bakaba bari bafite amagerenade, bashoboye kuganza abaterwaga nyuma y'ibitero 5 bikurikiranye byibasiye kiliziya. Bwana Cox yisuriye ubwe iyo kiliziya n'amazu yo mu kigo cyayo. Yahabonye imva, amaraso n'ibindi bimenyetso byerekanaga ko hari hiciwe abantu benshi. Mu nzira igana ku Kibuye, yabonye ibindi bimenyetso bigaragaza ko mu bigo bya kiliziya zimwe na zimwe hari haherutse gucukurwa ibyobo rusange. Nyuma yaho, yagiye mu misozi ya Bisesero, aho yabonye abatutsi 800 b'Abasiviri bari "mu kaga gakabije". Benshi

muri bo wabonaga bashonje, bari bakomerekejwe bikabije hakoreshejwe imipanga n'amasasu. Yabonye kandi imirambo myinshi yandagaye ku misozi.

163. Umutangabuhamya w'impuguke Alison Desforges nawe yavuze ko igihe ibyaha bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego byakorwaga, Abasiviri b'Abatutsi n'ab'Abahutu batari intagondwa bibasiwe n'ibitero rusange mu Rwanda. Ubuhamya bwe bwanditse mu ncamake mu cyiciro cyiswe "amavu n'amavuko y'imirwano".

164. Urugereko rwumvise kandi ubuhamya bwa Jenerali Romeo Dallaire, wategekaga ingabo za MINUAR muri Mata 1994. Yabwiye Urugereko ukuntu Abasiviri b'Abatutsi mu Rwanda batsembwe mu w'i 1994. Yanatanze ubuhamya bwe ku mirwano yabaye hagati ya FPR n'ingabo za FAR mu gihe ubwicanyi bwakorwaga. Iyo mirwano yasaga nk'intambara y'abenegihugu basubiranyemo, ikaba yararwanwaga n'imitwe y'ingabo ibiri ifite amategeko igenderaho. Ni nayo mpamvu Jenerali Romeo Dallaire, avuga FPR na FAR, yakoreshaga amagambo nk'aya: "imitwe ibiri y'ingabo", "imitwe ibiri ishyamiranye", "impande ebyiri zirwana". Uwo mutangabuhamya yashimangiye kandi ko inshingano ya MINUAR yari ugutera inkunga iyo mitwe ibiri mu byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Amahoro y'Arusha yashyizweho umukono ku itariki ya 4 Ukwakira 1993. Andi masezerano ya gisirikare yaje gushyirwaho umukono nyuma n'impande zombi, harimo ayo guhagarika imirwano n'ayandi yo gushyiraho uturere tumwe tw'igihugu tutarangwamo ibikorwa bya gisirikare. Jenerali Dallaire yavuze ko ingabo za FAR zakurikizaga amategeko ya Leta y'u Rwanda, naho iza FPR zigategekwa na Pawulo Kagame. Ingabo za FAR n'iza FPR zagenzuraga ibice bitandukanye by'akarere k'igihugu katarangwamo ibikorwa bya gisirikare kandi gafite imbibi zizwi neza. Jenerali Dallaire yavuze ko FPR yari ifite abasirikare bari hagati y'ibihumbi 12 na 13, bagizwe n'imitwe itatu: imitwe ibiri iryamiye amajanja yari mu burengerazuba bw'ako karere katarangwamo ibikorwa bya gisirikare, undi mutwe, ugizwe na batayo 6 zihagije, ukaba wari ukambitse ku ruhande rugana iburasirazuba. FPR yari ifite icyicaro cyayo ku Mulindi, ikagira n'i Kigali, batayo y'abasirikare barwana bagenda ku maguru. Jenerali Dallaire yongeyeho ko ingabo za FPR zari zifite disipuline kandi ko zumviraga ubuyobozi bufite inzego zizwi, nabwo bwisobanuraga imbere y'ababukuriye ku bikorwa byabwo.  Izo ngabo zubahirizaga amategeko zahawe.

165. Uretse kandi ubuhamya bw'abo bagabo, Urugereko rwasuzumye, rubyibwirije, raporo zimwe z'Umuryango w'Abibumbye zigaragaza mu buryo burambuye ubwicanyi bwabaye mu Rwanda mu w'i 1994, cyane cyane izikurikira: Raporo ya nyuma y'Akanama *k'impuguke kashyizweho hakurikijwe icyemezo 935 (1994) cy'Inama ishinzwe amahoro ku isi, UN. DOC.S/1994/1405 (1994)*; Raporo yatanzwe na Bwana Bacre Waly Ndiaye, intumwa yihariye y'Akanama gashinzwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu, yakoze mu Rwanda kuva kuwa 8 kugeza kuwa 17 Mata 1993, iyo raporo ikaba yerekeye *iyicwa* ry*'abantu bataburanye, ry'ako kanya cyangwa akarengane*, U.N.DOC.E/CN.4/1994/7/ Add.1 (1993); *Raporo idasanzwe y'Umunyamabanga mukuru kuri MINUAR*, ikubiyemo incamake y'ibyabaye imvururu zo mu Rwanda zigitangira, kandi itanga n'inzira eshatu zishoboka Umuryango w'Abibumbye wanyuramo mu kubonera umuti ibibazo by'u Rwanda, S/1994/470, 20 Mata 1994; *Raporo ya Komiseri mukuru w'ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita k'uburenganzira bw'ikiremwamuntu*, Bwana José Ayalo Lasso, yerekeye ubutumwa bwe mu Rwanda ku itariki ya 11 n'iya 12 Gicurasi 1994, U.N.DOC.E/CN/.4/S-3/3 (1994). Reba na none muri rusange inyandiko z'Umuryango w'Abibumbye zikubiye mu gitabo cyitwa «*Les Nations Unies et le Rwanda», 1993-1994, Umuryango w'Abibumbye n'u Rwanda, 1993 – 1994*  kikaba ari kimwe mu bitabo byitwa "Livres bleus des Nations Unies", vol. X Département.

166. Urugereko rubona ko ubuhamya bw'abagabo baturuka muri Taba nabwo bwerekana ko ubwicanyi bwakorewe mu Rwanda hose.

**Imyanzuro ku byabaye**

167. Igika cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ko "aho bidateganijwe ukundi, ibikorwa byose n'ibitarakozwe kandi byaragombaga gukorwa bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego byabereye muri komini Taba, perefegitura ya Gitarama, ku butaka bw'u Rwanda, hagati y'itariki ya mbere Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994". Iyi ngingo, ishyigikira imyanzuro yo mu rwego rw'amategeko ko Urukiko rufite ububasha bushingiye ku gihe no ku ifasi bwo kuburanisha imanza zerekeranye n'ibikorwa n'ibitarakozwe byaragombaga gukorwa, ntiyahakanywe muri uru rubanza. Urugereko kandi rubona ko byatangiwe ibimenyetso.

168. Ku byerekeye ibyaha byiswe iby'itsembabwoko muri buri gika cy'Inyandiko y'ibirego guhera ku cya 12 kugeza ku cya 24, igika cya 6 kivuga ko ibikorwa n'ibitarakozwe kandi byaragombaga gukorwa bivugwa "byari bigamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi cyangwa ku bwoko, cyangwa igice cyabo". Ibikorwa by'ubugizi bwa nabi byabereye mu Rwanda muri icyo gihe bigamije kurimbura abaturage b'abatutsi ntibigaragara gusa mu buhamya bwatanzwe na Dr. Zachariah, Madamu Hilson, Bwana Cox, Dr. Desforges na Jenerali Dallaire, binaboneka kandi no mu bwatanzwe n'abagabo bavuze ibyabereye muri komini Taba. Umutangabuhamya JJ yavuze ko abantu bamusohoye mu nzu ye, maze bagahita bayisenya. Iyo nzu yasenywe ari uko, ku musozi ubangikanye n'uwo yari atuyeho, haje umugabo uvuga ko yoherejwe na Burugumesitiri gukora ibishoboka byose kugira ngo hatagira umututsi n'umwe usigara kuri uwo musozi iryo joro. Umutangabuhamya 00 we yavuze ko mu nama yo kuwa 19 Mata 1994 mu gitondo, Ushinjwa akaba yarayifashemo ijambo, hari undi muntu wavuze ko abatutsi bagomba kwicwa bose ku buryo abana bazavuka bazajya babaza uko umututsi yasaga. Uwo mutangabuhamya yongeyeho ko uwo muntu yavuze amagambo akurikira: "Nzongera kugira amahoro ari uko nta mututsi n'umwe usigaye mu Rwanda". Naho umutangabuhamya V yavuze ko abatutsi bajugunywaga mu ruzi rwa Nyabarongo, rwiroha muri Nili, bababwira gusanga benewabo muri Abisiniya. Ubwo yashakaga kuvuga ko abatutsi baturutse muri Abisiniya (Etiyopiya) kandi ko "bagomba gusubira iyo bavuye" (Iburanisha ryo kuwa 24 Mutarama 1997, urupapuro rwa 5 n'urwa 6).

169. Rushingiye kuri icyo kimenyetso, Urugereko rusanga nta gushidikanya na gato ko ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwabereye mu Rwanda muri icyo gihe bwari bugamije kurimbura abatutsi, n'ibyabereye muri Taba muri icyo gihe nabyo bikaba aricyo byari bigamije.

170. Igika cya 7 cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ko, muri buri gika kirimo ikirego cy'itsembabwoko, abarikorewe bari abantu bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini. Urugereko rusanga ko abaturage b'abatutsi badafite ururimi rwabo bihariye nk'uko badafite umuco wabo utandukanye n'uw'abandi banyarwanda. Ariko kandi rubona ko hari n'ibindi bintu bahuriyeho bibatandukanya n'abandi. Mbere y'i 1994, buri munyarwanda wese yagombaga kugira indangamuntu, irimo ahandikwa ubwoko bwa nyirayo (ubwoko mu kinyarwanda, ethnie mu gifaransa), ni ukuvuga umuhutu, umututsi cyangwa umutwa. Itegeko-nshinga ry'u Rwanda ndetse n'amategeko yakurikizwaga mu w'i 1994 yatandukanyaga abanyarwanda akurikije ubwoko. Ingingo ya 16 y'Itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 10 Kamena 1991 ivuga ko: "Abaturage bose barareshya imbere y'itegeko nta tandukanyirizo na rimwe nk'iryaba rishingiye cyane cyane ku bwoko, ku ibara ry'umubiri, ku nkomoko, ku isano-muzi, ku muryango, ku gitsina, ku bitekerezo

bigaragajwe, ku idini cyangwa ku misumbanire n'imibereho y'abantu". Ingingo ya 57 y'Igitabo cy'amategeko y'imbonezamubano iteganya ko umuntu ashobora kurangwa "n'igitsina cye, isano-muzi ye, amazina ye, ay'ingereka, aho abarizwa n'aho atuye". Ingingo y'118 y'Igitabo cy'amategeko y'imbonezamubano ivuga ko icyemezo cy'amavuko kigomba gusobanura "umwaka, ukwezi, umunsi n'aho yavukiye, igitsina, isano-muzi, izina bwite, izina cyangwa amazina y'ingereka y'umwana". Ni nayo mpamvu Amasezerano ya Arusha yo kuwa 4 Kanama 1993 yateganyaga gukura mu nyandiko z'ubutegetsi amagambo yose avuga isano-muzi (reba ingingo ya 16 y'Amasezerano yerekeye ibibazo binyuranye n'ingingo zisoza).

171. Ubundi kandi mu Rwanda hari amategeko ashingiye ku muco, agena ubwoko, hakurikijwe igisekuru cy'umubyeyi w'umugabo. Itandukanyirizo ry'abantu rero hagati y'abatutsi, abahutu n'abatwa ryari risanzwe mu muco w'abanyarwanda. Abanyarwanda batanze ubuhamya imbere y'Urugereko bagiye bavuga isano-muzi yabo kandi akenshi wasangaga bazi n'iy'inshuti n'iy'abaturanyi babo. Ikindi, abibasiraga abatutsi babica, bari bazi ko bafite isano-muzi yabo yihariye.

172. Umutangabuhamya w'impuguke Alison Desforges yabivuze atya mu magambo avunaguye:

> "Ingingo ya mbere iranga isano-muzi y'umuntu, ni ukuba uwo muntu ayiyumvamo, akumva ko ari iye. Ni igitekerezo gishobora guhinduka uko ibihe bigenda bisimburana. Mu yandi magambo, igisobanuro cy'isano-muzi gishobora guhinduka uko ibihe bigenda bisimburana. Ariko ufashe igihe runaka, maze ugashaka kumenya ukuntu abaturage bashobora gutandukanywa, wagerageza kumenya isano-muzi abantu bibonamo muri icyo gihe. Muri icyo gihe, abanyarwanda, cyane cyane, urubyaro ruriho ubu, bishyize muri izo sano-muzi, uko ari eshatu. Ikindi kandi, ukuri kugaragarira mu mibereho y'abantu. Mu Rwanda, imibereho y'abantu yasubiwemo n'ubukoloni bwatandukanyije abantu ku buryo budasubirwaho kandi butajyanye rimwe na rimwe n'igihe igihugu cyari kigezemo. Ariko rero Ababiligi bategetse ko hashyirwaho iryo tandukanyirizo. Hari mu ntangiriro yo muri za 30 (1930), igihe bategekaga abaturage bose kwiyandikisha bakurikije isono-muzi yabo. Itandukanyirizo ryashyizweho muri icyo gihe niryo abubu bazi gusa. N'ubwo rero mu buzima bwabo bwa buri munsi batagombaga iteka kugendera kuri iryo tandukanyirizo, bigishijwe kurishingiraho mu bitekerezo byabo. Ariko ubukoloni bwazanye imibereho mishya ; iyo mibereho ikaba yararangwaga n'uko imikorere y'i Buraya yafashwe igatsindagirwa ku banyafurika, mbese nko mu byerekeye kwiyandikisha, maze bategeka abanyarwanda gutunga indangamuntu y'igihugu. Kandi kuri iyo ndangamuntu hari handitseho iryo tandukanyirizo. Nyuma y'ubwigenge bw'u Rwanda, iyo mokorere yarakomeje, kuri Repubulika ya mbere n'iya kabiri, ku buryo iryo tandukanyirizo rishingiye ku moko atatu ryahindutse ukuri kudakuka.

173. Igika cya 8 cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ko, muri buri gika kirimo ikirego cy'icyaha cyo kwibasira inyoko muntu, igika cya 12 kugera ku cya 24, ibyakozwe cyangwa ibitakozwe kandi byagombaga gukorwa "byakorewe mu bitero rusange kandi biri kuri gahunda, byibasiraga abaturage b'Abasiviri bazira ubwenegihugu, isano-muzi cyangwa ubwoko bwabo". Nk'uko bivugwa muri ubwo buhamya, ibyo bitero byari birenze urugero. Avoka wunganira Ushinjwa yivugiye ko ibyabaye mu Rwanda mu w'i 1994 "ariyo makuba arenze ayandi yose yagwiririye abantu "mu mpera z'iki kinyejana. Abantu batagira ingano barishwe,

kandi mu gihe gito cyane, mu turere twose tw'igihugu. Byaragaragaye ko abatutsi ari bo bibasirwa, haba kuri bariyeri z'imihanda, mu bwihisho cyangwa mu mazu yabo. Abahutu babagiriraga impuhwe cyangwa bakababafasha nabo baricwaga. Umubare munini bikabije w'imipanga yoherejwe mu gihugu igihe gito mbere yuko ibyo bitero bigabwa, ugaragaza ko byari kuri gahunda. Ibyo bikagaragazwa kandi n'ukuntu ibyo bitero byari biteguye neza. Haba muri Taba cyangwa ahandi hose mu gihugu, abarimu n'abanyabwenge nibo babanje kwibasirwa. Abahutu bashishikarijwe gutera abatutsi hakoreshejwe itangazamakuru n'ubundi buryo bwa poropagande kandi byateguwe neza. Kubera izo mpamvu zose, Urugereko rusanga bigaragara, nta gushidikanya na gato, ko muri Mata 1994 hagabwe mu Rwanda ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byibasiraga abatutsi b'Abasiviri. Rusanga kandi ibyaha bivugwa mu bika kuva ku cya 12 kugera ku cya 24 by'Inyandiko y'ibirego byarakozwe mu rwego rw'ibyo bitero rusange kandi biri kuri gahunda.

174. Igika cya 9 cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ko "Mu bihe byose bivugwa muri iyi nyandiko y'ibirego, mu Rwanda hari imirwano hagati y'abenegihugu". Urugereko rusanga Jenerali Dallaire, wari wahamagajwe n'Ubwunganizi, yarashimangiye mu buhamya bwe ko FAR na FPR yari "imitwe ibiri y'ingabo" yarwanaga. Yavuze kandi ko FPR yari ifite ingabo zari zaroherejwe ku rugamba mu buryo buri kuri gahunda, zikaba zari zifite ba komanda bazo bakuriwe na Pawulo Kagame, kandi ko ingabo za FPR n'iza FAR zategekaga ibice bitandukanye by'akarere katarangwamo ibikorwa bya gisirikare kandi kakagira n'imbibi zizwi neza. Rushingiye ku buhamya bwatanzwe, Urugereko rusanga bigaragara, nta gushidikanya na gato, ko mu Rwanda hari imirwano mu gihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byababaga. Rusanga kandi FPR yari umutwe w'ingabo ufite abawuyobora, ugategeka igice cy'ubutaka bw'u Rwanda kandi ukagira ubushobozi bwo gukora ibikorwa bya gisilikare mu gihe kirekire kandi byatekerejweho.

175. Igika cya 10 cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ibi bikurikira: "Abakorewe icyaha bavugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego ni abantu batari bafite uruhare rutaziguye mu mirwano". Abakorewe icyaha bavugwa, ndetse abenshi muri bo bakaba baratanze ubuhamya imbere y'Urugereko, ni abaturage, abarimu n'impunzi. Urugereko rusanga nta kimenyetso na kimwe cyatanzwe n'Ubwunganizi cyerekana ko abo bakorewe ibyaha batari Abasiviri cyangwa ko haba hari umwe muri bo waba afite icyo ahuriyeho na FPR cyangwa wagize uruhare mu mirwano yabaye mu w'i 1994. Kubera ko ibirego bivugwa mu gika cya 13 n' icya 17 kimwe n'ibyaha bishinjwa Efuremu Karangwa, Yuvenali Rukundakuvuga na EEmanweli Sempabwa mu gika cya 15 cy'iyo Nyandiko y'ibirego bitashoboye gutangirwa ibimenyetso, nta gushidikanya na gato, Urugereko rusanga nta nyungu yo kugaragaza ko abo bantu bakorewe icyaha bari Abasiviri koko, batari bafite uruhare mu mirwano yabaye mu w'i 1994. Rushingiye ku bimenyetso byatanzwe n'Ubushinjacyaha, Urugereko rusanga nta gushidikanya na gato abandi bakorewe ibyaha bose bavugwa mu Nyandiko y'ibirego bari Abasiviri, kandi ko nta ruhare rutaziguye bagize mu mirwano yabaye mu w'i 1994.

176. Igika cya 10 A cyongewe muri iyo Nyandiko y'ibirego, igihe yahindurwaga kugira ngo yongerwemo ibirego by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina buvugwa mu bika bya 12 A na 12 B by'iyo Nyandiko y'ibirego. Aho kuvuga ibyakozwe, icyo gika gitanga igisobanuro "cy'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina", nk'uko Porokireri abwumva.

177. Igika cya 11 cy'Inyandiko y'ibirego gitanga igisobanuro cy'uburyozwacyaha bwa nyirubwite hakurikijwe ingingo ya 6 1) ya Sitati y'Urukiko, kandi kikemeza uburyozwacyaha bw'Ushinjwa ku giti cye gishingiye ku byaha aregwa muri iyo Nyandiko. Urugereko rusanga muri icyo gika hatavugwa ku byabaye ahubwo hatangwa imyanzuro ku byerekeye amategeko isuzumwa kuri buri kirego cyo mu Nyandiko y'ibirego. Urugereko rusanga muri rusange

Porokireri ntacyo ashinja Uregwa mu birego bya 13, 14 na 15, byemeza uburyozwacyaha bwite bw'Ushinjwa, hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 6 3) n'iya 6 1) za Sitati y'Urukiko.

**5.2 Ubwicanyi (Ibika bya13,18,19 na 20 by'Inyandiko y'ibirego)**

**5.2.1. Igika cya 12 cy'Inyandiko y'ibirego**

178. Urugereko rugiye noneho kwibanda ku gika cya 12 cy'Inyandiko y'ibirego. Icyo gika kivuga ko Ushinjwa ahamwa n'icyaha, kubera ko yari azi ko ubwicanyi bwakorwaga muri Taba hagati y'uwa 7 Mata n'impera za Kamena 1994, ntagerageze kubuhagarika cyangwa ngo yitabaze abategetsi bo mu rwego rw'akarere cyangwa rw'igihugu.

179. Igika cya 12 cy'Inyandiko y'ibirego giteye gitya:

> «12. Nka burugumesitiri, **Yohani-Pawulo Akayesu** yari ashinzwe kurinda umutekano rusange no kubahiriza amategeko muri komini ye. Hagati y'uwa 7 Mata n'impera za Kamena, Abatutsi batari munsi y'ibihumbi bibiri biciwe muri Taba, kandi icyo gihe yari akiri kuri ako kazi. Ubwo bwicanyi bwo muri Taba bwakorwaga ku mugaragaro kandi bwari bukabije, ku buryo **Yohani-Pawulo Akayesu,** nka burugumesitiri, nta kuntu atari kubimenya. N'ubwo yari abifitiye ububasha kandi akaba yari abishinzwe, **Yohani-Pawulo Akayesu** ntiyigeze, mu buryo ubwo aribwo bwose, agerageza guhagarika ubwicanyi bwibasiraga Abatutsi muri komini ye. Nta n'ubwo yigeze yitabaza abategetsi bo mu rwego rw'akarere cyangwa rw'igihugu kugira ngo bahane abakoraga ubwo bugizi bwa nabi».

180. Abatangabuhamya benshi bavuze ku byerekeye inshingano za burugumesitiri mu buhamya bwabo. Umutangabuhamya DZZ, wahoze ari umupolisi, yavuze ko Ushinjwa, mu nshingano ze nka burugumesitiri, yari ashinzwe umutekano rusange no kubahiriza amategeko muri komini. Umutangabuhamya R, wahoze ari burugumesitiri, umutangabuhamya V n'umutangabuhamya w'impuguke Alison Desforges, barabyemeje. Amategeko y'u Rwanda atagenya imirimo ya burugumesitiri. Ingingo y'108 y'Itegeko rigenga imitegekere ya komini igena ko abapolisi ba komini bacungwa na burigadiye, nawe kandi agategekwa na burugumesitiri. Ikindi kandi umutangabuhamya NN n'abandi bagabo bavuze ko, Ushinjwa yakomeje gutegeka abapolisi ba komini, yakomeje guha amabwiriza muri icyo gihe cyose kivugwa. Abatangabuhamya benshi basobanuye uko bumvaga ubutegetsi bwa burugumesitiri. Abatangabuhamya K na NN bombi bavuze ko nka burugumesitiri, Ushinjwa ariwe wayoboraga komini ; abatangabuhamya S na V, ndetse na Efuremu Karangwa, burugumesitiri wa Taba muri iki gihe, bavuze ko abaturage ba komini bubahaga Ushinjwa kandi bagakurikiza amategeko ye yose kubera ko yari burugumesitiri. Ku bwa Efuremu Karangwa, burugumesitiri niwe muntu wari ukomeye gusumba abandi bose muri komini, yari "umubyeyi" wayo. Umutangabuhamya R, nawe wahoze ari burugumesitiri, yavuze ko burugumesitiri "afite ubutegetsi bw'ikirenga muri komini yose", kandi ko ahagarariye ubutegetsi nyubahiriza-tegeko muri komini. Ushinjwa yiyemereye ubwe ko yari ashinzwe kurinda umutekano rusange no kubahiriza amategeko muri komini. Bityo, Urugereko rusanga bene iyo mitegekere yaragaragajwe.

181. Ku byerekeye imvugo y'uko abatutsi batari munsi y'ibihumbi bibiri baba bariciwe muri Taba hagati y'uwa 7 Mata n'impera za Kamena 1994, Urugereko rusanga n'ubwo abatangabuhamya benshi bavuze ko habaye ubwicanyi bwa rusange muri Taba, bake muri bo aribo bashoboye gutanga ikigereranyo cy'umubare w'abishwe. Efuremu Karangwa, burugumesitiri wa komini Taba muri iki gihe, yavuze ko abaturage ba komini ye

bagabanutseho abantu 7.000 kuva muri Mata 1994. Yavuze kandi ko muri segiteri zose z'iyo komini hari imva rusange. Yego kimwe mu byagabanuye uwo mubare ni uko abantu bamwe bahunze. Ariko rero abatangabuhamya benshi bagaragaje bihagije ko abantu batari bake biciwe muri Taba. Ubwunganizi ntabwo bwigeze buhakana uwo mubare w'ibihumbi bibiri. Rushingiye rero ku bimenyetso byatanzwe kuri ubwo bwicanyi no ku mva rusange, Urugereko rusanga icyo kigereranyo cy'umubare w'abantu bishwe muri Taba muri icyo gihe kidakabije. Ikindi abatangabuhamya bahuriyeho ni uko abo bantu hafi ya bose bari abatutsi. Bityo Urugereko rusanga byaragaragajwe, nta gushidikanya na gato, ko abatutsi batari munsi y'ibihumbi bibiri biciwe muri Taba hagati y'uwa 7 Mata n'impera za Kamena 1994. Biragaragara na none ko Ushinjwa yari burugumesitiri muri icyo gihe cyose kivugwa.

182. Inyandiko y'ibirego ivuga ko ubwicanyi bwabaye muri Taba bwakorwaga ku mugaragaro kandi ko bwari bukabije, ku buryo Ushinjwa nta kuntu atari kubimenya. Bamwe mu batangabuhamya, barimo PP na V, bavuze ko bamenyesheje Ushinjwa iby'ubwicanyi bwakorwaga muri Taba. Abandi batangabuhamya, nka NN, bavuze ko Ushinjwa yari ku biro bya komini n'ahandi hantu ubwicanyi bwakorerwaga, akaba yarabibereye umugabo. Naho abandi batangabuhamya nka KK, NN, G, W, J, C, JJ, na V, bavuze ko Ushinjwa yahagarikiye ubwicanyi kandi akaba yarabugizemo uruhare mu buryo butaziguye. Ushinjwa ubwe yemeye ko yamenye ko ubwo bwicanyi bwakorwaga. Yavuze ko yamenyeshejwe ko muri Taba yose haberaga ibikorwa by'ubwicanyi kandi ko byibasiraga Abatutsi. Yavuze kandi ko, ku italiki ya 19 Mata 1994, ubwicanyi bwasakaye hafi muri komini Taba yose. Ntawe uhakana iyo ngingo kandi biragaragara ko Ushinjwa yari azi ko, muri icyo gihe kivugwa, ubwicanyi bwarimo gukorwa kandi ko bwari busakaye muri Taba yose.

183. Imvugo ya nyuma ikubiye mu gika cya 12 ni uko Yohani-Pawulo Akayesu atigeze, mu buryo ubwo aribwo bwose, agerageza kubuza ubwo bwicanyi bwibasiraga Abatutsi muri iyo komini kandi ko atatabaje abategetsi bo mu rwego rw'akarere n'urw'igihugu kugira ngo bahane ababukoraga. Ushinjwa ahamya ko atari afite ububasha buhagije bwo kubuza ubwo bwicanyi gukorwa. Urugereko rwifuje kumenya niba yarigeze abigerageza. Rushingiye ku bimenyetso byatanzwe, Urugereko rusanga ari ngombwa gutandukanya igihe cy'imbere y'itariki ya 18 Mata 1994 n'icy'inyuma yayo, kuko uwo munsi aribwo i Murambi, i Gitarama habereye inama simusiga yahuje abari bagize Guverinoma y'agateganyo n'Ababurugumesitiri. Ndetse kubw'Ubushinjacyaha, ubwabwo, Ushinjwa yahinduye ku buryo bugaragara imico n'imyitwarire nyuma y'italiki ya 18 Mata 1994.

184. Ibimenyetso byinshi byerekana ko mbere yo kuwa18 Mata 1994, Ushinjwa yagerageje koko gukumira ibikorwa by'urugomo muri komini Taba. Abatangabuhamya benshi bavuze ibyo Ushinjwa yakoze kugira ngo abungabunge amahoro muri komini. Bavuze ko yakoresheje ingufu mu kwimira Interahamwe zari zagerageje kwinjira muri Taba, kugira ngo ubwicanyi bwari bwatangiye i Kigali kuwa 7 Mata 1994 butagera muri iyo komini. Umutangabuhamya W yavuze ko mu iyubahirizwa ry'amabwiriza Ushinjwa yari yahaye abaturage yo gukumira ibyo bitero, Interahamwe zimwe zarishwe. Umutangabuhamya K yavuze ko igihe cyose Akayesu yabishakaga, umutekano wari wose muri komini Taba. Yavuze ko Akayesu yakoranyaga abaturage akababwira ko bagomba kurwanya ibikorwa by'urugomo muri komini. Naho umutangabuhamya A yavuze ko hari igihe interahamwe zagerageje kwinjira muri Taba, maze Burugumesitiri agakora ibishoboka byose kugira ngo azirwanye kandi yashishikarije abaturage kujya ku mbibi za komini kuzisubiza inyuma. Ushinjwa yavuze ko yatabaye igihe Interahamwe zarasaga ku mpunzi z'i Kigali ; abapolisi bararashe maze Interahamwe eshatu zirahagwa. Ushinjwa yavuze ko yambuye Interahamwe intwaro n'imodoka yazo.

185. Ushinjwa yavuze ko yasabye abajandarume batatu mu nama yagiranye na Minisitiri w'intebe i Gitarama kuwa 18 Mata 1994, kugira ngo bamufashe kubungabunga umutekano w'abaturage no guhagarika ubwicanyi bwibasiraga abatutsi. Abagabo bari muri iyo nama y'i Murambi ni umutangabuhamya R, nawe, kimwe n'Ushinjwa wari burugumesitiri wa MDR muri Perefegitura ya Gitarama, hamwe n'umutangabuhamya ushinjura DAAX, wari Perefe wa Gitarama. Umutangabuhamya R yibutse inama eshatu z'Ababurugumesitiri bo muri perefegitura ya Gitarama zabaye nyuma yo kuwa 6 Mata 1994, zitumijwe na Perefe. Uwo mutangabuhamya yabwiye ibiro bya Porokireri ko koko Ushinjwa yasabye guhabwa abajandarume muri imwe muri izo nama. Imbere y'Urugereko, umutangabuhamya R ntabwo yashoboye kwibuka niba Ushinjwa yarafashe ijambo mu nama y'i Murambi yo kuwa 18 Mata 1994, nubwo mbere yaho yari yabwiye ibiro bya Porokireri ko yahafatiye ijambo. Kubera ubwo buhamya butajyanye, avoka w'Ushinjwa yasabye Urugereko ko hakorwa iperereza ku buhamya bw'ikinyoma. Kuwa 9 Werurwe 1996, Urugereko rwafashe icyemezo cyo kutakira icyo cyifuzo. Nk'uko rwabisobanuye muri icyo cyemezo, rwasanze atari ngombwa ko hakorwa iperereza ku buhamya bw'ikinyoma. Ahubwo rwavuze ko hagomba gusuzumwa icyizere uwo mutangabuhamya yagirirwa. Muri uru rubanza, Urugereko rusanga ubuhamya bwa R budahuye n'ibyo yabwiye ibiro bya Porokireri mbere ku byerekeye ukuntu inama Ushinjwa avuga zagiye zikurikirana. Ariko uwafata ibyo mu buryo burengera Ushinjwa, yasanga bishyigikira ibyo yavuze: ko hari igihe, nyuma y'uwa 6 Mata 1994, kandi byashoboka ko haba hari mu nama y'i Murambi yo kuwa 18 Mata 1994, yasabye abajandarume bo kumufasha gukemura ibibazo by'umutekano muri komini ye. Ukurikije ko kuri iyo ngingo Ushinjwa afite aho ahurije kuri bimwe n'umutangabuhamya ushinja kandi akaba ariwe wenyine gusa wari muri iyo nama y'i Murambi, usanga ari ngombwa kwemera ibyo Ushinjwa yavuze ko yigeze koko gutabaza abategetsi bo mu rwego rw' igihugu n'urw'akarere.

186. Uretse n'íbyo, umutangabuhamya ushinjura DAAX, wahoze ari Perefe wa Gitarama, yemeza ibyo Ushinjwa yavuze. Umutangabuhamya DAAX yemeje ko yatumiye ababurugumesitiri mu nama eshatu hagati y'uwa 6 n'uwa 18 Mata 1994. Ushinjwa yaje muri izo nama zose. Iya gatatu niyo yimuriwe i Murambi ku munota wa nyuma ivanwa i Gitarama, bisabwe na Minisitiri w'intebe kugira ngo abandi ba Minisitiri na we ubwe bashobore gufata ijambo imbere y'abaperefe n'ababurugumesitiri. Muri iyo nama ya gatatu, Perefe yavuze ko Ushinjwa yafashe ijambo, akinubira umutekano muke muri komini ye nk'uko Perefe n'abandi ba burugumesitiri nabo bawinubiye. Ibyo umutangabuhamya DAAX yavuze bihuye n'iby'Ushinjwa, ko Minisitiri w'intebe atigeze asubiza mu buryo butaziguye icyo kibazo cya ba burugumesitiri cyerekeranye n'umutekano. Ahubwo ngo yabasomeye ibice bya disikuru yari yateguye, ikubiyemo gahunda ya Guverinoma, maze akoresha itera bwoba abwira ba burugumesitiri bavugaga ko badashimishijwe n'icyo kibazo cy'umutekano ko ashobora kubakura ku kazi. Umutangabuhamya DAAX yavuze kandi ko umwe muri abo baburugumesitiri, burugumesitiri wa Mugina, yishwe iyo nama imaze igihe gito ibaye, kubera ko yari yinubye. Uwo mutangabuhamya yavuze kandi ko Ushinjwa yigeze guhunga komini ye kubera ko Interahamwe zamushyiraga ku nkeke ; yahunze hagati y'itariki ya 6 n'iya 18 Mata 1994, ibyo aribyo byose nyuma y'ebyiri muri izo nama zavuzwe, ariko mbere y'iya gatatu. Umutangabuhamya DAAX yavuze ko Ushinjwa atigeze na rimwe amusaba abajandarume abicishije mu rwego rw'ubutegetsi, nk'uko burugumesitiri wa Mugina we yabigize. Nyuma yo kuwa 18 Mata 1994, umutangabuhamya DAAX ntiyongeye kubonana n'Ushinjwa. Urugereko rwumvise neza ko Ushinjwa atigeze yemeza ko yatabaje Perefe wa Gitarama muri iyo nama, ahubwo ko yaba yaratabaje Minisitiri w'intebe.

187. Ibimenyetso byinshi cyane byatanzwe byerekana ko imyifatire y'Ushinjwa yahindutse rwose nyuma y'iyo nama yo kuwa 18 Mata 1994. Ndetse n'abatangabuhamya E, W, PP, V na

G basobanuye ukuntu Ushinjwa yakoranye n'Interahamwe muri Taba nyuma y'iyo tariki. Umutangabuhamya A yavuze ko byamutangaje kubona Ushinjwa ahinduka inshuti y'Interahamwe. Ushinjwa we avuga ko byari byamurenze. Abatangabuhamya bashinjura DAX na DBB bavuze ko Interahamwe zari zamushyizeho itera bwoba ko zimwica niba adakoranye nazo. Ushinjwa yavuze ko ibyo yakoze yabikoraga ku gahato k'Interahamwe, cyane cyane Silasi Kubwimana, umukuru wazo, muri icyo gihe abantu bakaba barababonanaga kenshi. Urugereko rusanga ko mubyo Ushinjwa yavuze mu nyandiko mbere y'urubanza, harimo amagambo anyuranye rwose n'ibikubiye muri iyo nyandiko ubwo yavugaga ko Silasi Kubwimana "yaharaniye amahoro" muri komini.

188. Urugereko ruremera ibibazo burugumesitiri uwo ariwe wese yagiraga mu kugerageza kurokora abatutsi muri icyo gihe. Umutangabuhamya ushinja (umugabo R), wari Burugumesitiri w'iyindi komini muri Gitarama, yashoboye kwemeza abamwumvaga ko, aho ubwicanyi bumariye gusakara nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994, we ubwe ndetse n'abandi baburugumesitiri urebye ntacyo bashoboraga gukora muri za komini zabo ngo babuhagarike. Yavuze ko nyuma y'iyo tariki ntacyo burugumesitiri yashoboraga gukora ku mugaragaro ngo arwanye ubwo ubwicanyi atahasize ubuzima bwe. Bike yakoraga, abishoboye, yabikoraga rwihishwa. Ubwunganizi bwemeza ko Ushinjwa, nawe, ariko yabigenje.

189. Abatangabuhamya bashinjura DAAX, DAX, DCX, DBB na DCC bemeje ko Ushinjwa atahagaritse ubwicanyi nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994, kandi ko nta n'icyo yari gushobora gukora n'abapolisi ba komini icumi yari afite imbere y'Interahamwe zirenga ijana.

190. Ubwunganizi buhamya ko hari abantu Ushinjwa yakomeje kurokora nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994, n'ubwo yari ku nkeke z'Interahamwe. Ibimenyetso bishyigikira iyi mvugo biri mu gice gikubiyemo ingingo zo kwiregura.

191. Hariho kandi n'ibimenyetso byerekana ko nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994, hari abantu baje bamugana ngo abafashe, akabirukana. Hari n'ibindi bimenyetso byerekana ko Ushinjwa yiboneye ubwe ubwicanyi bwabereye muri Taba, ko yabugizemo uruhare, akabuhagarikira, ndetse akanategeka abantu kubukora. Umutangabuhamya JJ yavuze ko Ushinjwa yigeze kuza ku biro bya komini, aho yari yahungiye, aza amugana, maze amusaba, mw'izina ry'impunzi bari kumwe, kubicisha amasasu aho kwicishwa n'imihoro. Ushinjwa yategetse abapolisi kubirukana, avuga ko n'iyo yari kugira amasasu, atari kuyapfusha ubusa ngo arayicisha impunzi.

192. Urugereko rusanga ibivugwa mu gika cya 12 bidashobora kwemezwa byimazeyo. Nibyo koko, hagati y'itariki ya 7 n'iya 18 Mata, Ushinjwa yagerageje kurinda abaturage ba komini ye. Biranagaragara ko yanitabaje abategetsi bo mu rwego rw'igihugu mu nama yo kuwa 18 Mata 1994. Bityo rero, Ushinjwa yagerageje koko kubuza ubwicanyi bwibasiraga Abatutsi muri komini ye, kandi ntawabihakana.

193. Ariko rero, Urugereko rusanga bigaragara, nta gushidikanya na gato, ko nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994, imyifatire y'Ushinjwa yahindutse, kandi ko kuva kuri iyo tariki, atigeze agerageza guhagarika ubwicanyi bwibasiraga abatutsi muri komini Taba. Ndetse hari ibimenyetso bigaragaza ko, atamenye ko bukorwa gusa ngo anabwibonere gusa, ahubwo yabugizemo uruhare, akanategeka abantu kubukora. Kuba yarigeze gufasha umugore w'umuhutukazi kurinda abana yabyaranye n'umututsi ntibibuza Urugereko kumva ko, muri rusange, Ushinjwa atagerageje na rimwe guhagarika ubwicanyi nyuma y'itariki ya 18 Mata. Ushinjwa yemeza ko yakoreshwaga ku gahato. Ariko Urugereko rusanga ibyo bitandukanye cyane n'ubuhamya butari buke kandi buhuye bw'abandi bagabo, kandi bitandukanye n'ibyo we ubwe yivugiye mu nyandiko mbere y'urubanza. Umutangabuhamya C yavuze ko yigeze

kumva Akayesu abwira umwe mu Nterahamwe ati "ndatekereza ko ibyo turimo gukora atari byiza. Ni ngombwa, aya maraso arimo kumeneka azatugaruka…" ayo magambo agaragaza ko Ushinjwa yari azi ko ibikorwa bye bitari byemewe kandi azi n'ingaruka zabyo. Kubera izo mpamvu, Urugereko rwanze kwemera ibyavuzwe n'Ushinjwa ku byerekeye imyifatire ye nyuma y'itariki ya 18 Mata. Ruremeza kandi, nta gushidikanya na gato, ko atigeze agerageza guhagarika ubwicanyi bwibasiraga abatutsi nyuma y'iyo tariki. Nta kamaro ko kumenya niba yari abifitiye ubushobozi, kuko atigeze anabigerageza. Ubundi kandi, byaragaragajwe, nta gushidikanya na gato, ko yahisemo ku bushake kugira uruhare mu bikorwa by'urugomo byibasiraga abatutsi, aho kubibakiza.

### 5.2.2. Igika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego

### Ibivugwa

194. Igika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego giteye gitya:

> Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata, mu museke, muri segiteri Gishyeshye, komini Taba, agaco k'abantu karimo uwitwaga Farasisiko Ndimubanzi kishe umwarimu witwaga Siliveri Karera, kamuziza gukorana na FPR no kugambanira kwica abahutu. N'ubwo nibura umwe muri abo bamwishe yashyikirijwe Yohani-Pawulo Akayesu, ntacyo yigeze akora kugira ngo amufatishe.

195. Kubera ibikorwa ashinjwa muri icyo gika, Akayesu akekwaho kuba yarakoze ibyaha bivugwa muri ibi birego bitatu bikurikira:

- ikirego cya mbere cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ko yaba yarakoze icyaha cy'itsembabwoko, gihanishwa ingingo ya 2 (3) alineya a) ya Sitati;
- ikirego cya kabiri cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ko yaba yarakoze n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko gihanishwa ingingo ya 2 (3) alineya e) ya Sitati; hamwe n'
- ikirego cya gatatu cy'Inyandiko y'ibirego kivuga ko yaba yarakoze icyaha cy'itsembatsemba, kikaba ari kimwe mu byaha byibasira inyokomuntu, gihanishwa ingingo ya 3 (b) ya Sitati.

196. Akayesu ntashobora guhamwa n'ibyaha bivugwa mu gika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego, keretse bigaragajwe koko ko Siliveri Karera, umwarimu, yishwe n'agatsiko k'abantu barimo umwe witwaga Farasisiko Ndimubanzi, muri segiteri Gishyeshye, komini Taba, ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, mu museke, bamuhoye gukorana na FPR, no kugambanira kwica abahutu. Urugereko rugomba kandi kugaragarizwa ko nibura umwe mu bamwishe yashyikirijwe koko Yohani-Pawulo Akayesu, ntagire icyo akora kugira ngo afungwe.

### Ku byerekeye ihotorwa rya Siliveri Karera muri segiteri ya Gishyeshye, komini Taba, ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata, mu museke:

197. Abagabo benshi bashinja, harimo abakoresheje amazina y'amatizanyo A, W, E na U, ndetse na Efuremu Karangwa, batanze amakuru ku ihotorwa rya mwarimu Siliveri Karera mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994.

198. Umutangabuhamya A, w'umuhutu, yavuze ko mw'ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994, yumvise abantu bavuza induru bavuga ko abajura bishe abantu ku ishuri ry'i Remera kandi basaba abaturage ngo babatangire. Yemeje ko mu gitondo cyo kuwa 19 Mata 1994 yagiye ku ishuri ry'i Remera. Diregiteri w'iryo shuri yamubwiye ko ushinzwe gahunda

y’amasomo, bikaba byaraje kugaragara ko yari Siliveri Karera, yishwe. Umutangabuhamya yabonye umurambo w’uwo mwarimu, mbere y’uko baworosa ishuka y’ibara rya roza, bisabwe na Diregiteri.

199. Umugabo witwa Efuremu Karangwa, w’umututsi, wahamagajwe n’Ubushinjacyaha gutanga ubuhamya, akaba icyo gihe yari umugenzacyaha muri komini Taba, yavuze ko Siliveri Karera wari umwarimu mu Rwunge rw’amashuri rw’i Remera Rukoma, yishwe n’Interahamwe mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994.

200. Umutangabuhamya W, umututsi wari utuye muri Taba, akanahigisha, yavuze ko, avuye mu irondo yari yagiyemo mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994, yumvise ko ushinzwe gahunda y’amasomo w’ishuri rya ENP Rukoma, amaze kwicwa.

201. Umutangabuhamya E, abajijwe iby’urupfu rwa Siliveri Karera, yavuze ko mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994, yagiye ku marembo y’ikigo cy’amashuri cy’i Remera. Ntiyabonye umurambo wa Karera ariko yumvise bavuga ko wari imbere mu ishuri. Ntawamubujije kwinjira muri iryo shuri, ariko yahisemo kugana aho yari yumvise induru zari zatumye asohoka iwe ziturUka.

202. Umutangabuhamya ushinja U, nawe yavuze ko yumvise bavuga ko umwarimu witwaga Karera yishwe. Yavuze kandi ko muri iryo joro ryose yaraye yumva abantu basakuza mu mihanda banavuga ko Karera yishwe.

203. Ubwunganizi ntabwo bwigeze na rimwe buhakana iyicwa rya Karera mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata. Ushinjwa yiyemereye ubwe igihe yitabaga Urugereko nk’umutangabuhamya, ko mwarimu Siliveri Karera yishwe mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994.

**Ku byerekeye ibyavuzwe, ko Siliveri Karera yaba yarishwe n’agatsiko k’abantu, umwe muri bo akaba yaritwaga Farasisiko Ndimubanzi, kandi ko yaba yarazize gukorana na FPR no kugambanira kwica abahutu:**

204.N’ubwo Inyandiko y’ibirego ivuga by’umwihariko ko Siliveri Karera yishwe n’agatsiko k’abantu barimo uwaba yitwa Farasisiko Ndimubanzi, Urugereko rusanga Porokireri nta kimenyetso na kimwe atanga gishobora kugaragaza umubare n’umwirondoro w’abakoze ubwo bwicanyi.

205.Naho ku byerekeye impamvu z’iyicwa rya Siliveri Karera zivugwa n’Ubushinjacyaha, ni ukuvuga kuba ngo yarakoranaga na FPR kandi akaba yaragambaniraga kwica abahutu, Ubwunganizi bwasabye ko izo mpamvu mu kwiregura zitakwakirwa kubera ko kubwabwo, Siliveri Karera yari umuhutu ko rero, kubera ibyo, ibivugwa na Porokireri ko uwo mwarimu yaba yarishwe kubera ubugambanyi bwo kwica abahutu, bidafite ishingiro.

**Ku byerekeye ibyavuzwe ko nibura umwe mu bishe Siliveri Karera yaba yarashyikirijwe Yohani-Pawulo Akayesu, kandi ko Akayesu ntacyo yakoze kugira ngo amufatishe:**

206.N’ubwo Inyandiko y’ibirego yemeza ko nibura umwe mu bishe Siliveri Karera yashyikirijwe Yohani-Pawulo Akayesu, Porokireri ntiyigeze atanga ibimenyetso bishyigikira icyo kirego.

207.Umutangabuhamya E, yavuze ko mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira kuwa 19 Mata 1994, avuye ku marembo y’ikigo cy’amashuri Siliveri Karera yari yiciwemo, yagannye aho yari

yumvise induru zari zatumye asohoka iwe zituruka. Ageze aho izo nduru zaturukaga, i Gishyeshye hafi ya bariyeri, yabonye umurambo w'undi muntu wari wishwe. Aho hari hiremye agatsiko k'abantu. Bavuze ko porofeseri Karera yishwe, ariko ko uwo murambo wari kuri bariyeri wari uw'Interahamwe yari imaze kumwica. Uretse iyo Nterahamwe yari yapfuye, ngo nta wundi muntu washinjwe iyicwa rya Karera. Umutangabuhamya E yasobanuye neza ko yumvise abantu bavuga ko Siliveri Karera yishwe n'iyo Nterahamwe gusa.

208.Umutangabuhamya wahamagajwe na Porokireri akoresheje izina ry'iritizanyo Z, w'umututsi, yavuze ko ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, mu masaha ya mu gitondo y'umunsi wakurikiye iyicwa ry'umwarimu w'umututsi i Remera n'iry'uwamwishe, wahitanywe n'abashinzwe umutekano, we ubwe n'abandi bantu bakoraniye iruhande rw'umurambo w'uwo muntu wari wishe uwo mwarimu. Iyo mbaga yashinjaga Interahamwe zari aho kuba ari zo ntandaro z'urupfu rw'uwo mwarimu. Akayesu, wari ufite intwaro, yatandukanyije izo Nterahamwe n'abandi baturage. Dukurikije amagambo y'umutangabuhamya Z, yavuze ukuntu Akayesu yaba yarababajwe n'urupfu rw'uwo muntu, avuga iby'uwo murambo.

209.Umutangabuhamya ushinja A, yavuze ko mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994, Interahamwe imwe yari yishwe. Nta perereza ryakozwe, ahubwo bahise bayihamba.

210.Umutangabuhamya ushinja U, yavuze ko ku itariki ya 19 Mata 1994, abantu bamubwiye ko hari umuntu wishwe kandi ko Akayesu yagiye aho umurambo we wari uri akahakoreshereza inama.

211. Abandi batangabuhamya benshi babwiye Urugereko ko ku itariki ya 19 Mata 1994 i Gishyeshye, mu gitondo kare, abantu baremye agatsiko ku murambo w'umusore w'Interahamwe. Iyo nama niyo Porokireri ashingiraho mubyo arega Akayesu mu bika bya 14 na 15 by'Inyandiko y'ibirego. Imyanzuro y'Urugereko ku byabaye, igamije kwemeza niba iyo nama koko yarabaye cyangwa itarabaye, iri butangwe mu magambo arambuye.

212.Mu myanzuro yabwo, Ubushinjacyaha bwabyemeye uko byavuzwe. Ubushinjacyaha bwabwiye Urugereko ko Interahamwe zimwe zimaze kwica umwarimu w'umututsi, Siliveri Karera, mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994, i Remera, abantu basohotse, bakajya mu mihanda kureba ibyabaye, bibaza impamvu umwarimu yishwe. Porokireri ubwe yavuze ko, nyuma yaho, bafashe imwe mu Nterahamwe i Gishyeshye, maze bakayica.

213.Ubushinjacyaha nta gikorwa na kimwe bwavuze mu myanzuro yabwo gishobora kwemeza ko umwe mu bantu baba barishe Siliveri Karera yaba yarashyikirijwe Yohani-Pawulo Akayesu ari muzima, ibyo bikaba bitandukanye n'ibivugwa mu gika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego.

214.Igihe yanyomozaga Ushinjwa, ubwo yari yitabye Urukiko nk'umutangabuhamya mu rubanza rwe bwite, Porokireri yamusabye kwemeza ko Siliveri Karera yishwe mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994, kandi ko nyuma yaho, Interahamwe yamwishe nayo yaje kwicwa. Porokireri yongeyeho ko ibyo bihuye n'ibyavuzwe n'abatangabuhamya bashinja.

215. Ubwo yitabaga Urukiko nk'umutangabuhamya, Ushinjwa yemeje ko mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 199 4, yari aryamye ku biro bya komini ; nibwo mu ma saa kumi z'ijoro, uwitwa Agusitini Sebazungu, umucungamari wa MDR muri Taba kandi utuye muri segiteri Gishyeshye, yazaga kumumenyesha ko muri segiteri Gishyeshye hari umwuka mubi,

kuko hari umusore w'Interahamwe wari umaze kuhicirwa. Burugumesitiri yahise abimenyesha abapolisi, maze ajya aho ibyo byari byabereye, aherekejwe n'abapolisi babiri. Yahasanze umurambo w'umuntu uryamye hasi, wuzuyeho amaraso nk'aho yari yakubiswe. Ushinjwa yemeje imbere y'Urugereko ko, abitewe n'uko abantu bari bakoraniye ahongaho kureba ibyabaye, yaboneyeho akanya ko gufata ijambo ngo agire icyo abwira abaturage. Yabonye Interahamwe zo muri ako karere zashitse, ziremye agatsiko ku murambo wa mugenzi wabo. Akayesu yabwiye Urugereko ko yamaganye iyicwa ry'uwo musore, kubera ko yumvaga ko ubwo atari bwo buryo buboneye bwo kubungabunga umutekano rusange kandi ko kumufata byari kuba bihagije.

**Imyanzuro ku byabaye :**

216.Abatangabuhamya bashinja bakoreshaga amazina y'amatizanyo A, W, E na U, ndetse na Efuremu Karangwa, batanze ubuhamya bwemeza ibirego by'Ubushinjacyaha ku byerekeye iyicwa rya mwarimu Siliveri Karera mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994. Rushingiye kuri ubwo buhamya bwinshi buhuye, kandi butigeze bunyomozwa bihamye n'Ubwunganizi, Urugereko ruremera ko Siliveri Karera yishwe koko mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994 i Gishyeshye.

217.Ariko rero Urugereko rusanga Porokireri ataratanze ibimenyetso bihagije bishyigikira ibyo avuga ku byerekeye umubare n'imyirondoro y'abishe Siliveri Karera cyangwa n'impamvu z'ubwo bwicanyi.

218. Ku byerekeye imvugo, ko nibura umwe mu bishe Siliveri Karera yaba yarashyikirijwe Yohani-Pawulo Akayesu, kandi ko Akayesu ntacyo yakoze kugira ngo amufatishe; kubera impamvu zatanzwe haruguru kandi bitewe n'uko habura ibimenyetso bihagije, Urugereko rusanga Ubushinjacyaha butarashoboye kwemeza, nta gushidikanya na gato, ko nibura umwe mu bishe Siliveri Karera yaba yarashyikirijwe Akayesu ari muzima, kandi ko ntacyo yakoze kugira ngo afungwe.

### 5.2.3. Igika cya 18 cy'Inyandiko y'ibirego

219.Igika cya 18 cy'Inyandiko y'ibirego giteye gitya:

> "Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, abagabo bari batumwe na Yohani-Pawulo Akayesu gushaka Efuremu Karangwa, bashenye inzu ye batwika n'iya nyina. Hanyuma yaho, bagiye gusaka inzu ya muramu wa Efuremu Karangwa muri komini Musambira, bahasanga barumuna be batatu aribo Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyiligira na Yohani-Kirizosotomo Gakuba. Abo bavandimwe bagerageje guhunga, ariko Yohani-Pawulo Akayesu yahise avuza ifirimbi, abimenyesha abaturage bo muri ako gace, maze ategeka abantu kubafata. Bamaze gufatwa, Yohani-Pawulo Akayesu yategetse ko bicwa kandi nawe ubwe abigiramo uruhare."

**Ibirego**

**Ubuhamya bwa Efuremu Karangwa (Umutangabuhamya D)**

220. Efuremu Karangwa yari yahawe izina ry'iritizanyo D. Ndetse ku itariki ya 26 Nzeli 1996, Urugereko rwa mbere rw'iremezo rwari rwafashe icyemezo cyo kurinda umutekano we nk'umutangabuhamya. Ariko ibyo yarabyanze, ahitamo gutanga ubuhamya akoresheje izina rye bwite.

221. Efuremu Karangwa yavuze ko yari atuye muri Taba kandi ko muri Mata 1994, yari umugenzacyaha (IPJ) muri Minisiteri y'Ubutabera, akaba yari ashinzwe gukorana na Porokireri wa komini (sic !) Taba kuva muri Kanama 1994. Kubera iyo mirimo yari ashinzwe, yakoraga iperereza ku birego nshinjabyaha, maze amadosiye akayashyikiriza Porokireri. Ibiro by'uwo mutangabuhamya byari ku biro bya komini Taba. Dukurikije amagambo y'umutangabuhamya, burugumesitiri niwe wategekaga komini yose kandi Ushinjwa niwe wari ufite uwo mwanya muri Taba mu gihe cy'ibyabaye muri Mata 1994. Hashize imyaka 20 baziranye. Umutangabuhamya nta shyaka na rimwe rya politiki yarimo, kuko Minisiteri y'Ubutabera yamubuzaga gukora ibikorwa bya politiki ibyo ari byo byose. Ukurikije ibyo umutangabuhamya yivugiye, imikoranire ye n'Ushinjwa yari itarigera irangwa n'umwuka mubi uwo ariwo wose.

222. Karangwa yavuze ko, nk'umugenzacyaha, yaje kumenya ko hari ibibazo bya politiki hagati y'amashyaka, muri Taba cyane cyane hagati ya MDR na MRND. MDR niyo yari ifite abayoboke benshi muri Taba, kandi yari iyobowe n'Ushinjwa. Mu w'i 1992, MDR yigeze gukora imyigaragambyo, maze iza kuvamo ibikorwa by'urugomo bitewe n'uko abo bigaragambyaga bagerageje kwinjira mu kigo cya komini ku ngufu. MDR yashakaga kwirukanisha burugumesitiri wari uriho icyo gihe. Icyo gihe umutangabuhamya yakoze anketi maze dosiye ayishyikiriza Porokireri kugira ngo akurikirane ibyo byaha. Kugeza atanga ubuhamya bwe, umugabo yari ataramenya iby'iyo dossier. Umutangabuhamya yemeje ko yari azi Silasi Kubwimana kandi ko uwo Kubwimana yavugaga kenshi ko atishimiye ibyo Ushinjwa n'abakuru ba MDR. bakoraga. Yavuze kandi ko Ibiro bya Porokireri byari byarakoze dosiye y'icyo kibazo. Yamenye ibyari bikubiye muri iyo dosiye mu rwego rw'umurimo we w'ubugenzacyaha.

223. Karangwa yavuze ko kuwa 7 Mata 1994 mu gitondo, mu gihe yiteguraga kujya ku kazi, yumvise itangazo kuri radio rivuga ko Perezida yishwe, ko abantu bose basabwe kuguma aho bari, ibyo bigatuma areka kujya ku biro bye.

224. Karangwa yavuze ko yaganiriye n'abantu benshi ku byerekeye umutekano muri Taba. Kuwa 14 Mata 1994 yabonye minibisi y'ubururu yo mu bwoko bwa Toyota ihita. Yumvise abantu bavuga ko iyo modoka n'indi kamyoneti yera, ari izo abaturage b'i Kamembe bari bambuye Interahamwe, kandi umupolisi umwe akaba yarahapfiriye n'Interahamwe imwe ikahakomerekera.

225. Karangwa yavuze ko yavuye iwe mu ijoro ryo kuwa 18 Mata 1994 aho amariye kumva abantu bavuga ko abatutsi barimo kwicwa muri komini Runda, bikamutera ubwoba kuko nawe yari umututsi. Yasobanuye ko komini Taba na Runda zegeranye. Mu ma saa saba z'ijoro kuwa 19 Mata 1994, hari umuntu waje kumubwira ko avuye mu nama yari iyobowe n'Ushinjwa. Muri iyo nama hari hafashwe ingamba zo kwica umutangabuhamya, maze hagakurikiraho ubwicanyi muri Taba busa n'ubwari bwarabaye muri Runda. Uwo muntu yagiriye umutangabuhamya inama yo guhunga we n'umuryango we wose. Uwo mutangabuhamya n'umuryango we bihishe ku gasozi. Bigeze mu museke, bashiki be, nyina, n'umugore we bagiye ku maguru i Musambira kubandimwe b'umugore we b'igitsina gore, naho umutangabuhamya we na barumuna be barasigara kugira ngo barebe niba ibyo bari bumvise ari ukuri. Umutangabuhamya yibajije impamvu bashaka kumwica, we n'umuryango we, kandi ntawe bagiraga icyo bapfa.

226. Dukurikije amagambo ye, Karangwa yashoboraga, mu bwihisho bwe, kubona inzu ye yari ku gasozi gateganye n'ako yari ariho, nko muri metero 150. Hagati ya saa munani na saa cyenda z'ijoro yabonye imodoka eshatu zigana ku rugo rwe. Ushinjwa yari muri minibisi

y'ubururu yo mu bwoko bwa Toyota, ariyo abaturage bari bambuye Interahamwe. Umutangabuhamya ntabwo yashoboye kumenya niba Ushinjwa ariwe wari utwaye iyo minibisi y'ubururu yo mu bwoko bwa Toyota Hiace. Yavuze ko izo modoka zindi zari Toyota yera n'iyindi Toyota y'umutuku. Ntiyashoboraga kubona icyo Ushinjwa yari afite mu ntoki, ariko yabonye neza ko yari yambaye ikote rirerire rya gisirikare. Ushinjwa n'abandi bantu basohotse mu modoka bajya iw' umutangabuhamya. Yavuze ko imbwa ze zamotse, umwe mu bari muri ako gaco akarasa maze zigahunga. Umutangabuhamya yaba yarabonye ukuntu ako gaco k'abantu kasenye inzu ye n'iya nyina. Izo nzu zaba zarasahuwe kandi zikanatwika. Umutangabuhamya yashoboye kuvuga ko gihamya 50 na 51 yeretswe n'Ubushinjacyaha, ari amafoto y'amatongo y'ayo mazu.

227. Kubwa Karangwa, ibyo byashyigikiye ibyo yari yabwiwe: nuko yiyemeza gusanga umuryango we i Musambira. Yahageze mu ma saa cyenda z'amanywa. Yasanze umuryango we kwa muramu we Lawurenti Kamondo, nuko bahita bajya i Kabgayi, ariko we yategereje ko barumuna be bahagera. Uwo mutangabuhamya yavuze ko atashoboraga kuguma mu nzu kuko yari afite ubwoba ko Ushinjwa yaza kuhamushakira. Yihishe mu ishyamba ry'inturusu mu gikombe cy'umusozi nko muri metero 80 z'urugo.

228. Karangwa yaba yarabonye imodoka ebyiri, minibisi Toyota Hiace y'ubururu n'i Toyota Hilux itukura zerekeza kuri urwo rugo, zihagarara nko muri metero 25. Ni ya minibisi yari yarambuwe Interahamwe kandi ni yo Ushinjwa yakoreshaga icyo gihe. Abantu bavuye muri izo modoka, bamanuka ku maguru berekeza kwa Lawurenti Kamondo. Umutangabuhamya yamenyemo bamwe nka burugumesitiri wa Musambira, Ushinjwa, umupolisi wa komini Musambira witwa Emanweli Mushumba, *Mutiji Masivere*, *Winima Boniface* na *Munir Yarangaclaude* (byanditswe uko byumviswe) wari umunyamabanga wa MDR muri komini ya Taba. Ushinjwa yari yambaye ikoti rirerire rya gisirikari afite n'intwaro mu ntoki.

229. Karangwa yaba yarumvise urusaku n'amafirimbi igihe ako gatsiko k'abo bantu kasatiraga inzu ya Lawurenti Kamondo. Yabonye abantu biruka, abona barumuna be bari ku mbuga hamwe n'abo bantu. Ni uko rero yamenye ko barumuna be bari i Musambira. Abo bantu bakomeje kuvuza induru, nuko yumva Ushinjwa avuga ko abo bavandimwe be bagomba kwicwa. Umutangabuhamya yumvise amasasu avuga, atekereza ko abavandimwe be barashwe kandi ko ari Ushinjwa wari umaze kurasa. Ubushinjacyaha bwamubajije niba yarabonye intwaro yakoreshejwe mu kwica abavandimwe be, avuga ko yabonye Ushinjwa yitwaje intwaro igihe yazaga kandi ko yumvise urusaku rw'amasasu.

230. Nk'uko abivuga, barumuna be bamaze kwicwa, Karangwa yahungiye i Kabgayi noneho ageze kuri katederali abona Ushinjwa aje mu ikamyoneti ya "pick-up" ari kumwe n'abapolisi babiri ba komini Taba aribo Emanweli Mushumba na *Ooli Musakarani* (byanditswe uko byumviswe) n'agatsiko k'abandi bantu. Ushinjwa n'abo bantu bavuye mu modoka bareba mu kibuga cya katederali ariko ntibinjira mu kiliziya, hanyuma basubirayo bari muri iyo modoka. Uyu mutangabuhamya yabwiwe n' Umutangabuhamya V ko Ushinjwa amushakisha noneho amugira inama yo kwihisha. Umutangabuhamya yagumye ku iseminari kugeza intambara irangiye.

231. Nubwo atashoboye kuva ku iseminari, Karangwa yabwiwe n'abantu benshi ko Ushinjwa yaje ko i seminari inshuro nyinshi. Guhera ku itariki ya 30 Gicurasi 1994, Ushinjwa yashoboraga kwinjira mu kigo cya seminari. Umutangabuhamya avuga ko yibuka neza iyo tariki kubera ko ari uwo munsi Ushinjwa yaje kumushaka maze umuntu akamukiza.

232. Karangwa yaba yaragumye i Kabgayi kuva ku itariki ya 21 Mata kugeza kuya 2 Kamena 1994. Mu ntangiriro z'uw'i 1995, yahawe akazi ka IPJ muri parike ya Gitarama, hanyuma aza kugirwa burugumesitiri wa Taba ku itariki ya 3 Mutarama 1996. Umutangabuhamya avuga ko mu gihe abatutsi bicwaga, Ushinjwa yamushakishaga kubera ko yari yarakoze kuri komini kandi akaba yari umututsi.

233. Asubiza ikibazo cy'Urugereko, Karangwa yavuze ko kubera ko Ushinjwa yari ahari abavandimwe be bicwa, agomba kuryozwa iby'urupfu rwabo. Bamubajije gusobanura impamvu atekereza ko Ushinjwa yategetse ko bicwa, yongeye kwemeza ko ari Ushinjwa watanze iryo tegeko.

234. Mu bibazo binyomoza, Karangwa yavuze ko, mu by'akazi, yumvikanaga cyane n'Ushinjwa. Ushinjwa yacaga imanza mboneza-mubano maze agashyikiriza Karangwa imanza z'inshinjabyaha. Karangwa, ubusanzwe, yatumirwaga mu nama z'umutekano muri Taba. Karangwa kandi yavuze ko yabonye Ushinjwa hagati y'itariki ya 6 n'iya 10 Mata 1994 i Kamembe aho Ushinjwa yari yagiye kureba uko umutekano wifashe nyuma y'uko impunzi nyinshi ziza ziturutse i Kigali. Ushinjwa yari yahohereje abapolisi ba komini kugira ngo barinde umutekano w'izo mpunzi. Icyo gihe, Ushinjwa yarwanyaga ubwicanyi ubwo ari bwo bwose.

235. Bamubajije gusobanura ibyo yemeje mu buhamya bwe bwanditswe yahaye ibiro bya Porokireri (gihamya 105), umutangabuhamya yavuze ko ku itariki ya 18 n'iya 19 Mata 1994, Ushinjwa yaremesheje inama agamije gutegura itsembabwoko. Nubwo nta n'imwe muri izo nama yagiyemo, yumvise zivugwa. Muri izo nama bemeje ko aho kugira ngo barwanye Interahamwe na CDR ahubwo MDR na MRND byagombaga kurwanya abatutsi. Icyo cyemezo, ku rwego rwa komini, cyafashwe na burugumesitiri. Nubwo burugumesitiri yari umurwanashyaka wa MDR, yari afite ububasha ku mashyaka yose akorera muri komini. Umutangabuhamya yavuze ko atongeye gusubira ku kazi kuva tariki ya 7 Mata 1994. Avuga kandi ko yabonaga uburemere bw'ibibazo by'umutekano byari muri komini kandi agatekereza ko iyo burugumesitiri amubonamo ubushobozi bwo kubikemura, yari kumushakira uko yagera ku biro.

236. Karangwa yemeye ko Ushinjwa yarwanyije koko Interahamwe nyuma y'itariki ya 6 Mata 1994 ndetse anongeraho ko iyo atabikora, ubwicanyi buba bwaratangiye kare cyane muri Taba. Ababuranira Ushinjwa babwiye umugabo ko mu buhamya bwanditse yagejeje ku biro bya Porokireri, yavuze ko yari nko muri kilometero imwe y'urugo rwe igihe yabonaga Ushinjwa agana iwe ari kumwe n'agatsiko k'abantu ; Umutangabuhamya yarabihakanye, yongera kwemeza ko yari muri metero 150 ku gasozi gateganye n'urugo rwe. Avuga ko yashoboye kumenya Ushinjwa kubera ingendo ye n'imyenda yari yambaye. Nubwo yari muri metero 150, umutangabuhamya yashoboraga kumva ibyo Ushinjwa n'ako gatsiko k'abantu bari kumwe bavugiraga iwe mu rugo. Yavuze ko Ushinjwa yari kumwe n'uwungirije burugumesitiri *Civil Mootijima* (byanditswe uko byumviswe), uwungirije burugumesitiri *Wimina Boniface* (byanditswe uko byumviswe), umuyobozi wa banki y'abaturage *Aloyce Kabunda* (byanditswe uko byumviswe), umucuruzi *Daniyeli Gasiba* (byanditswe uko byumviswe) n'abapolisi bamwe ba komini.

237. Mu bibazo binyomoza, Karangwa yavuze ko Ushinjwa ageze kwa Lawurenti Kamondo i Musambira, yahise asaka inzu, akavumburamo barumuna be batatu. Nyuma Ushinjwa yarashe abo barumuna be batatu barapfa. Avoka yerekanye ko mu buhamya bwe bwanditse, umugabo yari yemeje ko Ushinjwa yarashe murumuna we *Jean Kistitsan* (byanditse uko byumviswe) agapfa, naho barumuna be bandi babiri batewe kandi bicishwa imihoro

n'abagabo bari baherekeje Ushinjwa mu gihe bagerageza guhunga. Avoka yasabye umutangabuhamya kwisobanura ku byerekeranye n'izo mvugo ebyiri zitandukanye. Umutangabuhamya yarabihakanye, yemeza ko barumuna be bose uko ari batatu bishwe n'amasasu.

238. Mu bibazo binyomoza, Karangwa yavuze ko yavuye i Musambira barumuna be bakimara kwicwa. Bamubajije niba yarabahambye, yashubije ko atabonye umwanya wo kubikora. Avoka yabwiye umutangabuhamya ko mu buhamya bwe bwanditse yavuze ko yahambye barumuna be hafi yo kwa Kamondo Lawurenti. Bamusabye kwisobanura kuri izo mvugo zinyuranye, umutangabuhamya yarabihakanye, yemeza ko barumuna be bashyinguwe na Lawurenti Kamondo.

**Ubuhamya bw'umugabo S**

239. Umutangabuhamya S yavuze ko ari umuhinzi w'umuhutu. Muri Mata 1994 yari atuye muri komini Musambira. Muri iyo komini hari umutekano ndetse na nyuma y'itariki ya 6 Mata 1994, ari wo munsi wakurikiye ihanuka ry'indege ya perezida ariko byose byaje guhinduka ku itariki ya 19 Mata 1994. Umutangabuhamya S yari iwe ku itariki ya 19 Mata 1994. Uwo munsi mu gitondo hagati ya saa tatu na saa ine, umugore wa Efuremu Karangwa, bashiki be na nyina, bagiye mu rugo rw'umutangabuhamya S. Bagezeyo, bamubwiye ko ubwicanyi bwatangiye muri komini Taba kandi ko abantu benshi barimo bava mu ngo zabo bahunga.

240. Umutangabuhamya S avuga ko Efuremu Karangwa yageze iwe hagati ya saa tanu na saa sita z' amanywa uwo munsi. Akihagera, umugore we, nyina na bashiki be bahise bagenda berekeza i Kabgayi. Umutangabuhamya S yavuganye na Efuremu Karangwa maze yemeza ko ubwicanyi bwatangiye muri Taba. Asohotse mu rugo rwe, yatereye amaso mu cyerekezo cya Taba nuko abona imyotsi mu kirere. Umutangabuhamya S avuga ko Karangwa yamubwiye ko ategereje barumuna be kugira ngo nibahagera, basange abandi bo mu muryango wabo i Kabgayi.

241. Umutangabuhamya S avuga ko barumuna ba Efuremu Karangwa batatu bageze iwe ku itariki ya 19 Mata 1994 hagati ya saa kumi na saa kumi n'imwe za nimugoroba. Barinjiye, babaza amakuru ya nyina na bashiki babo. Umutangabuhamya S yababwiye ko bagiye. Yanababwiye ko Efuremu Karangwa abategereje ariko ko atazi aho abategerereje. Umutangabuhamya avuga ko abo bavandimwe batatu bari bambaye imyenda ya gisivili kandi ko nta ntwaro bari bitwaje. Umutangabuhamya S n'abo bavandimwe batatu binjiye mu nzu. Mu gihe bari mu nzu, umutangabuhamya yumvise urusaku rw'imodoka. Abo bavandimwe batatu bagiye inyuma y'inzu. Umutangabuhamya S yagiye ku irembo, ahabona imodoka ya komini Musambira. Avuga ko yari ikamyoneti "*double-cabine*" itukura yo mu bwoko bwa Hilux. Ubwo nibwo yabonaga burugumesitiri wa Musambira Yusitini *Nyangwe*, n'uwari umwungirije Maritini Kalisa berekeza iwe bari kumwe n'Ushinjwa, n'uwungirije burugumesitiri wa Taba n'abapolisi bamwe. Ntabwo yari azi abapolisi bari muri ako gatsiko ariko yamenye ko ari abapolisi kuko bari bambaye imyambaro y'abapolisi, bitwaje n'imbunda. Umutangabuhamya S yamenye mo abapolisi babiri ba komini Musambira. Ntiyashoboye kumenya abandi bari muri ako gatsiko bari bambaye imyenda ya gisivili.

242. Umutangabuhamya S avuga ko yari asanzwe azi Ushinjwa mbere y'ibyabaye muri Mata 1994. Yamubonaga kuri komini iyo yabaga agiye gusura Efuremu Karangwa ku biro bye. Umutangabuhamya avuga ko Ushinjwa yari yambaye ikote rirerire rya gisirikare, yitwaje na gerenadi mu ntoki. Se w'umutangabuhamya S na we yari mu gatsiko k'abantu baje iwe. Yabonye ko se yari yakomeretse kandi ko yavaga amaraso mu maso. Ako gatsiko

kari kahageze kari nko muri metero eshatu z'urugo rwe. Se w'umutangabuhamya S yamusabye gutanga Efuremu Karangwa niba ari iwe, bitaba ibyo, bakicwa naho ubundi baricwa. Muri icyo gihe Ushinjwa yari iruhande rwa burugumesitiri wa Musambira. Burugumesitiri wa Musambira yabajije umutangabuhamya S niba Efuremu Karangwa ari mu nzu. Umutangabuhamya S avuga ko yamuhakaniye, akamubwira kujya gusaka inzu niba abyifuza. Uwungirije burugumesitiri wa Musambira Maritini Kalisa n'abapolisi babiri bo muri Taba basatse inzu. Umutangabuhamya ntiyemerewe kwinjira mu nzu igihe basakaga, yagumye hanze. Mu gihe basakaga, Ushinjwa yategetse abapolisi kugota inzu kugira ngo babuze Efuremu Karangwa guhunga. Hagati aho, abaturage benshi bo muri Musambira bari bahuruye baje kureba icyabaye, noneho nabo bagota inzu bakurikije amabwiriza y'Ushinjwa.

243. Abasakaga baba batarabonye Efuremu Karangwa mu nzu. Ahubwo baba barasohokanye amakopo y'amafi "*sardine*" bavuga ko umutangabuhamya S n'umuryango we ari "inyenzi". Icyo gihe barumuna ba Efuremu bari inyuma y'inzu bari kumwe na mushiki w'umutangabuhamya S. Umutangabuhamya S avuga ko atabyiboneye, ariko ko mushiki we yamubwiye ko barumuna ba Efuremu Karangwa bagerageje guhunga. Abapolisi bavugije amafirimbi bavuga ngo "mufate izo nyenzi", nuko agatsiko k'abantu kiruka inyuma y'abo bavandimwe batatu.

244. Umutangabuhamya S yaba yarumvise abantu basakuza ngo "… mufate izo nyenzi…" Hashize nk'iminota icumi, iyo mbaga y'abantu yagarutse iri kumwe na barumuna batatu ba Efuremu Karangwa. Umutangabuhamya S avuga ko bari bakubiswe. Nubwo atabonye aho babakubita, yabonye ibikomere bari bafite byatewe n'inkoni. Abo bavandimwe batatu bari bafite ibikomere biva amaraso kandi n'imyenda yabo yari yacitse. Babategetse kwicara mu kanyatsi, nko muri metero ebyiri uvuye ku irembo, Ushinjwa ahibereye. Burugumesitiri wa Musambira, Yusitini *Nyangwe* yabajije Ushinjwa niba azi abo bavandimwe batatu, amusubiza ko bakomoka muri komini ye. Noneho Yusitini Nyangwe abaza Ushinjwa icyo bakoresha abo bantu, maze arasubiza ati : "Tugomba kwikiza aba bantu …" nuko yongeraho ko bagomba kwicwa. Abapolisi b'i Musambira bategetse abo bavandimwe batatu kuryama bubitse inda hasi. Icyo gihe hari hamaze guteranira imbaga y'abantu yasabwe kwigira inyuma. Abo bavandimwe batatu bose bapfuye barashwe n'abapolisi babiri ba komini Musambira, babarashe amasasu mu irugu ; *Monzatina* (byanditswe uko byumviswe) yishemo babiri, uwa gatatu yicwa na Rubereti.

245. Burugumesitiri wa Musambira, Yusitini *Nyangwe* yaba yarasabye umutangabuhamya S n'abantu bo mu muryango we kurira imodoka ya komini. Babajyana, umutangabuhamya S, yumvise abantu bavuga ko bagiye gusenya inzu ye kubera ko we n'umuryango we ari "inyenzi". Ushinjwa n'agatsiko k'abantu bamwe bagiye mu modoka yabo, nuko bagenda berekeza muri Taba. Imodoka umutangabuhamya S yarimo, yagiye mbere noneho mu gihe yacaga ku modoka y'Ushinjwa, abonamo umuntu uboshye (sic). Umutangabuhamya n'umuryango we bajyanywe gufungirwa kuri komini Musambira. Nyuma, we yashoboye gutoroka ariko bashiki be batatu barishwe.

246. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya S yavuze ko yajyaga abona Ushinjwa kenshi iyo yajyaga kuri komini Taba gusura Efuremu Karangwa wahakoraga akazi ka IPJ. Yari yarigeze no kubona uwungirije burugumesitiri wa Taba ariko ntiyari amuzi izina.

247. Umutangabuhamya S avuga ko mbere yo kuza iwe, Ushinjwa yabanje kujya kwa sekuru ari na ho yasanze se. Ageze mu rugo rw'umutangabuhamya S, Ushinjwa yahagaritse imodoka ye iruhande rw'umuhanda wa kaburimbo naho burugumesitiri wa Musambira ahagarika iye imbere y'urugo rw'umutangabuhamya S. Umugabo S aho yari yicaye mu nzu,

yumvise imodoka burugumesitiri wa Musambira yarimo ihinda ikiri nko muri metero 25 z'urugo. Imodoka Ushinjwa yarimo yari ihagaze ku muhanda wa kaburimbo nko muri metero 300 cyangwa 400. Umutangabuhamya S yasubiyemo ko atumvise imodoka Ushinjwa yajemo ihinda, ko iyo yumvise ari iyo burugumesitiri wa Musambira yajemo. Yamenye ko Ushinjwa yashakishaga Efuremu Karangwa ubwo burugumesitiri wa Musambira yamubazaga niba Karangwa ahari ; umutangabuhamya yongeyeho ko se yamusabye gushyikiriza Karangwa Ushinjwa niba ari iwe.

248. Mu bibazo binyomoza, Umugabo S yemeye ko yatanze ubuhamya imbere ya Porokireri w'i Gitarama. Ababuranira Ushinjwa batanze ubwo buhamya ho gihamya n$^{o}$ 104. Umutangabuhamya S avuga ko ubwo buhamya butari bwerekeranye n'Ushinjwa, ko ahubwo bwarebaga uwahoze ari burugumesitiri wa Musambira ufunzwe kubera ibyo aregwa biri muri ubwo buhamya. Baba baramubajije ibibazo bitaziguye byerekeranye na burugumesitiri wa Musambira. Avoka yamubwiye ko muri ubwo buhamya bwe yavuze ko Ushinjwa yari kumwe na burugumesitiri wa Musambira Kalisa Maritini na Yusitini Nyandwi. Umutangabuhamya S yavuze ko yibuka ko yabwiye Porokireri w'i Gitarama uruhare Ushinjwa yagize mu iyicwa ry'abavandimwe ba Karangwa ariko ko ibyo bitashyizwe mu nyandikomvugo.

249. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya S yavuze ko yabonye Ushinjwa yitwaje gerenadi mu ntoki. Yamenye ko ari gerenadi kuko yajyaga azibonana abasirikari mbere y'intambara. Avoka yabwiye Umugabo S ko mu buhamya yahaye abashinzwe iperereza bo mu biro bya Porokireri, yavuze ko ushinjwa yaje iwe yitwaje imbunda na gerenadi, naho mu gihe cy'ibazwa rye na Porokireri imbere y'Urugereko, akavuga ko Ushinjwa yari afite gerenadi gusa. Umutangabuhamya S yavuze ko atigeze abwira abakora iperereza bene ayo magambo, yongera gushimangira ko yabonye Ushinjwa yitwaje gerenadi gusa.

250. Umutangabuhamya S avuga ko ubusanzwe abapolisi ba komini Musambira bajyaga bavuza ifirimbi iyo isoko ryagombaga kuremura. Ifirimbi na none ngo yakoreshwaga mu gihe habaga hari umutekano muke muri ako karere. Abavandimwe ba Karangwa baba barashakishijwe kuko muri icyo gihe basakaga amazu bashakisha abantu bihishe. Abapolisi bavugije ifirimbi, barasakuza bati "nimufate izo nyenzi, ntimutume zicika". Abaturage bahise biruka inyuma y'abavandimwe ba Efuremu Karangwa. Umutangabuhamya avuga ko abaturage babigenje batyo, bubahiriza itegeko ryatanzwe n'abategetsi. Muri rusange, abaturage bubahirizaga amategeko atanzwe n'abategetsi, ndetse bakaba banakora n'ibinyuranyije n'amategeko. Avoka yavuze ko abavandimwe ba Karangwa nta ntwaro bari bitwaje, bityo bakaba ntacyo bashoboraga gutwara abaturage bo muri Musambira ariko bagiriwe urugomo n'imbaga y'abantu yabirukaga inyuma, n'ubwo nta mategeko nkayo bari bahawe. Ni ukuvuga rero ko abantu bakoraga n'ibintu binyuranyije n'amategeko no mu gihe nta tegeko ryatanzwe. Umutangabuhamya S ntacyo yashubije kuri iyo mvugo y'Avoka.

**Ubuhamya bw'Umugabo DAX**

251. Umutangabuhamya DAX ushinjura yavuze ko yari azi Efuremu Karangwa, ko yari inshuti ye. Yari azi n'umuryango we. Nta muntu yaba yumvise avuga ko Efuremu Karangwa agomba kwicwa cyangwa se ko hari uwaba yarashakaga kumwica. Umutangabuhamya DAX yaba yarumvise iby'isenywa ry'inzu ya Efuremu Karangwa n'iby'ihotorwa ry'abavandimwe be. Yaba yarumvise ko abavandimwe ba Karangwa berekezaga i Kabgayi ubwo bicirwaga ku Kivumu muri komini Nyakabanda (byanditswe uko byumviswe). Avuga ko, ku bwe, abavandimwe ba Karangwa bishwe n'Interahamwe. Umutangabuhamya yavuze ko kuva icyo gihe yabonanye na Efuremu Karangwa inshuro nyinshi i Kigali, akamubwira ko yifatanije na

we kubera urupfu rw’abavandimwe be, ariko ko batigeze baganira iby’urwo rupfu ku buryo burambuye.

252. Umutangabuhamya DAX avuga ko inzu ya Efuremu Karangwa yasenywe n’abaturanyi be ku itariki ya 19 Mata 1994. Avuga kandi ko mu gihugu gikennye nk’u Rwanda, atari ibintu byoroshye ku muntu w’umukire, guturana n’abakene. Ni abantu bo mu muryango w’ *Abaghi* basenye inzu ya Karangwa, harimo uwitwa Gahib*i*. Uwitwa Gasimba Daniyeli wari umwanzi wa Efuremu Karangwa na we yagize uruhare mu isenywa ry’inzu. Gasimba Daniyeli yaguze lisansi yakoreshejwe mu gutwika inzu ya Efuremu Karangwa, nuko ayishyikiriza abaturanyi be. Uwitwa *Usuri* (byanditswe uko byumviswe) nawe yagize uruhare mu isenywa ry’inzu ya Efuremu Karangwa. Umutangabuhamya DAX avuga ko azi abantu bose bashenye inzu ya Karangwa ariko ko Ushinjwa nta ruhare yabigizemo.

253. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya DAX yemeye ko atari ahibereye igihe inzu ya Efuremu Karangwa yasenywaga, ariko ko yaba yaravuganye n’abayisenye bakimara kuyitwika. Yaba yarababonye bikoreye inzugi bakuye ku nzu ya Efuremu Karangwa, anumva bigamba ibyo bakoze.

**Ubuhamya bw’ Ushinjwa**

254. Ushinjwa avuga ko yagiye i Musambira ku itariki ya 19 Mata 1994, ahagana mu ma saa kumi z’ umugoroba. Avuga ko burugumesitiri wa Musambira yari yamusezeranije kumuha igitambaro cyo kudodeshamo imyambaro y’umupolisi mushya yari amaze guha akazi. Ushinjwa avuga ko yanagiye i Kabgayi ku itariki ya 20 Mata 1994 kureba uwitwa Kayibanda Aluferedi agirango azamuhishe kubera ko yashakaga guhunga. Avuga ko yahuye na mushiki wa Efuremu Karangwa i Kabgayi bakaramukanya. Yaba yarahuye na mushiki wa Karangwa i Kabgayi, bakaramukanya. Yahise yumva ko Efuremu Karangwa ari i Kabgayi. Avuga ko Karangwa yamutereranye mu bihe byo mu w’1994. Muri icyo gihe cya Mata 1994, yamwandikiye inshuro ebyiri ariko ntiyamusubiza. Avuga ko mu gihe ibyo mu w’i 1994 byababaga yahuye na Karangwa ku Kamonyi akamubaza impamvu yamutereranye. Ibyo ni byo Ushinjwa yavuze gusa mu buhamya bwe, byerekeranye n’igika cya 18 cy’Inyandiko y’ibirego.

**Imyanzuro ku byabaye**

255. Urugereko rusanga ko ku itariki ya 19 Mata 1994 Ushinjwa yarashakishaga Efuremu Karangwa. Ahagana mu ma saa saba z’ijoro kuri uwo munsi, Karangwa yamenye ko mu nama Ushinjwa yakoresheje, hafashwemo umugambi wo kumwica hamwe n’abandi batutsi. Ibyo Karangwa avuga mu buhamya bwe ko Ushinjwa yari arimo amushakisha hamwe n’umuryango we, byemezwa n’abatangabuhamya benshi. Abatangabuhamya V, E na Z, bari mu nama yabereye i Gishyeshye mu gitondo cyo ku itariki ya 19 Mata 1994. Muri iyo nama Ushinjwa yafashe ijambo maze izina rya Karangwa rivugwa mu mazina y’abantu bagombaga kwicwa. Ushinjwa yavuze ko IPJ akorana na FPR, asaba abaturage kumushakisha. Nyuma, umutangabuhamya V yabwiye Karangwa ibyerekeranye n’iyo nama bari i Kabgayi. Uwo mutangabuhamya yabonye Ushinjwa inshuro ebyiri i Kabgayi. Umunsi umwe, ku itariki ya 20 Mata 1994, Ushinjwa yabwiye Umutangabuhamya V ngo amushakire Karangwa, amumuzanire. Mu gitondo cyo ku itariki ya 19 Mata 1994, umutangabuhamya K yabonye Ushinjwa yinjira mu modoka ye kuri komini, maze ategeka abandi bantu kujyana nawe kugira ngo Efuremu Karangwa atabacika. Umutangabuhamya KK yumvise kandi Ushinjwa avuga ngo: “ubungubu tugomba kubahiga no kubica bose.” Abo yavugaga ni abatutsi na Efuremu Karangwa. Umutangabuhamya DCC ushinjura, mu bibazo binyomoza, yemeje ko Ushinjwa yahise atangira guhiga Efuremu Karangwa.

256. Karangwa n'abantu bo mu muryango we bavuye mu rugo rwabo bajya kwihisha. Bashiki be, nyina n'umugore we bagiye kwa murumuna w'umugore we i Musambira naho we na barumuna be bajya kwihisha ku gasozi gateganye n'urugo rwe. Karangwa yabonye Ushinjwa aza iwe ku itariki ya 19 Mata 1994 mu gitondo ari mu modoka y'ubururu ya minibisi Toyota Hiace, ikurikiranye n'izindi Toyota ebyiri, imwe y'umutuku, n'indi yera. Ushinjwa yari yambaye ikote rirerire rya gisirikare. Isasu ryaravuze maze imbwa zirahunga. Nyuma y'uko inzu ya Karangwa n'iya nyina zisahurwa zikanatwikwa, Ushinjwa n'abo bari kumwe barigendeye. Kuba Ushinjwa yari yambaye ikote rya gisirikare icyo gihe byemezwa n'abandi batangabuhamya. Uwo munsi Umutangabuhamya S yamubonye aryambaye naho Umutangabuhamya V amubona i Kabgayi ku itariki ya 20 Mata 1994 yambaye imyenda y'ingabo z'igihugu z'u Rwanda. Umutangabuhamya DAAX ushinjura nawe yamubonye yambaye ikote rya gisirikari maze amubwira ko atari byiza kwambara imyenda nk'iyo. Umutangabuhamya DFX ushinjura yemeje ko Ushinjwa yari yambaye ishati ya gisirikare. Ushinjwa yavuze ko mu kwezi kwa Gicurasi yambaraga ikote rya gisirikare yari yahawe n'umukoloneli wo mu ngabo z'u Rwanda.

257. Karangwa yihishe ku gasozi nko muri metero 80 z'urugo rw' umutangabuhamya S i Musambira, ategereje abavandimwe be. Ushinjwa, burugumesitiri wa Musambira, umupolisi witwa Emanweli Mushumba n'abandi bantu baje mu modoka ebyiri, imwe y' ubururu n'indi itukura. Karangwa yumvise urusaku n'amafirimbi, nuko abona abavandimwe be bari ku kibuga hamwe n'abo bantu. Yumvise Ushinjwa avuga ko abavandimwe be bagomba kwicwa, nuko amasasu aravuga. Abo bavandimwe be batatu bishwe barashwe avuga amazina yabo mu buhamya bwanditse yahaye Porokireri : Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyiligira na Yohani Kirizosotomo.

258. Karangwa yahungiye i Kabgayi aho Ushinjwa yakomeje kumuhiga. Umutangabuhamya V, wabonye Ushinjwa inshuro ebyiri ndetse akenda no gufatwa, yabwiye Karangwa ko Ushinjwa amushakisha i Kabgayi. Karangwa yagumye i Kabgayi kuva ku itariki ya 21 Mata kugeza ku ya 21 Kamena 1994. Mu bibazo binyomoza, Umutangabuhamya yahakanye ibintu byinshi bavuga ko yavuze mu buhamya bwe bwanditse yahaye ibiro bya Porokireri, akomeza gushimangira ubuhamya yatanze imbere y' Urugereko, yemeza ko n'ubwo atabonye barumuna be baraswa, yumvise Ushinjwa atanga itegeko ryo kubica kandi ko kubera ko Ushinjwa yari ahari, agomba kuryozwa urupfu rwabo.

259. Ubwunganizi bwavuze ko kubera ko byagaragaye ko mu bimenyetso byatanzwe imbere y'Urugereko byerekeye uburyo abavandimwe ba Karangwa bishwe, cyane cyane ibyerekeye intwaro yakoreshejwe, hagaragaramo ibintu bitari byo n'ibindi bivuguruzanya, ibivugwa na Porokireri ku byerekeranye n'iki kirego mu mizi yacyo ntibyagaragajwe. Ntibari bitwaje intwaro kandi bari bambaye imyenda ya gisivili. Bihishe inyuma y'inzu bumvise imodoka zije. Ikamyoneti ya Hilux itukura ya komini Musambira yari ihagaze imbere y'inzu ye. Mu gatsiko k'abantu baje iwe, harimo burugumesitiri wa Musambira, umwungirije, Ushinjwa- akaba yari azi ko ari burugumesitiri wa Taba-, uwungirije burugumesitiri wa Taba, abagabo bari bambaye imyenda ya gipolisi bitwaje imbunda, babiri muri abo akaba yari azi ko ari abapolisi ba komini Musambira n'Abasiviri.

260. Ubwunganizi bwanyomoje Karangwa, bumwereka itandukaniro riri hagati y'ibyo avuga ko barumuna be bishwe barashwe n'ubuhamya yari yarahaye ibiro bya Porokireri avuga ko barumuna be babiri bazize ibikomere batewe n'imihoro. Karangwa yahakanye ko atigeze aha ubwo buhamya ibiro bya Porokireri, yongera kwemeza ko barumuna be uko ari batatu bishwe barashwe. Ubwunganizi ntibwakomeje kumunyomoza.

261. Nk'uko Urugereko rwabivuze, rwemera ubuhamya butanzwe mu rukiko kurusha ubwatanzwe mbere nta we ubugenzura kandi mu buryo butazwi neza. Urugereko rwemera ibyo Karangwa yavuze asobanura impamvu ubuhamya bwe butandukanye kandi rusanga mu buhamya bwe bwose, Karangwa atigeze ahindura ibyo yavuze ko barumuna be bishwe barashwe kandi ibyo bikaba bishimangirwa n'Umutangabuhamya S.

262. Urugereko rusanga Karangwa yarasubiyemo neza ibyo yiboneye n'amaso ye, nta gukabya cyangwa se urwango. Rwemera ko ibyo uwo mugabo yatanzeho ubuhamya yashoboraga kubibona no kubyumva. Umugabo S yatanze ubuhamya bushyigikira kuri byose ubwa Karangwa ku byerekeye ibyabaye. Abavandimwe ba Karangwa baje iwe ku itariki ya 19 Mata 1994 ku gicamunsi. Nta ntwaro bari bitwaje kandi bari bambaye imyambaro ya gisivili. Bumvise moteri ihinda, bihishe inyuma y'inzu. Ikamyoneti ya Hilux itukura ya komini Musambira yari ihagaze imbere y'inzu ye. Mu gatsiko k'abantu kaje iwe, harimo Burugumesitiri wa Musambira, umwungirije, Ushinjwa- akaba yari azi ko ari burugumesitiri wa Taba-, uwungirije burugumesitiri wa Taba, abagabo bari bambaye imyenda ya gipolisi bitwaje imbunda, babiri muri bo akaba yari azi ko ari abapolisi ba komini Musambira.

263. Ushinjwa yari afite gerenade mu ntoki. Urugereko rusanga ibyo bivuguruza imvugo ya Karangwa ko Ushinjwa yari yitwaje imbunda. N'ubwo bigaragara mu buhamya bwombi ko Ushinjwa yari afite intwaro mu ntoki, ubuhamya bwakwemerwa kurushaho ni ubw'umugabo S wari hafi y'Ushinjwa ku mbuga y'urugo rwe.

264. Uwungirije burugumesitiri wa komini Musambira n'abapolisi babiri bo muri Taba basatse inzu y'umutangabuhamya S. Igihe basakaga, Ushinjwa yategetse abapolisi kugota inzu kugira ngo Karangwa adacika. Abaturage bo muri Musambira nabo bubahirije iryo tegeko.

265. Abavandimwe ba Karangwa bagerageje guhunga maze abapolisi bavuza amafirimbi, bavuga bati "mufate izo nyenzi!!". Abaturage babyumvise, birutse inyuma y'abavandimwe ba Karangwa nuko barabazana. Bari babakomerekeje, bava amaraso kandi n'imyambaro yabo yacitse. Babategetse kwicara hasi, nko muri metero ebyiri z'irembo. Burugumesitiri wa Musambira yabajije Ushinjwa niba azi abo bantu, anamubaza icyo bagomba kubakoresha. Ushinjwa yavuze ko bakomoka muri komini ye, yongeraho ko ibyabo bigomba kurangizwa- ko bagomba kwicwa. Abo bavandimwe batatu bose bishwe barashwe n' abapolisi babiri bo muri Musambira, babegereye ; babarashe isasu rimwe mu irugu, Ushinjwa ahari.

266. Abo bavandimwe bamaze guhotorwa, Ushinjwa n'agatsiko ke bagiye berekeza muri Taba. Umutangabuhamya S yabonye umuntu uboshye mu modoka y'Ushinjwa. Uwo mutangabuhamya n'umuryango we bafungiwe ku biro bya komini Musambira, nyuma y'aho aza gutoroka. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya yasubiyemo ibyo yari yavuze mu gihe yasubizaga ibibazo by' ingenzi, yongeraho ko atanga ubuhamya imbere ya Porokireri w'i Gitarama, atavuze ibyerekeye Ushinjwa kubera ko bamubazaga ibibazo byerekeranye gusa na Burugumesitiri wa Musambira. Urugereko rusanga ko icyo gisobanuro cyumvikana kandi rwemera ubuhamya bwatanzwe n'Umutangabuhamya S wari wabihagazeho, bityo rukaba rutemera ubuhamya bw'umutangabuhamya ushinjura DXX uvuga ibyo yumvise.

267. Ushinjwa yemeye ko yari ari i Musambira ku itariki ya 19 Mata 1994 ku gicamunsi n'i Kabgayi ku itariki ya 20 Mata 1994 ariko nta wakwemera impamvu yatanze zari zamujyanye yo, ushingiye ku buhamya bwinshi bwemeza ko muri icyo gihe yahigaga Karangwa. Ubwunganizi ntibwanyomoje ku buryo bwihariye ibyabaye kandi ntibwashoboye kunyomoza ibimenyetso byatanzwe n'umutangabuhamya S, Karangwa n'abandi, ku ngingo zikomeye, nk'ukuntu yahigaga Karangwa, amategeko yatanze ngo bamushakishe hamwe n'abandi

batutsi bagombaga kwicwa, impamvu yari kwa Karangwa no ku mugabo S, impamvu yari yitwaje gerenade, n'uruhare yagize mu ihotorwa ry'abavandimwe ba Karangwa ategeka ko bicwa no kuba yari ahari bicwa.

268. Urugereko rusanga nta kimenyetso cyatanzwe kigaragza ko Ushinjwa yavugije ifirimbi kugira ngo amenyeshe abaturage bo kuri uwo murenge ko abavandimwe ba Karangwa bagerageje guhunga, ariko rusanga byaratangiwe gihamya nta gushidikanya na gato ko Ushinjwa yagiye muri izo ngo ebyiri, ko yashakishaga Karangwa, ko inzu ya Karangwa n'iya nyina byasenywe n'abantu yategekaga kandi ahibereye, ko yagiye gusaka kwa muramu wa Karangwa i Musambira agasanga yo abavandimwe ba Karangwa, yagize uruhare mu ihotorwa ry'abavandimwe be batatu bitwaga Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyiligira na Yohani Kirizosotomo, ategeka ko bicwa, akaba yari ahari igihe bicwaga n'abapolisi afiteho ububasha butazigauye nka burugmesitiri wa komini ya Taba kandi bikaba byarakozwe hakurikijwe amabwiriza yari yahaye burugumesitiri wa Musambira.

### 5.2.4. Igika cya 19 n'icya 20 by' Inyandiko y'ibirego

- **<u>Ibirego</u>**

269. Igika cya 19 n'icya 20 by'Inyandiko y'ibirego biteye bitya:

> 19. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, **Yohani-Pawulo Akayesu** yafashe abantu 8 bari bafungiye ku biro bya komini Taba, ategeka abantu bitwara gisirikare kubica. Abo babicishije ibiboko, imihoro, udushoka n'inkoni. Abishwe bari bahunze bava muri komini ya Runda kandi bari bafunzwe na **Yohani-Pawulo Akayesu**.
>
> 20. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, **Yohani-Pawulo Akayesu** yategetse abaturage n'abantu bitwara gisirikare bo muri ako gace kwica abantu bize n'abandi bahafite ijambo. Abaporofeseri batanu b'ishuri ryisumbuye rya Taba bishwe hubahirizwa amabwiriza ye. Abo ni: Tewojeni, Foyibi Uwineza na *fiyanse* we (utazwi izina), Tarisisi Twizeyumuremyi na Samweli. Abaturage n'abantu bitwara gisirikare bo muri ako gace babicishije imihoro n'ibikoresho by'ubuhinzi, imbere y'ibiro bya komini Taba.

270. Kubera ko yaba yaragize uruhare mu bikorwa bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20, Akayesu agomba kuryozwa ibyaha birindwi, ari byo:

> · Ikirego cya mbere: itsembabwoko, icyaha cy'ubugome gihanishwa ingingo ya 2 3) a) ya Sitati y' Urukiko;
>
> · Ikirego cya kabiri: kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko, icyaha cy'ubugome gihanishwa ingingo ya 2 3) e) ya Sitati y' Urukiko;
>
> · Ikirego cya gatatu: ibyaha byibasiye inyokomuntu (itsembatsemba), bihanishwa ingingo ya 3 b) ya Sitati y' Urukiko;
>
> · Ikirego cya karindwi: ibyaha byibasiye inyokomuntu (ubuhotozi), bihanishwa ingingo ya 3 a) ya Sitati y' Urukiko;
>
> · Ikirego cya munani: ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriwe n'Amasezerano y'i Jeneve, nk'uko bivugwa mu ngingo ya 4 a) (ubuhotozi) ya Sitati y' Urukiko;

· Ikirego cya cyenda: Ibyaha byibasiye inyokomuntu (ubuhotozi), bihanishwa ingingo ya 3 a) ya Sitati y' Urukiko; n'

· Ikirego cya cumi: ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 y' Amasezerano y'i Jeneve, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 a) (ubuhotozi) ya Sitati y' Urukiko.

271. Mu gihe ibimenyetso byatangwaga muri urubanza, Urugereko rwabonye ko ibintu bivugwa ko byabaye, byabereye ku biro bya komini mu gihe kizwi neza, ni ukuvuga ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata. Kubera iyo mpamvu, igika cya 19 n'icya 20 birasuzumirwa hamwe.

272. Hari ibintu bimwe byabaye bishobora kugaragazwa mu bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20. Ku byerekeye igika cya 19, havugwa mbere na mbere ko Akayesu yafashe impunzi 8 ku biro bya komini; icya kabiri, hakavugwa ko yategetse abantu bitwara gisirikare kuzica; icya gatatu, ko izo mpunzi zicishijwe ibiboko, imihoro, udushoka n'inkoni; icya kane, ko abo bantu bari bahunze bava muri komini Runda, bakaba bari bafunzwe na Akayesu. Mu gika cya 20, Akayesu ashinjwa ko yategetse abaturage bo muri ako gace n'abantu b'aho bitwara gisirikare kwica abantu bize n'abandi bahafite ijambo. Kubera ayo mabwiriza, abarimu batanu b'ishuri ryisumbuye rya Taba bavugwa amazina mu Nyandiko y'ibirego biciwe imbere y'ibiro bya komini, bicwa n'abaturage bo muri ako gace n'abantu bitwara gisirikare baho, bakoresheje imihoro n'ibikoresho by' ubuhinzi. Urugereko rurashingira kuri ibi bivugwa ko byabaye mu gusuzuma niba uruhare rw'Ushinjwa mu bikorwa bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20 by'Inyandiko y'ibirego, rwaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho na gato.

273. Umutangabuhamya wa mbere ushinja waje gutanga ubuhamya ku bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20 ni umutangabuhamya K, umugore w'umututsikazi washatswe n' umugabo w'umuhutu, akaba yari umucungamari wa komini Taba hagati y'1990 n'1994. Yategekwaga na Akayesu wari burugumesitiri wa komini igihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga. Umutangabuhamya K yavuze ibi bikurikira.

274. Ku itariki ya 19 Mata 1994, hagati ya saa tatu na saa ine za mu gitondo, yagiye ku biro bya komini, ahamagajwe na Akayesu kuko yari umucungamari wa komini. Ahageze muri icyo gitondo, yasanze Ushinjwa imbere ya komini, abona asa n'uwahindutse. Yamubajije n'umujinya impamvu atakiza ku kazi. Umutangabuhamya K yavuze ko yari afite ubwoba kandi ko impamvu yaje uwo munsi kuri komini, ari uko yamuhamagaje ; ubwo Akayesu yamubwiye ko ari bumenye icyo yamuhamagariye.

275. Nk'uko Umutangabuhamya K wari ugihagaze iruhande rw'Ushinjwa nyuma y'ayo magambo abivuga, Akayesu yahamagaye uwitwa Sitefano, amutegeka kuzana "abasore." Yabonye Sitefano yerekeza i Remera, agarukana n' "abasore" benshi bitwaje intwaro za gakondo zirimo imihoro n'udushoka. Avuga ko bose begereye Akayesu waba warababwiye ati "Burya abatutsi mubana nabo, ntabwo muzi ibyo baba bakora, ibyo naraye menyeye mu nama birahagije. Ubu nta mpuhwe na nkeya nagirira Abatutsi, cyane cyane abize. Ndetse na bariya twafungiye hano, ngiye kubabaha, mubacire urubanza." Umutangabuhamya avuga ko ubwo Akayesu yatangiye gusohora muri gereza ya komini impunzi zari zavuye i Runda. Arangije, azishyikiriza Interahamwe avuga ngo "ng'aba". Abo umutangabuhamya yita Interahamwe, anabita "abicanyi".

276. Umutangabuhamya K yemeje ko hari abantu b'impunzi munani, bose b'abagabo, batatu muri bo akaba yari azi ko ari abatutsi. Avuga ko batari baboshye ibiganza kandi ko wabonaga bameze neza. Interahamwe zaba zarajyanye abo bantu umunani b'impunzi ku

ruzitiro rw'ibiro bya komini, zikabicaza hasi ku murongo bateye umugongo uruzitiro kandi barambije. Izo mpunzi zaba zarasabye imbabazi ubwo Interahamwe ziteguraga kuzica. Akayesu yaba yaravuze ngo ni "mugire vuba", nuko bahita bicwa n'agatsiko k'abantu benshi bakoresheje ubwoko bwose bw'intwaro bari bitwaje.

277. Izo mpunzi zimaze kwicwa, umutangabuhamya K yaba yarumvise Akayesu ategeka umupolisi wa komini gufungura abagororwa bari bafungiye muri gereza ya komini kubera ibyaha bisanzwe kugira ngo bashobore guhamba imirambo y'izo mpunzi. Abo bantu bari basohowe muri gereza na Akayesu bashyize iyo mirambo yari yuzuye amaraso mu ngorofani nuko bajya kuyihamba.

278. Umutangabuhamya K yumvise Akayesu abwira abantu bari aho kujya kuzana uwari usigaye. Umutangabuhamya avuga ko ku bwe, uwo muntu yari umwarimu witwaga Samweli. Yabonye uwo muntu yicwa, bamutemesheje umuhoro inshuro imwe ku ijosi.

279. Akayesu yaba yaratanze itegeko ryo kurekura ibirara byose, maze ababwira kujya ku misozi n'amafirimbi gukangurira abasore bose ubwicanyi. Umutangabuhamya K yumvise ko yashakaga kubabwira gusubira mu masegiteri yabo, guhamagarira abaturage kwitabira ubwicanyi no gufatanya na bo. Umutangabuhamya yaba yarumvise Ushinjwa abwira "abicanyi" ko we azicwa namara kubazwa ibyerekeranye n'amabanga y' Inkotanyi. Avuga ko Akayesu yamwinjije mu biro bye, akamwambura imfunguzo ze, akamufungiranamo. Yongeyeho ko yabonye Akayesu yinjira mu modoka, maze agategeka n'abandi bantu kuyinjiramo kugira ngo Efuremu Karangwa atavaho abacika.

280. Umutangabuhamya K avuga ko yari yitwaje izindi mfunguzo zatumaga ashobora gufungura icyumba cy'inama cya komini aho yashoboraga kubona ibibera hanze. Yaba yarabonye abantu benshi bazanwa kuri komini maze bamwe muri bo bakicirwa ku kibuga abandi bakicirwa imbere y'inzu ya komini. Avuga ko, muri abo, harimo abarimu bigishaga ku ishuri ry'i Remera, kandi ko imirambo yabo ndetse hamwe n'abantu babaga batarahwera, bashyirwaga mu ngorofani, bakajya guhambwa.

281. Bamubajije icyo amafirimbi bayakoreshaga, umutangabuhamya K yavuze ko yabonye abantu bajya gushaka umwarimu wari utuye inyuma y'ibiro bya komini. Abo bantu baba barakoresheje amafirimbi kugira ngo batere ubwoba uwo mwarimu kandi babimenyeshe n'abantu bari hafi aho.

282. Asubiza ikibazo cy' Urugereko cyerekeranye n'abo barimu bishwe, Umutangabuhamya K, ngo nubwo atari azi umubare wabo neza, yavuze ko harimo abo yarazi amazina, aribo Tewojeni, Tarisisi, umukobwa witwa Foyibi (*umucungamutungo* w'ishuri ryisumbuye ry'i Remera) na *fiyanse* we atari azi izina. Uwo mukobwa yaba yarishwe azize ko baba baramusanganye iradiyo umuntu yashoboraga kuvuganiraho n'Inkotanyi. Umutangabuhamya we abona ko impamvu nyakuri yatumye abo barimu n'izo mpunzi bicwa, ari uko bari abatutsi.

283. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya K bamubajije aho abo barimu bishwe bari baturutse, yavuze ko bamwe muri abo barimu baturukaga mu cyerekezo cy' i Remera kandi ko umwe muri bo yari atuye inyuma y'ibiro bya komini. Bamubajije niba Akayesu yari agihari icyo gihe, Umutangabuhamya yavuze ko yigeze kuvuga ko Ushinjwa atari ahari, abo barimu bicwa. Yongeye kwemeza ko yari iruhande rw' Akayesu igihe yatangaga itegeko ryo kwica abo barimu.

284. Mu bibazo binyomoza, Umutangabuhamya K yavuze kandi ko yumvise ko Akayesu yafungiye izo mpunzi muri gereza ya komini, abisabwe na burugumesitiri wa komini Runda. Yasobanuye ariko atumvise uwo mu burugumesitiri asaba iyicwa ry'izo mpunzi. Avuga ko hari byibura abantu babiri bo muri Runda yari azi, bamubwiye ko izo mpunzi ariho zakomokaga. Umutangabuhamya yavuze kandi ko atazi impamvu izo mpunzi zari zafungiwe muri gereza ya komini, ariko akomeza kwemeza ko bishwe kubera ko bari abo mu bwoko bw'Abatutsi. Yemeje kandi ko yari iruhande rw'Akayesu kuri komini, igihe yatangaga itegeko ryo kujya gushaka abasore/Interahamwe, kandi ko yamwumvise atanga itegeko ryo kwica impunzi zari zavuye i Runda.

285. Umutangabuhamya KK ushinja, umuhutukazi washatswe n'umugabo w'umututsi, wari utuye muri komini Taba mu w'1994, na we yatanze ubuhamya ku byabaye bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20. Yavuze ko igihe gito nyuma y'itariki ya 6 Mata 1994, amazu y'abatutsi, harimo n'iye, yasahuwe nuko agahungira kuri komini ari kumwe n'umugabo we w'umututsi n'abana be icyenda. Kuri komini hari hahungiye abantu benshi ariko baba barafatwaga ku buryo butandukanye hakurikijwe ubwoko bwabo. Umutangabuhamya avuga ko umwuka wahindutse mu minsi yakurikiye ukuza kw'Interahamwe zari zivuye i Remera. Zaba zaravugishije impunzi imbere y'ibiro bya komini Akayesu ahibereye. Zaba zaravuze ko zaba zaravumbuye umugambi w'abatutsi wo kwica abahutu , none ngo kubera ko imana yabo ikibarinze kandi bakaba baravumbuye uwo mugambi, bakaba rero bagiye gushyira abatutsi aho abatutsi bateganyaga gushyira abahutu.

286. Akayesu yaba ubwo yarasubiye mu biro bye. Yaba yarabisohotsemo arakaye cyane, yerekana inyandiko yasomeye impunzi agira ati: "Twabanaga n'abatutsi ari inzigo. IPJ Karangwa Efuremu ngo yari yarateganyije kuzanyica, kugirango ansimbure abe burugumesitiri, none natwe tubahigire kutababura". Nyuma Akayesu yaba yaravuze ibyerekeye mine yari yaturikiye ku kibuga cy'amashuri abanza yatezwe mu gitaka n'abatutsi. Ushinjwa yaba yarabonaga iturika ry'iyo mine mo kimenyetso cyo gutangira gushyira mu bikorwa umugambi wo kwica abahutu. Ushinjwa yaba yaremeje ko icyo gisasu bari bagiteze abanyarwanda bose kubera ko cyaturitse mu gihe abanyeshuri bari bahari, bari abo mu bwoko bwose.

287. Akayesu yaba yarakomeje muri aya magambo : "Ibyitso tubifite ari byinshi muri komini yacu. Inyuma ya komini hari icyitso cyitwa Tarisisi. Ubwo yari umuporofeseri". Ubwo Akayesu yaba yarabwiye abapolisi n'Interahamwe kujya kumushaka. Umutangabuhamya yabonye Tarisisi n'umugore we babahatira kwicara mu byondo. Yongeyeho ko umugore wa Tarisisi bari bamwambitse ubusa, bakamubwira ngo agende azagwe ahandi. Na none kandi yumvise Akayesu abaza Tarisisi ibibazo byerekeranye n' Inkotanyi. Tarisisi yaba yarashubije ati: "mukore icyo mushaka kuko njye nta banga na rimwe nzi". Tarisisi yaba yarishwe n'Interahamwe ku muhanda unyura imbere y'ibiro bya komini. Ibyo byose byaba byarabereye imbere y'Akayesu wari uhagaze hafi y'aho uwo muntu wishwe yari yicaye.

288. Umutangabuhamya KK yavuze kandi ko yumvise Akayesu ategeka Interahamwe kujya kuzana abarimu bigisha i Remera, ko yanavuze ko abantu bize ari bo bateje ibyo byago byose. Interahamwe zaba zaragarukanye n'abo barimu zirakaye cyane. Umutangabuhamya ntazi neza umubare w'abo barimu. Ku itegeko baba baricaye mu byondo ku muhanda unyura imbere y'ibiro bya komini aho bari biciye Tarisisi. Abo barimu bashinjwaga kuvugana n'Inkotanyi kuri radiyo. Haba harabanje kwicwa umusore n'inkumi biteguraga kubana. Abarimu bose baba baricishijwe udufuni n'ibiboko. Umutangabuhamya yaba yarumvise bavuga ko kubarasa cyangwa se kubateramo gerenade byatuma bapfa batababaye.

Umutangabuhamya avuga kandi ko ntawashoboraga gutabaza kubera ko abatutsi batari bemerewe kubaho muri komini Taba. Nyuma imirambo y'abo barimu baba barayijyanye mu byobo bacukuye huti huti bakayitwikiriza igitaka n'ibyatsi.

289. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya KK yemeje ko nta mwarimu n'umwe wari wahungiye ku biro bya komini ariko ko ubwicanyi bwatangiriye ku iyicwa ry'abo barimu. Ubwunganizi bwashatse kwerekana ko ibyo umutangabuhamya avuga bitafatwa nk'ukuri buvuga ko aMatariki yatanze mu buhamya bwe atari yo. Umutangabuhamya ariko yavuze ko bitamworoheye kwibuka aMatariki neza kubera ibyamubayeho muri Mata 1994. Yanemeje kandi ko atigeze abona Akayesu hari umuntu yica ku giti cye, ariko ko ari we watanze amategeko yo kwica abantu biciwe imbere ye.

- **<u>Ingingo zo kwiregura</u>**

290. Umutangabuhamya DCC ushinjura wari ufungiye mu Rwanda igihe yatangaga ubuhamya imbere y'Urugereko yabaye umushoferi wa komini Taba kuva ku itariki ya mbere Nyakanga 1993 kugeza mu ntambara yo mu w' 1994. Asubiza ibibazo by'ingenzi, yavuze ko muri Mata 1994 atigeze yumva abantu bavuga ko Akayesu arwanya Abatutsi. Yavuze kandi ko yajyaga kuri komini buri munsi mu gihe cy'ubwicanyi. Mu bibazo binyomoza yavuze ko yabonye abantu benshi bicirwa ku biro bya komini. Yanavuze ko imirambo y'abantu babaga bishwe yajyanwaga hafi y'amashuri abanza. Ariko kandi yemeje ko atigeze abona n'amaso ye aho bahamba, kubera ko atari mu bari bashinzwe gutwara imirambo. Yakomeje iyo mvugo na nyuma yuko yemeje ko yakomeje kunyura imbere y'amashuri, ku maguru, buri munsi atashye iwe. Ahangaha Urugereko rusanga ko igihe rwabazaga uwo mutangabuhamya ibyerekeranye n'ibyobo rusange bashyiragamo abantu bapfuye, yarashubije ko mu w'1994 atakunze kujya kuri komini kandi ko nta cyobo rusange na kimwe yigeze abona.

291. Umutangabuhamya DCC yavuze ko nyuma y'itariki ya 6 Mata 1994, abantu bari bahunze baturutse i Runda n'i Shyorongi batangiye kugera ku biro bya komini Taba, bakirwa n'abategetsi, banacumbikirwa mu mazu atandukanye. Avuga ko izo mpunzi zishyiraga zikizana, kandi ko nta n'imwe muri zo yaba yarafunguwe muri gereza. Umutangabuhamya DCC yaba yarabonye Interahamwe ziza kuri komini inshuro ebyiri zikica abantu. Interahamwe zaje bwa mbere zakomokaga muri Taba ariko uwo mutangabuhamya avuga ko atabonye Akayesu ari kumwe na zo. Ubwa kabiri, yaba yarabonye Interahamwe ziturutse i Runda ziri kumwe n'abasirikare, zisohora Akayesu mu biro bye ku ngufu kugira ngo zibisake. Interahamwe zaba zarateye ubwoba abantu bari kuri komini, zibategeka kwerekana indangamuntu zabo. Umutangabuhamya avuga ko Interahamwe zajyanaga abatutsi, zikabica. Umutangabuhamya DCC yavuze kandi ko Akayesu atumvikanaga n'Interahamwe, ko zamufataga rimwe na rimwe nk'Inkotanyi kubera ko yakiraga impunzi ku biro bya komini.

292. Ubwunganizi bwashingiye no ku buhamya bwanditse umugabo DCC yahaye Porokireri aho yemezaga ibi bikurikira: "icyo nzi ni uko Akayesu yageze ku biro bya komini inshuro imwe gusa, umunsi abantu bane bicirwa imbere y'ibyo biro. Akayesu ntiyabatabaye. Akayesu yari azi ko abatutsi bicirwa kuri komini. Abicanyi bari Interahamwe". Umutangabuhamya avuga ko Akayesu ntacyo yakoze ngo abuze Interahamwe kwica kubera ko nta bushobozi yari abifitiye.

293. Mu bibazo binyomoza, uwo mutangabuhamya yemeje ko afite imyaka 34, ko mu w'1994 atahunze ngo ave muri Taba, ko atagiye i Buganda kandi ko atigeze amenya ko Akayesu yashakishaga Karangwa. Ikindi kandi ntiyegeze abona Akayesu ashakisha Karangwa. Umutangabuhamya DCC yavuze ko yafashwe ku itariki ya 30 Mata 1996. Porokireri yerekanye inyandiko y'ikiganiro kiswe "*Witness to Genocide*" umutangabuhamya

DCC yagiranye n'umuryango utagengwa na Leta witwa Africa Rights. Uwo mutangabuhamya yemeje ko yaganiriye n'umuryango uharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu w'1996. Porokireri yavuze mu ncamake bimwe mu biri muri iyo nyandiko byerekana ko igihe icyo kiganiro cyabaga, umutangabuhamya DCC yari afite imyaka 33, ko yari umushoferi wa komini kuva ku ya 1 Nyakanga 1993, ari yo tariki yaboneyeho ako kazi, ko yagarutse mu Rwanda agafungwa ku itariki ya 30 Mata 1996. Porokireri yasomye ikindi gice cy'icyo kiganiro giteye gitya: "Ukurikije ibivugwa n'umushoferi wa Akayesu, [...] Akayesu ntiyazuyaje, yahise atangira guhiga Efuremu. Ku itariki ya 19 Mata, Akayesu, uwungirije burugumesitiri witwaga Mutijima n'umupolisi wa komini, Mushumba bagiye ku Kamonyi gushakisha IPJ wa komini, Efuremu Karangwa bavugaga ko yari icyitso gikomeye cya FPR. Akayesu n'agatsiko ke bagarutse ku gicamunsi". Uwo mutangabuhamya yemeje ko Akayesu atatinze kujya guhiga Karangwa, ariko ahakana kuba yaravuze ibyerekeranye no ku Kamonyi no kugaruka kw'Akayesu ndetse n'ibyo ko ngo Akayesu yaba yaravuze ko Karangwa ari icyitso cya FPR.

294. Umutangabuhamya DZZ, w'umuhutu, wari umupolisi mu w'1994, akaba yari afungiye mu Rwanda igihe yatangaga ubuhamya bwe imbere y'Urugereko, yavuze ko yari ku mabariyeri yari yarashyizweho muri komini Taba, akaba yaranarindaga ibiro bya komini igihe ibivugwa byabaga. Avuga ko ubwicanyi bwakwiriye muri komini Taba nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994 kandi ko yumvise ko hari ubwicanyi bwabereye ku biro bya komini. Nubwo yemera ko yajyaga ku biro bya komini buri gihe kandi akaba yari ari kuri bariyeri yari hafi aho, umutangabuhamya yemeje ko atigeze abona hari icyaha cy'ubugome na kimwe gikorerwa ku biro bya komini. Ntiyigeze yumva abantu bavuga ko Akayesu yaba yaragize uruhare mu bwicanyi, ngo ahubwo yahamagariraga impunzi kubana mu mahoro. Akayesu yaba yarakijije abatutsi bamwe na bamwe bashoboraga kwicwa, barimo umutangabuhamya K na Karangwa. Umutangabuhamya K na Karangwa baba batarishwe kubera ko Akayesu atari ashyigikiye ubwicanyi, iyo bitaba ibyo aba yarabibasiye.

295. Akayesu yavuze ko yagiye kuri komini ku itariki ya 19 Mata 1994 ; nuko ngo ageze hafi ya komini, abona impunzi ziruka hirya no hino. Interahamwe zaba zarimo kwicira ku kibuga cya komini abantu bari bahunze baturutse i Runda n'i Shyorongi. Yaba yarahagaritse imodoka ye abona umucungamari ari we mutangabuhamya K. Amubonye yaba yaratangaye, yibaza aho aturutse. Yaba yaramuhamagaye amutegeka kwinjira mu biro bye. Yaba yarasanze ari inshingano ye kubuza abantu bitwaje imihoro kugirira nabi uwo mutangabuhamya, nuko we ubwe, aramuherekeza amugeza mu biro bye, aho kuri komini. Yaba yarasubiye ku kibuga, abona bamwe muri abo bantu b'impunzi bamaze kwicwa naho abandi bashoboye gucika. Ariko nyuma asubiza ibibazo by'ingenzi, avoka we yamubajije niba hari umuntu wigeze yicirwa mu kibuga cya komini, Akayesu yemeje ko nta muntu n'umwe wiciwe mu kibuga ahari ndetse ko nta n'uwo Interahamwe zahiciye igihe zahateraga adahari. Yongeyeho ko nyuma y'uko ibyo biba, yagiye i Mbizi ari kumwe n'abapolisi ba komini kubera ko yari yabwiwe ko bamwe mu bicanyi ariho berekeje.

296. Mu bibazo binyomoza, Porokireri yerekanye amakaseti yafatiweho amajwi n'ibiro bya Porokireri muri Zambiya ku itariki ya 10 n'iya 11 Mata 1996. Porokireri yahakanye ibyo Akayesu yavugiye imbere y'Urugereko, cyane cyane ibisubizo yatanze ku bibazo bamubajije byerekeranye n'uko byagendekeye impunzi zari ku komini ku Matariki ya 18, 19 na 20 Mata 1994. Atanga ubuhamya bwe, Akayesu yari yavuze ko atashoboraga gutandukanya abantu bize n'abandi baturage kubera ko nta kintu cyari gutuma umuntu atandukanya umuntu wize n'abandi bantu. Nyamara muri iryo bazwa twavuze haruguru, Ushinjwa yari yavuze ko byamutangaje kubona nta bantu bize bo muri komini bari mu mpunzi. We yavuze ko izo mpunzi zari zigizwe gusa n'abaturage, abakecuru, abana n'abasaza. Urugereko rwabajije

Akayesu ku byerekeye iryo vuguruzanya ry'ibisubizo yatanze imbere y'Urugereko n'ibyo yahaye abakozi bo mu biro bya Porokireri. Akayesu yavuze ko nta muntu yabonye muri izo mpunzi wakwitwa ko yize cyangwa ko ari umwarimu ariko ko, aganira n'impunzi, yashoboye kumenya ko bamwe bize cyangwa ko bari abarimu.

297. Ushinjwa kandi yemeje ko mu gihe ibyabaye mu mwaka w'1994 byabaga, iyo abwira abaturage kurwanya umwanzi, baba barumvise ko ari ukurwanya abatutsi. Na none kandi yemeje ko nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994, abaturage batari bacyimwumvira. Yavuze ko umutangabuhamya KK yari kuri komini ku itariki ya 19 Mata 1994. Bamubajije ku byerekeranye n'ubwicanyi bwabereye kuri komini ku itariki ya 19 Mata 1994, Akayesu yavuze ko atigeze abona hari umuntu wicishwa umuhoro kuko yari yibereye ubwe ku kibuga cya komini, yita k'umutangabuhamya K. Akayesu yongeyeho ko nta murambo n'umwe yigeze abona, haba hanze cyangwa se imbere mu kigo cya komini, kandi ko atigeze ajya inyuma y'amashuri abanza. Na none kandi yavuze ko nta murambo yigeze abona, keretse imirambo y'abana babiri bapfiriye muri segiteri ye. Bamubajije uko byagendekeye abo barimu yari yavuze ko azi, Akayesu yashubije ko yumvise ko biciwe hafi ya komini kandi ko yabyumvise nyuma y'iminsi itatu bapfuye.

298. Mu gushyigikira imvugo ye, Avoka yibukije ko nibura abatangabuhamya 19 batigeze babona Akayesu yica ku giti cye cyangwa atanga itegeko ryo kwica, kandi ko umutangabuhamya umwe gusa K, ari we waje gutanga ubuhamya ku byabaye bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20 by'Inyandiko y'ibirego. Avoka yavuze ko atizera umutangabuhamya K kubera ko muri iryo bazwa ryose ryo mu w'1996, Akayesu yari yavuze ko uwo mutangabuhamya ashobora kuzaba umwe mu bazamushinjura. Avoka avuga ko, iyo koko umutangabuhamya K aba yarabonye ibyabaye byose nkuko abivuga, nta mpamvu n'imwe yari gutuma Akayesu avuga ko azamuhamagaza ngo amushinjure.

- **<u>Imyanzuro ku byabaye</u>**

299. Ubuhamya bw'abagabo K na KK bwerekana ko hari ibintu byabaye babonye bombi n'ibindi umwe muri bo yabonye wenyine. Urugereko ruributsa ko Amategeko y'Urukiko atubahiriza ihame «nta mugabo umwe» rivuga ko ubuhamya bw'umugabo umwe rukumbi wahagaze ku byabaye bugomba gushyigikirwa n'ibindi bimenyetso (*unus testis nullis testis)*. Urugereko rubona ko abatangabuhamya bombi K na KK ari abo kwizerwa. Ubuhamya bwabo nta rwango rwari rurimo kandi bwongeye gushimangirwa mu gihe cyo kunyomoza. Avoka yashatse kuvuga ko umutangabuhamya KK atakwizerwa yitwaje ko adashobora kwibuka neza aMatariki n'amasaha. Ariko urebye ibibazo umutangabuhamya KK yahuye na byo mu gihe ibyo byabaga, Urugereko rubona ko kuba uwo mutangabuhamya yarahahamutse bikamutera kwibagirwa, atari impamvu ihagije yatuma atizerwa.

300. Na none Avoka yavuze ko umutangabuhamya K atakwizerwa, kubera ko, muri Mata 1996, Akayesu yari yabwiye Porokireri ko ashobora kuzamutangaho umugabo. Urugereko rubona ko ibyo byerekana gusa ko Akayesu yari afite umugambi wo guhamagaza umutangabuhamya runaka, ibyo ubwabyo bikaba atari ingingo zo kwiregura ku bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20 by'Inyandiko y'ibirego. Na none kandi, Avoka yavuze ko Porokireri yazanye umutangabuhamya umwe gusa wo kuvuga ku byabaye muri ibyo bika. Urebye ubuhamya bw'abagabo babiri K na KK, Urugereko rusanga ibyo Avoka yemeza bidafite ishingiro.

301. Rushingiye ku bimaze kuvugwa, Urugereko rusanga ko ufashe buri buhamya ukwabwo bwa buri mugabo muri abo babiri (K na KK), ubona ko ari ubwo kwizerwa bwombi, kandi ko ubushyize hamwe ubona ko bufite ishingiro bihagije, ari ku byerekeye

ibyabaye, aMatariki n'ahantu byabereye ku buryo Urugereko rwafata imyanzuro yarwo rubushingiyeho.

302. Mu gihe batangaga ubuhamya bwabo imbere y'Urugereko, abatangabuhamya DCC na DZZ bombi bashubije ibibazo babajijwe ku byerekeye ibyabaye bivugwa mu gika cya 19 n'icya 20 by'Inyandiko y'ibirego basa n'abikiza. Urugereko rusanga ariko abo batangabuhamya barifataga gusa iyo basubizaga ibibazo byerekeranye n'uruhare bagize mu byabaye byavugwaga cyangwa biboneye ku giti cyabo. Urugereko ruributsa ko igihe abagabo DCC na DZZ batangaga ubuhamya, bombi bari imfungwa muri gereza zo mu Rwanda, akaba ari iyo mpamvu birindaga kuvuga ikintu cyose cyakoreshwa mu kubashinja. Urugereko, rumaze gusuzuma agaciro k'ubwo buhamya bwombi rushingiye ku bimaze kuvugwa, rubona ko uburyo abagabo DCC na DZZ batanzemo ubuhamya mu magambo basa n'abikiza kandi n'abifata, ntacyo bugabanya ku kwizerwa kw'abo.

303. Abatangabuhamya bashinja K na KK bavuze ko babonye ubwicanyi bwabereye ku biro bya komini.Umutangabuhamya K yemeje ko yabonye ubwicanyi bwabereye ku biro bya komini ku itariki ya 19 Mata 1994 naho umutangabuhamya KK we yavuze ko iyicwa ry'abarimu ari ryo ryerekanye ko ubwicanyi butangiye.

304. Abatangabuhamya DCC na DZZ bahamagajwe n'Ubwunganizi, bombi bavuze ko kuri komini habereye ubwicanyi. Umutangabuhamya DCC yajyaga kuri komini buri munsi muri icyo gihe cy'ubwicanyi. Yabonye Interahamwe zica abantu, cyane cyane abatutsi, nuko zikajya kubahamba inyuma y'amashuri abanza. Ubwunganizi kandi bwatanzeho ikimenyetso ubuhamya umugabo DCC yahaye Porokireri. Ubwo buhamya buragaragaza neza ko Akayesu yari ku biro bya komini igihe abantu bane bicirwaga imbere yabyo, kandi ko yari azi ko muri komini abatutsi bicwaga. Abajijwe impamvu Akayesu atatabaye ngo ahagarike ibyo bikorwa by'Interahamwe, umutangabuhamya DCC yavuze ko Akayesu nta bushobozi bwo kubihagarika yari afite. Urugereko rurabona ko ubuhamya bwa DCC buhuye n'ibyo Porokireri avuga ko ku biro bya komini habereye ubwicanyi Ushinjwa ahari, ariko bukaba buvuguruza ibyo Ushinjwa avuga ashaka kwemeza ko nta bwicanyi na buke bwabereye kuri ibyo biro kandi ko imirambo yabonye ari iy'abana babiri gusa.

305. Umutangabuhamya DZZ yavuze ko yajyaga kuri komini buri gihe ariko ko atigeze yibonera ubwe ubwicanyi cyangwa ibyaha by'ubugome yari yumvise bavuga. Yongeyeho ko Akayesu atigeze agira uruhare mu bwicanyi, ko ahubwo yahamagaririraga impunzi kubana mu mahoro. Na none kandi yemeje ko ubwicanyi bwasakaye muri Taba nyuma y'itariki ya 18 Mata 1994. Urugereko rubona ariko ko kuba umutangabuhamya DZZ avuga ko nta bwicanyi yabonye bukorwa inshuro zose yagiye kuri komini kandi ko atigeze yumva ko Akayesu hari uruhare yagize mu bwicanyi bitanyomoza ibivugwa mu gika cya 19 n'icya 20. Mu by'ukuri, ubwo bwicanyi buvugwa bwabereye ku biro bya komini bitegetswe n'Akayesu kandi ahibereye. Umutangabuhamya DZZ yari yumvise ko hari ubwicanyi bwakorewe ku biro bya komini ariko ko we ntabwo yiboneye. Bityo, Urugereko rukaba rusanga ko nubwo umutangabuhamya DZZ yemeza ko hari ubwicanyi bwakorewe ku biro bya komini, ingingo yo kwiregura ishingiye ku buhamya bwe itanyomoza ku buryo butaziguye ibivugwa muri ibyo bika, kuko uwo mutangabuhamya atari ahari igihe ubwicanyi yumvise buvugwa, bwakorwaga.

306. Mu gihe cy'ibazwa ry'ingenzi, Akayesu yemeye ko yabonye impunzi zicirwa ku biro bya komini ku itariki ya 19 Mata 1994. Ibyo kandi byemezwa n'ubuhamya bw'abagabo DZZ, DCC, K na KK, bwerekana bwose ko ku biro bya komini habereye ubwicanyi. Urugereko rubona ko byagaragajwe ku buryo budashidikanywaho na gato ko icya mbere, ku biro bya

komini hari impunzi, icya kabiri ko habereye koko ubwicanyi ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994.

307. Mu bibazo binyomoza, Akayesu yemereye Urugereko ko yashoboraga gutandukanya abantu bize, nk'abarimu, n'izindi mpunzi. Abatangabuhamya K na KK bombi bavuze ko Akayesu yatanze itegeko ryo kwica abantu bize bamwe na bamwe hamwe n'izindi mpunzi. Ababuranira Ushinjwa ntibashubije, ku buryo butaziguye izo mvugo. Mu bibazo binyomoza, Akayesu yasabye kugira icyo avuga kuri izo mvugo, nuko yemeza ko atigeze abona umuntu n'umwe wicishwa umuhoro mu kibuga cya komini kubera ko icyo gihe yitaga k'umutangabuhamya K. Yanavuze ko atigeze abona umurambo n'umwe mu kigo cya komini cyangwa hanze yacyo, kandi ko yumvise iby'urupfu rw'abo barimu hashize iminsi itatu bishwe. Urugereko rurashidikanya ku kuri kw'ibyo bisubizo. Mu by'ukuri Akayesu ubwe yiyemereye mu ibazwa ry'ingenzi ko ku itariki ya 19 Mata yabonye impunzi ziterwa kuri komini, zimwe muri zo zikicwa naho izindi zigashobora guhunga. Byongeye kandi, Urugereko rubona ko ibyo Akayesu yemeza avuga ko yumvise iby'urupfu rw'abarimu hashize iminsi itatu bapfuye, bidafashije. Ubuhamya bwatanzwe n'abagabo, ndetse n'ubw'Akayesu ubwe, bwerekana ko Ushinjwa yari ku biro bya komini ku itariki ya 19 Mata 1994. Akayesu yavuze ko yabonye kandi akumva ko abantu bize b'ingeri zose bashakishijwe umunsi wose muri Taba ku itariki ya 19 Mata, ariko mu buryo butumvikana, akemeza ko atigeze yumva iby'ukuntu biciwe ku biro bya komini uwo munsi nyine. Urugereko ntirushobora kwemera ibyo Akayesu avuga ku byerekeranye n'iyicwa ry'abarimu. Na none kandi rurazirikana ko Akayesu atahakanye ku buryo butaziguye ibyo bamuvuzeho ko yategetse abantu bitwara gisirikare n'abaturage bo muri ako gace kwica abantu bize n'abantu bahafite ijambo.

- **Igika cya 19**

308. Ku byerekeye ibivugwa mu gika cya 19, ubuhamya bwavuzwe haruguru buragaraza ko Akayesu yafungiye koko ku biro bya komini impunzi zari ziturutse i Runda. Hatanzwe gihamya ko Akayesu yabwiye Interahamwe yari yazanye ko nta mpuhwe na nkeya azongera kugirira Abatutsi "ndetse na bariya twafungiye hano, ngiye kubabaha mubacire urubanza ". Byaragaragajwe ko, amaze kuvuga ayo magambo, yategetse ko bafungura abo bantu b'impunzi, akabashyikiriza Interahamwe agira ati "ngaba". Na none kandi gihamya yaratanzwe ko izo mpunzi zategetswe kujya kwicara iruhande rw'uruzitiro rw'ibiro bya komini ; ubwo zitangira gusaba imbabazi, Akayesu yabwiye Interahamwe ati "mubigire vuba". Na none kandi byaragaragajwe ko ako kanya Akayesu akimara kuvuga ayo magambo, impunzi zishwe ahibereye n'abantu bari hafi aho bakoresheje intwaro zitandukanye bari bitwaje. Byaranagaragajwe ko abo bantu b' impunzi bishwe kubera ko bari abatutsi.

309. Urugereko rusanga byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko Akayesu yarekuye abagabo umunani yari afungiye ku biro bya komini bari baturutse muri komini ya Runda, akabashyikiriza Interahamwe. Byaranagaragajwe na none nta gushidikanya na gato ko Akayesu yategetse abantu bitwara gisirikare bo muri ako gace kwica abo bagabo. Na none kandi byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko izo mpunzi umunani zishwe n'Interahamwe, Akayesu ahibereye. Urugereko rusanga kandi ko byagaragajwe nta gushidikanya na gato ko hakoreshejwe intwaro za gakondo, harimo imipanga n'udushoka mu kwica abo bantu, ariko kandi ntibyagaragajwe nta gushidikanya na gato ko ibibando n'ibiboko na byo byakoreshejwe. Na none kandi byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko abo bantu umunani b'impunzi bishwe kubera ko bari abatutsi.

- **Igika cya 20**

310. Hatanzwe gihamya ko nyuma y’iyicwa ry’impunzi, Akayesu yategetse abari bamuri iruhande “kujya gushaka usigaye” kandi ko, mu kubahiriza iryo tegeko, umwarimu witwa Samweli yazanywe ku biro bya komini. Byaragaragajwe ko nyuma Samweli yishwe bamukubise inshuro imwe umuhoro ku ijosi.

311. Hatanzwe gihamya ko ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, Akayesu yavuganye n’impunzi n’ Interahamwe imbere y’ibiro bya komini ; ko yahamagariye Interahamwe guhiga abatutsi muri komini yose no kubafata bose. Byaragaragajwe ko Akayesu yavuze ko muri komini hari ibyitso kandi ko kimwe muri byo gituye inyuma y’ibiro bya komini. Byaragaragajwe kandi ko Akayesu yavuze ko icyo cyitso ari umwarimu witwa Tarisisi ko yategetse Interahamwe n’abapolisi ba komini kujya kumushaka. Hatanzwe gihamya ko abantu bafite amafirimbi bagiye gushaka Tarisisi n’umugore we inyuma y’ibiro bya komini. Abo bantu babategetse kwicara mu byondo mu muhanda unyura imbere y’ibiro bya komini, nuko umugore wa Tarisisi bamutegeka kugenda bamaze kumwambika ubusa. Byaragaragajwe ko Akayesu yabajije Tarisisi ibyerekeranye n’inkotanyi, kandi kubera ibyo, Interahamwe zikaba zaramwishe, Ushinjwa ahibereye.

312. Hatanzwe gihamya ko Akayesu yabwiye Interahamwe ko abantu bize ari bo bateje ibyago byose maze akazitegeka kujya kuzana abarimu b’i Remera. Byakomeje kuvugwa ko abarimu benshi bigishaga ku ishuri ryisumbuye ry’i Remera bazanywe banyujijwe ku muhanda unyura imbere y’ibiro bya komini, bakicishwa intwaro za gakondo, harimo amasuka n’ibiboko. Ibimenyetso byatanzwe byerekana ko, mu bishwe, harimo Tewojeni, Foyibi Uwineza na *fiyanse* we.

313. Urugereko rusanga byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, Akayesu yategetse abaturage bo muri ako gace n’Interahamwe kwica abantu bize. Byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko nyuma y’iyicwa ry’impunzi, Akayesu yabwiye abaturage bo muri ako gace n’Interahamwe zari ziri kumwe nawe kubiro bya komini kujya gushaka “usigaye”, uwo akaba ari umwarimu witwaga Samweli, nuko Samweli akazanwa ku biro bya komini. Byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko, nyuma, Samweli yishwe n’abaturage bo muri ako gace n’Interahamwe bamukubise inshuro imwe umuhoro ku ijosi. Urugereko rusanga byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko abarimu bamwe bo muri komini Taba bishwe kubera amabwiriza yatanzwe n’Akayesu. Rusanga kandi ko byagaragajwe nta gushidikanya na gato ko mu barimu bishwe harimo abitwaga Tarisisi, Tewojeni, Foyibi Uwineza na *fiyanse* we. Byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko Tarisisi yishwe Akayesu ahibereye. Urugereko rusanga byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko abapfuye bose bishwe n’abaturage bo muri ako gace n’Interahamwe, bakoresheje imihoro n’ibikoresho by’ubuhinzi, bakicirwa ku muhanda unyura imbere y’ibiro bya komini. Urugereko ariko rusanga ko bitatangiwe gihamya nta gushidikanya na gato ko Akayesu yategetse ko hicwa abantu bafite ijambo muri ako karere, ndetse n’uko abishwe bari abarimu bo mu ishuri ryisumbuye ry’i Taba.

314. Urugereko rusanga byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko abo barimu bishwe kubera ko bari abatutsi.

### 5.3. Inama

#### 5.3.1. Igika cya 14 n’icya 15 by’Inyandiko y’ibirego

315. Igika cya 14 cy’Inyandiko y’ibirego giteye gitya:

Mu gitondo cyo ku itariki ya 19 Mata 1994, nyuma y'iyicwa rya Bwana Karera, Yohani Pawulo Akayesu yayoboye wenyine inama muri segiteri Gishyeshye ; muri iyo nama yashyigikiye iyicwa rya Siliveri Karera kandi ahamagarira akomeje abaturage kwica ibyitso bya FPR. Ubwo abantu bari muri iyo nama bumvise ko ashaka kuvuga Abatutsi. Muri iyo nama harimo abantu barenga 100. Nyuma gato y'iyo nama Abatutsi batangiye kwicwa muri Taba.

316. Hakurikijwe ibikorwa aregwa muri iki gika, bavuga ko Ushinjwa yakoze ibyaha bikubiye mu birego bine:

· Ikirego cya mbere cy'Inyandiko y' ibirego kivuga ko yaba yarakoze icyaha cy'itsembabwoko, gihanishwa ingingo ya 2 (3) alineya a) ya Sitati;

· Ikirego cya kabiri kivuga ko yaba yarakoze icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko, kivugwa mu ngingo ya 2 (3) alineya e) ya Sitati;

· Ikirego cya gatatu kivuga ko yaba yarakoze icyaha cy'itsembatsemba kigize icyaha cyibasiye inyokomuntu, gihanishwa ingingo ya 3 (b) ya Sitati; n'

· Ikirego cya kane kivuga ko yaba yarakoze icyaha cyo guhamagarira abantu ku mugaragaro kandi mu buryo butaziguye gukora itsembabwoko, gihanishwa ingingo ya 2 (3) alineya c) ya Sitati.

317. Urugereko rusanga ko kugira ngo hatangwe imyanzuro ku byabaye isobanutse neza kandi ijyanye n'ibivugwa mu gika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego, ari ngombwa gusuzuma imwe ukwayo ingingo zikurikira :

· Iya mbere, yerekeranye n'inama yakorewe muri segiteri Gishyeshye, mu gitondo cyo ku itariki ya 19 Mata 1994, nyuma ry'iyicwa rya Bwana Karera, iyo nama yaba yaragiwemo n'abantu barenze ijana, kandi Ushinjwa yaba yarayiyoboye wenyine.

· iya kabiri, yerekeranye n'uko muri iyo nama, Ushinjwa yaba yarashyigikiye iyicwa rya Siliveri Karera;

· iya gatatu, yerekeranye n'uko muri iyo nama, Ushinjjwa yaba yarashishikarije akomeje abaturage kwica ibyitso bya FPR, maze abantu bari bayirimo bakumva ko ashatse kuvuga Abatutsi, n'

· iya kane, yerekeranye n'uko ubwicanyi bw'Abatutsi muri Taba bwaba bwaratangiye nyuma gato y'iyo nama.

318. <u>Ku byerekeranye n'ibyabaye byanditse muri ubu buryo mu gika cya 14 cy'inyandiko y'ibirego:</u>

**"Mu gitondo cyo ku itariki ya 19 Mata 1994, nyuma y'iyicwa rya Bwana Karera, Yohani Pawulo Akayesu yayoboye wenyine inama muri segiteri ya Gishyeshye (…) Muri iyo nama harimo abantu barenze 100."**

319. Urugereko rurabona ko hari itandukaniro rinini hagati y'uko igika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego cyanditse mu gifaransa no mu cyongereza. Mu gifaransa haranditse ngo *"Akayesu a dirigé seul une réunion"* (Akayesu yayoboye inama wenyine), naho mu cyongereza bavuga gusa ko *"Yohani Pawulo L'Accusé led a meeting"* (Ushinjwa Yohani Pawulo yayoboye

inama), badasobanura niba yarayiyoboye wenyine. Urugereko rurabona ibyanditse mu gifaransa ari byo bigomba gukurikizwa, kubera ko Inyandiko y'ibirego yasomewe Ushinjwa igihe yitaba urukiko bwa mbere yari yanditse mu gifaransa, kubera ko Ushinjwa n'abamwunganira bakoresheje ururimi rw'igifaransa mu rubanza, kandi, cyane cyane, kubera ko amahame-remezo y'amategeko avuga ko mu manza nshinjabyaha, hakurikizwa ibifitiye Ushinjwa akamaro kurushaho. Muri uru rubanza, hakurikijwe uko byanditse mu gifaransa, Ubushinjacyaha ntibugomba gutanga gusa gihamya ko Ushinjwa yayoboye inama, bugomba no kugaragaza ko yayiyoboye wenyine.

320. Urupfu rw'umwarimu Siliveri Karera wishwe mu ijoro ryo ku ya 18 rishyira irya 19 Mata 1994, n'ibyabaye byakurikiyeho, bivugwa mu gika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego byasobanuwe ku buryo burambuye mu bika bibanziriza ibi.

321. Umutangabuhamya ushinja A yavuze ko, nyuma yo kubona umurambo wa Siliveri Karera ku ishuri ry'i Remera, yageze i Gishyeshye ku itariki ya 19 Mata 1994, ahagana saa kumi n'ebyiri cyangwa saa moya za mu gitondo, akahasanga igiterane kinini cy'abantu bari hagati ya 300 na 400 bari mu ihuriro ry'imihanda. Umutangabuhamya yavuze ko inama nta muntu wari wayitumije, ahubwo ko ari abantu bari bahuruye baje kureba ibyabaye. Abo bantu bari hafi y'umurambo w'umuntu wapfuye, w'Interahamwe yakomokaga i Gishyeshye, akaba ari yo ngo yaba yarishe Siliveri Karera. Agatsiko k'abantu bamwe, barimo burugumesitiri Akayesu, abajyanama b'amasegiteri n'Interahamwe enye zitwaje intwaro, zamenyekanaga kubera ko zari zambaye ingofero ziriho ikirangantego cya MRND, kari imbere y'icyo giterane cy'abantu kugira ngo gashobore kuba kagira icyo kababwira. Abajyanama b'amasegiteri basabye abo baturage gukurikira ijambo rya burugumesitiri. Umutangabuhamya A yavuze ko Interahamwe zari iruhande rwa minibisi y'ubururu Ushinjwa yari yajemo, ukabona zimeze nk'izimurinze; ibyo bikaba byaratangaje abari mu nama.

322. Umutangabuhamya wahamagajwe na Porokireri wahawe izina ry'iritizanyo rya Z, umututsi, yavuze ko uwishe umwarimu w'umututsi w'i Remera nawe yaje kwicwa n'abashinzwe umutekano ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, mu museso w'umunsi wakurikiye iyicwa ry'uwo mwarimu i Remera. Umutangabuhamya Z n'abandi bantu bateraniye hafi y'umurambo w'uwo muntu wari wishe uwo mwarimu. Abantu bari aho baregaga Interahamwe ko ari zo zishe uwo mwarimu. Ushinjwa, wari witwaje intwaro, yatandukanije abaturage n'Interahamwe, nuko afata ijambo.

323. Umutangabuhamya V ushinja, wari umaze hafi imyaka 30 ari umwarimu muri Taba, yagiye mu nama muri segiteri Gishyeshye ahantu hari umurambo w'umugabo w'umuhutu. Yemeje ko aho i Gishyeshye ku muhanda habereye inama, Ushinjwa ahari, yitwaje imbunda kandi ko ari na we wakoresheje iyo nama. Umutangabuhamya avuga ko mu nama hari nk'abantu 500. Abaturage bari imbere y'inzu. Ushinjwa we yari mu muhanda hagati, Interahamwe zimuri iruhande, ku ruhande rw'umuhanda ruteganye n'urwo abaturage bariho.

324. Uwitwa Efuremu Karangwa, umugabo w'umututsi wahamagajwe n'Ubushinjacyaha ngo abe umutangabuhamya ushinja, akaba yari IPJ wa komini Taba mu gihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga, yabwiye Urugereko ko ku itariki ya 19 Mata 1994, Ushinjwa yakoresheje inama muri segiteri Gishyeshye.

325. Abagabo bari bagiye kureba uko byagendekeye Siliveri Karera babwiye umutangabuhamya U ko hari umuntu wishwe kubera iyicwa rya Karera kandi ko Ushinjwa ubwe yageze aho uwo murambo wari uri, akahakoreshereza inama.

326. Iyo nama yemejwe n'Ushinjwa ubwe wabwiye Urugereko, igihe yatangaga ubuhamya imbere yarwo, ko ahagana mu ma saa kumi za mu gitondo, mu ijoro ryo kuwa 18 rishyira uwa 19 Mata 1994, uwitwa Agusitini Sebazungu, wari umubitsi wa MDR. muri Taba, utuye muri segiteri Gishyeshye, yaje kumureba kuri komini aho yari yaraye, kugira ngo amumenyeshe ko muri iyo segiteri hari umwuka mubi, kubera iyicwa ry'umusore w'Interahamwe. Burugumesitiri yahise ahuruza abapolisi, ajyanayo na babiri muri bo; bagiye mu minibisi y'ubururu. Aho i Gishyeshye, yahasanze umurambo uri hasi ku butaka, wuzuye amaraso, nk'aho uwo muntu yari yakubiswe. Ushinjwa yemeje imbere y'Urugereko ko, kubera ko abantu bari bahuruye baje kureba ibyabaye, yaboneyeho umwanya wo kugira icyo abwira abaturage. Yabonye Interahamwe zo muri ako karere zahuruye zikikije umurambo w'uwo musore w'umurwanashyaka wabo. Ushinjwa yavuze ko hari hateraniye nk'abantu bari hagati y'100 na 200, barimo abahutu n'abatutsi, Interahamwe, abarwanashyaka ba MDR. ndetse yenda n'abo mu yandi mashyaka ya politiki. Ushinjwa yemereye imbere y'Urugereko ko yasabye abo bantu kumwegera, nuko afata ijambo, ba bapolisi babiri bari bamuherekeje bamuhagaze inyuma.

327. Mu iburana, ubwunganizi bwatsindagiye ko Ushinjwa atigeze atumiza inama y'i Gishyeshye, ko ahubwo abantu bahahururiye ku giti cyabo kubera umuntu wari umaze kwicwa. Ushinjwa, kubera ko yari burugumesitiri, na we yari ari muri abo bantu barimo n'Interahamwe.

328. <u>Ku byerekeranye n'ibyanditse mu gika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego muri aya magambo: "Yohani-Pawulo ushinjwa yashyigikiye iyicwa rya Siliveri Karera."</u>

329. Mu buhamya bwe, umugabo V ushinja avuga ko Ushinjwa yavuze ko Siliveri Karera yapfuye kubera ko yakoranaga n'Inkotanyi. Burugumesitiri yongeyeho ko uwo muntu, umurambo we wari aho abantu bari bateraniye, yari yarenganijwe ariko ko Siliveri Karera we atarenganijwe. Mu bibazo binyomoza, Umutangabuhamya V yongeye kwemeza ko Ushinjwa yavuze ko Karera yishwe kubera ko yakoranaga n'Inkotanyi.

330. Umutangabuhamya w'umututsi wiswe Z yavuze ko, mu nama yakurikiye iyicwa ry'umwarimu w'i Remera, Ushinjwa wari witwaje intwaro, yatandukanije abaturage bandi n'Interahamwe, nuko akavuga ko ababajwe n'urupfu rw'uwo muntu; ko yongeyeho ko uwo muntu yapfuye ariko ko umwanzi we akiriho. Umutangabuhamya Z yavuze ko Ushinjwa yabwiye abari bateraniye aho ko hari impapuro zerekana imigambi y'abatutsi yo kwica abahutu zafatiwe mu rugo rw'uwo mwarimu.

331. Atanga ubuhamya bwe, Ushinjwa yabwiye Urugereko ko yabajije abantu bari bakikije umurambo w'uwo musore w'Interahamwe impamvu yishwe, maze abo baturage bakavuga ko yasahuye, bityo akaba yabonye igihano gikwiye. Burugumesitiri yakomeje kuvugana n'abaturage agerageza kubumvisha ko iyo ngeso yo kwica igomba gucika, anabasobanurira ingaruka zayo. Yamaganye iyicwa ry'uwo musore kubera ko yabonaga ko umutekano utabungabungwa muri ubwo buryo, avuga ko gufata uwo musore byari kuba bihagije. Ushinjwa yabwiye Urugereko ko yabajije Agusitini Sebazungu impamvu we, nk'umunyacyubahiro n'umuntu wize, atabujije abaturage kwica uwo musore. Sebazungu yaba yaramushubije ko ntacyo yari kubikoraho.

332. <u>Ku byerekeranye n'ibyanditse mu gika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego muri aya magambo:</u>

> "Yohani Pawulo Akayesu (…) yashishikarije akomeje abaturage kwica ibyitso bya FPR. Abaturage bari mu nama bumvise ko yashakaga kuvuga Abatutsi."

333. Umutangabuhamya A ushinja yavuze ko muri iyo nama, Ushinjwa yari afite mu ntoki impapuro yaba yereretse abari bateraniye aho, avuga ko bazikuye mu rugo rw'umuntu w'icyitso cy'Inkotanyi. Yanavuze ko izo mpapuro zerekanaga ubutumwa bwahawe ibyitso by'Inkotanyi. Ushinjwa yeretse abaturage izo mpapuro. Yavuze ko ibintu byahindutse, ko Inkotanyi n'ibyitso byazo bashaka gufata ubutegetsi. Umutangabuhamya A avuga ko burugumesitiri yavuze ko buri wese agomba gukora uko ashoboye kugira ngo arwanye abo bantu, kuko bashaka kugarura ingoma ya kera. Yavuze ko we ubwe agiye kwishakira bamwe muri abo bantu. Hari umwarimu wabwiye Ushinjwa ko hari icyitso azi, nuko burugumesitiri aramusubiza ati "bajye gushaka uwo muntu". Umutangabuhamya A yavuze kandi ko Interahamwe zaba zarabwiye Ushinjwa ko agomba kuziha abantu bo muri komini. Nuko burugumesitiri abwira abateraniye aho ko bagomba kurwanya Inkotanyi n'ibyitso byazo. Umutangabuhamya yavuze ko, urebye, abaturage bari bitonze, uretse ko batangajwe n'ayo magambo adasanzwe Ushinjwa yari amaze kuvuga. Umutangabuhamya A yaratangaye ku giti cye, ndetse nk'uko abivuga, n'abandi bantu bari aho batangajwe no kubona burugumesitiri yarahinduye imyifatire, akamera nk'uwabaye inshuti y'Interahamwe.

334. Umutangabuhamya V ushinja yabwiye Urugereko ko mu nama y'i Gishyeshye yo ku itariki ya 19 Mata 1994, Ushinjwa yasabye abaturage gufatanya n'Interahamwe mu kurwanya umwanzi rukumbi w'abahutu, ari we mututsi. Umutangabuhamya V avuga ko Ushinjwa yerekanye impapuro zaba zariho lisiti y'amazina y'abahutu bagombaga kwicwa n'abatutsi. Yasomye impapuro avuga ko abatutsi bakoraga amanama yo kugira ngo batsembatsembe Abahutu. Ku bwe umutangabuhamya yabonaga burugumesitiri yarashakaga kumvisha abaturage ko Abatutsi ari abanzi. Ushinjwa yavuze ko abatutsi, bo banzi rukumbi kandi nyakuri b'abahutu, bagombaga kwicwa. Yabwiye abaturage gukorana n'Interahamwe kugira ngo bashakishe umwanzi umwe rukumbi. Yanavuze kandi ko hari abantu b'abatutsi bazwi na bose kandi batuye muri komini, bakoranaga na FPR. Umutangabuhamya V avuga ko, usibye n'Ushinjwa, hari undi muntu witwa Farasisiko wafashe ijambo, akavuga ko hafashwe lisiti y'inyemazabwishyu y'imisanzu Abatutsi baba barahaye Inkotanyi.

335. Umutangabuhamya C ushinja yavuze ko, muri iyo nama, Ushinjwa yeretse abari aho impapuro, harimo lisiti y'abahutu Inkotanyi n'abatutsi batuye muri Taba bashakaga kwica na lisiti y'abatutsi batanze imisanzu muri F.P.R. Umutangabuhamya yavuze ko, nubwo Interahamwe zasaga n'izishimye, abaturage bari bateraniye aho batangajwe n'uko guhinduka kwa burugumesitiri. Muri iyo nama, Ushinjwa yavuze ko umututsi ari umwanzi w'abahutu kandi ko ari we mwanzi umwe rukumbi w'abahutu. Umutangabuhamya C yemeje ko yumvise neza Ushinjwa avuga ko bagomba kwica abatutsi.

336. Umutangabuhamya w'umututsi wiswe Z yavuze ko mu nama yakurikiye iyicwa ry'umwarimu w'i Remera, Ushinjwa yari yitwaje intwaro kandi ko yahamagariye abari aho kwibagirwa ibibatandukanya bya politiki, bakiyunga kugira ngo barwanye umwanzi, uwo mwanzi akaba ari umututsi, icyitso cy'Inkotanyi. Ku byerekye umurambo w'uwo musore w'Interahamwe, Ushinjwa yamaganye iyicwa ry'iyo Nterahamwe yari yishe Siliveri Karera, avuga ko uwo musore yapfuye ariko ko umwanzi akiriho. Umutangabuhamya Z yavuze kandi ko muri iyo nama, Ushinjwa yari afite impapuro ziriho lisiti y'amazina. Yasomye ibyanditse kuri izo mpapuro avuga ko abatutsi bakoraga amanama kugira ngo batsembatsembe abahutu. Usibye n'Ushinjwa, Interahamwe yitwa Farasisiko yafashe nayo ijambo, ifite impapuro mu ntoki. Yerekanye izo mpapuro, ivuga ko zafatiwe mu nzu y'uwo mwarimu wari wiciwe i Remera kandi ko zirimo lisiti y'amazina y'abatutsi batanze imisanzu mu Nkotanyi. Abari aho baratangaye, cyane cyane kubera ko Ushinjwa noneho yasaga n'ufatanyije n'Interahamwe. Umutangabuhamya Z abona ko muri iyo nama Ushinjwa yabwiraga abahutu kwica abatutsi.

337.Uwitwa Efuremu Karangwa, wari IPJ wa komini Taba muri icyo gihe, yabwiye Urugereko ko, mu nama y'i Gishyeshye, Ushinjwa yahamagariye abaturage kwica abatutsi bo muri Taba. Burugumesitiri yabwiye abantu ko niyo baba bashigikiye MDR., MRND, cyangwa PSD, bagomba kwishyira hamwe bakumva ko umwanzi ari umwe rukumbi: umututsi. Ushinjwa yabwiye abantu kudatinya Interahamwe. Umutangabuhamya avuga ko abantu bari muri iyo nama bamwemeje ko, muri iyo nama, Ushinjwa yerekanye lisiti y'abantu bagombaga kwicwa, hakaba hariho n'izina rya Efuremu Karangwa. Ibivugwa mu gika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego ko, muri iyo nama, Ushinjwa yavuze amazina y'abantu harimo n'irya Efuremu Karangwa, biraza gusobanurwa nyuma.

338.Hari abagabo baba barabwiye umutangabuhamya U ushinja ko mu nama yakoreshejwe n'Ushinjwa hafi y'umurambo w'uwari wishe Siliveri Karera, havuzwemo ko umwanzi rukumbi ari umututsi kandi ko abatutsi bose bagombaga kwicwa. Umutangabuhamya U yavuze ko abaturage baba baravuze ko "indege" yahanuwe n'Inkotanyi kandi ko Inkotanyi ari Abatutsi.

339.Abatangabuhamya benshi bashinja bemeje ibyo Porokireri avuga ko igihe Ushinjwa yahamagariraga abantu kurwanya umwanzi, abari aho bumvise ko ari ukwica Abatutsi. Umutangabuhamya w'umuhinzi w'umuhutu wiswe C n'umutangabuhamya w'umuhinzi w'umuhutukazi wiswe N babwiye Urugereko ko, muri icyo gihe ibyo byabaga, abantu bose bumvaga ko "inkotanyi" "n'inyenzi" bisobanura abatutsi. Umutangabuhamya N yongeyeho ko Ushinjwa ubwe, wari umutegetsi, yavugaga ko abatutsi bafite aho bahuriye n'Inkotanyi n'Inyenzi. Umutangabuhamya V na we yashimangiye ko muri icyo gihe, amagambo Inkotanyi n'abatutsi yakoreshwaga rimwe mu mwanya w'irindi mu giturage. Yasobanuye ko nubwo Inkotanyi zose zitari izo mu bwoko bw'abatutsi, icyo gihe abantu bose bemeraga ko buri mututsi yari Inkotanyi. Umutangabuhamya V yanemeje kandi ko abantu bumvaga ko amagambo umututsi n'inkotanyi bivuga kimwe kandi abatutsi bakaba barabahigaga bavuga ngo "Dore za nkotanyi, dore b'abatutsi". Yasobanuye ko abatutsi babafataga nk'Inkotanyi.

340.Bwana Matiyasi Ruzindana, umwarimu w'isesengura-ndimi muri Kaminuza y'u Rwanda wahamagajwe na Porokireri nk'umutangabuhamya w'impuguke, yasobanuriye Urugereko ko ashingiye ku isesengura yakoze ry'ibinyamakuru byo mu Rwanda n'ibiganiro bya RTLM, no ku byo azi ku giti cye, abona ko mu gihe ibiri mu Nyandiko y'ibirego byabaga, ijambo Inkotanyi ryasobanuraga ibintu bitandukanye, kuva ku muntu ushyigikiye FPR kugeza rimwe na rimwe ku batutsi.

341. Umugore w'umuhutukazi, umutangabuhamya ushinjura wiswe DIX, yavuze ko Interahamwe zatangiye kwica abantu kubera ko zatekerezaga ko, no mu baturanyi bazo, harimo ibyitso by'abanzi baturutse hanze.

342.Uwitwa Yozefu Matata, umutangabuhamya ushinjura, yatangarije Urugereko ko ibivugwa ko igihe Ushinjwa yahamagariraga abantu kurwanya umwanzi, abantu bari aho bumvise ko ashaka kuvuga kwica abatutsi, bitagomba kwemerwa. Kubwe, amagambo y'Ushinjwa agomba gusobanurwa hitaweho ingingo ebyiri: kuba hari abantu ba FPR bacengeraga mu Rwanda no kuba abantu bari basanzwe bazi burugumesitiri, batarashoboraga kumva ko ijambo rye ribahamagarira kwica abatutsi.

343.Umutangabuhamya ushinjura, wahamagajwe n'ababuranira Ushinjwa ku izina rya DZZ, we yavuze ko Ushinjwa atigeze akoresha inama muri komini Taba mu gihe ibi bivugwa byabaga.

344. Mu gihe yatangaga ubuhamya imbere y'Urugereko, Ushinjwa yavuze ko igihe abantu bari bahururiye i Gishyeshye, Interahamwe zatangiye gusakuza. Yaba yarazisabye gutuza, azibwira ko zitagomba gukorera mu kajagari. Interahamwe zaba zaribukije burugumesitiri ko hari abasirikare b'inkotanyi baba barimo gucengera muri komini. Ushinjwa yemeje imbere y'Urugereko ko yazishubije ko niba hari umuryango bazi waba ucumbikiye umurwanashyaka wa FPR, zashobora kubimenyesha umujyanama wa segiteri, umuselire, umupolisi cyangwa burugumesitiri, akaba ari bo babikurikirana. Ushinjwa yahakanye kuba yaravugiye imbere y'abo bantu bari bateraniye aho ko ibyitso by'Inkotanyi bigomba kuvumburwa, ariko yemeye ko yavuze ko hashobora kuba hari imiryango icumbikiye abasirikare ba FPR.

345.Mu bibazo binyomoza, Ushinjwa yasubije ibibazo bya Porokireri byerekeranye na za lisiti zari zavuzwe n'abatangabuhamya benshi, avuga ko uwitwa Farasisiko yamuhaye impapuro, akazisoma bucece vuba vuba. Kuri izo mpapuro, hariho amazina y'abantu n'akazi bakora. Interahamwe zaba zaramusabye inshuro ebyiri gusoma iyo lisiti aranguruye ijwi, arabyanga. Interahamwe zaba zaravuze ko iyo lisiti iriho amazina y'abasirikare n'aya barwanashyaka ba FPR yari yafashwe mu biro by'umugenzacyaha w'i Runda, wari umurwanashyaka wa FPR, akaba yari yishwe mu gihe yarasaga ku basirikare no ku bapolisi ba komini.

346.Ushinjwa yabwiye Urugereko ko yanze gusoma iyo lisiti n'ijwi riranguruye muri icyo giterane cy'abantu, kubera ko yari yabonye ho amazina y'abantu bamwe azi, nka Karangwa, "Charlotte", Rukundakuvuga na Mutabazi. Yaba yarasobanuriye abaturage bateraniye aho ko iyo lisiti iriho amazina, harimo n'irya Efuremu Karangwa, kandi ko lisiti nk'iyo yateza umutekano muke, kubera ko bishoboka ko hagera igihe buri muntu yazasanga izina rye ryanditse ku ilisiti nk'iyo; yaba yarasabye abaturage kwitondera inyandiko nk'izo.

347.Ushinjwa nyuma yemereye imbere y'Urugereko mu buryo butaziguye ko kuvuga izina ry'umuntu riri kuri lisiti nk'iyo byari kumubangamira cyane ndetse bikaba byanamuviramo gupfa. Yemeje na none kandi ko, ibyo biramutse bivuzwe n'umutegetsi, nka burugumesitiri, abaturage babyitabira kurushaho, kuko bahita bumva ko uwo muntu arezwe, bityo akaba yakwicwa nta kabuza. Ubwunganizi, nk'uko bwabisobanuye mu iburana ryabwo, ku byerekeranye n'impapuro zasomwe n'Ushinjwa, buvuga ko Interahamwe zaba zarashyushye imitwe, nuko zikaba zarategetse burugumesitiri gusoma inyandiko zari zifite, yari iriho amazina y'abantu bamwe bafatwaga nk'ibyitso bya FPR. Ushinjwa yaba yaragerageje kubuza abo bigaragambyaga kugira uwo barega kuri ubwo buryo, asobanura ko nta cyemeza ko abantu bari kuri iyo lisiti bari abarwanashyaka ba FPR koko.

348. <u>Ku byerekeranye n'ibyanditse mu gika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego muri aya magambo: "Ubwicanyi bw'Abatutsi muri Taba bwatangiye hashize igihe gito inama ibaye."</u>

349.Urugereko rubona ko, ku byerekeye ibyo byanditswe mu gika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego, bidahagije gusa kwerekana ko icyo giterane cy'i Gishyeshye n'itangira ry'ubwicanyi bw'abatutsi, muri Taba byaba byarahuriranye, ko hagombwa no kwerekanwa isano yaba iri hagati y'amagambo Ushinjwa yavugiye muri icyo giterane n'itangira ry'ubwicanyi.

350. Umutangabuhamya Efuremu Karangwa, wari umugenzacyaha wa komini Taba igihe ibi byabaga, yavuze ko kugeza ku itariki ya 18 Mata 1994, abaturage bo muri Taba bari bunze ubumwe kandi ko icyo gihe nta bwicanyi bwari buhari.

351. Umutangabuhamya C ushinja yavuze ko abaturage bo muri Taba bakurikije amabwiriza burugumesitiri yari yabahaye mu nama y'i Gishyeshye, nuko kubera iyo nama, batangira

gusenya amazu no kwica. Uwo mutangabuhamya yibukije ko abantu bakurikije amabwiriza y'Ushinjwa, nk'uko bari basanzwe babigenza.

352.Umutangabuhamya W ushinja, w'umututsi, yasobanuye neza ko ibitero byatangiye ku itariki ya 19 Mata 1994. Igitero cya mbere, yiboneye, cyabaye ku itariki ya 19 Mata 1994 ahagana isaa munani z'amanywa. Mbere y'aho gato, murumuna we, wari wagiye kumva ibyabaye i Rukoma, yari yamubwiye ko haba hari lisiti y' "ibyitso" yavumbuwe kwa Siliveri Karera kandi ko izina ry'umutangabuhamya W ryaba riri kuri iyo lisiti. Umutangabuhamya yahise ajya kwihisha nuko nyuma aza guhungira muri komini Kayenzi.

353.Umutangabuhamya w'umuhutu ushinja wiswe A, yabwiye Urugereko ko abantu batanu b'abatutsi bishwe kuri uwo munsi inama yabereyeho. Guhera kuri iyo tariki, umutangabuhamya A yiboneye ku giti cye abantu basenya amazu, batwara amabati, inzugi n'ibindi byose bashoboraga gutwara; nyuma bishe inka barazirya. Abantu bamwe bagerageje guhunga, babonye ko ubwicanyi bwatangiye. Abenshi mu bagiriwe nabi bari abatutsi. Uwo mutangabuhamya avuga ko kuva Ushinjwa yatangira kumvikana n'Interahamwe, zakoresheje komini icyo zishaka. Abaturage bashyizwemo bityo ibitekerezo bibashyamiranya. Abantu baba barahindutse kubera amagambo bakomeje kubasubiriramo n'ibyo babasezeranyaga maze batangira kwica.

354.Umutangabuhamya N, umuhutukazi w'umuhinzi ufite imyaka 69 nawe yasobanuye ko gusenya amazu, kwica inka, ndetse n'ubwicanyi, byatangiye kubera iyo nama. Uwo mutangabuhamya abona ko ubwicanyi bwafashe intera ndende kubera ko Ushinjwa yerekanye ko abushyigikiye muri iyo nama no kubera ko yahamagariye abantu kurwanya Inkotanyi n'Abatutsi. Ku bwe, iyo Ushinjwa adakoresha iyo nama, ubwicanyi ntibwari gutangira icyo gihe, kabone n'iyo Interahamwe zari kuba zirusha burugumesitiri imbaraga.

355.Ushinjwa yiyemereye ubwe imbere y'Urugereko ko, guhera ku itariki ya 19 Mata 1994, habaye ubwicanyi muri Taba. Yavuze ko uwo munsi amaze gufata ijambo imbere y'abantu bari bateraniye i Gishyeshye, yagiye ku biro bya komini, agasanga Interahamwe zishe abantu benshi bari bahahungiye, barimo abasaza, abagore n'abana.

356.Mu iburana, ubwunganizi bwavuze ko umutangabuhamya V yemeje imbere y'Urugereko ko abatutsi benshi bari bahungiye ku biro bya komini mu ijoro ryo ku itariki ya 19 Mata 1994. Bwibajije rero icyizere cyagirirwa uwo mutangabuhamya V wari wemeje na none, ubwo yitabaga Urukiko ko kuri iyo tariki ya 19 Mata 1994 mu gitondo, Ushinjwa yari yatanze itegeko ryo kwica abatutsi.

357.Umutangabuhamya wahamagajwe n'Ubwunganizi witwa Yozefu Matata yasobanuye ko we, uko abibona kandi ashingiye ku buhamya yaba yarakusanyije i Taba, abantu bitwara gisirikare baganjije Ushinjwa kuva ku itariki ya 19 Mata 1994. Yanzuye avuga ko itangira ry'ubwicanyi ritari rifitanye isano n'inama y'i Gishyeshye, ko ahubwo ari uguhurirana kw'ibintu kubabaje kwabayeho gusa.

358.<u>Imyanzuro ku byabaye</u>

359.Rushingiye ku buhamya buhuye no ku byo Ushinjwa yemeje ubwe ko byabaye, Urugereko rwemera nta gushidikanya na gato ko Ushinjwa yari i Gishyeshye kare mu gitondo ku itariki ya 19 Mata 1994, ko yahasanze abantu barenze ijana bahateraniye bakikije umurambo w'umusore w'Interahamwe kandi ko yaboneyeho umwanya wo gufata ijambo mu ruhame. Urugereko rubona ko Ushinjwa atahamagaje inama, ahubwo ko yahageze agasanga abantu bahahururiye. Na none kandi, rushingiye ku buhamya buhuye, Urugereko rusanga nta

gushidikanya na gato ko icyo gihe, Ushinjwa yayoboye inama n'impaka byakurikiyeho kubera ko yari na burugumesitiri kandi akaba yari afite ububasha ku baturage.

360.Ku byerekeranye n'imvugo ya Porokireri ko Ushinjwa yaba yarashyigikiye iyicwa rya Siliveri Karera, Urugereko rusanga Ushinjwa yariyemereye ubwe ko yamaganye iyicwa ry'uwo musore w'Interahamwe waba warishe Karera, ariko ko atigeze avuga ko yaba yaranamaganye iyicwa rya Karera. Urugereko rurasanga ariko kuba atarabyamaganye bitavuga ko muri uru rubanza yabishyigikiye. Rushingiye ku buhamya bw'abagabo V na Z, Urugereko rurasanga ariko ko Ushinjwa ashobora kuba yaravuze ko Siliveri Karera yishwe kubera ko yaba yari icyitso cy'Inkotanyi, akanongeraho ko uwishe Siliveri Karera atamurenganije. Urugereko rusanga ariko nta bundi buhamya bushyigikira ubw'umugabo V, kandi hari nk'abatangabuhamya icumi babajijwe ku byerekeranye n'iyicwa rya Siliveri Karera n'inama yakurikiyeho, Ushinjwa yafatiyemo ijambo. Bityo Urugereko rukaba rusanga ko kubera ko nta bimenyetso simusiga byatanzwe, Ubushinjacyaha butagaragaje nta gushidikanya na gato ko Ushinjwa yashyigikiye mu ruhame iyicwa rya Siliveri Karera mu giterane cy'i Gishyeshye.

361.Ku byerekeranye n'uko muri icyo giterane Ushinjwa yaba yarashishikarije abaturage kwica ibyitso bya FPR, Urugereko rumaze gusuzuma agaciro k'ubuhamya bwose busobanuye kandi buhuye, ruremera nta gushidikanya na gato ko Ushinjwa yasabye abaturage ku mugaragaro kunga ubumwe kugira ngo bikize umwanzi umwe rukumbi: icyitso cy'Inkotanyi. Rushingiye ku buhamya buhuye bwatanzwe mu rubanza rwose no ku bisobanuro rwahawe na Bwana Ruzindana, witabye Urugereko nk'umutangabuhamya w'impuguke mu bibazo by'isesengura-ndimi, Urugereko ruremera nta gushidikanya na gato ko abaturage bumvise ko Ushinjwa ahamagarira abantu kwica abatutsi. Urugereko ruremera nta gushidikanya na gato ko Ushinjwa ubwe yari azi neza ingaruka z'amagambo ye ku baturage kandi ko yari azi neza ko guhamagarira abantu kurwanya ibyitso by'Inkotanyi, byari kumvikana ko ari ukubahamagarira kwica abatutsi muri rusange.

362. Mu gusoza, Urugereko, rushingiye ku buhamya bwinshi butanyomojwe ku buryo buhamye n'Ubwunganizi no ku byo Ushinjwa yiyemereye ubwe, ruremera nta gushidikanya na gato ko amagambo Ushinjwa yavuze mu giterane cyo ku itariki ya 19 Mata 1994 yatumye hakurikiraho ubwicanyi bwasakaye muri Taba.

**Ibirego**

363. Igika cya 15 giteye gitya:

> "Muri iyo nama yo ku itariki ya 19 Mata 1994 muri segiteri Gishyeshye**, Yohani-Pawulo Akayesu** yavuze nibura amazina atatu y'abatutsi bibikomerezwa bari bazwi cyane, Efuremu Karangwa, Yuvenali Rukundakuvuga na Emanweli Sempabwa, bagombaga kwicwa kubera ko bakekwagaho kuba bafite icyo bahuriyeho na FPR. Nyuma yaho, uwo munsi, Yuvenali Rukundakuvuga yiciwe i Kanyinya. Mu minsi yakurikiyeho, Emanweli Sempabwa yicishijwe ibiboko imbere y'ibiro bya komini Taba".

Kubera ko akekwaho kuba yaragize uruhare muri ibyo bikorwa, Ushinjwa yaba yarakoze ibyaha bitandatu bivugwa by'Inyandiko y'ibirego.

- Ikirego cya mbere: Itsembabwoko, icyaha gihanishwa ingingo ya 2(3) alineya e) ya Sitati y'Urukiko;

· Ikirego cya kabiri: Kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko, icyaha gihanishwa ingingo ya 2(3) alineya e) ya Sitati y'Urukiko;

· Ikirego cya kane: Guhamagarira abantu ku mugaragaro kandi mu buryo butaziguye gukora itsembabwoko, icyaha gihanishwa ingingo ya 2(3) alineya c) ya Sitati y'Urukiko;

· Ikirego cya gatatu: Ibyaha byibasiye inyokomuntu (itsembatsemba), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 (b) ya Sitati y'Urukiko;

· Ikirego cya gatanu: Ibyaha byibasiye inyokomuntu (ubuhotozi), ibyaha bihanishwa ingingo ya 3 (a) ya Sitati y'Urukiko;

· Ikirego cya gatandatu: Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve, nkuko bivugwa mu ngingo ya 4 (a) (ubuhotozi) ya Sitati y'Urukiko.

364. Mu gika cya 15, haravugwa ko mu nama yabaye ku itariki 19 Mata 1994 muri segiteri Gishyeshye, Ushinjwa yahamagariye abaturage kwica abantu batatu b'Abatutsi bibikomerezwa, bazira ko bakekwagaho kuba bafite icyo bahuriyeho na FPR. Kubera ko amazina yabo yaba yaravuzwe, nibura babiri muri bo, ni ukuvuga Yuvenali Rukundakuvuga na Emanweli Sempabwa, baje kwicwa nyuma yaho. Ibindi bikorwa byaba byaragiriwe Efuremu Karangwa bivugwa mu bika bya 16, 17 na 18 by'Inyandiko y'ibirego.

365. Nk'uko bivugwa mu gika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego, byamaze kugaragazwa nta gushidikanya na gato ko Ushinjwa yari mu nama yabereye i Gishyeshye mu gitondo kare ku itariki ya 19 Mata 1994. Urugereko rwasanze Ushinjwa yarashishikarije abari aho kwishyira hamwe kugira ngo bikize umwanzi umwe rukumbi, icyitso cy'Inkotanyi. Urugereko rwasanze kandi amagambo Inkotanyi n'icyitso yakoreshejwe muri iyo nama yashakaga kuvuga abatutsi, kandi ko Ushinjwa yari azi neza ko amagambo yabwiraga abaturage bari aho, bayumvaga nk'abahamagarira kwica Abatutsi muri rusange.

366. Ubu igisigaye ni ukwerekana niba muri iyo nama Ushinjwa yaravuze Efuremu Karangwa, Yuvenali Rukundakuvuga na Emanweli Sempabwa mu mazina yabo, ko bagomba kwicwa kubera ko bakekwagaho kuba bafite icyo bahuriyeho na FPR. Nibiramuka bigaragaye ku buryo budashidikanywaho na gato ko Ushinjwa yavuze amazina y'abo bantu batatu, Urugereko rurasuzuma noneho ibimenyetso byatanzwe kugira ngo rugaragaze niba hari aho bihuriye n'ibyaje kubabaho nyuma, nk'uko bivugwa mu nteruro ya kabiri n'iya gatatu z'igika cya 15 cy'Inyandiko y'ibirego.

**Uruhare Ushinjwa yaba yaragize**

367. Abagabo bamwe, ari bo V, C, A, Z n'Ushinjwa, batanze ubuhamya ku byabaye bivugwa mu gika cya 14, no ku bivugwa mu buryo butaziguye mu gika cya 15 cy'Inyandiko y'ibirego. Ni yo mpamvu Urugereko rwibutsa gusa ibice by'ubuhamya bw'abo bagabo byerekeranye n'ibyemejwe mu gika cya 15 cy'Inyandiko y'ibirego, bivuga ko Ushinjwa yavuze amazina y'abo bantu batatu n'ibyababayeho nyuma, kuko rwamaze kwerekana haruguru ko i Gishyeshye habereye inama koko, rukerekana n'ibyayivugiwemo muri rusange bifitiyemo akamaro uru rubanza.

368. Umutangabuhamya Z w'umututsi, yavuze ko kare mu gitondo cyo ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, yari mu nama yakorewe uwo munsi muri segiteri Gishyeshye kandi ko Ushinjwa yari ayirimo. Yavuze ko Ushinjwa yatandukanyije

Interahamwe na rubanda, abasaba kwibagirwa ibyabatandukanyaga bishingiye kuri politiki kugeza igihe umwanzi azaba atakiriho; umwanzi akaba ari umututsi, icyitso cy'Inkotanyi.

369. Umutangabuhamya Z yatangaje ko Ushinjwa, wari ufite impapuro, yavuze ko Efuremu Karangwa yashakaga kumwica kugira ngo afate umwanya we wa burugumesitiri. Yavuze ko Ushinjwa nta wundi muntu yavuze mu izina. Nk'uko umutangabuhamya Z abivuga, Ushinjwa yavuze ko adashaka kuvuga amazina y'abandi bari batuye hafi aho, kuko bashoboraga kuburirwa n'umuntu, akaba yabafasha guhunga. Uwo mutangabuhamya yavuze ko Interahamwe yitwa Farasisiko yagize icyo ivuga kuri izo mpapuro. Nk'uko uwo mutangabuhamya abivuga, iyo nterahamwe yavuze ko izo mpapuro zafashwe mu nzu y'umuporofeseri wari wapfuye (reba igika cya 13 n'icya 14 by'Inyandiko y'ibirego), kandi ko zarimo amakuru arambuye yerekeranye n'amafaranga abatutsi bari barahaye Inkotanyi.

370. Umutangabuhamya Z yavuze ko Ushinjwa agiye kugenda, yavuze ko agiye gukora iyo bwababaga kugira ngo abantu bashakishwaga hagati ya Taba na Kayenzi batamucika. Yavuze ko Ushinjwa yagiye mu modoka ari kumwe n'iyo nterahamwe. Umutangabuhamya yavuze ko amaze kugera iwe, ku gasozi kari hafi aho, yabonye abantu bari mu modoka imwe n'Ushinjwa bamena urugi rw'inzu ya Rukundakuvuga. Nyuma yaje kumenya ko Rukundakuvuga yafashwe. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya Z yemeje ko Ushinjwa atavuze izina rya Rukundakuvuga, ariko ko, muri iyo nama, yasomye bimwe mu byari byanditse muri izo mpapuro.

371. Umutangabuhamya V, umwarimu w'umututsi wigisha muri Taba (komini ya Taba), akaba yari amaze imyaka hafi 28 ahatuye, yavuze ko yari ari muri iyo nama yari yabereye muri segiteri Gishyeshye. Yavuze ko muri iyo nama, Ushinjwa yasabye abaturage gufatanya n'Interahamwe mu kurwanya umwanzi umwe w'abahutu : umututsi. Umutangabuhamya V yavuze ko Ushinjwa yerekanye impapuro zariho lisiti y'amazina y'abahutu bagombaga kwicwa n'Inkotanyi n'abatutsi, na lisiti y'ibyitso bya FPR. Nk'uko uwo mutangabuhamya abivuga, Ushinjwa yaba yaravuze ko azi abantu bamwe bo muri komini bakorana na FPR, nk'abarimu batatu bari batuye muri Kayenzi, n'undi wa kane IPJ, wakoraga kuri komini. Umutangabuhamya V yavuze ko Ushinjwa yabwiye abaturage ko bagomba gushakisha abo bantu, bakabafata, bakababuza guhunga. Uwo mutangabuhamya yavuze ko Ushinjwa yavuze izina rya Efuremu Karangwa muri iyo nama, hanyuma akavuga mu marenga Yuvenali Rukundakuvuga na Emanweli Sempabwa, bombi b'abatutsi, avuga aho batuye. Nk'uko uwo mutangabuhamya abivuga, abaturage bumvise ko Ushinjwa yashakishaga abo bantu kuko ngo bari ibyitso bya FPR.

372.Umutangabuhamya V yavuze ko yabonye ku biro bya komini imirambo y'abantu babiri muri bane Ushinjwa yari yavuze, abona n'uwa Rukundakuvuga ku muhanda w'i Kanyinya igihe yahungaga ava muri komini Taba. Uwa kane bari bavuze izina mu nama yari yashoboye gucika.

373. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya V yemeje ko yabonye Ushinjwa yerekana mu nama inyandiko eshatu. Yavuze ko hari lisisti y'abantu bahaga amafaranga FPR, lisiti y'abahutu abatutsi bagombaga kwica na lisiti y'abatutsi bakoranaga na FPR. Umugabo yavuze ko Ushinjwa yavuze gusa izina rya Karangwa. Bamubajije umwirondoro w'abandi bantu, umutangabuhamya yashubije ko abo batavuzwe mu mazina, ariko ko Ushinjwa yavuze aho bari batuye, akanavuga ko bari abarimu. Nk'uko umugabo V abivuga, kubona abantu barahise bajya kubashaka byerekana ko abari muri iyo nama bamenye neza abo Ushinjwa yashakaga kuvuga.

374. Umutangabuhamya E, umuhutu ukomoka muri Taba, yavuze ko yari mu nama yari yabereye i Gishyeshye mu gitondo cyo kuwa 19 Mata 1994. Yavuze ko Ushinjwa yaje mu ivatiri, nuko agafata ijambo imbere y'abaturage. Nk'uko uwo mutangabuhamya abivuga, Ushinjwa, wari witwaje imbunda, yatunze urutoki Interahamwe yari iruhande rwe maze abwira abaturage ko Interahamwe n'ishyaka zarimo, MRND, nta nabi babashakira. Ushinjwa ndetse yaba yarabwiye abaturage ko amashyaka ya politiki yose ubu yahindutse ishyaka rimwe, kandi ko umwanzi ari umwe gusa : icyitso cy'Inkotanyi. Uwo mutangabuhamya yemeje ko umuntu witwa Farasisiko yahaye Ushinjwa impapuro zaba zarafatiwe mu rugo rw'umuntu w'icyitso cya FPR, ko Ushinjwa yabwiye abaturage ko bagomba kuvumbura ibyitso byose by'Inkotanyi aho byihishe. Bamubajije amazina Ushinjwa yaba yaravuze, umutangabuhamya yavuze ko yatanze izina rya Efuremu Karangwa gusa.

375. Umutangabuhamya A, umuhutu wakoranye n'Ushinjwa kuva muri Mata 1993 kugeza ku itariki ya 7 Mata 1994, yavuze ko yari mu nama yabereye i Gishyeshye mu gitondo cya kare ku itariki ya 19 Mata 1994. Yavuze ko ahagera, hagati ya saa kumi n'ebyiri na saa moya za mu gitondo, yabonye abantu benshi bakikije umurambo. Hari burugmesitiri, ba konseye, abaturage bo muri ako gace bari baraye bumvise urusaku, n'Interahamwe. Umutangabuhamya yavuze ko abaselire n'abakonseye basabye abaturage gutega amatwi burugumesitiri. Nk'uko umutangabuhamya A abivuga, Ushinjwa yeretse abari aho impapuro zimwe, hanyuma avuga ko ibintu byahindutse, ko Inkotanyi n'ibyitso byazo bashaka gufata ubutegetsi. Bamubajije niba hari amazina yavuzwe, umutangabuhamya yashubije ko Ushinjwa yavuze gusa izina rya Efuremu Karangwa, wari umugenzacyaha, avuga ko yashakaga kumusimbura. Uwo mutangabuhamya yongeyeho ko Ushinjwa yabwiye abaturage ko buri muntu yagombaga gukora iyo bwababaga kugira ngo arwanye abo bantu, akababuza kugarura ingoma ya kera, kandi ko nawe ubwe agiye kubashakisha. Umutangabuhamya A yavuze ko umwarimu umwe, wari mu baturage, yabwiye Ushinjwa ko azi undi muntu w'icyitso, maze mu kumusubiza, Ushinjwa atanga itegeko ryo kumushakisha.

376. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya A yemeje ko muri iyo nama y'i Gishyeshye, Ushinjwa nta wundi muntu yavuze izina uretse Efuremu Karangwa.

377. Umutangabuhamya C, umuturage w'umuhutu, yavuze ko yari mu nama y'i Gishyeshye. Yavuze ko Ushinjwa yafashe ijambo imbere y'abaturage. Nk'uko abivuga, Ushinjwa yakuye impapuro mu ikoti rye, avuga ko agiye kubasomera ibyanditse ku mpapuro basanze ku muporofeseri wari wiciwe i Remera. Ushinjwa yaba yarasabye abaturage gutega amatwi no gushyira mu bikorwa ibyanditse muri izo mpapuro. Umutangabuhamya yavuze ko nyuma y'ibyo, ariho Ushinjwa yasomye izo mpapuro.

378. Ushinjwa yavuze ko mu gitondo cyo ku itariki ya 19 Mata 1994, muri segiteri ya Gishyeshye, abantu barimo Interahamwe, bari bateranye, bakikije umurambo w'Interahamwe. Yavuze ko muri iyo nama, mu gihe yarimo abwira abaturage ibyerekeranye n'umutekano muri komini, umugabo witwa Farasisiko, wari wazanye n'Interahamwe, yamuhaye impapuro zarimo amazina n'imirimo y'abantu bakekwagaho kuba ibyitso bya FPR, hanyuma amusaba kuzisoma. Nubwo Farasisiko yamubwiye ngo asome amazina yari kuri iyo lisiti, Ushinjwa avuga ko atabikoze, uretse ko ngo yavuze izina rya Efuremu Karangwa ari ukubura uko agira. Yavuze ko avuga iryo zina, yabwiye abari muri iyo nama ati: «kuri iyi lisiti hariho izina rya Efuremu Karangwa, ejo hashobora kuba hariho iryanyu; ubwo se abantu bazavuga ko namwe mucumbikiye abantu bo muri FPR, umusirikare wa FPR? ».

379. Mu bibazo binyomoza, Ushinjwa yavuze ko nta zina na rimwe yasomye, ariko yemera ko yavuze izina rya Efuremu Karangwa. Yavuze ko yatanze incamake y'ibyari byanditse ku mpapuro yari afite, avuga ko hariho lisiti y'amazina arimo n'irya Efuremu Karangwa, nuko aravuga ngo ejo se, nihagira abandi bantu bazabona amazina yabo kuri iyi lisiti, bizaba bivuga ko abo bantu na bo bahishe abasirikare ba FPR? Ushinjwa yavuze ko izina rya Rukundakuvuga na ryo ryari kuri lisiti, ariko yemeje ko atarisomeye abaturage, kuko yavuze ko kuvugira mu ruhame ko umuntu ari icyitso cya FPR byashoboraga kumukururira ibyago.

380. Ubwunganizi baravuze ko atigeze ahamagaza inama y'i Gishyeshye, ahubwo ko yari mu bantu bari bakoraniye iruhande rw'umurambo w'umuntu wari wahiciwe. Bwavuze ko Interahamwe zari zarakaye, zihatira Ushinjwa gusoma inyandiko yariho amazina y'abantu zatekerezaga ko ari ibyitso bya FPR. Ubwunganizi bwemeje ko Ushinjwa yagerageje kumvisha Interahamwe ko zitagomba kurega abantu muri ubwo buryo, cyane cyane ko kuri iyo lisiti nta cyahamyaga koko ko abo bantu bari ibyitso bya FPR.

**Imyanzuro ku byabaye**

381. Nk'uko bisobanuye mu myanzuro ku byabaye irebana n'ibivugwa mu gika cya 14 cy'Inyandiko y'ibirego, Urugereko rwamaze kwemeza ku buryo budashidikanywaho na gato ko Ushinjwa yari kandi yafashe ijambo mu nama yabereye muri Segiteri Gishyeshye kuri 19 Mata 1994 mbere ya saa sita.

382. Ushinjwa yiyemereye ko hariho inyandiko yahawe n'Interahamwe Farasisiko, ko yasomye izina rya Karangwa Efuremu muri iyo nama agira ngo aburire abari aho ko na bo bashobora gufatwa nk'ibyitso bya FPR izina ryabo riramutse ribonetse kuri iyo lisiti. Ushinjwa yiyemereye kandi ko byari ugushyira umuntu mu kaga gakomeye kumuvuga mu izina ko ari icyitso cya FPR. Yahakanye ariko atsemba kuba yarasomye izo nyandiko uko zakabaye, yumvikanisha ko yabwiye mu ncamake abantu bari bateraniye aho icyari gikubiye muri izo nyandiko. Ushinjwa yemeje ko uretse izina rya Efuremu Karangwa hariho n'andi mazina kuri iyo lisiti. Byongeye, Ubwunganizi bwashyigikiye mu iburana ko Ushinjwa yahatiwe gusoma inyandiko Interahamwe zari zamushyikirije.

383. Ku birebana no kuba yaravuze izina rya Efuremu Karangwa, ubuhamya bw'Ushinjwa bushyigikirwa n'ubw'abagabo Z,V,E na A. Koko kandi, bose uko ari bane bemeje ko mu nama y'i Gishyeshye izina rya Efuremu Karangwa ari ryo ryonyine ryavuzwe. Abagabo V na Z bongeyeho ko, ku bwabo, ushingiye ku byo Ushinjwa yakoraga n'uko yitwaye hanyuma, umuntu yavuga ko yarenguriraga kuri Sempabwa na Rukundakuvuga.

384. Urugereko rufashe umwanzuro ko byagaragajwe ku buryo budashidikanywaho na gato ko Ushinjwa yavuze izina rya Efuremu Karangwa mu nama y'i Gishyeshye. Hagaragajwe kandi ku buryo budashidikanywaho na gato ko yabikoze azi neza ingaruka zabyo ku muntu uwo ari wese witwaga icyitso cya FPR mu gihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

385. Ureste n'ibyo, Urugereko ruremera ko ibimenyetso byatanzwe bidashyigikira ibirego bisobanuye neza ko Ushinjwa yavuze amazina ya Yuvenali Rukundakuvuga na Emanweli Sempabwa. Ibyo bimenyetso byerekana ko Ushinjwa yarenguriye gusa kuri abo bantu bombi ku buryo buziguye muri iyo nama y'i Gishyeshye, bityo bikaba bitagaragaza ko Ushinjwa yavuze abo bantu mu mazina yabo. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rwemeje ko bitagaragajwe ku buryo budashidikanywaho na gato ko Ushinjwa yavugiye amazina ya Yuvenali Rukundakuvuga na Emanweli Sempabwa mu nama yo kuwa 19 Mata 1994, bityo ko ibyabayeho nyuma bitatewe n'amagambo yavugiwe muri iyo nama n'Ushinjwa.

**5.4. Gukubita no gukomeretsa (kwica urubozo / ibikorwa by'ubugome) (ibika 16, 17, 21, 22 na 23 by'Inyandiko y'ibirego)**

**Ibyaha bikubiye mu Nyandiko y'ibirego**

> 16. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, Yohani Pawulo Akayesu yakoresheje ibikorwa by'isaka inzu ku yindi muri Taba. Muri iryo saka, abaturage barimo uwakorewe icyaha V bahaswe ibibazo, banakubitwa ibibuno by'imbunda n'inkoni, Yohani Pawulo Akayesu ahibereye. We ubwe yateye ubwoba umutangabuhamya U ko amwicira umugabo n'umwana niba atamuhaye amakuru ku bikorwa by'Abatutsi yashakishaga.
>
> 17. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, Yohani Pawulo Akayesu yategetse ko uwakorewe icyaha X ahatwa ibibazo, akanakubitwa ubwo bashakaga kumenya aho Karangwa Efuremu yari ari. Mu gihe yakubitwaga, uwakorewe icyaha yavunitse intoke ubwo yageragezaga kwikinga icyuma bamukubitishaga.
>
> 21. Ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 20 Mata 1994, Yohani Pawulo Akayesu na bamwe mu ba polisi ba komini bagiye kuwakorewe icyaha Y, umugore w'imyaka 69. Yohani Pawulo Akayesu yamubajije aho umugore washatswe n'umuporofeseri wo muri Kaminuza yari ari. Mu ibazwa, abapolisi ba Komini, bahagarikiwe na Yohani Pawulo Akayesu, bakubise uwakorewe icyaha Y bakoresheje imbunda n'inkoni. Bamuziritse amaguru n'amaboko maze bamukubita imigeri mu gatuza inshuro nyinshi. Yohani Pawulo Akayesu yamukangishije kumwica niba atamuhaye amakuru yashakaga kumenya.
>
> 22. Bitinze muri iryo joro, ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 20 Mata 1994, Yohani Pawulo Akayesu yafashe uwakorewe icyaha W i Taba na we amuhata ibibazo ku birebana n'ahantu umugore w'uwari umuporofeseri wa Kaminuza yari ari. Avuze ko atahazi, yamuhatiye kuryama mu muhanda imbere y'imodoka ye maze amukangisha kumunyura hejuru.
>
> 23.Nyuma, ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 20 Mata 1994, Yohani Pawulo Akayesu yafatiye iwe mu rugo i Taba uwakorewe icyaha Z, maze amuhata ibibazo. Mu ibazwa, abantu bari bayobowe na Yohani Pawulo Akayesu bategetse abakorewe icyaha Z na Y gukubitana kandi bananigisha Z igipande cy'ikanzu ya Y.

**Ibirego**

386. Urugereko rusanga igika cya 16 cy'Inyandiko y'ibirego kirimo ibirego birebana n'abakorewe icyaha V na U. Kubera ko ubuhamya uwakorewe icyaha V (umutangabuhamya A) yatanze ku bimureba bwerekeye ibivugwa mu bika 21, 22, na 23 by'Inyandiko y'ibirego, Urugereko rugomba kuzasuzuma ibirego bivugwa mu gika cya 16 rubigereranya n'ibivugwa mu gika cya 21, icya 22 n'icya 23.

387. Umutangabuhamya K (uwakorewe icyaha U), umututsikazi washatswe n'umuhutu, yari umucungamari akorera Ushinjwa (sic!) ku Biro bya komini Taba mu gihe cy'ubwicanyi bwo muri Mata 1994. Umutangabuhamya K yavuze ko mu gitondo cyo kuwa 19 Mata 1994 yagiye ku biro bya komini abisabwe n'Ushinjwa, ko yamusanze hanze ari kumwe n'abantu

benshi kandi afite umwaga udasanzwe. Ushinjwa yaba yaramubajije impamvu atakiza ku kazi, undi yaba yaramushubije ko yabitewe n'ubwoba, kandi ko n'ubwo yari yaje kubera ko Ushinjwa yari yabimusabye. Nyuma yaba yaraje kwibonera ihotorwa ry'abatutsi ku biro bya komini, bicwa, bitegetswe n'Ushinjwa. Abicanyi baba barabajije Ushinjwa impamvu we yari asigaye atishwe. Ushinjwa yaba yarashubije ko bazamwica bamaze kumubaza ku byerekeranye n'amabanga y'*Inkotanyi.* Umutangabuhamya K avuga ko hanyuma Ushinjwa yamwambuye imfunguzo ze, akamufungira mu biro bye maze akagenda avuga ko agiye gushakisha Karangwa Efuremu, wari umugenzacyaha.

388. Nk'uko umutangabuhamya K abivuga, Ushinjwa yaba yaragarukanye n'abandi bagabo, we yita "abicanyi", baba baramuhase ibibazo. Baba baramubajije kubabwira ibyerekeye ubufatanye bwe n'*Inkotanyi;* ikirego yaba yarahakanye. Ushinjwa yaba yarakomeje, amukangisha ko amwica niba yanze kubabwira iby'ubufatanye bwe n'*Inkotanyi.* Nyuma yo guterana amagambo gato, Ushinjwa yaba yarongeye kumutegeka kubabwira ibyo azi, yakwanga agapfa, hanyuma aragenda. Uko abivuga, hagomba kuba hari mu ma saa cyenda. Ushinjwa yaba yaragarutse mu ma saa sita y'ijoro ari kumwe n'umupolisi; yaba yaramubajije niba yari yiyemeje kubabwira ibyo yari azi. Amaze kumusubiza ko nta cyo azi, yaba yaravuze ati: "Ibizakubaho ntibizambarweho". Nibwo Ushinjwa yaba yaramusabye gusohoka mu biro ngo atahe iwabo; ariko bitewe n'uko yinubiye ko bwari bwije, Ushinjwa yaba yarasabye umushoferi n'umupolisi kumuherekeza, bakamugeza iwe.

389. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya K yavuze ko umugabo we yari inshuti y'Ushinjwa. Naho ku kibazo cyo kumenya impamvu atishwe, yashubije ko abagore bari batunzwe n'Abahutu, bagiriwe imbabazi. Mu buhamya bwe, Ushinjwa yemeje ko yabonye umutangabuhamya K ku Biro bya komini kuwa 19 Mata 1994 maze akibaza icyo yari yaje kuhakora. Yavuze ko yabonye umugabo wari witwaje umuhoro amuri inyuma: Ushinjwa yaba yaratabaye akabajya hagati, akamuherekeza kugera ku biro, nyuma akamusaba kugumamo urugi rukinze.

390. Umutangabuhamya Q (uwakorewe icyaha X), umututsi wabaga i Musambira, yavuze ko uwo munsi, kuri 19 Mata 1994, ubwo yari mu ruzinduko i Taba, Ushinjwa yaje mu rugo rw'ababyeyi be, ashakisha Efuremu Karangwa, umugenzacyaha wa Komini Taba. Yabwiye Urugereko ko abantu bane bari baje- harimo umupolisi witwaje imbunda yo mu bwoko bwa masotera, undi witwaje amagerenade n'uwa gatatu witwaje agapanga- babategetse we n'umuhungu bava inda imwe, mushiki we, na muramu we kwicara hasi ku mbuga. Baba barababajije aho Efuremu Karangwa yari ari; hanyuma bamaze kuvugana mu gifaransa gato, babasiga kuri iyo mbuga bari kumwe n'umupolisi ufite imbunda witeguye kurasa, maze binjira mu nzu gusaka. Umutangabuhamya Q yemeza ko yamenye umupolisi waba yarabwiye muramu we ko ari Akayesu, Burugumesitiri wa Taba wari waje mu rugo rwe. Yatangaje ko Akayesu yari yambaye ikoti rirerire rya gisirikare. Umutangabuhamya Q utari warigeze ahura n'Ushinjwa mbere, yabashije kumwerekana mu rukiko. Ushinjwa n'abandi bantu babiri baba barasohotse mu nzu bafite amakarito, impapuro n'amafoto, maze babinyanyagiza ku mbuga bemeza ko Inkotanyi zohereje amafoto ya bamwe mu bagize imiryango yabo baba muri Uganda. We n'ababyeyi be baba barakubiswe, bakanaterwa imigeri n'abagabo babiri bari kumwe n'Ushinjwa; we yaba yarakubiswe agashoka ku kiganza cy'iburyo. Muramu we yaba yarakubiswe, agakomereka ku mutwe. Umutangabuhamya yeretse Urugereko mukuru wa meme y'ikiganza cy'iburyo yahetamye, bitewe no kuvunika mu gihe yazamuraga ikiganza agerageza gukinga. Yavuze ko Ushinjwa yari ari aho akurikirana uko gukubitwa. Ku bwe, itegeko ryo gukubita ryaba ryaraturutse ku Ushinjwa.

391. Ibindi bikorwa byo gusaka mu ngo bivugwa mu bika by'Inyandiko y'ibirego byaba byarabaye bukeye, bikaba byarakozwe n'Ushinjwa mu rwego rwo gushakisha Alegisiya, umugore wa Petero Ntereye, umwarimu muri Kaminuza. Umutangabuhamya N, (uwakorewe icyaha Y) umuturagekazi w'umuhutu ukuze, yavuze ko yari azi aho Alegisiya yihishe. Ushinjwa, uwo mukecuru yari azi kuva hashize imyaka ibiri, yaba yaraje iwe saa tatu z'ijoro aherekejwe n'*Interahamwe* eshatu- Mugenzi, Farasisiko na Singuranayo, gushaka Alegisiya, ku munsi ukurikira uwabereyeho inama kuri komini (ni ukuvuga kuwa 20 Mata). Ushinjwa yaba yaragumye mu modoka ye hafi y'umuryango w'inzu. Abandi baba barishe urugi bakamutunga imbunda zabo, bakamutegeka kubereka Inkotanyi yari yihishe iwe. Yaba yarabasabye gusaka mu nzu; umwe muri bo yaba yarinjiye mu nzu gusaka, undi agasigara ahagaze mu irebe ry'umuryango. Mugenzi, umupolisi wa Komini, yaba yarafashe uwo mukecuru akaboko, akamukurura kugeza ku muryango, akamukubita ikibuno cy'imbunda mu mutwe. Farasisiko wari winjiye mu nzu, yaba yarahasanze umwana w'umukobwa, akamutegeka kwasama. Umutangabuhamya N yemeza ko Singuranayo yasamuye umunwa w'uwo mukobwa ku ngufu, akanamukubita ikibuno cy'imbunda.

392. Umutangabuhamya N yavuze ko amaze kubabwira ko atazi aho Alegisiya yari yishishe, abo bagabo uko ari batatu bamuteruye amaguru n'amaboko, bamujyana hanze aho Ushinjwa yari ari. Ushinjwa yaba yaramutegetse kurambarara hasi, maze akabikora. Icyo gihe ni bwo Mugenzi yaba yaramukandagiye ku ijosi, akanarishinga ho ikibuno cy'imbunda ye. Yaba yaramunyukanyutse cyane; hanyuma Ushinjwa yaba yaramukubise inkoni mu mugongo. Yaba yaratatse maze, Ushinjwa akamubwira guceceka anavuga ko ari nyirabukwe w'Inkotanyi, akanaba "umugore w'umurozi". Hanyuma yaba yaraje kujyanwa mu modoka ahantu hitwa Buguli bacukura amabuye y'agaciro ku gice cy'abatari i kuzimu. Bahageze, Ushinjwa yaba yaramutegetse kwicara hasi imbere y'imodoka, nyuma yaba yarinjiye mu mudoka aho umushoferi yicara, akamukangisha kumunyura hejuru. Mugenzi yaba yaramutegetse kubereka aho abantu yari yahishe bari, yaba atabikoze, bakamwica. Yaba yarabashubije ko nta cyo azi, ngo bamwice niba bashaka. Nyuma Mugenzi yaba yaramuhambiriye amaguru n'amaboko akoresheje igitambaro, yaba yaramutuye hasi akamunyukanyuka. Abandi baba baraje na bo bakamunyura hejuru bamukandagiraho.

393. Umutangabuhamya N yavuze ko, hanyuma, yashyizwe mu modoka akajyanwa kwa bashiki ba Ntereye. Bahageze, Farasisiko yaba yarohereje abantu gushaka mwishywa wa Ntereye, witwaga Tabita (uwakorewe icyaha W), nyuma baba bamuhase ibibazo. Ushinjwa yaba yaragumye mu modoka aho yahamagariye Tabita. Yaba yaramubajije aho Alegisiya ari; Tabita yaba yarashubije ko atahazi. Baba barashyize Tabita mu modoka, bakamusubiza ha hantu hacukurwaga amabuye y'agaciro. Bahageze bamukuye mu modoka, bamutegeka kujya imbere yayo. Ushinjwa yaba yaramukangishije kumunyuza imodoka hejuru, yongera kumubaza aho abo bantu bashakwaga bari bari. Tabita yaba yaragize ubwoba, akavuga ko bihishe mu murima w'amasaka ariko ko atari azi aho bari. Nyuma, Uregwa yaba yaramwise "umugore w'umurozi", anamushinja ko yahishe abo bantu. Nibwo baba baratangiye kumukubitisha imbunda yabo (zabo).

394. Umutangabuhamya N yavuze ko we na Tabita babatwaye mu modoka, bakabajyana kuri bariyeri aho bakuye uwakorewe icyaha Z, maze bose babajyana kuri Segiteri Gishyeshye. Umutangabuhamya N yemeje ko yari ameze nk'uwapfuye kubera ko yari yakubiswe cyane. Bageze i Gishyeshye, baba baramujugunye ku muhanda iruhande rw'uwakorewe icyaha Z, hanyuma batangira kumukubita inkoni. Ushinjwa yaba yarategetse uwakorewe icyaha Z kumukubita. Uwakorewe icyaha Z yaba yarahagurutse, agatangira gukubita umutangabuhamya N inkoni nyinshi ku kaguru. Muri icyo gihe, Ushinjwa yaba yaragumye iruhande rwabo, ahagaze hafi y'imodoka. Hanyuma baba baramuhambiriye

ibiganza mu mugongo bakoresheje igitanyu cy'umwenda, igice gisigaye cyacyo bakakinigisha uwakorewe icyaha Z. Baba barakuruye cyane ku buryo amaso yenze kumuvamo. Nibwo uwakorewe icyaha Z yaba yaravuze ko yumva azi uwari wahishe Alegisiya. Baba baratangiye kumukubita cyane bashyizeho umurego, ndetse Ushinjwa yaba yarategetse uwagirewe nabi Z gukubita cyane umutangabuhamya N kugira ngo avuge. Umutangabuhamya N yavuze mu buhamya bwe ko yamukangishije kumuruma niba akomeje kumukubita.

395. Umutangabuhamya N yavuze ko, we n'uwakorewe icyaha Z bashyizwe mu modoka, bajyanwa kuri bariyeri iri ku muhanda, bakahakura undi muntu wakorewe icyaha V (umutangabuhamya A). Baba barabajyanye mu rugo rw'uwakorewe icyaha V, bahageze babahubura mu modoka babata hasi. Ahamya ko bongeye gukubita uwagirewe nabi Z bakoresheje inkoni: baba barakubise n'uwakorewe icyaha V bakamutegeka gutanga umuntu yari ahishe. Uwakorewe icyaha V yashubije ko nta muntu yari ahishe. Abazwa na Porokireri, umutangabuhamya N yavuze ko Ushinjwa yaba yarategetse uwakorewe icyaha V kumanika amaboko kugira ngo bamurase. Mu bibazo binyomoza, yatangaje ko Mugenzi ari we wabwiye uwakorewe icyaha V kumanika amaboko kugira ngo bamurase. Yemeje ko batamurashe, ko Ushinjwa yabwiye uwakorewe icyaha V ko bakomeza gushakishsa Alegisiya, ko niba batamubonye, we azapfa nta kabuza.

396. Mu buhamya bwe, N avuga ko inkoni yakubiswe zasize zimumugaje akaboko. Ubu ntagishobora kugenda nka kera, kwiyambika, cyangwa guhinga umurima we. Urugereko rwa mbere rw'iremezo rwiboneye ko umutangabuhamya N yatambukaga bimugoye, agombye kwicumba inkoni.

397. Umutangabuhamya C (uwakorewe icyaha Z), umuturage w'umuhutu, yavuze ko yari azi Alegisiya, ko yari umututsikazi, umwarimukazi n'umugore wa Ntereye. Yaba yarihishe iwe mu kwezi kwa Mata, akaba yarahazanywe n'uko yabonaga we nta ruhare yari yigeze agira mu bwicanyi. Umutangabuhamya C yavuze ko hari zimwe mu Nterahamwe zaje iwe mu gihe yari yagiye gusarura ikawa. Umwe mu bana be Interahamwe zari zakubise yaba yaraje kumushaka no kumubaza aho Alegisiya yari ari. Umutangabuhamya C yaba yarasubiye iwe, agasanga Interahamwe imbere y'umuryango w'inzu, zitwaje imipanga n'inkoni. Uko abivuga, zimwe muri zo zari zifite amagerenade. Interahamwe zaba zaramugose, zimushinja ko ahishe Alegisiya. Yaba yarabumvishije ko Alegisiya atari iwe. Imwe muri zo yaba yaratangiye kumukubita ikibatira cy'umuhoro mu mugongo. Ni bwo yaba yarazibwiye ko Alegisiya rimwe yihisha iwe ubundi akihisha ku wundi muntu. Baba barakomeje kumukubita. Asanze ko batari butinde kumwica, yaba yarababwiye ko Alegisiya ari mu kindi cyumba. Interahamwe zaba zaramujyanye kuwagiriwe nabi Y, zigakomeza kumukuba. Zaba zarabajije uwagiriwe nabi Y aho Alegisiya yari ari; yaba yarabashubije ko Alegisiya yagiye kwa bene wabo b'umugabo we. Umutangabuhamya C yavuze ko Interahamwe zavuye aho zimujyanye, zagera imbere gato zikamurekura zivuga ko icyo zamushakagaho zakibonye.

398. Umutangabuhamya C (uwakorewe icyaha Z) yavuze ko nyuma y'icyumweru ibyo bibaye, mu gihe yari ku irondo rya nijoro, yabonye Ushinjwa-yari amuzi kuva kera-ari kumwe n'Interahamwe eshatu, uwakorewe icyaha Y (umutangabuhamya N), Tabita wari mwishywa wa Ntereye bari muri kamyoneti y'umweru ifite kabine ebyiri. Ushinjwa wari uyitwariye ubwe, yaba yarahagaza kuri bariyeri ku muhanda, akava mu modoka, maze akabwira Interahamwe kumuzanira Umutangabuhamya C. Ushinjwa yaba yaramutegetse kurira imodoka, akabikora, maze bakerekeza iyo mu ishyamba. Bageze mu ishyamba rwagati, Ushinjwa yaba yaramutegetse kuva mu modoka, akaryama hasi imbere yayo.

Ushinjwa yaba yaramutsindagije ikirenge mu maso, bituma ava amaraso ku munwa. Yaba yarakomeje kumukandagira mu maso ari nako babiri muri za Nterahamwe, Farasisiko na Mugenzi, bamukubitisha ibibuno by'imbunda zabo. Muri icyo gihe cyose, baba batarahwemye kumubaza aho Alegisiya yari yihishe.

399. Umutangabuhamya C yavuze ko mu gihe bamukubitaga, uwakorewe icyaha Y (umutangabuhamya N), wari mu modoka yamusabaga kubabwira aho Alegisiya yari aherereye maze ngo abonye benda kumwica, ababwira ko yari ari iwe. Kubera gutinya ko bahamusanga, umutangabuhamya C yongeye kubabwira ko yari ahandi hantu maze uwakorewe icyaha Y abemeza ko uwakorewe icyaha V ashobora kubabwira aho Alegisiya yari yihishe.Umutangabuhamya Y yavuze ko interahamwe Mugenzi yamuzirikiye hamwe n'Umutangabuhamya Y ikoresheje umugozi. Baba baramuziritse umugozi mu ijosi. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya C yasobanuye ko, mu by'ukuri, uwo mugozi wari igitanyu cy'umwenda yari yambaye. Yavuze ko babazituye ariko atangiye kuruka, hanyuma Ushinjwa akababwira gusubira mu modoka. Yanavuze ko Farasisiko yamutegetse gukubita uwakorewe icyaha Y, akanamuha indembo yamukubitishije inshuro imwe ku kaguru. Yaba yarasabwe kubwira uwakorewe icyaha Y kuvuga aho Alegisiya yari yihishe. Nyuma Ushinjwa yaba yarababwiye gusubira mu modoka, maze abasubiza kuri bariyeri.

400. Umutangabuhamya C avuga ko uwakorewe icyaha V baba baramukuye kuri bariyeri hanyuma Ushinjwa akabajyana mu rugo rwa C. Bahageze, Ushinjwa yaba yarategetse Interahamwe ze gusaka mu nzu. Ebyeri muri zo zaba zarinjiye mu nzu, hanyuma zigasohoka zivuga ko zitahabonye Alegisiya. Umutangabuhamya C akomeza avuga ko Ushinjwa yaba yarategetse uwakorewe icyaha V inkubwe ebyiri kwigira ku ruhande akamanika amaboko kugira ngo bamurase. Umwe muri izo Nterahamwe yaba yaramutegetse inshuro ya gatatu kumanika amaboko kugira ngo bamurase. Umutangabuhamya C avuga ko batarashe kuwagiriwe nabi V ko ahubwo ari we wongeye gukubitwa ikibatira cy'umupanga mu mugongo. Hanyuma baba barabategetse gusubira mu modoka, baragenda bageza uwakorewe icyaha Y hafi y'iwe. Baba barakomeje urugendo, bagakuramo Interahamwe kuri bariyeri, bagahagarara ku yindi bariyeri aho abo mu muryango wa Ntereye bari bafatiwe. Ushinjwa yaba yarabategetse–umugore umwe, abana batatu n'abagabo batatu–kujya mu modoka. Baba barerekeje ku gasanteri k'ubucuruzi kari hafi ya Remera Rukoma, hanyuma bakababafungira aho. Baba barasize umutangabuhamya C n'uwagirwe nabi V mu modoka, naho Ushinjwa, Farasisiko na Mugenzi bakigira kunywa inzoga mu nzu yari nko muri metero eshanu uvuye ku modoka. Umutangabuhamya C yavuze ko ari mu modoka, yumvise Ushinjwa abwira Interahamwe ati: "Sintekereza ko ibyo dukora bikwiye. Ikindi gihe tuzaryozwa amaraso tumena". Bamaze kunywa, Ushinjwa n'Interahamwe baba barasubiye mu modoka bakabajyana hafi y'ishuri ry'i Remera Rukoma aho babakuriyemo, bakabategeka kwitaba ku biro bukeye bwaho mu gitondo saa moya.

401. Umutangabuhamya C yeretse Urugereko rwa mbere rw'iremezo inkovu zikomoka ku nkoni yakubiswe mu mugongo, mu ruhande rw'ibumoso. Yavuze ko nta nkovu afite ku minwa yombi, ko ahubwo yari afite ibisebe ku mutwe n'inkovu ku zuru. Yavuze ko kuva icyo gihe, afite ibibazo by'ubuzima birimo kuva imyuna no kurwara umutwe, bityo akaba atazongera kumera neza nk'uko yahoze mbere.

402. Umutangabuhamya A (uwakorewe icyaha V) w'umuhutu, yavuze ko yari azi Alegisiya ko kandi yigeze no kumuha aho yihisha. Umugoroba umwe, ubwo yari ku irondo hagati ya saa kumi n'imwe na saa tatu z'ijoro, yaba yarabonye Ushinjwa baziranye hashize imyaka icumi, kandi akaba yari yarakoranye na we. Avuga ko Ushinjwa yari mu ikamyoneti y'umweru, ko mu gihe bariho bavugana, yaba yarabonye abantu, barimo Interahamwe

Farasisiko n'umpolisi wa komini, baturuka mu rugo rw'umugore ukuze wari utuye hafi y'iwe. Uwo mugore yaba yarashyizwe mu modoka, akajyanwa mu ishyamba; nyuma baba barumvise urusaku, ikimenyetso cy'uko yarimo akubitwa. Bitinze, Ushinjwa yaba yaragarutse, agatwara undi mu baturanyi be wari mu bakoraga irondo: yaba yarumvise na we ataka, arimo gukubitwa. Umutangabuhamya A yemeje ko bagarutse kumutwara, bakamujyana mu rugo rwe. Avuga ko Ushinjwa ari we wari utwaye imodoka, ko bari baje iwe gushakisha abantu yaba yarahahishe, cyane cyane Alegisiya. Umutangabuhamya A yavuze ko bari bitwaje imbunda; bamaze gusaka mu nzu, we n'abandi baba barabajyanye ku muryango w'iyo nzu. Bahageze, wa mupolisi wa komini na Farasisiko baba baratangiye kubakubita umwe akoresheje ikibuno cy'imbunda, undi inkoni, ari nako bababaza aho Alegisiya yari ari. Muri icyo gihe, Ushinjwa yaba yaragiye iruhande rwabo akurikira ibikorwa. Basanze Alegisiya atari mu nzu, baba bararekeye aho kubakubita, bakaburiza imodoka. Baba bararekuye umukecuru, bakamwohereza iwe, naho umutangabuhamya A n'Uwakorewe icyaha Z, bakababagumana.

403. Umutangabuhamya A yavuze ko hafi y'iwe bahabonye abantu icyenda bose bagira icyo bapfana, bari bafashwe n'amarondo ya nijoro. Baba baraberetse Ushinjwa, akaburiza imodoka, akabajyana kuri gereza hafi y'ibitaro by'i Remera. Ushinjwa na Farasisiko baba baragiye kunywa, bakabasiga mu modoka we n'uwakorewe icyaha Z hamwe n'umwana w'umukobwa, bose bacunzwe na wa mupolisi wa komini. Nyuma baba baragarutse ku biro bya komini, bageze mu nzira, Ushinjwa yaba yarabategetse gutaha iwabo ariko bakitaba ku biro bya komini bukeye bwaho mu gitondo kare. Hari nko mu masaa munani z'ijoro. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya A yavuze ko usibye urubavu rwavunitse rwaje kuvurwa, izo nkoni nta gisebe gikomeye zamuteye.

404. Ushinjwa yavuze ko nyuma y'ihotorwa rya Ntereye kuwa 10 Gicurasi, abantu bavugaga ko batazi aho umugore we yari ari. Ushinjwa yemeje ko yari azi ko uwo mugore ashakishwa kandi ko yari yiyemeje kumukiza. Ushinjwa avuga ko Ntereye yari yamubwiye ko uwo mugore yavaga mu nzu ajya mu yindi. Ushinjwa yavuze ko yahuye n'Interahamwe yitwaga Farasisiko akayibwira ko yari afite umuntu ashaka gukiza. Yaba yarasabye Farasisiko kubimufashamo, na we, akamuha igihembo, bityo akaba yaramuhaye amafaranga ibihumbi makumyabiri. Ni bwo yaba yaragiye kwa mushiki wa Ntereye, akahasanga mwishywa we, ari na we wamubwiye ko Alegisiya yabaga ku mukecuru. Abonye ko yagombaga kuvugana n'umukecuru utoroshye, yasabye mwishywa wa Ntereye kumuherekeza kugira ngo ahumurize uwo mukecuru. Baba baragiye, we n'umupolisi na Farasisiko, bagahamagara uwo mukecuru, akaza maze akavugana n'Ushinjwa. Umukecuru yaba yaravuze ko Alegisiya yari iwe koko ariko ko yagiye i Kayenzi. Ushinjwa yaba yarabajije uwo mukecuru niba avugisha ukuri, maze amusubiza muri aya magambo: "Sinshobora kukubeshya kuko nzi ko Alegisiya ushaka kumugirira neza; ikindi kandi, namenye ko wagerageje gukiza Ntereye". Yaba yarasubiye mu modoka na mwishywa wa Ntereye bakajya i Buguli; yaba yarihanangirije mwishywa wa Ntereye n'abo bava inda imwe ko batagomba gutuma abana basohoka kugira ngo batavaho bicwa. Ushinjwa yakomeje avuga ku bindi bintu byabaye. Yongeye gutangaza ko ubwo yajyaga gushaka Alegisiya, hari abantu batatu cyangwa bane kuri bariyeri yari yashinzwe hafi y'urugo rw'uwo mukecuru, ariko ko abagiriwe nabi V na Z batari bahari kandi ko n'icyo gihe, atababonye. Yavuze ko yari azi abagiriwe nabi Y, Z na V, anemeza kandi ko nta hantu bacukuraga amabuye y'agaciro i Buguli.

**Ibigaragara bishingiye ku byabaye**

405. Urugereko rusanze ko, ku itariki ya 19 Mata 1994, uwakorewe icyaha U (umutangabuhamya K) yarashyizweho itera bwoba n'Ushinjwa ku biro bya komini. Icyo gihe yari yagiye ku biro bya komini kuko yari yahamagajwe n'Ushinjwa. Ushinjwa yamuhase ibibazo imbere y'abagabo yari yabonye bica Abatutsi ku biro bya komini mbere yaho gato. Uwakorewe icyaha U yumvise Ushinjwa abwira abicanyi, ubwo yasubizaga ikibazo bari bamubajije, ko bazamwica bamaze kumubaza ku mabanga y'Inkotanyi. Ni bwo Ushinjwa yahase ibibazo uwakorewe icyaha U, akanamutera ubwoba ko ari bupfe niba adahishuye amabanga yerekeranye n'ubufatanye bwe n'Inkotanyi. Hanyuma Ushinjwa yafungiye uwakorewe icyaha U mu biro bye (U) maze arigendera. Agarutse, nyuma ya saa sita, yongeye guhata ibibazo uwakorewe icyaha U, yongera kumukangisha urupfu niba adatanze amakuru yerekeranye n'Inkotanyi. Yarongeye aragenda, aza kugaruka mu ma saa sita y'ijoro ari kumwe n'umupolisi. Ushinjwa yamubajije niba ari bubabwire ibyo yari azi: amushubije ko nta cyo azi, yaramubwiye ati: "Amaraso yawe ntazambarweho". Hanyuma yasabye umushoferi n'umupolisi guherekeza uwakorewe icyaha U, bakamugeza iwe.

406. Urugereko rwasanze ko uwakorewe icyaha U ari umugabo wo kwizerwa cyane, ubuhamya bwe bukaba butararanzwe n'uburakari cyangwa n'urwango kandi amagambo ye akaba ataragiye ahindagurika mu gihe cy'ibibazo binyomoza. Urugereko rubonye ko, mu gihe yatangaga ubuhamya bwe, Ushinjwa yemeje ko uwakorewe icyaha U yari ku biro bya komini kuwa 19 Mata. Ariko ntirwemera ibisobanuro byatanzwe n'Ushinjwa ku byerekeye ibikorwa bye; ntirwemera na none ibisobanuro yatanze ku byerekeye ukuntu uwakorewe icyaha U yageze ku biro bya komini. Niba, nk'uko yabisobanuriye, yari afite igitekerezo cyo kumurinda, kuki yamutwaye imfunguzo; kuki yamubajije ibibazo ku byerekeye Inkotanyi, ni iyihe mpamvu kandi yatumye amugumisha ku biro bya komini kugeza saa sita y'ijoro ? Ushinjwa nta na kimwe muri ibyo bibazo yashubije. Ikindi nta na kimwe yahakanye mu buryo butaziguye mu byo bamwitiriye. Nta nubwo yigeza ahakana mu buryo butaziguye kuba yarabwiye abandi, mu maso y'uwakorewe icyaha U, ko bari bumwice bamaze kumuhata ibibazo cyangwa se kuba yaramuteye ubwoba igihe yamubazaga. Urukiko rusanga nta kintu na kimwe cyatuma umuntu avuga ko Ushinjwa yashyize itera bwoba ku mugabo cyangwa ku mwana b'uwakorewe icyaha U.

407. Ku birebana n'ibirego bikubiye mu gika cya 17 cy'Inyandiko y'ibirego, Urugereko ntirushobora kwemeza ku buryo budashidikanywaho na gato ko Ushinjwa yatanze itegeko ryo guhata ibibazo no gukubita uwakorewe icyaha X (umutangabuhamya U) kuri 19 Mata 1994. Ibimenyetso byatanzwe mu gushimangira icyo kirego bishingiye byose ku buhamya bw'umugabo umwe rukumbi kandi, Ubwunganizi bukaba bwaratumye umuntu yibaza ku buhamya bwe mu gihe bwamuhataga ibibazo. Mu bibazo binyomoza, Ubwunganizi bwamubajije akantu ku kandi ku byabaye mu rugo rwa se nk'uko yari yabivuze mu buhamya bwe bwanditse bwatanzwe mu itegura ry'urubanza. Yibukijwe ko mbere yari yaravuze ko Ushinjwa yari aherekejwe n'abapolisi babiri aho kuba umwe, umutangabuhamya Q yashubije ko umwe yari uwo muri Taba undi akaba uw'i Musambira. Yavuze ko umupolisi wa kabiri yari yasigaye ku muhanda munini, ndetse ahubwo ko atanamubonye bikaba ari yo mpamvu atamuvuze mu buhamya bwe. Bamwibukije ibyo yari yavuze mbere ko Ushinjwa yari yitwaje intwaro, aho kuba ntayo yari yitwaje, umutangabuhamya Q yashubije ko yari yavuze ko Ushinjwa yari yambaye ikoti rirerire rya gisirikare kandi akaba yari yumvise ko undi mupolisi yari yitwaje intwaro. Bamwibukije ko mbere yari yavuze ko umupolisi yamukubise inkoni y'icyuma, umutangabuhamya Q yashubije ko yakubiswe n'umugabo wambaye imyambaro ya gisivile yakekaga ko ari umupolisi kubera ko yari afite gerenade. Yavuze ko yakubitishijwe ikintu cy'icyuma gisongoye ku mutwe. Bamwibukije ko, bwa mbere, yari yavuze ko Ushinjwa yaje mu modoka ya Toyota itukura kandi ko yabonye umugabo wari uryamye inyuma mu modoka amaboko ahambiriye, umutangabuhamya Q yashubije ko

atabonye uwo mugabo wari mu modoka inyuma, ahubwo ko yumvise bamuvuga. Yavuze ko atabonye iyo modoka kuko yari nko muri metero 500, ariko akaba yarumvise bavuga ko yatukuraga.

408. Nubwo Urugereko rwakomeje kugaragaza ubwitonzi bwinshi bwemera ko ubuhamya bwanditse bwakozwe mu itegura ry'urubanza bwifashishwa kugira ngo hanyomozwe ubuhamya butanzwe n'abagabo imbere y'Urukiko, muri uru rubanza ni ngombwa kwemera ko hagati y'ubuhamya uwakorewe icyaha X yatanze imbere y'Urukiko n'ubuhamya bwe bwanditse, hari ibitajyanye byinshi kandi bikomeye ku buryo Urugereko rudashobora kubwemera mu gihe nta bundi buhamya bubonetse bubushyigikira. Urukiko rubona ko n'iyo byaba ngombwa ko rwemera ubuhamya bw'uwakorewe icyaha X uko bwakabaye, ibyo ntibyatuma rwemeza ku buryo budashidikanywaho na gato ko Ushinjwa yategetse ibazwa n'ikubitwa ry'uwakorewe icyaha Z. Umutangabuhamya A yavuze ko, mu gihe yakubitwaga, Ushinjwa yari ahari, areba ibirimo gukorwa; ariko ntacyerekana ko yatanze itegeko runaka. Ikimenyetso cyonyine cyatanzwe ni amagambo yavuzwe mu rurimi rw'igifaransa. Nta kimenyetso na kimwe cyatanzwe ku byerekeranye n'ibyavuzwe cyangwa n'uwabivuze.

409. Ku byerekeranye n'ishakishwa ry'Alegisiya–umugore wa Ntereye- Urugereko rusanga mu mugoroba wo kuwa 20 Mata 1994, Ushinjwa, aherekejwe n'Interahamwe ebyiri, Farasisiko na Singuranayo, hamwe n'umupolisi wa komini witwa Mugenzi, yagiye mu rugo rw'uwakorewe icyaha Y (umutangabuhamya N), umukecuru wari ufite imyaka 68 icyo gihe. Mugenzi yamufashe akaboko, aramukurura kugera ku rugi, amukubita ikibuno cy'imbunda mu mutwe. Uwakorewe icyaha Y yashyiriwe ku ngufu Ushinjwa, maze na we amutegeka kuryama hasi. Mu maso y'Ushinjwa, uwakorewe icyaha Y yakubiswe n'umupolisi Mugenzi wamukandagiye ku ijosi, akamushinga imbunda mu ijosi, akanamunyukanyuka. Uwakorewe icyaha Y yanakubiswe na none inkoni mu mugongo n'Ushinjwa. Mugenzi n'Ushinjwa bamubajije aho Alegisiya, umugore wa Ntereye, umwarimu muri Kaminuza, yari aherereye. Hanyuma yajyanywe i Buguli aho Ushinjwa yamutegetse kuryama hasi, akamutera ubwoba avuga ko amunyuza imodoka hejuru. Aho bacukuraga amabuye y'agaciro, yashyizweho itera bwoba kandi ahatwa ibibazo na Mugenzi wamuhambiriye amaguru n'amaboko, akanamunyukanyuka. Abandi na bo baramunyukanyutse.

410. Muri uwo mugoroba, mu gicuku, Ushinjwa yafashe Tabita (uwakorewe icyaha W) amubaza aho Alegisiya, umugore wa Ntereye, yaba aherereye. Hanyuma yamwurije imodoka, amugarura aho bacukuraga amabuye y'agaciro. Bamutegetse kuryama hasi imbere y'imodoka maze Ushinjwa amukangisha kumuca hejuru, anamubaza na none aho Alegisiya yaba yihishe.

411. Nyuma muri uwo mugoroba, Ushinjwa yafashe uwakorewe icyaha wiswe Z (umutangabuhamya C), amujyana mu ishyamba muri segiteri Gishyeshye aho Ushinjwa yamukandagiye mu maso, bikamuviramo kuva amaraso ku munwa; yagumye gutsindagira ikirenge cye mu maso y'uwakorewe icyaha Z ari nako interahamwe Farasisiko na Mugenzi, umupolisi wa komini, zamukubitaga ikibuno cy'imbunda. Mugenzi yaziritse hamwe Z na Y akoresheje igitambaro, anakinigisha uwakorewe icyaha Z. Farasisiko yanategetse Z gukubita Y akoreshe inkoni yari yamuhaye. Muri icyo gihe, uwakorewe icyaha Z yarimo ahatwa ibibazo ariko ntawe uzi neza uwabimubazaga.

412. Amaze guhata ibibazo abakorewe icyaha Y na Z, Ushinjwa yakuye uwakorewe icyaha V kuri bariyeri, maze hamwe na V na Z, abajyana mu rugo rw'uwakorewe icyaha V. Bahageze, yategetse interahamwe imwe kuhasaka. Nyuma Ushinjwa yabwiye uwakorewe icyaha V gushyira amaboko hejuru, amutera ubwoba ko agiye kumurasa. Mu maso

y'Ushinjwa, uwakorewe icyaha V yakubiswe na Farasisiko n'umupolisi wa komini Mugenzi, bakoresheje ikibuno cy'imbunda n'inkoni mu gihe barimo bamuhata ibibazo. Uwakorewe icyaha Z yakubiswe mu mugongo hakoreshejwe umugongo w'umuhoro. Abakorewe icyaha Y, Z na V batwawe mu modoka; uwakorewe icyaha Y yaje kurekurwa nyuma, hafi y'iwe; abakorewe icyaha Z na V bagumishijwe mu modoka mu gihe Ushinjwa n'abandi bantu banywaga inzoga. Abakorewe icyaha Z na V barekuwe mu ma saa munani y'ijoro.

413. Kubera inkoni yakubiswe, uwakorewe icyaha Y ubu ntabasha kugenda neza. Naho uwakorewe icyaha Z afite inkovu mu mugongo kandi akomeza guhura n'ibibazo by'ubuzima mu gihe uwakorewe icyaha V, we yahavunikiye urubavu.

414. Urugereko rusanga ubuhamya bw'abagabo N, C na A burimo ingingo zihura mu buryo bwose ndetse no mu tuntu dutoya. Urugereko rusanga hari utuntu duke tutajyana kandi tudafite agaciro kanini, badahurizaho mu buhamya bwabo. Urugero ni nk'uko umutangabuhamya N yavuze ko uwakorewe icyaha Z (umutangabuhamya C) yakubiswe inkoni kandi uwakorewe icyaha Z yaravuze ko yakubiswe ikibuno cy'imbunda. Biragaragara ko inkoni yari ihari kuko uwakorewe icyaha Z yayikubitishije Y (umutangabuhamya N) babimuhatiye. Birumvikana neza ko uwakorewe icyaha Y yashoboraga kwibeshya ku cyakoreshejwe bakubita Z. Uwakorewe icyaha Z, ubwa mbere, yavuze ko yazirikanywe na Y, hakoreshejwe umugozi mu gihe Y avuga ko hakoreshejwe igitambaro. Ibyo ari byo byose, mu bibazo binyomoza, uwakorewe icyaha Z yasobanuye ko, mu by'ukuri, hakoreshejwe igitambaro.

415. Urugereko rusanga ko, mu by'ukuri, ibyo bikorwa byaragaragajwe ku buryo budashidikanywaho na gato. Mu gufata imyanzuro ishingiye ku byabaye, Urugereko rwasuzumanye ubwitonzi ibibazo byabajijwe n'Ubwunganizi mu gihe cy'inyomoza kimwe n'ibimenyetso bwatanze binyujijwe mu buhamya bw'Ushinjwa. Urugereko rubona ko mu bibazo binyomoza, abagabo bashinja muri rusange, bongeye kwemeza ibyo bari bavuze mu gihe k'ibibazo by'ingenzi. Mu buhamya bwe, Ushinjwa yemeje ko yashyize mu modoka mwishywa wa Ntereye, hanyuma akajya mu rugo rw'uwakorewe icyaha wiswe Y ari kumwe n'interahamwe Farasisiko n'umupolisi we. Yemeje ko yatwaye mu modoka mwishywa wa Ntereye i Buguli, yongeraho ko nta hantu hacukurwaga amabuye y'agaciro i Buguli. Ushinjwa yemeje kandi ko yashakishije Alegisiya, umugore wa Ntereye, ariko aguma gushimangira ko yari yiyemeje kumukiza. Yavuze ko yaguriye Farasisiko kugira ngo amutere inkunga muri icyo gikorwa. Ushinjwa yavuze ko atigeze abona abakorewe icyaha Z na V kuri bariyeri yari hafi y'urugo rwa Y nubwo bo bavuga ko bamubonye na we akababona. Ushinjwa avuga ko ishakishwa ry'Alegisiya ryabaye nyuma y'urupfu rwa Ntereye, ku itariki ya 10 Gicurasi. Cyakora, abagabo bose bashinja bavuga ko ryabaye kuwa 20 Mata. Mu bibazo binyomoza, Ubwunganizi ntibwigeze bukemanga ubuhamya bw'abo bagabo ku birebana n'iyo tariki. Ushinjwa yavuze na none ko ubwo yavuganaga n'uwakorewe icyaha Y, yamubwiye ati: "Sinshobora kukubeshya kuko Alegisiya umushakira ineza; ikindi kandi namenye ko wagerageje gukiza Ntereye". Rumaze kumva ubuhamya bw'uwakorewe icyaha Y (umutangabuhamya N), Urugereko rusanga bidashoboka ko Y yaba yaravuze ayo magambo, ko kandi Ubwunganizi butigeze bumubaza ibibazo kuri ayo magambo igihe cy'inyomoza dore ko n'Ushinjwa ubwe yarigizemo uruhare. Byongeye kandi, mu buhamya bwe, inkuru y'Ushinjwa yerekanaga uko yagerageje gushakisha Alegisiya ngo amukize, irangira mu buryo budahwitse kuko adasobanura niba yarakomeje kumushakisha cyangwa se niba yarageze aho akabireka, byaba ibyo akavuga n'impamvu. Urukiko ruzirikana kandi ubuhamya bw'umugabo PP rusanga akwiye kugirirwa ikizere aho avuga ko Alegisiya na mwishywa we bajyanywe ku Biro bya komini. Ushinjwa yabwiye Interahamwe ati: "Mubajyane i Kinihira. Ntimuzi aho bicira abantu, aho abandi biciwe?" Ibikorwa

by’Ushinjwa ntaho byari bihuriye na gato n’ubushake ubwo aribwo bwose bwo gukiza Alegisiya, bityo Urukiko ntirwemeye ubuhamya bw’Ushinjwa ku byerekeye ibyo bintu byabaye.

### 5.5. Ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina (Ibika 12A na 12B byo mu Nyandiko y’ibirego)

### Ibyaha biri mu Nyandiko y’ibirego

> 12A. Hagati y’itariki ya 7 Mata n’impera z’ukwezi kwa Kamena 1994, Abasiviri amagana n’amagana («abavanywe mu byabo») bahungiye ku biro bya komini. Abenshi muri bo bari Abatutsi. Mu gihe bashakiraga ubuhungiro ku biro bya komini, abavanywe mu byabo b’igitsina gore batwagarwa buri gihe n’insoresore zo muri ako karere hamwe cyangwa n’abapolisi ba komini bitwaje intwaro, bagakorerwa ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina kandi cyangwa bagakubitirwa mu mazu y’ibiro bya komini, cyangwa hafi yaho. Abasiviri bavanywe mu byabo bahotorerwaga kenshi mu mazu cyangwa hafi y’ibiro bya komini. Abagore benshi bahatiwe gukorerwa ibikorwa byinshi by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina, rimwe na rimwe bigakorwa n’abagizi ba nabi benshi. Ubwo bugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina bwajyanaga kenshi n’iterabwoba ryo kwicwa cyangwa guhohoterwa k’umubiri. Abasiviri bavanywe mu byabo b’igitsina-gore bahoranaga ikintu cy’ubwoba n’imibereho yabo yaba iy’umubiri cyangwa iyo mu mutwe ikarushaho kumera nabi kubera ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina, inkeke n’ubwicanyi byababakorewe.
>
> 12B. **Yohani-Pawulo AKAYESU** yari azi ko ubwo bugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina, ubwo buhotozi, n’izo nkeke byakorwaga, ndetse rimwe na rimwe bigakorwa ahibereye. **Yohani-Pawulo AKAYESU** yorohereje ikorwa ry’ubwo bugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina, bw’izo nkeke, bw’ubwo buhotozi, yemera ko bikorerwa mu mazu y’ibiro bya komini cyangwa hafi yayo. **Yohani-Pawulo AKAYESU** yashishikarije ubwo bugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina, izo nkeke, n’ubwo buhotozi kubera ko byabaye ahibereye ariko ntagire icyo akora ngo abibuze.

### Ibirego

416. Ibikorwa by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina byagejejwe ubwa mbere mu Rukiko mu gihe cy’ubuhamya bw’umugabo J, umugore w’umututsikazi wavuze ko umukobwa we w’imyaka itandatu yasambanyijwe ku ngufu n’Interahamwe eshatu zari zaje kwica se. Mu gusubiza ibibazo by’Urugereko, umutangabuhamya J yavuze na none ko yamenye ko utwana tw’udukobwa twari twasambanyijwe ku ngufu ku biro bya komini. Hanyuma, umutangabuhamya H, umugore w’umututsikazi yavuze ko na we ubwe yasambanyijwe ku ngufu mu murima w’amasaka kandi ko yabonye abandi bagore b’abatutsikazi barimo basambanywa ku ngufu hafi y’uruzitiro rw’ibiro bya komini; yavuze ko azi nibura abandi bagore batatu basambanyijwe muri ubwo buryo n’Interahamwe. Bwa mbere, umutangabuhamya H yavuze ko Ushinjwa kimwe n’abapolisi ba komini bari aho kandi ko ntacyo bakoze kugira ngo babuze iryo fatwa ku ngufu. Cyakora, Urugereko rumubajije niba Yohani Pawulo Akayesu yari abizi, yashubije ko atari abizi, ariko ko ibyo byabereye ku biro bya komini kandi akaba yari azi [Akayesu] ko hari abagore. Umutangabuhamya H yavuze ko bimwe mu bikorwa byo gusambanya ku ngufu byabereye mu gashyamba kari hafi aho ariko hakaba hari bamwe basambanyirijwe ku Biro nyirizina.

Asubiza Urugereko, yavuze ko Ushinjwa yari ahari mu gihe hari umuntu umwe wafatwaga ku ngufu ariko ntiyabashoye kwemeza niba Ushinjwa yarabonye ibyakorwaga. Nubwo avuga ko Interahamwe zakoze ibyazo zidagadura kandi Ushinjwa n'abapolisi ba komini barashoboraga kuzibuza, umutangabuhamya H yavuze ko nta tegeko ryari ryahawe Interahamwe ryo gusambanya ku ngufu. Yavuze ko na we ubwe yakubitiwe ku biro bya komini ariko ko atasambanyijwe.

417. Ku itariki ya 17 Kamena 1997, Inyandiko y'ibirego yarahinduwe kugira ngo yongerwemo ibirego by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina n'ibyaha by'inyongera bishinjwa Uregwa hakurikijwe ingingo ya 3 (g), iya 3(i) n'iya 4(2) za Sitati y'Urukiko. Icyo gihe, Porokireri yavuze ko ubuhamya bw'umugabo H bwamuteye kongera gufungura dosiye y'iperereza ku bugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina mu byakorewe i Taba ku biro bya komini. Ubushinjacyaha bwasobanuye ko ibimenyetso bwari bufite mbere bitari bihagije ku buryo Ushinjwa yari kuregwa ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina kandi bwemeye ko ibura ry'ibyo bimenyetso rituruka ku isoni abantu baterwa n'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina bakorewe no ku ibura ry'amarangamutima ku bashinzwe iperereza kuri ibyo byaha. Urugereko rusanze ko, mu iburana, Ubwunganizi bwari bwibajije niba ihindurwa ry'Inyandiko y'ibirego yongerwamo ibindi bitaratewe n'igitutu cya rubanda kugira ngo ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina bukurikiranwe. Urugereko rwumva ihindurwa ry'Inyandiko y'ibirego ryaratewe n'ubuhamya bwatanzwe mu rukiko n'abagabo J na H babyibwirije ubwabo ku birebana n'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina no ku iperereza ryakurikiyeho, bityo bikaba bitaratewe n'igitutu cya rubanda. Cyakora, Urugereko rusanga imiryango itegamiye kuri Leta yitaye kuri icyo kibazo, rukaba rubona ibyo bigaragaza impungenge rubanda baterwa n'uko, ubusanzwe, ibikorwa byo gusambanya ku ngufu n'ubundi bwoko bw'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina bititabwaho mu maperereza akorwa ku byaha by'intambara no mu ikurikirana ryabyo mu nkiko. Iperereza ku bugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina kimwe n'itangwa ry'ibimenyetso ry'icyo cyaha biri mu nyungu z'ubutabera.

418. Inyandiko y'ibirego imaze guhindurwa, umutangabuhamya JJ, umugore w'umututsikazi, yatanze ubuhamya ku byabereye i Taba, nyuma y'ihanuka ry'indege ya Perezida. Yatangaje ko yirukanywe mu nzu ye yari yasenywe n'abaturanyi be b'Abahutu bari bamuteye we n'umuryango we; ibyo byabaye nyuma y'aho umugabo aziye kuri uwo musozi kumubwira ko Burugumesitiri yari yamwohereje kureba neza niba nta batutsi basigaye kuri uwo musozi muri iryo joro. Umutangabuhamya JJ yabonye abaturanyi be b'abatutsi bishwe, arahunga, ashakira ubuhungiro mu ishyamba ryari hafi aho ahetse uruhinja rwe; yari kumwe kandi na murumuna we wari wakomerekejwe mu gitero n'ishoka n'umupanga bamukubise ubugira kabiri. Kubera gukomeza guhigwa, umutangabuhamya JJ avuga ko yagiye ku biro bya komini, aho yasanze impunzi zirenga mirongo itandatu ku muhanda no mu murima uri hafi yaho. Yavuze ko, muri izo mpunzi, abenshi bari abagore n'abana.

419. Umutangabuhamya JJ yavuze ko impunzi zari ku biro bya komini zari zakubiswe n'Interahamwe kandi, ubwo yahageraga, zari ziryamye hasi. Umutangabuhamya JJ yahuye n'Interahamwe enye hanze y'amazu y'ibiro bya komini zitwaje ibyuma, ibibando, udushoka n'udufuni. Uwo munsi nyuma ya saa sita, Interahamwe nka mirongo ine zindi zaje gukubita impunzi, nawe arimo. Icyo gihe, yabonye Ushinjwa, ahagaze ku mbuga y'Ibiro bya komini, iruhande rwe, hahagaze abapolisi ba komini babiri bitwaje imbunda, barimo uwitwa Mushumba. Umutangabuhamya JJ avuga ko yakubiswe mu mutwe, mu mbavu no ku kuguru kw'ibumoso, bikaba byaramuviriyemo ubumuga. Uwo mugoroba, Ushinjwa yazanye n'umupolisi gushaka impunzi, maze ategeka Interahamwe kubakubita abita «abantu babi» avuga «ko batagikwiriye guhabwa ubuhungiro». Ubwo rero impunzi zarakubiswe,

zirirukanwa. Umutangabuhamya JJ avuga ko yakubiswe ikibuno cy'imbunda inyuma y'ugutwi neza neza, bikozwe n'umupolisi Mushumba.

420. Umugabo JJ yavuze ko yaraye mu murima anyagirwa. Bukeye, yasubiye ku biro bya komini, ajya kureba Ushinjwa wari mu itsinda ry'abantu icumi bahagarariye impunzi zashakaga kwicwa nk'abandi kuko zari zarambiwe imibereho mibi yazo. Yavuze ko Ushinjwa yababwiye ko amasasu yashize, ko yagiye kuyashaka i Gitarama ariko ko atari yaboneka. Yabwiye abapolisi be kubirukana, anavuga ko naho yagira amasasu, atayapfusha ubusa ku mpunzi. Umugabo JJ yavuze ko impunzi zagumye ku biro bya komini zimaze kumva ko urupfu ruzitegereje ahantu hose.

421. Umutangabuhamya JJ yavuze ko, akenshi Interahamwe zazaga ku manywa gukubita impunzi, naho abapolisi bakaza kuzikubita nijoro. Yavuze ko Interahamwe zavanaga abana b'abakobwa n'abagore aho babaga bahungiye, zikabajyana mu ishyamba ryari hafi aho kubasambanya ku ngufu. Umutangabuhamya JJ yavuze ko ibyo byamubayeho, ko yambitswe ubusa, agasambanywa ku ngufu mu maso y'abandi bantu. Mu gusubiza ikibazo cya Porokireri kandi bimuteye isoni cyane, yasobanuye ko uwamufashe ku ngufu , umusore wari witwaje ishoka n'icyuma kirekire, yinjije imboro ye mu gituba cye. Yavuze ko icyo gihe yasambanyijwe ku ngufu inshuro ebyiri. Nyuma, undi munsi, imvura irimo kugwa, yavuze ko we n'itsinda ry'abakobwa n'abagore bageze kuri cumi na batanu, bajyanywe ku ngufu hafi y'ibiro bya komini ku kigo ndangamuco kiri mu ruzitiro rw'ibiro bya komini. Nk'uko umutangabuhamya JJ abivuga, aho ku kigo ndangamuco, bahasambanyirijwe ku ngufu; yasambanyijwe ku ngufu n'umugabo inshuro ebyiri. Nyuma, undi mugabo yaje aho yari aryamye na we amusambanya ku ngufu. Undi mugabo wa gatatu nawe yaramufashe; avuga ko icyo gihe, yumvaga agiye kuvamo umwuka. Umutangabuhamya JJ avuga ko nyuma yongeye kujyanwa mu rindi tsinda ry'abakobwa bagera ku icumi, bagezwa ku kigo ndangamuco aho basambanyirijwe ku ngufu. Yarongeye afatwa bundi bushya inshuro ebyiri. Umutangabuhamya JJ yavuze ko adashobora kubara inshuro yafashwe ku ngufu. Yagize ati : «Igihe cyose wahuraga n'abari mu bitero, bagusambanyaga ku ngufu», mu ishyamba, mu mirima y'amasaka. Umutangabuhamya JJ yatekerereje Urugereko uko yabonye umuvandimwe we mbere yuko apfa, bamaze kumufata ku ngufu no kumutema n'umupanga.

422. Umutangabuhamya JJ yavuze ko iyo bageraga ku Biro bya komini, abagore bizeraga ko abategetsi bazabarengera ariko yatangajwe no kubona atariko byagenze. Ubwo yatanganga ubuhamya bwe, yibutse ko mu gihe yari aryamye aho ku kigo ndangamuco, amaze gusambanywa ku ngufu inshuro nyinshi, yumvaga imiborogo y'abakobwa bariraga iruhande rwe, utwana tw'udukobwa tw'imyaka cumi n'ibiri cyangwa cumi n'itatu. Mu nzira yo ku kigo ndangamuco, ubwa mbere ahafatirwa ku ngufu, umutangabuhamya JJ yavuze ko we n'abandi bacishijwe imbere y'Ushinjwa kandi ko yabitegerezaga. Ubwa kabiri yajyanywe ku kigo ndangamuco kuhasambanyirizwa ku ngufu, umutangabuhamya JJ yibutse ko yabonye Ushinjwa ahagaze mu muryango w'ikigo ndangamuco, akamwumva avuga aranguruye ijwi abwira Interahamwe ati «Ntimuzongere kumbaza uko umututsikazi ameze» kandi «ejo bazicwa». Nk'uko umutangabuhamya JJ abivuga, abenshi mu bakobwa n'abagore baje kwicwa nyuma; bamwe bamaze gusubizwa iwabo, bajyanywe ku mugezi bicirwayo, abandi bicirwa ku Biro bya komini. Umutangabuhamya JJ yavuze ko atigeze abona Ushinjwa agira uwo asambanya ku ngufu, ariko, kimwe n'umutangabuhamya H, atekereza ko yari afite uburyo bwo kubuza ibyo bikorwa byo gusambanya abagore ku ngufu ariko ntiyigeze agerageza kubihagarika. Avuga uko Ushinjwa yari ameze, n'ibyo yavuze ku byerekeye uko abatutsikazi bameze, yatangaje ko icyo gihe Ushinjwa «yavugaga nk'ubwiriza umukinnyi» (texte en kinyarwanda) kandi yumvikanisha ko Ushinjwa yari «ahagarikiye» ibikorwa byo

gusambanya ku ngufu. Umutangabuhamya JJ yavuze ko atabonye ubwicanyi ku Biro bya komini nubwo yahabonye imirambo.

423. Mu gihe umutangabuhamya JJ yahungaga ibiro bya komini, yasigiye umwana we w'umwaka umwe umugabo n'umugore b'abahutu, bavugaga ko bafite aMata y'uwo mwana ariko nyuma bakamwica. Umutangabuhamya JJ yavuze agahinda gakomeye yatewe n'intambara. Yavuze uko yakojejwe isoni nk'umuntu w'umubyeyi wambitswe ubusa abantu bose bareba, agafatwa ku ngufu n'abasore mu maso y'abana. Yavuze ko kubitekereza byonyine, bimwibutsa intambara. Umutangabuhamya JJ yabwiye Urugereko ko yongeye gushaka umugabo ariko ko ubuzima bwe butongeye kuba nk'uko bwari bumeze bitewe n'inkoni yakubiswe no gufatwa ku ngufu byamubayeho. Yavuze ko ububabare yumvira mu mbavu bumubuza guhinga umurima we kuko atabasha gufata isuka kandi yari atunzwe n'ibiva mu mirima ye.

424. Umutangabuhamya OO, umugore ukiri muto w'umututsikazi, yavuze mu buhamya bwe ko we n'umuryango we bagiye gushakira ubuhungiro ku Biro bya komini muri Mata 1994, bakahahurira n'izindi mpunzi nyinshi z'abatutsi ku muhanda unyura iruhande rw'uruzitiro rw'ibiro bya komini. Yavuze ko muri icyo gihe, Interahamwe zaje, zigatangira kwicisha abantu imipanga. We n'abandi bakobwa babiri bagerageje guhunga ariko bahagarikwa n'Interahamwe; izo Nterahamwe zasubiye inyuma, zibwira Ushinjwa ko zibajyanye «kuryamana nabo». Umutangabuhamya OO yabwiye Urugereko ko mu gihe yari ahagaze muri metero eshanu uvuye aho Ushinjwa yari ari, yamwumvise asubiza ati : « Nimubajyane ». Yavuze ko, ubwo, bamutandukanyije n'abandi bakobwa, akajyanwa mu murima n'Interahamwe yitwa Antoni. Yanze kwicara, iyo Nterahamwe yamukubise hasi, hanyuma imwinjizamo igitsina cyayo; mu gusobanurira uwamubazaga, umutangabuhamya yavuze ko yashyize imboro ye mu gituba cye. Atangiye gusakuza, iyo Nterahamwe yamuteye ubwoba, ivuga ko niba arize cyangwa ashakuje, abandi bashobora kuza kumwica.

425. Umutangabuhamya OO avuga ko Antoni yamusize mu murima, akagaruka nijoro, akamujyana ku mugore witwaga Zimba, aho yaraye amajoro atatu. Ku ijoro rya kane, avuga ko Antoni yagarutse noneho akamujyana ku yindi nterahamwe yitwa Emanweli. Avuga ko Antoni yamukoreye ibyo yari yamukoreye mbere, yavaho hakajyaho Emanweli. Umutangabuhamya OO yabwiye Urugereko ko yamaze iminsi itatu n'amajoro atatu mu nzu ya Emanweli ari nako Antoni na Emanweli bamusambanyaga buri munsi. Avuga ko nyuma, bamwirukanye.

426. Umutangabuhamya OO yasubiye ku biro bya komini yumvise ko hari hatanzwe itegeko ryo guhagarika kwica abagore n'abana, ariko yasubiye kwihisha amaze kumva Ushinjwa, Kubwimana na Ruvugama bashishikariza abantu kwica abatutsi. Nyuma, we na murumuna we w'imyaka irindwi batangiriwe n'Interahamwe, zibajyana kuri bariyeri. Murumuna we n'abandi bantu babiri barafunzwe muri iryo joro, bicwa ku munsi ukurikiyeho mu gitondo. Mu gihe ibyo byabaga, umutangabuhamya OO yari afite imyaka 15. Ku kibazo cyo kumenya impamvu Ushinjwa yari afite ububasha buhagije bwo kumurinda gufatwa ku ngufu, umutangabuhamya OO yashubije ko iyo aza kuba yarabujije Interahamwe kumuvana ku Biro bya komini, zari kumwumva kuko yari burugumesitiri. Mu rukiko, umutangabuhamya OO ntiyashoboye kwerekana Ushinjwa. Yavuze ko umuntu yari yamumweretse amutunga urutoki ku biro bya komini avuga ko ari burugumesitiri ariko ko atamwitegereje kandi ko hashize igihe kirekire ibyo bibaye.

427. Umutangabuhamya KK, umuhutukazi wari warashatswe n'umututsi, na we yagiye gushakira ubuhungiro ku biro bya komini i Taba, inzu ye imaze gusenywa. Yavuze ko

impunzi z'Abatutsi zari aho, zakubitwaga kenshi n'abapolisi kandi ko Ushinjwa «yahagarikiraga» iryo kubitwa; nk'uko uyu mugabo abyivugira, yibutse ko Ushinjwa yavugiye mu ruhame ko umwarimu witwaga Tarisisi ari icyitso maze akohereza abapolisi kumushaka. Abo bapolisi bazanye Tarisisi n'umugore we maze babahatira kwicara mu cyondo. Bishe Tarisisi, Ushinjwa ahagaze aho iruhande. Umugore bamwambitse ubusa, baramubwira ngo nagende ajye gupfira ahandi. Umugabo KK yavuze ko, kuri uwo munsi, ku mategeko y'Akayesu, Interahamwe zazanye abarimu b'i Remera, zibahatira kwicara mu cyondo. Uko abivuga, batangiye gukubita inkoni umwarimu w'umusore (sic) kuko yari kumwe na fiyanse we; muri icyo gihe, Ushinjwa yagendaga abazengurukamo, ahagarakiye abapolisi bakubitaga impunzi. Abarimu bamaze gukomeretswa n'udufuni bakubitishwaga, bajyanywe ku ngorofani ku rwobo rusange, hanyuma bacirwa urwo gupfa bumva.

428. Umutangabuhamya KK yavuze ko umugabo we yari yakubitiwe ku biro bya komini, agakomereka mu mutwe. Yaracitse ariko nyuma, yaje gufatwa n'Interahamwe; umutangabuhamya KK yaje kubona ubutumwa bw'umugabo we wamusabaga ko bavugana mbere yuko apfa. Yamusanze inyuma y'ibiro bya komini hamwe n'Interahamwe zitwaje ibibando n'inkota, zamujyanye hagati y'amazu abiri agize ibiro bya komini. Nyuma yaje kumenya ko yishwe. Nyuma umutangabuhamya KK yagiye kureba Ushinjwa kugira ngo amusabe icyemezo kimufasha gutuma abana be babaho. Avuga ko Ushinjwa yashubije ko atari we watumye bavuka ari abatutsi kandi ko «uwica imbeba atababarira ihaka». Umutangabuhamya KK yavuze ko yari atwite, akaza gukuramo inda amaze gukubitwa n'abapolisi n'Interahamwe. Mu bana be icyenda, harokotse babiri gusa.

429. Umutangabuhamya KK yibutse kandi ko yabonye abagore n'abakobwa batoranyijwe, bakajyanwa ku kigo ndangamuco cy'ibiro bya komini n'Interahamwe zavugaga ko zigiye «kuryamana na bo». Umutangabuhamya KK yavuze ko yabonye Ushinjwa abwira Interahamwe kwambika ubusa umwana w'umukobwa witwaga Shantali yari azi ko azi gukora imyitozo y'ingororamubiri , ibyo bakaba barabimutegetse kugira ngo akore iyo myitozo yambaye ubusa. Ushinjwa yabwiye Shantali wavugaga ko ari umuhutukazi ko agomba kuba ari umututsi kubera ko yari azi ko Se ari umututsi. Mu gihe Shantali yategekwaga kwiyereka imbere y'abantu benshi yambaye ubusa, umutangabuhamya KK yavuze ko Ushinjwa yasekaga, byamushimishije. Nyuma y'ibyo, umutangabuhamya yavuze ko Ushinjwa yabwiye Interahamwe kumujyana agira ati : «mubanze mwirwaneho murongore uwo mukobwa». Umutangabuhamya KK yavuze na none ko yabonye abagore b'abatutsikazi bashatswe n'Abahutu bafatwa ku ngufu. Yavuze ko amaze kuva ku biro bya komini, yabonye ku muhanda umurambo w'umugabo n'uw'umugore bari bishwe. Yasobanuye ko uwo mugore yari azi ko ari umututsikazi washatswe n'umuhutu, yari atari ahwana, agisamba. Yabwiye urukiko ukuntu Interahamwe zinjije igiti mu myanya ndangagitsina y'uwo mugore agihumeka, atarapfa. Akenshi, umutangabuhamya KK avuga ko abatutsikazi bari barashatswe n'Abahutu «bababarirwaga kuko byavugwaga ko abo bagore bari barabyaye abana b'abahutu». Yavuze ko abagabo b'abahutu barongoye abatutsikazi kugira ngo babakize ariko bakaba barashakishwaga, bakajyanwa ku ngufu, bakicwa. Yavuze ko atigeze abona Ushinjwa asambanya umugore ku ngufu.

430. Umutangabuhamya NN, umututsikazi, murumuna w'umutangabuhamya JJ, yavuze ko we n'undi mu bo bava inda imwe, bafashwe ku ngufu n'abagabo babiri ku mbuga y'inzu yabo; iyo nzu yari imaze gusenywa n'abaturanyi babo b'abahutu, musaza wabo na se bamaze kwicwa. Umutangabuhamya NN yavuze ko umwe muri abo bagabo yamubwiye ko abakobwa bari babaretse kugira ngo babasambanye ku ngufu. Yavuze ko nyina yahendahenze abo bagabo bari bitwaje ibibando n'imipanga ngo bice abo bakobwa aho kubasambanyiriza ku ngufu mu maso ye, maze umugabo amusubiza atya : « uko ibintu bigomba kugenda ni

ukubababaza » nuko abakobwa bakorerwa ibya mfura mbi. Umutangabuhamya NN yemeje mu ibazwa rye ko umugabo wamusambanyije yinjije imboro mu gituba cye n'ubugome bwinshi-niko abivuga - arimo amuseka. Yavuze ko muri icyo gihe, umuvandimwe we yarimo asambanywa n'undi mugabo hafi aho, ku buryo buri wese yabonaga ibibera ku wundi. Nyuma yarahendahenze ngo bamwice.

431. Umutangabuhamya NN avuga ko abo bagabo bamaze kugenda, abandi bagabo babiri b'abaturanyi, baraje maze umwe muri bo amusambanya ku ngufu, mu gihe undi yafataga umuvandimwe we, akamujyana kure hirya na we akamusambanya. Yibutse ko uwo muturanyi yavuze ko bari baranze ko abarongora ariko ko noneho bagiye kuryamana (nta ngorane bimuteye). Yakomeje avuga ko nyuma abo bagabo bagiye, bamaze kubihanangiriza ko bazabica niba baramutse batagumye ahongaho. Uwo mugoroba, yavuze ko haje abandi basore bafite nk'imyaka cumi n'itanu cyangwa cumi n'itandatu, bakababwira «kubigisha kuko batari bazi uko bikorwa». Nyuma y'uko abo bagabo babiri babasambanya, umutangabuhamya NN avuga ko nyina yasabye abakobwa be kugenda aho kugumya kwicwa urubozo mu maso ye. Abakobwa baragiye, bajya kwihisha kwa mwene wabo.

432. Nyuma y'icyumweru n'igice bihishe, umutangabuhamya NN avuga ko amaze kumva ko Akayesu yahagaritse ubwicanyi, we n'umuvandimwe we, bagiye ku biro bya komini. Mu nzira, kubera ko atari yanyuze inzira imwe n'umuvandimwe we, umutangabuhamya NN avuga ko yahuye n'abagabo babiri bakavuga ko bashaka kumuherekeza ku biro bya komini kuko bari babiherewe amabwiriza na Burugumesitiri. Yavuze ko abo bagabo bombi bahereyeko bamujyana hirya nabo bakamusambanya bamukuranwaho, bamusiga yambaye ubusa. Nyuma, yavuze ko yahuye n'abagabo bashoreye amatungo, babiri muri bo bakamusambanya ku ngufu. Ibyo byabereye mu giturage, ahantu hatari kure y'Ibiro bya komini nk'uko umutangabuhamya NN abivuga. Nyuma y'iryo fatwa ku ngufu, umutangabuhamya NN yavuze ko atashoboraga kuva aho ari, adashobora guhagarara, adashobora kwiyambika. Avuga ko wa muvandimwe we yahamusanze, akamuha amavuta kugira ngo ashyire mu myanya ndangagitsina ye, yoroshye ububabare. Amaze kugarura agatege, umutangabuhamya NN yakomeje inzira, agana ku biro bya komini ari kumwe na wa muvandimwe we.

433. Umutangabuhamya NN avuga ko, agereranyije, yaba yaragiye ku biro bya komini nko mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatanu, akahasanga impunzi zigera kuri magana atatu, abenshi ari abagore n'abana. Bukeye bwaho, avuga ko yabonye Ushinjwa afite igitambaro cy'amazi mu ijosi, yerekeza ahantu Interahamwe ebyiri zari zijyanye umugore zijya kumusambanya ku ngufu hagati y'ibiro bya komini n'ikigo ndangamuco. Yavuze ko yabonye Ushinjwa yitegereza abo bagabo bakurura uwo mugore, nyuma akinjira mu biro. Yavuze ko yabonye Interahamwe zikikije uwo mugore, zinamuri hejuru nubwo atabonye zimushyiramo ibitsina byazo. Yatangaje kandi ko impunzi nyinshi zarebaga ibyarimo bikorwa. Umutangabuhamya NN yavuze ko mu gihe uwo mugore yafatwaga, abapolisi babiri, Mushumba na Nsengiyumva wari wambaye imyenda ya gisivile bari bahagaze imbere y'ibiro bya burugumesitiri. Yavuze ko ntacyo bakoze kugira ngo babuze iryo fatwa ku ngufu, ko Ushinjwa icyo yakoze ari ukurebera gusa, hanyuma akinjira mu biro bye. Nyuma y'iryo fatwa, avuga ko yabonye uwo mugore yambaye ubusa, ashonje, akonje kandi atwite. Yavuze ko hari Interahamwe yamubwiye ko uwo mugore yapfiriye ku biro bya komini. Umutangabuhamya NN yavuze ko nta muntu wigeze asambanyirizwa mu kigo ndangamuco ariko ko Interahamwe zazaga nijoro, zigatwara abakobwa.

434. Hashize iminsi ibiri ageze ku biro bya komini, umutangabuhamya NN yavuze ko yabonye Interahamwe yitwa Rafiki yari azi, yari yaramubwiye ko yashakaga ko babana.

Imubonye ku biro bya komini, yamubwiye ko izamusambanya ku ngufu aho gushyingiranwa na we. Avuga ko Rafiki yamujyanye iwe, akamufungirana mu gihe cy'iminsi ibiri, akamusambanya inshuro nyinshi ku manywa na nijoro, inshuro esheshatu zose hamwe. Yavuze ko akenshi yazaga kumusambanya amaze kunywa urumogi cyangwa alukolu isindisha. Umutangabuhamya NN yavuze ko, asubiye ku biro bya komini, yahasanze umuvandimwe we wamubwiye ko na we yari yasambanyirijwe aho ku biro bya komini. Umutangabuhamya NN yavuze ko umuvandimwe we yari afite inzara n'imbeho atabasha kwinyagambura; yaje gupfa; bagiye kumuhamba basanze umurambo we warariwe n'imbwa.

435. Umutangabuhamya NN yavuze ko yabonaga kenshi Ushinjwa ku biro bya komini, akanamwumva abwira abapolisi kwirukana impunzi; yibukije ko rimwe, umupolisi witwaga Mushumba yakubise, akanirukana impunzi ku itegeko ry'Ushinjwa. Yanibutse ndetse ko yabonye Ushinjwa ubwo Ntereye yasohorwaga muri gereza, akicwa. Nubwo atahagaze kuri icyo gikorwa cy'ubuhotozi, yumvise urusaku rw'isasu barashe, hanyuma aza kubona umurambo wa Ntereye, umutwe we wajanjaguwe, bisa n'aho hakoreshejwe inyundo. Hanyuma umutangabuhamya NN yavuze ko mu minsi ibiri ikurikiranye, yatwawe mu itsinda ry'abantu amagana n'amagana, abenshi muri bo ari abagore n'abana, ku mwobo uri hafi ya Komini, aho Interahamwe zashakaga kubicisha gerenade. Umunsi wa mbere, bisa nk'aho batari bashoboye kubona gerenade. Umunsi wa kabiri, barakubiswe, bagarurwa no kuri wa mwobo. Icyo gihe, umutangabuhamya NN avuga ko Rafiki, ya Nterahamwe yari yamufungiye iwayo, yamuvanye mu bandi, itangaza ko ari umugore wayo. Ukurikije uko abivuga, ngo Interahamwe zahereyeko zitera ba bantu ibyuma, zibatemesha imipanga, zinabajugunya muri wa mwobo, naho we ahagaze aho ku ruhande. Umutangabuhamya NN avuga ko yari yafunze amaso ariko ko yashoboraga kumva abantu barira, banasakuza. Asanga igikorwa cyo kwica abo bantu cyaramaze nk'iminota makumyabiri. Yibutse ko, icyo gihe, yumvaga ameze nk'uwapfuye usibye gusa ko yari agihumeka.

436. Umutangabuhamya NN yavuze ko, nyuma y'ibyo, murumuna wa Rafiki yamujyanye iwe, aho yamaze icyumweru. Mu gihe yari yo, avuga ko Rafiki yaba yaramufungiranye, maze agaha imfunguzo abandi basore baje «bakaryamana na we», ni ukuvuga, nk'uko abisobanura, ko binjizaga ibitsina byabo mu cye. Ntiyibukaga inshuro ibyo byabaye, yavuze ko bazaga buri munsi kandi ko rimwe na rimwe batamusambanyaga. Umutangabuhamya NN yatangarije Urugereko ko nyuma y'icyumweru, yahunze, akajya kwihisha mu bihuru. Mu gihe cy'iburanisha, umutangabuhamya NN yavuze ko Ushinjwa yari afite ububasha bwo kurwanya ubwicanyi n'ibikorwa byo gusambanya ku ngufu; bityo, ubwo bari ku biro bya komini, kuba ataragize uwo aha ubuhungiro, yatanze uburenganzira bwo kubikora. Yatangaje ko gusambanywa ku ngufu, byamuviriyemo indwara yo kuva mu gitsina n'ububabare bwa buri gihe, byose bikaba bikenewe kuvurirwa mu bitaro.

437. Umutangabuhamya PP, umututsikazi wari warashatse ku muhutu, yari atuye hafi cyane y'ibiro bya komini. Yavuze ko yabonye abagore batatu, Alegisiya umugore wa Ntereye, na bishywa be babiri, Nishimwe na Luwiza, bafatwa ku ngufu, bakicirwa i Kinihira, igikombe kiri hafi y'ibiro bya komini. Umutangabuhamya PP yavuze ko abagore batwarwaga n'Interahamwe ku mabwiriza y'Ushinjwa mu modoka ya komini, yabaga itwawe na Mutabaruka, umushoferi wa komini Taba. Yatangaje ko yabanje kubona abagore mu modoka ya komini ubwo yumvaga Ushinjwa abwira Interahamwe ati : «Mubajyane i Kinihira. Ntimuzi se aho babicira, aho abandi biciwe?» Ukurikije ubuhamya bw'umugabo PP na we ubwe wagiye i Kinihira, abo bagore batatu bategetswe n'Interahamwe kwiyambura, kugenda, kwiruka no gukora imyitozo ngororamubiri «kugira ngo berekane ibibero by'Abatutsikazi». Yavuze ko ibyo byose byaberaga imbere y'abantu nka magana abiri. Nyuma y'ibyo, yavuze ko abagore bafatwaga ku ngufu. Yavuze ingingo ku yindi uko Alegisiya yafashwe

n’Interahamwe zamukubise hasi, zikamwurira zivuga ziti: «Twumve uko igituba cy’umututsikazi kimera». Ukurikije ubuhamya bwa PP, Alegisiya yahereje Bibiliya ye Interahamwe yitwa Petero mbere y’uko imusambanya ku ngufu, maze arayibwira ati : «Akira iyi Bibiliya kubera ko ari rwo rwibutso rwacu, kuko mutazi icyo mukora». Nuko umuntu umwe amufata ijosi, abandi intugu, abandi bafata amaguru atagaranye, mu gihe Interahamwe nyinshi zakomezaga kumusambanya ku ngufu – Petero yakurikiwe na Bongo na we akurikirwa na Habarurema. Mu buhamya bwe, umugabo avuga ko Alegisiya yari atwite. Amaze kucika intege, Alegisiya yarahindukiye, aryama yubitse inda, nuko abyara udashyitse muri iryo fatwa ku ngufu. Umutangabuhamya PP yavuze ko, nyuma yaho, Interahamwe zatangiye zasambanyije ku ngufu Nishimwe, akana k’agakobwa, anibuka ko amaraso menshi yavaga mu myanya ndangagitsina yako nyuma yo gusambanywa ku ngufu n’abagabo benshi. Nyuma, Luwiza yafashwe ku ngufu n’Interahamwe nyinshi, mu gihe izindi zabaga zimushikamiye. Nyuma y’iryo fatwa, uyu mutangabuhamya avuga ko abo bagore bose uko ari batatu, baryamishijwe bubitse inda, bagakubitwa inkoni, bakicwa.

438. Umutangabuhamya PP yavuze ko nta muntu wagerageje kumusambanya ku ngufu kuko batari bazi ubwoko bwe. Yavuze kandi ko Interahamwe Bongo yamurinze gufatwa ku ngufu kuko yari yayihaye «umukati» n’icyayi hanyuma ikabuza izindi Nterahamwe kumugirira nabi. Umutangabuhamya PP avuga ko mu kwezi kwa kane 1994, abagore n’abana bamwe bashoboye gucika, bava ku Biro bya komini ariko ko abagore bagombye « kwitanga » kugira ngo barokoke. Yashakaga kuvuga ko bemeye gufatwa ku ngufu kandi yavuze ko yafashije mu kwita kuri umwe muri abo bagore waje kuza kuba iwe mu gihe cy’icyumweru. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya PP yavuze uko yahuye n’umugore witwaga Vesitina yafashije kuva mu cyobo i Kinihira aho abantu bari bajugunywe, amaze kuhabyarira. Umutangabuhamya PP yavuze ko yajyanye Vesitina kuba kwa Emanweli, umugabo yari azi; ko ariko agarutseyo nyuma y’iminsi ibiri, yamubwiye ko Vesitina yajyanywe n’Interahamwe yitwaga Habarurema mu murima w’amasaka, ahantu hitwa i Kanyinya. Umutangabuhamya PP avuga ko Habarurema yamaranye Vesitina icyumweru muri uwo murima w’amasaka, akamusambanya ku ngufu inshuro nyinshi. Yongeye kubona Vesitina nyuma; imyanya ndangagitsina ye yaranindaga, nuko Vesitina aramubwira ati : «ndakeka ko birutwa no kujya i Kinihira, umuntu akahicirwa». Umutangabuhamya PP avuga ko, bukeye bwaho, yabonye Vesitina arimo gufatwa ku ngufu hamwe n’abandi bagore kandi ko ntacyo yashoboraga gukora. Ku munsi wakurikiyeho, aho yari mu kiliziya yagiye gusenga, umutangabuhamya PP yavuze ko yabonye Vesitina yicwa n’Interahamwe Bongo imukubise umuhoro, hanyuma ikamujugunya mu rwobo; Vesitina yari yagaruwe kuri urwo rwobo n’Interahamwe Habarurema.

439. Umutangabuhamya ushinjura DBB, wabaye umunyeshuri w’Ushinjwa, ubu akaba afungiye mu Rwanda, yavuze ko yagiye ku Biro bya komini kuwa 17 Mata. Nyuma yagiye kwihisha mu gihe cy’ubwicanyi, akaba atarongeye gusubira ku biro bya komini. Umutangabuhamya DBB yavuze ko atigeze yumva cyangwa abona ibikorwa by’ubugizi bwa nabi bikorerwa abagore mu byabaye muri Mata 1994 kandi ko muri segiteri ye, nta mugore wigeze afatwa ku ngufu. Hanyuma, yaje kuvuga ko yumvise abantu bavuga ko abagore barimo bafatwa ku ngufu muri komini Taba, segiteri ye itarimo; yavuze ariko ko atigeze abyibonera n’amaso ye. Umutangabuhamya DBB yavuze ko atigeze yumva izina ry’Ushinjwa rivugwa mu bikorwa by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina ahubwo ko ibyo bikorwa byavugwaga ku bantu bari mu bwicanyi n’ubusahuzi. Kubwe, umutangabuhamya DBB asanga Ushinjwa atarabihagazeho. Mu bibazo binyomoza, yavuze ko nta cyo yari azi ku kirego kivuga ko Ushinjwa yemeye ko abagore bajyanwa, bagafatwa ku ngufu ku biro bya komini.

440. Umutangabuhamya ushinjura DCC, umushoferi w'imodoka ya komini Taba, yavuze ko atigeze yumva bavuga iby'ubwicanyi bwakorewe abagore muri komini Taba, cyangwa bavuga ko Ushinjwa yakoze ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bugiriwe abagore muri Komini cyangwa ko yatanze amategeko kugira ngo abagore bafatwe ku ngufu. Yavuze ko muri kiriya gihe yari ku biro bya komini, guhera muri Mata na Gicurasi yose, hari impunzi ku biro bya komini kandi yabaga ahari iminsi yose. Yatangaje ko impunzi z'abagore ntacyo zabaye kandi ko nta numwe muri bo yabonye akubitwa cyangwa ajyanwa gusambanywa ku ngufu. Yavuze ko atari azi Alegisiya, umugore wa Ntereye, anahakana ko yagiye kumushaka, ngo amubone, amujyane mu modoka ya komini ku biro bya komini, n'i Kinihira. We avuga ko ubwicanyi butangira, imodoka ya komini yari yarapfuye.

441. Umutangabuhamya ushinjura DZZ, wahoze ari umupolisi wa komini Taba, ubu akaba afungiye mu Rwanda, yavuze ko yazaga ku biro bya komini iminsi yose kandi ko ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina bitahakorewe. Yanavuze ko nta cyaha na kimwe cy'ubugome yabonye gikorerwa ku Biro bya komini. Umutangabuhamya DZZ yashimangiye ko atigeze yumva bavuga ko habaye igikorwa icyo ari cyo cyose muri icyo gihe cyo gufata abagore ku ngufu muri komini Taba yose. Umutangabuhamya ushinjura DCX, mu buhamya busa n'ubwo, yavuze ko atigeze yumva havugwa ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina mu gihe yari i Taba. Yahakanye atsemba ibikorwa byo gufata abagore ku ngufu muri komini Taba. Bamubajije niba yarumvise ko Interahamwe zakoze ibyaha by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, umutangabuhamya DAX yashubije ko nta wigeze avuga ibyo bintu aho yari ari. Yavuze ko atashobora kwemeza niba ibyo bintu byaravugwaga cyangwa byarakorwaga ahandi.

442. Umugabo ushinjura witwa Matata, wahamagajwe nk'umutangabuhamya w'impuguke, yavuze ahantu hamwe yumvise bavuga i Taba ko habaye ubwinjiracyaha bwo gufata ku ngufu abana b'abakobwa babiri b'imyaka cumi n'ine na cumi n'itanu. Ku bwe, Burugumesitiri ntiyari gushobora kubimenya kubera ko byari byabereye muri segiteri Buguri, akarere Burugumesitiri atari yigeze ageramo na rimwe. Umutangabuhamya Matata yavuze ko umuco utuma abantu batavuga ku bikorwa byo gusambanya ku ngufu, ariko na none yumvikanishije ko gufata abagore ku ngufu byaje nyuma mu rwego rw'itera bwoba. Yavuze ko yamenye ko habayeho ibikorwa byo gufata ku ngufu mu bindi bice by'igihugu ariko akabona ko bitakunze kubaho kenshi kandi bikaba bitaribasiraga ubwoko ubu n'ubu. Umutangabuhamya yatanze igitekerezo cye ko abafataga abagore ku ngufu bashakaga ahubwo kwishimisha, kandi ko, no mu bihe by'ubwicanyi, abantu bashoboraga kumva umubiri wabo wifuje, bitagambiriwe. Yavuze ko, muri rusange, abagore b'abatutsikazi ari beza cyane, bityo kubasambanya ku ngufu bikaba bitagaragaza byanze bikunze igitekerezo cyo gutsemba ubwoko ahubwo ari ugushaka kwenda umugore mwiza.

443. Umutangabuhamya DIX yavuze ko se yatije Ushinjwa imodoka, akanamufasha kubungabunga muri icyo gihe umutekano muri komini. Avuga ko yari iwe, i Taba kandi akaba yarumvise byose uretse kumva bavuga ibyo gufata abagore ku ngufu cyangwa ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina mu gihe cy'ubwicanyi. Cyakora, yavuze ko ayo makuru yose yayahawe n'ababyeyi n'abaturanyi be kandi ko atigeze agera ku biro bya komini habe n'inshuro n'imwe nyuma y'aho ubwicanyi butangiriye.Yavuze ko yabonye Ushinjwa ubwe inshuro imwe gusa muri Mata. Mu buhamya bwe, avuga ko icyo gihe atamuvugishije kandi ko nta n'ubundi yigeze amuvugisha. Ariko, umutangabuhamya DIX yavuze ko Ushinjwa nta cyaha yigeze akora ahubwo ko bimutangaje cyane kumva ko afunze. Umutangabuhamya DJX, umwana utaragira imyaka y'ubukure, akaba na musaza w'umutangabuhamya DIX, yabwiye urukiko ko atigeze yumva bavuga ibyo gufata abagore ku ngufu kandi ko atigeze amenya ko byanabaye. Urugereko rusanga ubuhamya bwanditse

bw’abo bagabo bombi, bwateguwe kandi bugatangwa n’Ubwunganizi, bwarasaga. Umutangabuhamya DJX yari afite imyaka cumi n’ibiri mu gihe cy’ubwicanyi; kimwe rero n’umutangabuhamya DIX, yavuze ko atigeze agera ku biro bya komini muri icyo gihe. Yavuze ko yabonye Ushinjwa inshuro ebyiri.

444. Umutangabuhamya DFX yavuze ko atigeze abona ibikorwa byo gufata abagore ku ngufu cyangwa iby’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina i Taba, akaba ndetse nta n’umuntu yigeze yumva abivuga. Urugereko rubonye ko uwo mugabo wahishiwe umwirondoro, afite icyo ahuriraho gikomeye ku giti cye n’Uregwa. Mu ibazwa rye, yabwiye Urugereko ko Ushinjwa atamubwiye ibyaberaga ku biro bya komini, ko na we atabimubajije kandi ko ayo makuru, yayakomoye ku bandi bantu. Mu gihe yanyomozwaga n’Ubushinjacyaha, yavuze ko atigeze ajya ku Biro bya komini muri icyo gihe kubera impamvu z’umutekano. Ku kibazo yari abajijwe n’Urugereko, umugabo yemeye ko mu buhamya bwe bwanditse bwatanzwe n’Ubwunganizi, yari yatanze amakuru avuga ko Interahamwe zatwaraga abakobwa beza b’abatutsikazi zikabajyana iwabo kubasambanya. Yemeye ko iyo myitwarire umuntu yayibonamo igikorwa cy'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina kuko abo bakobwa batajyagayo ku bushake.

445. Umutangabuhamya ushinjura DEEX, umugore w’umututsikazi, yavuze ko mbere yo kwica abagore, Interahamwe zabanzaga kubasambanya ku ngufu. Ku kibazo cyo kumenya niba Ushinjwa yarashishikarije cyangwa yaratanze uburenganzira bwo gukora ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina, yashubije ko atabizi. Mu bibazo binyomoza, yavuze ko we ubwe atiboneye ibikorwa by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina nubwo yumvise ko abakobwa bo mu rugo yari yahungiyemo, bafashwe ku ngufu n’Interahamwe. Umutangabuhamya DEEX yavuze ko Ushinjwa yari yaramuhaye urwandiko rw’inzira rwamufashije kugenda afite umutekano.

446. Ushinjwa ubwe yavuze ko yatangajwe cyane n’ibirego byo gufata abagore ku ngufu i Taba mu gihe cy’ibivugwa muri uru rubanza. Yemeje ko uwo ari we wese uvuga ko hari umugore n’umwe wafashwe ku ngufu ku biro bya komini ari umubeshyi. Nubwo yemera ko hari abatanzweho abagabo bavuze ko bafashwe ku ngufu ku biro bya komini, yarahiye mu izina ry’Imana ko icyo kirego ari ikinyoma cyambaye ubusa. Yavuze ko atigeze abona cyangwa yumva abapolisi be bavuga ko hari umugore wigeze afatwa ku ngufu ku biro bya komini. Avuga ko yumvise bavuga ibirego byo gufata abagore ku ngufu kuri Radiyo Rwanda kandi ko amashyirahamwe y’abagore yari yateguye imyigaragambyo n’urugendo kuva i Kigali kugera i Taba. Yabaye nk’uvuga ko ahari kwari ugushaka kumvisha Urugereko ko abagore bafashwe ku ngufu ku biro bya komini Taba, ariko yashimangiye avuga ko nta na rimwe abagore bigeze bafatwa ku ngufu mu gipangu cy’ibiro bya komini cyangwa mw’isambu ya komini cyangwa se kuri komini.

447. Mu buhamya bwe, Ushinjwa yibukije ikirego kivuga ko yategetse umwana w’umukobwa Shantali gukora akarasisi yambaye ubusa. Yavuze ko atamuzi kandi ko ibyo bintu bitigeze biba. Yavuze ko gusambanya umugore ukoresheje igiti ari «igikorwa cy’ubunyamaswa», akibaza ukuntu umuntu w’umugore yakurikirana igikorwa nk’icyo. Naho ku byerekeye amagambo yaba yaravuze ari mu muryango w’ikigondangamuco, Ushinjwa yavuze ko ibyo «bikabije». Yanavuze ko ukurikije uko inzu ndangamuco iteye, byari bikomeye kubona ibyaberaga mu nzu imbere urebeye ku rugi kandi ko bitari korohera umugore uryamye mu nzu imbere kumenya ibyakorerwaga ku rugi. Ushinjwa yavuze ko abagore bari bahungiye mu kigo hose no hanze y’ibiro bya komini kandi ko no ku kigo ndangamuco bari bahari. Yahakanye ko Interahamwe zazanye abagore ku kigo ndangamuco. Yavuze ko bamwe mu bagore bari bahungiye ku Biro bya komini bishwe, abandi bagacika.

448. Mu gusubiza Urugereko, Ushinjwa yavuze ko koko yumvise ibikorwa byo gufata ku ngufu bivugwa i Kigali ariko gusa akaba yarabyumvise amaze kuva mu gihugu. Ku kibazo cyo kumenya icyo atekereza ku buhamya butangwa ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, Ushinjwa yavuze ko ifatwa ry'abagore ku ngufu ritagaragara mu buhamya bw'abagabo J na H bwatanzwe mbere y'urubanza nubwo umutangabuhamya H yabwiye Urugereko mu gihe yabazwaga ko yari yashyikirije abakora iperereza ibyerekeranye no gufatwa ku ngufu kwe. Ushinjwa yavuze ko Inyandiko y'ibirego yahinduwe biturutse ku gitutu cy'imiryango y'abagore; bituruka kandi no ku bagore «bahatiwe kwemera ko bafashwe ku ngufu». Ku kibazo yabajijwe n'Urugereko, Ushinjwa yemeye ko bishoboka ko haba harabayeho ibikorwa byo gufata ku ngufu muri komini Taba, ariko yashimangiye ko nta gikorwa na kimwe nk'icyo cyakorewe ku biro bya komini. Avuga ko ibirego byo gufata abagore ku ngufu muri Taba yabyumviye ubwa mbere mu rukiko, anemeza ko ari ibihimbano.

**<u>Imyanzuro ishingiye ku byabaye</u>**

449. Rumaze kusuzumana ubwitonzi ubuhamya bw'abagabo bashinja ku birebana n'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, Urugereko rusanga hari ibimenyetso bihagije byakwizerwa kugira ngo hemezwe ku buryo budashidikanywaho na gato ko mu byabaye mu w'i 1994, abakobwa n'abagore bagirewe ubugome bwerekeranye n'igitsina, bakubiswe kandi bakicirwa mu mazu cyangwa hanze y'amazu y'Ibiro bya komini kimwe n'ahandi muri Komini Taba. Abatangabuhamya Abagabo H, J, OO na NN, bose bavuze mu buhamya bwabo ko bo ubwabo bafashwe ku ngufu kandi bose, usibye umutangabuhamya OO, bavuze ko babonye abandi bagore n'abakobwa bafatwa ku ngufu. Abatangabuhamya J, KK na PP bavuze nabo mu buhamya bwabo ko babonye abandi bakobwa n'abandi bagore bafatwa ku ngufu muri komini Taba. Abatutsi amagana n'amagana, abenshi ari abagore n'abana, bahungiye ku biro bya komini muri icyo gihe kandi ibikorwa byinshi byo gufata abagore ku ngufu byabereye mu mazu y'ibiro bya komini cyangwa hafi yayo- umutangabuhamya JJ yavanywe n'Interahamwe aho yari yihishe hafi y'ibiro bya komini, zimujyana mu ishyamba ryari hafi aho kumusambanya ku ngufu. Yavuze ko abana b'abakobwa n'abagore bari bahungiye muri ubwo bwihisho akenshi bagenjwe gutyo. Umutangabuhamya JJ na we yafashwe ku ngufu inshuro nyinshi, mu bihe bibiri bitandukanye ku kigo ndangamuco mu rupangu rw'ibiro bya komini : inshuro imwe yari mu itsinda ry'abagore n'abakobwa cumi na batanu, indi nshuro yari mu itsinda ry'abagore n'abakobwa icumi. Umutangabuhamya KK yabonye Interahamwe zitoranya abagore n'abakobwa, zikabajyana ku kigo ndangamuco kuhasambanyirizwa ku ngufu. Umutangabuhamya H yabonye abagore bafatirwa hanze y'igipangu cy'ibiro bya komini naho umutangabuhamya NN yabonye Interahamwe zifata umugore, zimusambanyiriza hagati y'Ibiro bya komini n'ikigo ndangamuco. Umutangabuhamya OO yavanywe ku biro bya komini, asambanyirizwa mu murima uhegereye. Umutangabuhamya PP yabonye abagore batatu bafatwa ku ngufu i Kinihira, ahantu biciraga abantu hafi y'ibiro bya komini naho umutangabuhamya NN yasanze murumuna we asamba, bamaze kumusambanya ku ngufu ku biro bya komini. Ibindi bikorwa byinshi byo gufata abagore ku ngufu i Taba hanze y'Ibiro bya komini, mu mirima, ku muhanda, mu mazu no hanze yayo byasobanuwe n'abagabo J, H, OO, KK, NN na PP. Abagabo KK na PP banavuze ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byabereye mu mazu y'ibiro bya komini cyangwa hafi yayo, ku bikorwa byo kwambika abagore n'abakobwa ubusa ku ngufu no kubakoza isoni mu ruhame. Urugereko rusanga ibyinshi muri ibyo bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byarabereye mu maso y'abantu benshi kandi ko byose byabaga byibasiye abagore b'abatutsikazi.

450. Uretse bike muri byo, ubundi ibyinshi mu bikorwa byo gufata abagore ku ngufu kimwe n'ibindi bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina bivugwa n'abagabo bashinja, byakozwe n'Interahamwe. Ntibyagaragajwe ko uwafashe ku ngufu umutangabuhamya H mu murima w'amasaka n'abagabo batandatu basambanyije ku ngufu umutangabuhamya NN, bari Interahamwe. Naho ibyerekeye umutangabuhamya NN, babiri mu bamufashe bari abaturanyi be, babiri bari ingimbi, babiri bandi bari abashumba kandi nta kimenyetso cyatanzwe kigaragaza ko hari n'umwe muri bo wari Interahamwe. Cyakora, ku birebana n'ibimenyetso byose ku bikorwa byo gufata abagore ku ngufu n'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byabereye mu mazu y'Ibiro bya komini cyangwa hafi yayo, ababikoze bose bari Interahamwe. Interahamwe na none zabonywe zikora ibikorwa byinshi byo gufata abagore byabereye hanze y'ibiro bya komini harimo n'ifatwa ry'abatangabuhamya H, OO, N, iry'umukobwa w'umutangabuhamya J, iry'umugore wendaga gupfa wabonywe n'umutangabuhamya KK n'iry'umugore witwa Vesitina wabonywe n'umugabo PP. Nta kimenyetso cyatuma umuntu atekereza ko Ushinjwa cyangwa umupolisi wa komini yarakoze ibikorwa byo gufata abagore ku ngufu cyane ko kandi abagabo JJ na KK bemeje ko batabonye na rimwe Ushinjwa agira uwo afata ku ngufu.

451. Mu gusuzuma uruhare rw'Ushinjwa mu bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byabaye, no kumenya ukuntu ubwe yabimenye, Urugereko rwitaye gusa ku bimenyetso bitaziguye kandi bidashobora kumvwa ku buryo bwinshi. Umutangabuhamya H yavuze ko Ushinjwa yari ahari mu gihe abagore b'abatutsikazi bafatwaga ku ngufu hanze y'uruzitiro rw'ibiro bya komini, ariko kubera ko atashoboraga kwemeza niba Ushinjwa yari azi ko byarimo bikorwa, Urugereko ntirwita kuri ubwo buhamya mu gihe cyo gusuzuma ibimenyetso byatanzwe. Umugabo PP yibutse ko Ushinjwa yategetse Interahamwe kujyana i Kinihira Alegisiya na bisengeneza be babiri muri aya magambo : «Ntimuzi aho ubwicanyi bubera, aho abandi biciwe?» Abo bagore uko ari batatu bafashwe ku ngufu mbere yo kwicwa, ariko amagambo y'Ushinjwa nta cyo avuga cyerekeye ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina kandi nta bimenyetso byatanzwe bigaragaza ko Ushinjwa yari ari i Kinihira. Kubera iyo mpamvu, Urugereko ntirwita kuri ubwo buhamya mu gihe cyo gusuzuma ibimenyetso rwagejejweho.

452. Rushingiye ku bimenyetso byatanzwe muri uru rubanza, Urugereko rubona ku buryo budashidikanywaho na gato ko Ushinjwa yagombaga kumenya kandi koko yari azi ko mu mazu y'ibiro bya komini cyangwa hafi yayo hakorerwaga ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina kandi ko abagore bavanwaga ku biro bya komini, bakagirirwa ubugome bwerekeranye n'igitsina. Ntibyagaragajwe ko Ushinjwa hari ibyemezo yafashe afata kugira ngo abuze ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina cyangwa ngo ahane ababikoze. Mu by'ukuri, hari ibimenyetso bigaragaza ko Ushinjwa yategetse, yahamagariye kandi yafashije mu bundi buryo,yashishikarije gukora ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina. Ushinjwa yitegereje Interahamwe ebyiri zikurura umugore kugira ngo zijye kumusambanya hagati y'Ibiro bya komini n'ikigo ndangamuco. Abapolisi babiri ba komini, bari bahagaze imbere y'ibiro bye, babonye icyo gikorwa cyo gufata ku ngufu ariko nta cyo bakoze kugira ngo bakibuze. Inshuro ebyiri umutangabuhamya JJ yavanywe ku biro bya komini, ajyanwa ku kigo ndangamuco kuhasambanyirizwa ku ngufu, we n'itsinda ry'abakobwa n'abagore banyuze imbere y'Ushinjwa. Ubwa mbere yarabitegereje naho ubwa kabiri yari ahagaze ku muryango w'ikigo ndangamuco. Icyo gihe yaravuze ati : «Ntimuzongere kumbaza uko umututsikazi amera». Umutangabuhamya JJ yavuze ko Ushinjwa «yavugaga nk'umuntu wogeza abakinnyi». Muri rusange, yavuze ko Ushinjwa ari we «wahagarikiraga» ibikorwa byo gufata abagore ku ngufu. Igihe umutangabuhamya OO n'abandi bakobwa babiri bahagarikwaga n'Interahamwe bahunga bava ku biro bya komini, izo Nterahamwe zagiye kureba Ushinjwa maze zimubwira ko zijyanye abo bakobwa

kuryamana nabo. Ushinjwa yaravuze ati : «Nimubajyane». Ushinjwa yabwiye Interahamwe kwambika ubusa Shantali no kumukoresha akarasisi. Yarasekaga, yishimiye kwihera amaso, nyuma yabwiye Interahamwe kumutwara; yagize ati : «Mumenye, mubanze muryamane n'uwo mukobwa». Urugereko rubona muri ayo magambo ikimenyetso cyerekana ko Ushinjwa yategetse gukora, guhamagarira gukora ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, nubwo nta bimenyetso bihagije bigaragaza mu buryo budashidikanywaho na gato ko, koko Shantali yaba yarafashwe ku ngufu.

453. Mu gufata imyanzuro yarwo ku byabaye, Urugereko rwasuzumanye ubwitonzi ibazwa rinyomoza ry'abagabo bashinja kimwe n'ibimenyetso byatanzwe n'Ubwunganizi. Ku birebana n'ibazwa rinyomoza, Urugereko rusanga Ubwunganizi butarahakanye na gato ubuhamya bw'umugabo J cyangwa ubwa H ku bikorwa byo gusambanya ku ngufu nubwo Urugereko narwo ubwarwo rwibarije abo bagabo bombi kuri ubwo buhamya. Ubwunganizi bwabajije abagabo JJ, OO, KK, NN na PP ku birebana n'ubuhamya bwabo ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina ariko ubuhamya nyirizina ntibwigeze bugira icyo bunengwaho. Ubwunganizi bwabajije ibibazo bicukumbuye birebana n'ahantu ibikorwa byo gusambanya ku ngufu byabereye, umubare w'ababikoze, imyaka yabo y'amavuko, uruhare rw'Ushinjwa muri ibyo bikorwa, umwirondoro w'abakorewe icyo cyaha kimwe n'abakoresheje udukingirizo muri abo babasambanyaga, ariko nta na rimwe bwigeze bubwira abo batangabuhamya ko ibyo bikorwa byo gusambanya ku ngufu bitabayeho. Muri rusange, ku birebana no gusambanya ku ngufu n'ibindi bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, uretse ko bwanasabye kwemeza zimwe mu ngingo zivugwa mu buhamya, uburyo bwo kwiregura bw'Ubwunganizi bwibanze ku kumenya niba Ushinjwa yari afite ububasha bwo kubibuza. Mu gihe bwanyomozaga abagabo bashinja bahamagajwe n'Ubushinjacyaha, nta na rimwe Ubwunganizi bwigeze buhakana ibikorwa byihariye by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina.

454. Kugirango bugaragaze ko abagabo badakwiye kwizerwa, Ubwunganizi bwerekanye ukuvuguruzanya hagati y'ubuhamya bwabo bwanditse bwatanzwe mbere y'urubanza mu Biro bya Porokireri n'ubuhamya batangiye mu rukiko. Urugereko rwasuzumye uko kuvuguruzanya kuvugwa ku bagabo bitabye urukiko ku birebana n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, hanyuma rusanga uko kuvuguruzanya kudafite ishingiro cyangwa nta kamaro. Nk'urugero, Ubwunganizi bwakemanze ubuhamya bw'umugabo PP aho avuga mu buhamya yatanze mbere y'urubanza ko mu gihe cy'itsembabwoko yagumye iwe, ibyo ngo bikanyuranya n'ibyo yatangarije Urukiko aho avuga ko yasohotse iwe kenshi. Urugereko rweretse Ubwunganizi ko mu buhamya bwe bubanza, umugabo PP hari ahantu avuga ati : «Akenshi nasohokaga mu nzu yanjye». Urugereko rwagaragaje ko muri icyo gihe, umutangabuhamya PP muri rusange yagumye muri komini Taba, ariko ko yasohotse iwe kenshi. Bushingiye ku magambo yitoranirije mu buhamya bwatanzwe mbere y'urubanza, Ubwunganizi bwakunze kenshi kugaragaza ibintu bivuguruzanya ariko bikaza kugaragara ko atari byo, bimaze gusuzumwa cyangwa hamaze kuboneka ibisobanuro by'inyongera.

455. Ku birebana n'ukuvugurazanya kwagaragajwe n'Ubwunganizi, Urugereko rusanga uko kuvuguruzanya nta nyungu gufite. Nk'urugero, umugabo OO yavuze mu buhamya yatanze mbere y'urubanza ko yagiye ku Biro bya komini hashize iminsi ine nyuma y'impanuka y'indege yahitanye Perezida Habyarimana. Mu buhamya yatangiye mu rukiko, yavuze ko yagiye ku Biro bya komini hashize icyumweru kimwe nyuma y'impanuka y'indege. Mu buhamya yatanze mbere y'urubanza, umugabo PP avuga ko yakijije Vesitina. Nyuma, Vesitina yamwambuwe na Habarurema. Mu buhamya bwe, umugabo PP yavuze ko yasize Vesitina kwa Emanweli aho yari yakuwe na Habarurema. Ikibazo cyo kumenya niba abagore b'abatutsikazi barambitswe ubusa bari mu nzira bajya i Kinihira cyangwa bagezeyo,

cyagaragaje ukundi kuvuguruzanya hagati y'ubuhamya bwanditse n'ubuhamya butanditse by'umugabo PP. Urugereko rusanga uko kuvuguruzanya nta kamaro gufite kandi dudafite uburemere buhagije byatuma buryo abatangabuhamya batakwizerwa. Urukiko rubona ko kuvuguruzanya bivugwa hagati y'ubuhamya bw'ibanze n'ubuhamya abagabo batanga mu rukiko bushobora kuba buterwa n'ingorane ziri mu kwibuka ibyaye ikintu ku kindi nyuma y'imyaka myinshi bibaye, ihahamuka ry'abagabo babihagazeho, ibibazo birebana no gusemura n'ikibazo cy'uko abagabo benshi baba batazi gusoma no kwandika, bakaba baravuze kandi ko batasomye ubuhamya bwabo bwanditse.

456. Mu iburana, Ubwunganizi bwatanze urugero rw'umutangabuhamya J kugira ngo bwerekane ko abagabo bashinja batavugisha ukuri. Yibukije ko umutangabuhamya J yavuze ko yari atwite inda y'amezi atandatu kandi ko mu gihe musaza we yicwaga, yuriye igiti, akakimaramo icyumweru cyuzuye n'uko kuntu yari amerewe, nta n'ibiribwa. Mu by'ukuri, Ubwunganizi burahindura ubuhamya bw'umugabo J. Ntiyavuze ko yabaye mu giti icyumweru cyose nta cyo arya. Umutangabuhamya J yavuze ko mu gihe yumvise ashonje, yamanutse, akajya ku muturanyi kugira ngo arye. Nyuma, uwo muturanyi we yamuzaniraga ibyo kurya, maze akarara mu giti. Mu bibazo binyomoza, umutangabuhamya J yavuze ko buri joro yamanukaga muri icyo giti. Ibyo Ubwunganizi bwita «amahomvu» ashobora «kugira icyo amarira abahanga muri pusikolojiya ariko akaba nta cyo amariye ubutabera», umutangabuhamya we abibonamo igikorwa cyo kwiheba yasobanuye muri aya magambo «ukurikiwe n'umuntu, washobora kurira igiti».

457. Mu bagabo cumi na babiri bahamagajwe n'Ubwunganizi, uretse Ushinjwa, babiri gusa muri bo, ni ukuvuga DZZ na DCC, nibo bavuze ko bajyaga ku biro bya komini buri gihe nyuma y'uko ubwicanyi butangira muri Taba. Abo bagabo baravuguruzanyije ku byo babonye n'ibyo bumvise. Umutangabuhamya DZZ, wahoze ari umupolisi wa komini, ubu ufungiye mu Rwanda, yavuze ko, muri icyo gihe, atigeze yumva havugwa igikorwa na kimwe cyo gusambanya ku ngufu muri komini yose. Yavuze ko buri munsi yabaga ari ku biro bya komini, ko nta gikorwa na kimwe cy'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina cyahabereye. Yanavuze ko nta cyaha cy'ubwoko ubwo ari bwo bwose cyakorewe ku biro bya komini-amagambo yemejwe mu buryo budakuka ariko adashobora kuba ari ukuri, urebye ubwicanyi bwo ku biro bya komini bwavuzwe n'abandi batangabuhamya bose. Ushinjwa na we ubwe yivugiye ko ku biro bya komini habereye ubwicanyi. Umutangabuhamya DCC, ubu ufungiye mu Rwanda, na we yavuze ko ku biro bya komini hakorewe ubwicanyi. Umutangabuhamya DCC, wari umushoferi wa Komini muri icyo gihe, yavuze ko atigeze yumva havugwa ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwibasiraga abagore muri Taba. Yahakanye ko atigeze atwara Alegisiya, umugore wa Ntereye, mu modoka ya komini, amujyana ku biro bya komini n'i Kinihira, avuga ko iyo modoka yari yarapfuye mbere y'uko ubwicanyi butangira. Nyamara kandi umutangabuhamya ushinjura DAX yavuze ko imodoka ya Komini yakoreshejwe hagati y'ukwezi kwa Mata n'ukwa Kamena. Umutangabuhamya PP yavuze na we ko yabonye uwo mushoferi muri iyo modoka muri icyo gihe kivugwa. Kubera izo mpamvu, Urugereko rwanze ubuhamya bw'abagabo DZZ na DCC ku birebana n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina.

458. Abenshi mu bagabo bashinjura ntibageze ku biro bya komini kuva ku itariki ya 7 Mata kugera mu mpera z'ukwezi kwa Kamena 1994. Umutangabuhamya DCX, wavuze ko atigeze yumva havugwa ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, yagiye ku biro bya komini inshuro ebyiri gusa muri icyo gihe, ajyanywe n'impamvu ze bwite; yananyuze hafi yabyo inshuro nyinshi. Umutangabuhamya DEEX, umugore w'umututsikazi, wavuze ko yagiye ku biro bya komini inshuro imwe, yumvise bavuga ko interahamwe zasambanyaga abagore ku ngufu mbere yo kubica. Abandi bagabo bashinjura bavuze ko batigeze na rimwe

bumva havugwa ibikorwa by'ubugizi bwa nabi, batangaje ko batigeze bajya ku biro bya komini nyuma y'uko ubwicanyi butangira. Abagabo DBB, DAX, DAAX, DIX, DFX, n'umutangabuhamya Matata ntibigeze bagera ku biro bya komini. Umugabo DAAX na Matata witabye Urukiko nk'umutangabuhamya w'impuguke, ntibari muri komini Taba muri icyo gihe naho DBB yihishe guhera nyuma y'itariki ya 17 Mata. Urugereko rusanga abo bagabo batarashoboraga kumenya ibyaberaga ku Biro bya komini. Ntibashoboraga kumenya mu buryo butaziguye amakuru ku byahaberaga kandi ukurikije ibyo bitangarije, uretse umutangabuhamya DAAX, nta n'umwe muri bo wigeze aganira n'Ushinjwa ku byahaberaga. Umutangabuhamya DAAX, Perefe, yavuze ko atongeye kubonana n'Ushinjwa nyuma ya 18 Mata, mbere y'uko ubwicanyi butangira. Bityo, ubuhamya bw'abo bagabo ntibutesha agaciro ubw'abatangabuhamya bashinja.

459. Ku birebana n'ubuhamya bw'Ushinjwa, Urugereko rubona na we nta bimenyetso bifatika cyangwa ingingo yatanze ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, uretse gusa guhakana atsemba ko ntabyakozwe. Ikintu kimwe kihariye cyabaye Ushinjwa yavuzeho kandi akagihakana mu ibazwa rye ry'ingenzi ni igikorwa cyo kwambika ubusa Shantali ku ngufu n'akarasisi yakoreshejwe. Abibajijwe n'Urugereko, Ushinjwa yavuze nyuma ku bindi bintu byabaye no ku magambo yaba yaravugiye hanze y'ikigo ndangamuco avuga ko bitari korohera umuntu uri ku muryango kubona ibyaberaga imbere kandi ko byari gukomerera umuntu uryamye imbere kubona uhagaze ku muryango. Ushinjwa ntiyemeje ko ibyo bitashobokaga, n'ayo magambo yayavugaga adakomeje kandi mu by'ukuri, ibyo ntiyabivugaga agamije koko kwiregura. Ushinjwa yavuze gusa ko hari ibintu bike cyane umuntu yavuga ku birebana n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina kandi ko, aho bitandukanira n'ubwicanyi, ibyo bikorwa byo bitashobokaga ndetse bitanagombaga no kujyibwaho impaka.

460. Ku buhamya butaziguye bwatanzwe n'abagore ubwabo bakorewe, bakabona n'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina muri Taba no ku biro bya komini, kandi batangarije hejuru y'indahiro ko Ushinjwa yari ahari, akanabona ibyabaga, Urugereko ntirubona icyo rwavuga ku magambo y'Ushinjwa. Avuga ko ibirego ashinjwa ari ibihimbano, ariko Ubwunganizi nta kimenyetso na kimwe gishyigikira icyo cyemezo bwashyikirije Urugereko. Hatanzwe ibimenyetso byinshi bigaragaza ibyo ahakana, bityo Urugereko ntirwemera ubuhamya bw'Ushinjwa. Kuba abagore barahuye, bagakora urugendo ruva i Kigali kugera i Taba si ikimenyetso cyerekana ko nta bikorwa byo gusambanya ku ngufu byabayeho. Imyanzuro y'Urukiko ishingiye ku bimenyetso byatanzwe muri uru rubanza. Igihe ahakana atsemba ko nta bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byabereye ku biro bya komini, Ushinjwa aba yiyambuye uburenganzira bwo kuvuga ko bishoboka ko byabaye we atabizi.

## 6. AMATEGEKO AKURIKIZWA

### 6.1. Impurirane y'ibyaha

461. Uretse ikirego cya 4, Inyandiko y'ibirego iha inyito nyinshi mu rwego rw'amategeko ibikorwa bimwe byakusanyirijwe hamwe bishinjwa Uregwa. Urugero : ibyababaye bivugwa kuva ku gika cya 12 kugeza ku cya 23 by'Inyandiko y'ibirego bikubiye mu birego bitatu – itsembabwoko (ikirego cya 1), kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko (ikirego cya 2) n'ibyaha byibasiye inyokomuntu/itsembatsemba (ikirego cya 3). No mu kirego cya 5 n'icya 6, ibikorwa bimwe byiswe ubuhotozi bigize icyarimwe ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève); ni nako biteye mu kirego cya 7 n'icya 8, no mu kirego cya 9 n'icya 10. Ikirego cya 11 (ibyaha byibasiye inyokomuntu/kwica urubozo) n'icya 12 (icyaha kinyuranyije n'ingingo

ya 3 rusange/ibikorwa by'ubugome) na byo bireba ibyabaye bimwe. Ni nako biteye ku kirego cya 13 (ibyaha byibasiye inyokomuntu/gusambanya ku ngufu), icya 14 (ibyaha byibasiye inyokomuntu/ibindi bikorwa birenze kamere muntu) n'icya 15 (ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange kimwe n'Umugereka wa II/gusambanya ku ngufu).

462. Ikibazo ni ukumenya niba, mu gihe Urugereko ruramutse rwemeye ku buryo budashidikanywaho na gato ko igikorwa iki n'iki kivugwa mu Nyandiko y'ibirego cyagaragajwe, rwashobora kuvuga ko Ushinjwa ahamwa n'ibyaha byose birebana n'icyo gikorwa, cyangwa niba rugomba guhagararira kuri imwe muri izo nyito zahawe icyo gikorwa mu rwego rw'amategeko. Impamvu y'iki kibazo ni uko umuntu yakwitwaza ko impurirane y'ibyaha nshinjabyaha ibangamiye ihame rivuga urubanza rwakemuwe burundu rufatwa nk'itegeko cyangwa ihame shingiro ryo mu mategeko nshinjabyaha rivuga ko ntawukurikiranwa kabiri ku cyaha kimwe (*non ibis in idem*). Bityo, Ushinjwa wahamijwe icyarimwe icyaha cy'itsembabwoko n'ibyaha byibasiye inyokomuntu bishingiye ku bikorwa bimwe ashobora kuvuga ko yaciriwe urubanza inshuro ebyiri ku cyaha kimwe, muri rusange, bikaba bitemewe mu mategeko nshinjabyaha.

463. Urugereko rusanga icyo kibazo cyarabajijwe, kikanakemurwa n'Urugereko rwa mbere rwa TPIY mu *rubanza rwa Porokireri aburana na Dusko Tadic,* urubanza rwa mbere rwaburanishijwe n'urwo Rukiko. Urugereko rwa mbere rw'iremezo icyumba cya II rwatangaje ibi bikurikira :

> « …kubera ko ari ikibazo cyakwitabwaho gusa mu gihe kirebana n'igihano, isuzumwa ryacyo riba mu gihe icyo kibazo kibonetse. Ariko icyo umuntu yavuga nta shiti ni uko ibirego bikomoka ku myifatire imwe, bikusanyirije hamwe cyangwa bitaba ibi bikaba biriya, birebana n'ibyaha, bitagombye kugira ingaruka ku gihano. Igihano gitangwa ku cyaha cyatangiwe ibimenyetso ntigishingira ku buryo ingingo zitanzwe» (Porokireri aburana na Tadic, igika cya 17 (urubanza no IT-94-1-T, Urugereko rwa mbere rw'iremezo II, 14 Ugushyingo 1995).

464. Muri uru rubanza, mu gutanga igihano, Urugereko rwa mbere rw'iremezo rwakemuye icyo kibazo cy'impurirane z'ibyaha nshinjabyaha rugena ibihano bihuriranye kuri buri mpurirane y'ibyaha. Bityo, nko ku byerekeranye n'icyaha cyo gukubita no gukomeretsa, Ushinjwa yahanishijwe igihano cyo gufungwa imyaka irindwi kubera gukubita no gukomeretsa bigize icyaha cyibasiye inyokomuntu, anahanishwa igihano cyo gufungwa imyaka itandatu kubera icyo cyaha nyine cyo gukubita no gukomeretsa kiswe icyaha kinyuranyije n'amategeko cyangwa n'umuco bikurikizwa mu ntambara.

465. Urugereko rusanga ubwo buryo bwakoreshejwe na TPIY ari nabwo bwakurikijwe mu rubanza rwa *Barbie,* aho Urukiko rusesa imanza rw'abafaransa rwemeje icyemezo ko igikorwa kimwe rukumbi gishobora guhabwa inyito y'icyaha kibasiye inyokomuntu n'iy'icyaha cyo mu ntambara79.

466. Mu by'ukuri, gutanga ibihano bihuriranye utuma Ushinjwa adahanwa kabiri ku bikorwa bimwe. Nubwo ariko Ushinjwa nta cyo abangamirwaho, igisigaye ni gusobanura uburyo bukoreshwa n'Ubushinjacyaha bwo gukusanyiriza hamwe ibirego.

467. Urugereko rusanga mu mategeko akomoka k'umuryango wa «CIVIL LAW», harimo n'ay'u Rwanda, itegeko ry'impurirane y'imbonezamugambi y'ibyaha rituma mu bihe bimwe na bimwe urukiko rushobora kugena ibihano byinshi bishingiye ku gikorwa kimwe. Itegeko ry'u Rwanda ryemera itangwa ry'ibihano byinshi mu bihe bikurikira :

Igitabo cy'Amategeko Ahana cy'u Rwanda : Umutwe wa VI – Impurirane y'ibyaha :

Ingingo ya 92. Haba impurirane y'ibyaha iyo umuntu umwe yakoze ibyaha byinshi nta na kimwe muri byo cyakirijweho urubanza rudasubirwaho.

Ingingo ya 93. Haba impurirane y'imboneza-mugambi :

$1^0$ iyo igikorwa kimwe ubwacyo gishobora kubyara ibyaha byinshi;

$2^0$ iyo igikorwa kigize ibikorwa byavamo ubwabyo ibyaha bitandukanye, bifatanyijwe n'uko bigamije umugambi w'icyaha kimwe cyangwa n'uko bimwe muri byo ari impamvu zongera ububi bw'ibindi.

Ku byerekeye ibivuzwe ku cya mbere, ibihano bizacibwa ni ibyateganirijwe icyaha kirushije ibindi gukomera, ku byerekeye ibivuzwe ku cya $2^0$, ibihano bizacibwa ni ibyateganirijwe guhana icyaha gikomeye kurusha ibindi, ariko igihano ntarengwa cyabyo kikaba cyashobora kongerwaho icya kabiri cyacyo.

468. Rugendeye ku mategeko n'ibyemezo by'inkiko z'ibihugu n'ibifatwa n'inkiko zo mu rwego mpuzamahanga, Urugereko rusanga byemewe ko Ushinjwa ashobora guhamwa n'ibyaha bibiri ku bikorwa bimwe mu bihe bikurikira : (1) ibyaha bigizwe n'ingingo zitandutakanye; cyangwa (2) amategeko ateganya ibyo byaha arengera inyungu zitandukanye, cyangwa (3) ni ngombwa ku Ushinjwa ahabwa ibihano kuri ibyo byaha byombi kugira ngo imyitwarire ye ibone inkurikizi zikwiye. Ariko kandi, Urugereko rusanga nta mpamvu yo guhamya Ushinjwa ibyaha bibiri ushingiye ku bikorwa bimwe igihe (a) kimwe muri ibyo byaha ari icyaha gito kigize ikindi, nk'urugero : ubwicanyi n'ihohoterwa ry'imibereho myiza y'umubiri, ubujura bukoresheje kiboko n'ibikangisho n'ubujura busanzwe, cyangwa gusambanya ku ngufu n'ibyaha by'iterasoni; cyangwa (b) iyo icyaha kimwe gituma akurikiranwa nk'icyitso ikindi, nka gatozi, urugero ni nk'itsembabwoko no kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko.

469. Rushingiye kuri Sitati yarwo, Urugereko rusanga ibyaha bivugwa muri Sitati - itsembabwoko, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezereano y'i Jeneve (Genève) n'Amasezerano y'Umugereka wa II - bigizwe n'ingingo zitandukanye kandi ko, cyane cyane, guhanira ibyo byaha bigamije kurengera inyungu zitandukanye. Bityo rero, birakwiye kwemezwa ibyo byaha bishingiye ku bikorwa bimwe. Ikindi ni uko, bitewe n'uko ibintu bimeze, bishobora kuba ngombwa gukatira umuntu ku byaha birenze kimwe muri ibyo byaha kugira ngo hagaragazwe uburemere bw'ibyaha yakoze. Urugero; umujenerali watanga itegeko ryo kwica imfungwa zose z'intambara zo mu bwoko ubu n'ubu agamije kurimbura ubwo bwoko yahamwa n'icyaha cy'itsembabwoko n'ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange, ariko ntahamwa byanze bikunze ibyaha byibasiye inyokomuntu. Bityo guhanirwa icyaha cy'itsembabwoko n'ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange bigaragaza bihagije imyitwarire y'uwo mujenerari ushinjwa.

470. Ku rundi ruhande, Urugereko ntirwemera ko igikorwa icyo ari cyo cyose cy'itsembabwoko, ibyaha byibasiye inyokomuntu na/cyangwa ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) n'Amasezerano y'Umugereka wa II, bimwe byabera ibindi ibyaha bito. Sitati y'Urukiko ntiteganya ubusumbane bw'amategeko ahana ibyo byaha; byose uko ari bitatu birareshya. Niba itsembabwoko rishobora gufatwa nk'icyaha cy'ubugome gihebuje, nta ngingo n'imwe yo muri Sitati yatuma umuntu avuga ko

ibyaha byibasiye inyokomuntu cyangwa ibyaha binyuranyije n'ingingo ya gatatu rusange n'Amasezerano y'Umugereka wayo wa II, uko byagenda kose, ari ibyaha bito ku cyaha cy'itsembabwoko, bityo bikaba ari ibyaha by'inyongera. Nk'uko bivugwa, iyo kandi ikaba ingingo ijyanye n'ibimaze kuvugwa, ibyo byaha bigizwe n'ingingo zitandukanye. Byongeye kandi, iyo myumvire ituma hatangwa ibihano byinshi kuri ibyo byaha bishingiye ku bikorwa bimwe.

### 6.2. Uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite (ingingo ya 6 ya Sitati)

471. Hakurikijwe ingingo ya 6(1) ya Sitati y'Urukiko, Ushinjwa aryozwa ku giti cye ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego. Ku birebana n'ibirego bya 13, 14 na 15 ku bugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, Uregwa abishinjwa ku giti cye cyangwa kuba byarakozwe n'abandi hakurikijwe ingingo ya 6(3) ya Sitati. Urugereko rusanga ingingo ya 6(1) n'iya 6(3) zerekeye amahame abiri atandukanye y'uburyozwacyaha, bityo zikaba zigomba gusuzumwa ku buryo butandukanye. Ingingo ya 6(1) isobanura amahame y'ibanze y'uburyozwacyaha bwa nyirubwite, akaba ahuriweho nta shiti n'inyinshi mu nkiko nshinjabyaha z'ibihugu. Naho ingingo ya 6(3) yo isa naho yuzuza amahame avugwa mu ngingo ya 6(1), icyo cyuzuzo kigakomoka mu mategeko ya gisirikare, twavuga nko ku ihame ry'uburyozwacyaha bw'umukuru w'ingabo bushingiye ku bikorwa byakozwe n'abo ayobora, cyangwa «uburozwacyaha bw'ukuriye undi mu kazi».

472. Ingingo ya 6(1) iteye itya :

> «Umuntu uwo ari we wese wacuze umugambi, wawushishikarije abandi, wategetse, wakoze cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura, cyangwa gukora icyaha cy'ubugome kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 z'iyi sitati, akiryozwa ku giti
> cye».

Bityo, uretse kuryozwa icyaha nk'uwagikoze ku giti cye, Ushinjwa ashobora no kuryozwa ibyaha byakozwe n'abandi iyo yabiteguye, yashishikarije cyangwa yategetse kubikora, cyangwa se yafashije, akanashyigikira ko bikorwa.

473. Bityo rero, ingingo ya 6(1) iteganya intera zinyuranye z'ikorwa ry'icyaha cy'ubugome, uhereye ku icura ry'umugambi, ku itegura n'ikorwa ryacyo. Ariko rero, ihame ry'uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite rivugwa mu ngingo ya 6(1) risaba ko icura ry'umugambi wo gukora icyaha cyangwa itegurwa ryacyo birundurira koko ku ikorwa ry'icyo cyaha. Koko rero, ihame ry'uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite kubera ubwinjiracyaha butageze ku ikorwa rya ryacyo ryemewe gusa ku cyaha cy'itsembabwoko80. Ibyo bikaba byasobanura ko, iyo atari icyaha cy'itsembabwoko, umuntu adashobora kuryozwa uruhare urwo ari rwose yagize mu ikorwa ry'icyaha, nk'ibivugwa mu ngingo ya 6(1), atari uko icyaha cyakozwe koko.

474. Ingingo ya 6 (1) isa n'ivuga rumwe n'imanza zaciwe n'Urugereko rw'i Nuremberg rwavuze ko abandi bantu batari abakoze icyaha nk'abategetse ko gikorwa bashobora kukiryozwa ku giti cyabo.

475. Akanama ku amategeko mpuzamahanga , mu ngingo ya 2(3) y'umushinga w'Igitabo cy'Amategeko arebana n'amahoro (Code sur la paix), kongeye gushimangira ihame ry'uburyozwacyaha bwa nyir'ubwite ku birebana n'uburyo butanu bwo kugira uruhare, ingingo ya 6(1) ifata nk'icyaha. Ako kanama kongeraho buri gihe amagambo

akurikira «which in fact occurs» usibye ugufasha no gushishikariza bifitanye isano no kuba icyitso bisaba ko habaho icyaha cy'ingenzi.

476. Ku birebana n'ingingo zigize ibyaha cyangwa, mu magambo arushijeho gusobanuka, uburyo bwo kugira uruhare mu ikorwa rya kimwe mu byaha biteganywa n'ingingo ya 2 kugeza ku ya 4 ya Sitati nk'uko bugaragara mu ngingo ya 6(1) yayo, ibikorwa byabyo bifatika bikubiye muri ubwo buryo bw'ubufatanyacyaha ubwabwo, butuma abakoze ibyo byaha babiryozwa ku giti cyabo. Naho ku byerekeranye n'igitekerezo cyihariye cyo gukora icyo cyaha, bisaba ko Ushinjwa aba ashaka ko icyo cyaha gikorwa.

477. Kuri icyo kibazo, Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga ku cyahoze ari Yugosilaviya (« TPIY ») rwafashe umwanzuro mu rubanza rwa *Tadic* ko

> «umuntu uwo ariwe wese aryozwa ku giti cye imyifatire ye yose igihe bigaragaye ko yagize uruhare abizi mu ikorwa ry'icyaha cy'ubugome»

kandi

> «ko uruhare rwe rwagize ingaruka mu buryo butaziguye kandi bufatika ku ikorwa ry'icyo cyaha, atera inkunga ikorwa ryacyo koko, haba mbere, hagati cyangwa nyuma y'ibyabaye»81.

478.Ku birebana n'itsembabwoko, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara, icyo gitekerezo kihanye cyo gukora icyaha gishobora kubonekera mu ngingo zimwe na zimwe, nko gukorerwa abantu benshi kandi/cyangwa biri kuri gahunda cyangwa ubugome bikoranwa; izo ngingo ziraza gusesengurwa muri uru rubanza mu gice cy'imyanzuro y'Urugereko ishingiye ku mategeko akurikizwa kuri buri cyaha muri biriya bitatu Urukiko rufitiye ububasha, bwo kuburanisha, ububasha bushingiye ku kiburanwa.

479.Nk'uko bigaragara rero, ku birebana n'ibivugwa k'uruhare ruteganywa mu ngingo ya 6(1), uwabikoze ntashobora kubiryozwa mu gihe yabikoze atazi neza icyo akora kabone ndetse niba yaragombaga kuba abizi. Niho bitandukaniye n'ibivugwa mu ngingo ya 6(3) isuzumwa mu mirongo ikurikira. Mu ngingo ya 6(3), si ngombwa ko ukuriye uwakoze icyaha amenya ko cyakozwe kugira ngo abone kukiryozwa; birahagije gusa ko aba yaragize impamvu zatuma amenya ko abo akuriye biteguraga gukora icyaha cyangwa bagikoze ariko akaba nta ngamba za ngombwa cyangwa zikwiriye yafashe kugira ngo icyo cyaha kidakorwa cyangwa ngo ahane abagikoze. Ni uburyo bwo guteshuka ku nshingano udakora igitegetswe gukorwa cyangwa wifata, ntugikore.

480.Uburyo bwa mbere bwo kugira uruhare buvugwa mu ngingo ya 6(1) ni **ugucura umugambi** wo gukora icyaha. Iryo curwa ryibutsa inshoza «entente» (ubwumvikane) yo muri *Civil Law*, cyangwa iya «*conspiracy*» (ubwumvikane) muri *Common Law*, iri mu ngingo ya 2(3) ya Sitati; ariko aho gucura umugambi wo gukora icyaha bitandukaniye n'ubwumvikane cyangwa ubugambanyi ni uko gucura umugambi byo bishobora gukorwa n'umuntu umwe. Bityo, gucura umugambi wo gukora icyaha, bisaba ko haba umuntu umwe cyangwa abantu benshi bateganya gutegura ikorwa ry'icyaha, haba mu itegurwa cyangwa mw'ishyira mu bikorwa ryacyo.

481. Uburyo bwa kabiri bwo kugira uruhare ni **ugushishikariza** gukora icyaha, bisobanurwa n'ijambo «*instigated*» mu rurimi rw'icyongereza mu ngingo ya 6 (1). Birashoboka ko mu cyongereza, amagambo y'igifaransa incitation na instigation asobanura kimwe82. Ikindi ni uko ijambo *instigated* (mu rurimi rw'icyongereza), aririyo i*nstigation* (mu rurimi rw'igifaransa), rikoreshwa mu yandi mategeko menshi bashaka kuvuga *incitation83* (

mu rurimi rw'igifaransa). Ariko rero, mu miryango y'amategeko imwe n'imwe, nko muri *Civil Law*, izo nshoza zombi ziratandukanye rwose[84]. Byongeye kandi naho ayo magambo yombi yaba asobanura kimwe, ikibazo ni ukumenya niba gushishikariza biteganywa mu ngingo ya 6(1) bigomba kuba mu buryo butaziguye kandi mu ruhame, ibyangombwa bisabwa muri *incitation* (mu rurimi rw'igifaransa), nko mu gushishikariza gukora itsembabwoko biri mu ngingo ya 2(3) c) ya Sitati, aho noneho icyongereza gikoresha ijambo *incitment* aho kuba *instigation*. Hari abantu babitekereza batyo[85]. Urugereko na rwo rushyigikiye iyo myumvire[86].

482. Kubera ko ariko biteye, uburyo bwo kugira uruhare bushingiye ku gushishikariza (*instigation) b*uteganywa mu gika cya 1 cy'ingingo ya 6 ya Sitati ni ugutuma undi muntu akora icyaha, ariko aho ubwo buryo butandukanira no gushishikariza (incitation), ni uko *instigation* yo ihanirwa ari uko ubwo buryo bwashyitse ku ikorwa koko ry'icyaha cyifujwe na nyir'ukugishishikariza[87].

483. **Gutegeka** umuntu gukora kimwe mu byaha bivugwa mu ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 za Sitati na byo biryozwa nyirubwite ku giti cye. Bisaba ko utanga itegeko abo akuriye uwarishyize mu bikorwa. Mu yandi magambo, umuntu ufite ubutegetsi arabukoresha kugira ngo yumvishe undi ko agomba gukora icyaha iki n'iki. Mu miryango imwe n'imwe y'amategeko, harimo n'u Rwanda[88], gutegeka ni uburyo bwo kuba icyitso hakoreshejwe amabwiriza ahabwa uwakoze icyaha nyirizina. Naho ku birebana no kugira ububasha ku bandi, Urugereko rusanga rimwe na rimwe bishobora kuba ari ikibazo cyerekeranye n'uko ibintu biteye.

484. Ingingo ya 6(1) iryoza icyaha ku giti cye umuntu wese « (…) mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, wafashije kandi agashyigikira gucura umugambi cyangwa gukora icyaha cy'ubugome kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 ». **Gufasha no gushishikariza** bishobora gusa nk'ibisobanura kimwe, ntibibuza nyamara kugira aho bitandukanira. Gufasha bisobanura inkunga yahawe umuntu runaka. Naho gushishikariza byo kwaba ahubwo ari ugutuma igikorwa iki n'iki kiba kubera kugaragaza ko kishimiwe. Ikibazo gihari ni ukumenya niba uburyozwacyaha bwa nyirubwite buteganywa n'ingingo ya 6(1) buba gusa igihe habereye icyarimwe gufasha no gushishikariza icyaha kiryozwa. Urugereko rusanga gufasha byonyine cyangwa gushishikariza byonyine ikorwa ry'icyaha bishobora kuba bihagije kugira ngo uwabikoze abiryozwe ku giti cye. Byaba gufasha cyangwa gushishikariza undi gukora icyaha, si ngombwa ko nyirubwite aba ahari mu gihe icyo cyaha gikorwa.

485. Urugereko rusanga, mu miryango myinshi y'amategeko, gufasha no gushishikariza gukora icyaha bigize icyaha cyo kuba icyitso. Icyakora, nubwo bifitanye isano n'ibikorwa bifatika bigize icyaha cyo kuba icyitso, byo ubwabyo, bigize kimwe mu byaha bivugwa mu ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 za Sitati, harimo n'itsembawoko. Bityo, kubera iyo mpamvu, Urugereko rusanga ko, mu gihe hari umuntu ushinjwa kuba yarafashije, akanashishikariza gucura umugambi, gutegura cyangwa gukora itsembabwoko, hagomba gutangwa ibimenyetso bigaragaza ko uwo muntu yari afite uburiganya bwihariye bwo gukora icyaha cy'itsembabwoko, ni ukuvuga ko yakoze icyo cyaha agamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini, cyangwa igice cy'abo bantu bazira icyo bari cyo; ariko, nk'uko byasobanuwe hejuru, ibyo ntibisabwa kubirebana no kuba icyitso mu cyaha cy'itsembabwoko[89].

486. Igika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, kirebana n'uburyozwacyaha bw'ukuriye undi cyangwa bw'umutegetsi. Iryo hame, rikomoka ku rindi hame ry'uburyozwacyaha bwa

nyirubwite, nk'uko ryakoreshejwe n'inkiko za Nuremberg na Tokyo, ryaje kwinjizwa mu ngingo ya 86 y'Umugereka wa I w'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) ku itariki ya 8 Kamena 1977.

487. Alineya ya 3 y'ingingo ya 6 iteganya ko :

> «Kuba igikorwa icyo ari cyo cyose kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza kuya ya 4 z'iyi Sitati cyarakozwe n'uyoborwa ntibibuza umukuriye kukiryozwa ku giti cye, iyo yari azi cyangwa yaragombaga kumenya ko uwo ayobora yitegura gukora icyo cyaha cyangwa ko yagikoze ariko umukuriye ntafate ingamba za ngombwa kandi zikwiriye kugira ngo icyo cyaha kidakorwa cyangwa ngo ahane abagikoze».

488. Imyumvire yerekeranye na (igitekerezo cyihariye cyo gukora icyaha) «*mens rea*» isabwa kugira ngo hemezwe uburyozwacyaha bw'ukuriye undi iratandukanye. Bamwe bavuga ko bukomoka ku nshingano ahabwa n'itegeko, ni ukuvuga ko ukuriye undi aryozwa ibyaha byakozwe n'uwo ayobora, bitabaye ngombwa kugaragaza ko ukuriye undi arangwa n'umugambi mubisha uwo ariwo wose. Ariko, hari n'abandi basanga hagomba kuba nibura uburangare bugaragara ku buryo bugera aho bufatwa nko kwemera ko icyo cyaha gikorwa cyangwa nk'umugambi mubisha wo kugikora. Bityo, ku birebana n'ingingo ya 86 y'Amasezerano y'Umugereka wa I no kuri «*mens rea*» isabwa kugira ngo hemezwe uburyozwe bw'ukuriye undi, «ibisobanuro by'Umugereka wo kuwa 8 Kamena 1987 w'Amasezerano y'i Jeneve (Genève) yo kuwa 12 Kanama 1949» biteye bitya :

> «(..) «*mens rea*» igomba kuba ifite uburemere ku buryo ifatwa nk'umugambi mubisha wo gukora icyaha; ibyo bikagomba kuba bitabangamiye izindi ngingo zigize icyaha n'isano iba hagati y'imyitwarire ishinjwa n'ibyangijwe. Kubera ko, mu Masezerano, amategeko ahana ibyaha bikomeye ashingiye rero kuri uwo mugambi mubisha, gusobanura iyo ngingo ya ngombwa (mens rea) biracyari kure mu mategeko ahana ibyaha byaba bikomoka ku kudakora icyagombaga muri rusange cyangwa biterwa n'uburangare»[90].

489. Urukiko rwo rusanga ko koko hagomba kwibutswa ko igitekerezo kihariye ngombwa kugira ngo habeho icyaha icyo aricyo cyose ari umugambi mubisha. Ikindi nuko mu gihe cyo kugena uburyozwacyaha bwite bw'ushinjwa ibyaha nk'iby'Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha, itsembabwoko, ibyaha byibasiriye inyokomuntu n'ibindi byaha binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange y'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II, ni ngombwa kumenya ko hariho koko igitekerezo cyo gukora icyaha, bitaba ibyo, hakaba hari uburangare bukabije ku buryo bwafatwa nko kwemera ko icyaha gikorwa cyangwa nk'umugambi mubisha wo kugikora.

490. Kubirebana n'ikibazo cyo kumenya niba uburyozwacyaha bwa nyirubwite buteganywa mu gika cya 3 cy'ingingo ya 6 ya Sitati, butareba abasirikare gusa, ahubwo niba bureba n'abandi bakora imirimo ya gisivili, ni ngombwa kwibutsa ko mu rubanza rw'i Tokiyo, abategetsi bamwe ba gisivili bahaniwe ibyaha by'intambara hakurikijwe iryo hame. Hirota wahoze ari Minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'u Buyapani yahamwe n'amarorerwa yakoze nko gufata bagore ku ngufu mu kivunge bizwi ku izina rya «viol de Nanking», bikomotse ku kirego yashinjwaga cyo kuba yariyibagije ku burangare inshingano ahabwa n'amategeko, izo nshingano zimusaba, kubera imirimo ashinzwe, kubahiriza amategeko n'imico byo mu gihe cy'intambara no gukumira itubahirizwa ryayo. Urukiko rwa Tokiyo rwafashe umwanzuro ko :

> «Hirota yateshutse ku nshingano ye yo kuba atarashishikarije ba minisitiri be gufata ingamba zo guhagarika amarorerwa (atrocités) mu gihe nta bundi buryo bundi yari afite bwashoboraga gutuma abigeraho. Yahamanye gusa ikizere yari yahawe kandi yari azi ko ntacyo kizamugezaho mu gihe amagana y'abantu yahotorwaga, abagore bafatwa ku ngufu n'andi marorerwa akorwa buri munsi. Ukutagira icyo akora byafashwe nk'uburangare bugamije ubugome».

Ariko ni ngombwa kuvuga igitekerezo kihariye cya Juji Röling utaremeye uriya mwanzuro we akaba yarasangaga Hirota yaragombaga kugirwa umwere. Kubyerekeye ihame ry'uburyozwacyaha bw'ukuriye undi burebana n'umuyobozi wo mu rwego rwa gisivili, Juji Röling yagize ati :

> «Muri rusange, inkiko zigomba kwitonda iyo ziryoza abakozi ba Leta, b'Abasiviri imyitwarire y'ingabo ku rugamba. Byongeye kandi, inshingano z'uru Rukiko ni ugukurikiza amahame rusange y'amategeko rushingiye ku isano ayo mahame afitanye n'uburyozwacyaha bukomoka «ku kutagira icyo ukora. Ibitekerezo bijyana n'amategeko, umutekano wa rubanda, ubutabera cyangwa uko ibintu byifashe muri rusange bisaba ko imyumvire y'ubwo buryozwacyaha ifatwa uko iteye nta gutandukira».

491. Urugereko rusanga rero iyubahirizwa ry'ihame rw'uburyozwacyaha bwa nyirubwite rireba Abasiviri mu ngingo ya 6 (3) itumvwa kimwe na bose. Muri icyo gihe, Urugereko rusanga ari ngombwa kugena agaciro muri buri rubanza, imiterere y'ububasha nyakuri bw'Ushinjwa kugira ngo hemeze ko yari afite ubushobozi bwo gufata ingamba za ngombwa kandi zikwiye kugira ngo akumire ikorwa ry'ibyaha cyangwa ahane ababikoze.

### 6.3. Itsembabwoko (Ingingo ya 2 ya Sitati)

#### 6.3.1 Itsembabwoko

492. Sitati iteganya mu ngingo yayo ya 2 ko Urukiko rufite ububasha bwo gukurikirana abantu bakoze itsembabwoko, bagize ubwumvikane bugamije itsembabwoko, bahamagarije abantu ku mugaragaro kandi mu buryo butaziguye gukora itsembabwoko, bakoze ubwinjiracyaha bw'itsembabwoko cyangwa babaye ibyitso cy'abakora itsembabwoko.

493. Akurikiza izo ngingo za Sitati, Porokireri yemeje mu birego ashinja Akayesu mu rwego rw'amategeko inyito y'itsembabwoko (ikirego cya mbere), iyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko (ikirego cya kabiri) n'iyo guhamagarira abantu gukora itsembabwoko (ikirego cya kane).

#### Icyaha cy'itsembabwoko gihanishwa ingingo ya 2(3) ya Sitati

494. Igisobanuro cy'itsembabwoko nk'uko kivugwa mu ngingo ya 2 ya Sitati y'Urukiko, gisubirwamo uko kiri mu ngingo ya 2 n'iya 3 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye ikumira n'ihana ry'icyaha cy'itsembabwoko («Amasezerano ku itsembabwoko»)91. Icyo gisobanuro kivuga ko :

> «Itsembabwoko ni kimwe mu bikorwa bikurikira byakozwe bigamije kurimbura abantu bose bahuriye ku bwenegiugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini, cyangwa igice cyabo bazira icyo bari cyo :
>
> a) kwica abo bantu;

b) kubateza ubumuga, bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe;

c) gushyira ku bushake abo bantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka;

d) gushyiraho ingamba zigamije kubangamira iyororoka ryabo;

e) kubanyaga urubyaro rwabo uruha abandi.

495. Amasezerano ku itsembabwoko afatwa rwose nta gushidikanya nk'aho ari kimwe mu bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco nk'uko bigaragazwa n'inama yatanzwe n'Urukiko mpuzamahanga mu w'i 1951 kubyerekeye ukwifata kw'ibihugu bimwe ku masezerano y'itsembabwoko, bikaba na none byaribukijwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye muri raporo ye mu gihe cy'ishyirwaho ry'Urukiko mpuzamahanga nshinjabyaha rwagenewe igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya[92].

496. Urukiko rusange u Rwanda rwaremeye amasezerano ku itsembabwoko mu Itegeko-teka ryo kuwa 12 Gashyantare 1975[93]. Niyo mpamvu, guhana icyaha cy'itsembabwoko byariho mu Rwanda mu w'i 1994 ubwo ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, kandi Ushinjwa yashoboraga gushyikirizwa inkiko z'u Rwanda zifite ububasha bwo kuburanisha icyo cyaha.

497. Icyaha cy'itsembabwoko ntigisaba ko abantu bose barimbuka nk'uko abenshi babitekereza ahubwo kibaho mu gihe kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 2(2)a) kugeza ku ya 2(2)e) cyakoranywe umugambi wihariye wo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini.

498. Itsembabwoko ritandukanye n'ibindi byaha bikomeye kubera ko ryo risaba uburiganya bwihariye (*dolus specialis*). Uburiganya bwihariye bw'icyaha cy'ubugome bugizwe n'umugambi udashishikanywaho, ngombwa kugira ngo icyaha cy'ubugome kibeho; uwo mugambi usaba ko umunyacyaha aba yaritwaye rwose ku buryo icyaha ashinjwa kigerwaho. Bityo, uburiganya bw'icyaha cy'itsembabwoko bugaragarira mu «mugambi wo kurimbura igice kimwe cy'abantu cyangwa bose bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini kubera icyo bari cyo».

499. Bityo, kugira ngo icyaha cy'itsembabwoko kibe cyarabayeho, ni ngombwa ko kimwe mu bivugwa mu ngingo ya 2(2) ya Sitati kiba cyarakozwe, kandi ko icyo gikorwa kihariye kiba cyarakorewe igice cy'abantu bibasiwe by'umwihariko kandi bahuje ubwenegihugu, isanomuzi, ubwoko cyangwa idini. Niyo mpamvu kugira ngo rusobanure neza ibigize icyaha cy'itsembabwoko, Urukiko ruzatanga imyanzuro yarwo ku bikorwa biteganyijwe kuva kuri a) kugeza kuri e) y'igika cya 2 cy'ingingo ya 2 ya Sitati, ku bice by'abantu barindwa n'amasezerano ku itsembabwoko, rurangirize ku gitekerezo kihariye cyangwa ku buriganya bwihariye busabwa kugira ngo itsembabwoko ribe.

**Iyicwa ry'igice cy'abantu (alineya a) :**

500. Ku birebana n'alineya a) y'igika cya (2) cy'ingingo ya 2 ya Sitati, nk'uko biteye mu masezerano ku itsembabwoko, Urugereko rusanga hakoreshwa ijambo «meurtre» mu rurimi rw'igifaransa na «Killing» mu rurimi rw'icyongereza. Inshoza «Killing» yemejwe mu rurimi rw'icyongereza, Urugereko rusanga ikubiyemo byinshi kuko ishobora gusobanura ukwica umuntu byagambiriwe cyangwa bitagambiriwe naho inshoza «meurtre» ivugwa mu rurimi rw'igifaransa yumvikana neza. Bizwi ko ukwica kubaho iyo uwishe yabikoze agambiriye

kwica, nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 311 y'Igitabo cy'amategeko ahana cy'u Rwanda ko «ukwica umuntu ubishaka byitwa ubwicanyi».

501. Kubera rero ku Uregwa afatwa nk'umwere igihe cyose atarahamwa n'icyaha kandi hakurikijwe amahame rusange y'amategeko ahana ibyaha, Urugereko rusanga hakwiye gukurikizwa ibivugira cyane uregwa, rukaba rero rwemeza ko alineya a) y'ingingo ya 2(2) ya Sitati igomba kumvwa hakurikijwe ibisobanuro bitangwa mu gitabo cy'amategeko ahana cy'u Rwanda ateganya ko ubwicanyi ari ukwica wagambiriye kwambura umuntu ubuzima. Ku birebana nibyo, Urugereko rusanga ko imirimo ibanziriza amasezerano ku itsembabwoko94, yerekana ko ibyavuzwe n'intumwa zimwe na zimwe zifuzaga, ku birebana n'itsembabwoko, ko hagomba kubaho byanze bikunze ukugambirira icyaha, bitigeze byemerwa; zimwe mu ntumwa zikaba zarasangaga ko gusaba ko habaho ukugambirira icyaha nta kamaro bifite kubera ko, nk'uko babitekereza, icyaha cy'itsembabwoko ubwacyo, hejuru y'ibikorwa bifatika bikigize, kirimo ukugambirira kugikora.

**Guteza abantu ubumuga bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe (alineya b) :**

502. Urugereko rusanga ko ubumuga bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe atari ngombwa ko buhoraho cyangwa budashobora kuvurwa.

503. Mu rubanza rwa Adolf Eichmann, wahaniwe ibyaha by'ubugome byakorewe abayahudi, ni ukuvuga itsembabwoko mu rwego rw'amategeko, Urukiko rw'umujyi wa Yeruzalemu rwavuze mu rubanza rwarwo rwo kuwa 12 Ukuboza 1961 ko ubumuga bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe bushobora guterwa no:

> «Gushyira abantu mu bucakara, kubicisha inzara, kubamenesha no kubatoteza no kubafungira muri za ghetto (...), gushyirwa mu makambi bategereje kwicwa, gufungirwa ari benshi mu bipangu ku buryo bateshwa agaciro, kubambura uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kubica, kubica uruboza n'urugaraguro»95.

504. Mu gusobanura ingingo ya 2(2) b) ya Sitati, Urugereko rwumva ibikorwa biteza ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, ariko rudahiniye aho, birimo kwica urubozo byaba byibasira umubiri cyangwa ubwenge, ibikorwa birenze kameremuntu cyangwa bikoza isoni, gusambanya ku gahato, ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina no gutoteza.

**Gushyira kubushake abantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka (alineya c) :**

505. Urukiko rusanga gushyira ku bushake abantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka bisobanura uburyo bwo kubarimbura mu gihe runaka; si ngombwa ko bahita bicwa ako kanya.

506. Mu gusobanura ingingo ya 2(2) c ya Sitati, Urugereko rusanga uburyo bwo gushyira ku bushake abantu mu nzitane z'ubuzima zigomba gutuma bose cyangwa igice cyabo barimbuka bugizwe, ariko atari bwo bwonyine, no kubagaburira ku buryo budahagije, kubasohora mu macumbi biri kuri gahunda, kubagabanyiriza uburyo bwo kuvurwa bukajya munsi y'ubwangombwa bukenewe.

**Gushyiraho ingamba zigamije kubangamira iyororoka ry'abo bantu, (alineya d) :**

507. Mu gusobanura ingingo ya 2(2) d) ya Sitati, Urugereko rusanga ingamba zigamije kubangamira iyororoka, zigizwe no gucagagura imyanya ndangabitsina, gukorera abantu

ibikorwa bibabuza ibyara, gukoresha ku gahato ibituma abantu badasama, gutandukanya abantu b'igitsinagore n'ab'igitsinagabo, kubuza kurongora. Mu bihugu bifite umuco ko umuntu agira kandi akagendera ku bwoko bwa se, urugero rw'ingamba zigamije kubangamira iyororoka ni nk'igihe k'isambanywa ku ngufu ry'umugore wo mu gice iki n'iki, noneho uwo mugore agaterwa inda n'umugabo w'ikindi gice kubushake kandi yagambiriye kumubyaraho umwana utazigera abarwa mu gice cy'aho nyina akomoka.

508. Byongeye kandi, Urugereko rusanga ingamba zigamije kubangamira iyororoka mu gice iki n'iki cy'abantu zishobora kuba izo mu rwego rw'umubiri nyirizina cyangwa izo mu mutwe, urugero ni isambanywa ku ngufu rikorwa rigamije kubuza iyororoka ry'abantu igihe uwasambanijwe yiyemeje nyuma kutabyara, kimwe n'uko abagize igice iki n'iki cy'abantu bareka kubyara bikomotse kw'itera bwoba bagiriwe cyangwa kw'ihahamuka.

**Kunyaga urubyaro rw'igice cy'abantu ruhabwa abandi (alineya e) :**

509. Urugereko rusanga ko kubirebana n'inyagwa ry'urubyaro ruva mu gice rurimo rugahabwa ikindi, kimwe n'ibivugwa ku bikorwa bigamije kubuza abantu kwororoka, bitavuga gusa guhana igikorwa cyo kwimura ku ngufu umuntu, ko harimo no guhana ibikorwa by'itera bwoba n'ibitera ihahamuka byatuma habaho inyagwa ry'abana bava mu gice iki n'iki bagahabwa ikindi.

510. Ubwo buringanya bwihariye bw'itsembabwoko bugamije kurimbura igice cy'abantu cyangwa bose basangiye ubwenegihugu, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini, kubera icyo bari cyo hakoreshejwe ibikorwa byavuzwe haruguru, ni ngombwa gusuzuma ibisobanuro bitangwa ku gice cy'abantu kivugwa. Ingingo ya 2 ya Sitati, nk'uko bivugwa no mu masezerano yerekeranye n'itsembabwoko, iteganya ko ibice by'abantu bangirijwe n'icyo cyaha cy'ubugome biri ukune : abantu basangiye ubwenegihugu, basangiye isano-muzi, basangiye ubwoko cyangwa se idini.

511. Mu mirimo ibanzirira Amasezerano ku itsembabwoko[96], bigaragara ko icyaha cy'ubugome cy'itsembabwoko cyatekerejwe nk'aho kigomba kureba gusa ibice by'abantu bitajegajega, biriho ku buryo buhoraho kandi umuntu akabyinjiramo akivuka, hakuwemo ibice by'abantu bihindagurika umuntu yinjiramo ku bushake bwe, nk'imiryango yerekeranye na politiki cyangwa se n'ubukungu. Bityo, icyo ibyo bice bine birengerwa n'Amasezerano ku itsembabwoko bihuriyeho ni uko kuba uri muri ibyo bice, bisa n'ibidakemangwa n'ababigize, babirimo ku bw'amavuko nta gushidikanya na gato, ku buryo buhoraho kandi akenshi budasubirwaho.

512. Ruhereye ku cyemezo *Nottebohm*[97] cyafashwe n'Urukiko mpuzamahanga rw'Umuryango w'Abibumbye, Urugereko rusanga ko igice cy'abantu bahuriye k'ubwenegihugu kireba abantu bahuriye ku isano mu rwego rw'amategeko ishingiye k'ubunyagihugu bumwe bujyana n'uburenganzira n'inshingano zibukomokaho.

513. Igice cy'abantu basangiye isano-muzi kireba muri rusange igice cy'abantu bavuga urulimi rumwe cyangwa bafite umuco umwe.

514. Ibisobanuro bisanzwe by'igice cy'abantu bahuriye k'ubwoko bishingiye kw'isura y'igisekuruza, akenshi baba batuye mu karere kamwe hatitaweho indimi, umuco, ubwenegihugu cyangwa idini.

515. Igice cy'abantu bahuriye kw'idini kigizwe n'abantu basangiye idini cyangwa ukwemera.

516. Ikindi, Urugereko rwibajije niba ibice by'abantu barengerwa n'Amasezerano ku itsembabwoko bavugwa mu ngingo ya 2 ya Sitati bagomba kuba gusa abo mu byiciro bine byonyine bivugwa cyangwa se niba hatagomba kwiyongeramo n'ikindi gice cy'abantu barangwa no kutajegajega ku buryo buhoraho nka biriya bice uko ari bine. Mu yandi magambo ikibazo kiriho ni ukumenya niba bitashoboka gukurikiza Amasezerano ku itsembabwoko kugira ngo irimburwa ry'igice iki n'iki cy'abantu rihagwe, niba icyo gice, niyo cyaba kirangwa n'ukutajegajega kandi umuntu akaba akirimo k'ubwamavuko, kitujuje ibyangombwa bisabwa kuri kimwe mu bice bine birengerwa n'Amasezerano. Urukiko rusanga ko hakwiye kubahirizwa igitekerezo cy'abashyizeho Amasezereno ku itsembabwoko cyo kurengera igice icyo aricyo cyose cy'abantu kitajegajega ku buryo buhoraho nk'uko bivugwa mu mirimo ibanziriza Amasezerano.

517. Nk'uko byerekanywe haruguru, icyaha cy'itsembabwoko kirangwa n'uburiganya bwihariye (dolus specialis), bivuga ko ibikorwa bishinjwa bikubiye mu gika cya 2 cy'ingingo ya 2 ya Sitati bigomba kuba «byarakozwe bigamije kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo kubera ubwenegihugu, isanomuzi, ubwoko cyangwa idini, kubera icyo bari cyo».

518. Uburiganya bwihariye ni inshoza iboneka mu mategeko ahana izwi cyane mu miryango y'amategeko akoreshwa n'ibihugu by'Iburayi bw'iburengerazuba akomoka ku baromani. Nimwe mu ngingo zigize ibyaha bimwe na bimwe kandi busaba ko uwakoze icyaha agomba kuba yari afite rwose ubushake bwo kukigeraho. Bityo, uburiganya bwihariye bugize icyaha gikorwa byagambiriwe; icyo cyaha kikaba kirangwa n'isano myifatire iri hagati y'igikorwa nyirizina n'umugambi wa nyirukugikora98.

519. Nk'uko uhagarariye igihugu cya «Brezili» yabigaragaje mu mirimo ibanziraza Amasezerano ku itsembabwoko;

> «Ikiranga itsembabwoko ni umugambi wihariye wo kurimbura igice cy'abantu, ku buryo utabayeho kidashobora kwitwa itsembabwoko nubwo cyaba kirangwa n'ubunyamaswa burenze kamere kimwe n'isano cyaba gifitanye n'ibindi bikorwa bivugwa mu Masezerano»99.

520. Ku birebna n'icyaha cy'itsembabwoko, uwagikoze ahanwa iyo yakoze kimwe mu bikorwa bihanwa bivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 2 ya Sitati, yagambiriye kurimbura abantu runaka baba bose cyangwa igice cyabo. Uwagikoze ahanirwa ko yari azi cyangwa yagombaga kumenya ko icyo gikorwa cye cyashoboraga kurimbura abo bantu bose cyangwa igice cyabo.

521. Bivuga ko, kugira ngo kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 2 ya Sitati kibe mu bigize icyaha cy'itsembabwoko, kigomba kuba cyarakorewe umuntu cyangwa abantu benshi kubera ko ari bamwe mu bagize igice cy'abantu cyihariye no kubera ko bakirimo. Niyo mpamvu uwakorewe icyaha aba ataratoranyijwe kubera imimerere ye bwite ahubwo biba byaratewe n'ubwenegihugu, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini bye. Bityo rero, uwakorerwe icyaha ni umwe mu bagize igice cy'abantu cyatoranyijwe kubera icyo ari cyo ni ukuvuga ko icyaha cy'itsembabwoko kiba cyarakorewe icyo gice cy'abantu ntikibe cyarakorewe gusa nyirubwite wenyine100.

522. Igikorwa gishinjwa kirenze kure uburyo bufatika cyakozwemo; urugero : ubwicanyi bwakorewe umuntu ku giti cye, kuko bwinjizwa mu mugambi wo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo, uwishwe akaba ari umwe mu bakigize.

523. Ku birebana n'ikibazo cyo kugena umugambi wihariye wa nyirugukora icyaha, Urugereko rusanga bikomeye ndetse bitanashoboka kuwumenya kubera ko ari ibintu bijyana n'imiterere bwite y'uwabikoze. Niyo mpamvu, iyo Ushinjwa atemeye icyaha, umugambi mubisha ushobora kugaragarira mu bikorwa bye bimwe na bimwe. Urugero ni uko Urugereko rusanga bishoboka ko ibikorwa n'imvugo zose z'ushinjwa bishobora kugaragaza umugambi we w'itsembabwoko warangaga icyaha igihe cyakorwaga; na none uwo mugambi ushobora kugaragazwa n'umwuka wariho mw'ikorwa ry'ibindi byaha byakorewe kuri gahunda igice cy'abo bantu, byaba byarakozwe na nyirubwite cyangwa se n'abandi bantu. Hari n'izingi ngingo zishobora gutuma Urugereko rumenya imigambi yo gukora itsembabwoko; twavuga ingano y'ibikorwa bya kinyamaswa, uko byasakaye mu karere cyangwa mu gihugu cyangwa se guhitamo byagambiriwe kandi biri kuri gahunda abakorerwa icyaha kubera ko bari mu bagize igice runaka cy'abantu, havanywemo abantu bagize ibindi bice.

524. Urugereko rwa mbere rw'iremezo I rw'Urukiko mpuzamahanga nshinjabyaha rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya narwo rwerekanye ko rusanga umugambi wihariye wo gukora icyaha cy'itsembabwoko.

> «Ushobora kugaragarira mu bintu bimwe na bimwe nk'inyigisho za politiki zigamije ibikorwa bishobora kwitwa itsembabwoko cyangwa se ihozaho ry'ubwicanyi bushingiye ku ivangura. Uwo mugambi ushobora na none kugaragazwa n'ibikorwa bigamije kurimbura imizi y'igice cy'abantu, cyangwa se banyirukubikora bafata gutyo; si ngombwa ariko ko ibyo bikorwa bivugwa mu ngingo ya 2 igika cya 4, ariko bigomba kuba byarakorewe mu rwego rumwe n'ibivugwa n'iyo ngingo101».

Bityo, muri urwo rubanza rwaciwe n'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya, mu myanzuro yarwo, Urugereko rwasanze ko :

> «Uwo mugambi ugaragarira mu ngaruka y'uruhurirane rw'amadisikuru cyangwa imigambi itegura cyangwa yumvikanisha ibyo bikorwa, mu ingaruka za kirimbuzi zabyo kimwe n'imiterere yihariye yabyo; urwo ruhurirane rukaba rugamije kumunga ibifatwa nk'imizi y'icyo gice cy'abantu 102».

**6.3.2. Kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko**

525. Mu ngingo yayo ya 2(3)e), Sitati iteganya ko Urukiko rufite ububasha bwo gukurikirana abakoze icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko, icyaha Porokireri akurikiranyeho Akayesu, ikirego cya kabiri cyo mu Nyandiko y'ibirego.

526. "Amahame ya Nuremberg"103, yanditse mw'Ihame rya VII, yateganyaga ko "kuba icyitso mu cyaha kibangamiye", amahoro, mu cyaha cy'intambara cyangwa mu cyaha kibasiye inyokomuntu, nk'uko bivugwa mu Ihame rya VI, ari icyaha mu mategeko mpuzamahanga".

Bityo, uburyo bwo kugira uruhare mu cyaha cyo kuba icyitso hicwa bikabije amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu bwafashwe nk'icyaha n'Urukiko rwa Nuremberg.

527. Urugereko rusanga icyaha cyo kuba icyitso ari uburyo bw'ubufatanyacyaha buteganywa n'imiryango yose y'amategeko ahana ibyaha, yaba iya "Common Law" cyangwa se "Civil Law". Icyitso kikaba gishobora gusobanura umuntu ufite uruhare mu cyaha cyakozwe n'undi104; ni ngombwa ko icyaha kibaho kugira ngo icyaha cyo kuba icyitso nacyo kibeho105.

528. Abanditsi bamwe basanga icyaha cyo kuba icyitso ari icyaha cy'igitirano. Mu yandi magambo, icyitso gitira icyaha gatozi. Ubutiracyaha busobanura ko ibyakozwe n'icyitso atari icyaha kihariye, ko ahubwo bukomora icyaha mu mugambi mubisha gatozi. Muri ubwo buryo, icyaha cy'icyitso kigaragara ari uko gatozi yarangije gukora icyaha. Icyitso ntigikora icyaha cyihariye, gitera gusa inkunga umugambi mubisha wateguwe n'undi muntu.

529. Ikibazo Urugereko rwibaza ni ukumenya niba kugira ngo umuntu abe icyitso cy'abakora itsembabwoko ari ngombwa ko itsembabwoko riba ryarakozwe koko. Urugereko rusanga, nk'uko byavuzwe haruguru, icyaha cyo kuba icyitso kibaho uhereye igihe igikorwa cy'iremezo gihanwa cyabereye, icyitso kikinjira nyuma muri icyo gikorwa. Icyaha cyo kuba icyitso gisaba rero ko icyaha cy'iremezo kiba cyarakozwe n'undi muntu utari icyitso.

530. Bityo, Urugereko rusanga ko kugira ngo icyaha cyo kuba icyitso kibeho, ari ngombwa ko biba byaragaragajwe nta gushidikanya na gato ko icyaha cy'itsembabwoko kiba cyarakozwe koko.

531. Ikibazo rero ni ukumenya niba umuntu ashobora gucibwa urubanza rwo kuba icyitso igihe gatozi atararucibwa. Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda giteganya mu ngingo yacyo ya 89 ko:

> "abafashije abandi gukora icyaha bashobora gukurikiranwa naho icyaha cyaba kitashoboye gukurikiranwa k'uwagikoze kubera impamvu zikomoka ku giti cye, nko kuba yaraciriwe urubanza rudasubirwaho, nk'urupfu, ibisazi, kutamenyekana".

Icyo Urugereko ruzi ni uko imiryango myinshi y'amategeko ahana ibyaha iteganya ko icyitso gishobora gucibwa urubanza, kabone niyo gatozi atigeze amenyekana cyangwa se iyo guhamwa icyaha bidashobora kugaragazwa kubera izindi mpamvu.

532. Urugereko rusanga ko, hakurikijwe ibimaze kuvugwa, nta muntu ushobora kubera icyarimwe gatozi n'icyitso cy'igikorwa runaka. Igikorwa kimwe Ushinjwa aregwa ntigishobora kuba icyaha cy'itsembabwoko n'icyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko. Uko kutabangikiranwa ku icyaha cy'itsembabwoko no kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko bituma umuntu umwe adashobora guhamwa n'ibyo byaha bibiri kubera igikorwa kimwe.

533. Ku birebana n'ibikorwa bifatika bigize icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko, (Actus reus), imiryango myinshi y'amategeko ahana ibyaha ya "Civil Law" iteganya uburyo butatu bwo kuba icyitso: kuba icyitso mu gushishikariza abandi gukora icyaha, kuba icyitso utanga inkunga n'imfashanyo no kuba icyitso utanga ibikoresho[106]. Ni ngombwa kwerekana ko Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda cyongeyeho ubundi buryo bubiri bw'ubufatanyacyaha aribwo ubusembure bwo gukora icyaha hakoreshejwe amadisikuru, urusaku cyangwa itera bwoba bibereye ahantu h'igiterane cyangwa mu nama, inyandiko, ibitabo cyangwa ibindi byanditswe na imprimeri biguzwe cyangwa byatangiwe ubuntu, byagurishijwe cyangwa byatangarijwe mu biterane cyangwa mu nama, aMatangazo amanitse cyangwa atamanitswe yeretswe rubanda, kimwe no guhishira cyangwa gufasha inkozi z'ibibi. Ingingo rero ya 91 y'Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda iteye itya :

"Abitwa abafashije abandi gukora icyaha ni:

1° Abazaba bateye gukora icyaha, babikoresheje ibiguzi, amasezerano y'ibihembo, itera bwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha, utunama cyangwa andi mayeri by'ubugiranabi cyangwa amabwiriza agamije gukoresha icyaha;

2° Abazaba batanze intwaro, ibikoresho cyangwa ubundi buryo bwose buzaba bwakoreshejwe icyaha, bazi ko bizakoreshwa icyo cyaha;

3° Abazaba bafashije nyiri icyaha cyangwa bahagarikiye ukora icyaha cyangwa abagikora, mu byagiteguye cyangwa mu byorohereje imikorere yacyo cyangwa mu byakinononsoye, ariko barabikoze babizi;

4° abazaba babereye nyiri icyaha cyangwa bene icyaha igishuko cyo kugikora babikoresheje amadisikuru, urusaku cyangwa itera bwoba bibereye ahantu h'igiterane cyangwa mu nama, inyandiko ibitabo cyangwa ibindi byanditswe na imprimeri biguzwe cyangwa byatangiwe ubuntu, byagurishijwe cyangwa byatangarijwe mu biterane cyangwa mu nama, aMatangazo amanitse cyangwa atamanitse yeretswe rubanda, ariko ntibibuze ibihano byateganirijwe ubusembure bw'icyaha naho icyifuzwaga kitagezweho;

5° Abahishe inkozi z'ibibi cyangwa abazifashije mu buryo bwateganijwe mu ngingo ya 257 y'iki gitabo cy'ibihano107.

534. Mbere na mbere, Urugereko rusanga ingingo ya 91 y'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda itandukanya ku ruhande rumwe gushishikariza biri mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, no gushishikariza kugaragara mu gika cyayo cya 4. Urugereko rusanga ko, ku birebana n'icyaha cy'itsembabwoko, ubwo buryo bwa nyuma bwo kuba icyitso hakoreshejwe ishishikaza, mu bijyana na Sitati, buhabwa mu rwego rw'amategeko inyito yihariye ariyo yo gushishikariza ku buryo "butaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko, ubwo buryo rero buhanishwa n'ingingo ya 2 (3) c) butandukanye n'ubwo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko". Imyanzuro y'Urugereko ku birebana n'icyaha cyo gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora icyaha cy'itsembabwoko birasobanurwa mu buryo burambuye mu mirongo ikurikira. Nyuma y'ibyo, gushishikariza gukora icyaha, nk'uko bivugwa mu ngingo ya 91 y'Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda kugaragarira mu gusembura cyangwa mu gutanga amabwiriza yo gukora icyaha, kuba icyaha cyo kuba icyitso gusa iyo buherekejwe n'impano, amasezerano y'ibihembo, itera bwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha, utunama cyangwa andi mayeri y'ubugiranabi108. Mu yandi magambo, mu mategeko ahana ibyaha mu Rwanda, ntakurikiranwaho icyaha cyo kuba icyitso ushishikariza gusa undi gukora icyaha, n'ubwo uyu yaba yaragikoze, igihe uko gushishikariza kutaherekejwe na kimwe mu bikorwa byavuzwe haruguru.

535. Muri Common Law, ibisabwa kugira ngo habeho icyaha cyo kuba icyitso urebye ntibitandukanye n'ibyo muri Civil Law. Uburyo bukoreshwa n'icyitso mu gukora icyaha aribwo: gufasha no gutera inkunga, gutanga inama, gutanga impano buhurira kuri byinshi n'ubukoreshwa muri Civil Law aribwo gufasha no gutera inkunga no gutanga ibikoresho.

536. Kuba icyitso ufasha cyangwa utera inkunga bisaba ko izo mfashanyo zibaho koko, ibyo bikaba bikuraho icyaha cyo kuba icyitso wifashe cyangwa hari icyo utakoze. Gutanga ibikoresho ni bumwe mu buryo busanzwe bwo kuba icyitso; bureba abatanze intwaro, ibikoresho n'ubundi buryo bwose bwafashije mu ikorwa ry'icyaha, kandi bizwi neza ko byagombaga gukoreshwa.

537. Mu gushaka kumva ingingo ya 2(3) c) ya Sitati idasobanura inshoza yo "kuba icyitso", Urugereko rusanga bikwiye kuyisobanura nk'uko igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu

Rwanda kibivuga no kwemeza uburyo butatu bwo gukora icyaha cyo kuba icyitso buteganywa n'ingingo ya 91 y'Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda; ubwo buryo bukaba aribwo bugize icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko ni ukuvuga:

- Kuba icyitso mu gutanga ibikoresho nk'intwaro, ibikoresho cyangwa ubundi buryo bwose bwakoreshejwe mu gukora itsembabwoko, icyitso kikaba kizi ko bizakoreshwa mu itsembabwoko;

- Kuba icyitso mu gufasha cyangwa mu gutera inkunga uwakoze icyaha cy'itsembabwoko uzi neza ko bizamufasha mu bikorwa byo kugitegura cyangwa byo kumworohereza kugikora;

- Icyaha cyo kuba icyitso mu gushishikariza gihana umuntu, n'ubwo yaba ataragize mu buryo butaziguye uruhare mu cyaha cy'itsembabwoko, watanze amabwiriza yo gukora itsembabwoko, atanga impano, yizeza ibihembo, akoresha itera bwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha, akoresha utunama cyangwa andi mayeri by'ubugiranabi, cyangwa wasembuye abandi mu buryo butaziguye gukora itsembabwoko.

538. Ku birebana n'umugambi cyangwa igitekerezo kihariye cyo kuba icyitso muri rusange, bisaba ko ugikora aba azi neza inkunga ye, mu gihe ayitanga, mu gukora icyaha cy'iremezo. Mu yandi magambo, ukora icyaha agomba kuba yarabikoze azi neza icyo akora.

539. Nk'uko kandi biteye mu miryango y'amategeko ahana ibyaha ya "Civil Law", imiryango y'amategeko ahana izwi mu izina rya "Common Law" cyane cyane nko mu mategeko y'abongereza ateganya muri rusange ko atari ngombwa ko icyitso kifuza ikorwa ry'icyaha cy'iremezo. Mu rubanza "National Coal Board iburana na Gamble"[109], Juji Devlin yavuze ko:

> "Kuba nyirantibindeba ku birebana n'ibyo icyo cyaha kizageraho ntibivanaho ubwabyo icyaha cyo kuba icyitso. Niba umuntu agurishije undi revoluveri, intwaro izakoreshwa mu kwica, iryo yicwa rishobora kuba ntacyo rimubwiye, icyo agamije kikaba ari inyungu z'amafaranga avana mw'igurisha ry'intwaro. Ibyo ntibizamubuza gufatwa nk'icyitso cy'icyaha cy'ubwicanyi".

Urukiko rukuru rwo mu Bwongereza "Chambre des Lords" narwo rwemeje ibyo bisobanuro birebana n'icyaha cyo kuba icyitso, ubwo rwacaga urubanza ruvuga ko atari ngombwa kugena ubushake bwo kugira uruhare mu cyaha cy'iremezo kugira ngo icyaha cyo kuba icyitso kigaragare[110]. Ni ukuvuga ko umuntu, azi umugambi mubisha w'undi muntu, akamufasha abishaka gukora icyaha, ashobora guhamwa n'icyaha cyo kuba icyitso nubwo yaba yicuza ibyo icyo cyaha kizageraho.

540. Ku birebana n'icyaha cy'itsembabwoko, umugambi wihariwe n'icyitso ni uwo gufasha no gutera inkunga abizi, umuntu cyangwa abantu benshi mu gukora icyaha cy'itsembabwoko. Urugereko rusanga atari ngombwa ko icyitso mu cyaha cy'itsembabwoko kigomba byanze bikunze kugira uburiganya bwihariye mu gukora itsembabwoko bisaba ko hagomba kuba hari umugambi wihariye wo kwica abantu bose cyangwa igice cyabo basangiye ubwenegihugu, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini kubera icyo bari cyo.

541. Bityo, nk'urugero, iyo Ushinjwa yafashije cyangwa yateye inkunga abizi umuntu mu gukora icyaha cy'ubwicanyi atazi ko uwo mwicanyi afite umugambi wo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo uwishwe yari arimo, Uregwa ashobora gukurikiranwaho icyaha cyo kuba icyitso muri icyo cyaha cy'ubwicanyi ariko ntakurikiranweho icyaha cyo kuba

icyitso cy'abakora itsembabwoko. Ariko, niba Ushinjwa yarafashije cyangwa yarateye inkunga abantu mu gukora icyo cyaha cy'ubwicanyi kandi yari azi cyangwa yaragombaga kumenya ko umwicanyi yari yaritswemo n'umugambi wo gukora itsembabwoko, Ushinjwa aba ari icyitso cy'abakora itsembabwoko, kabone n'iyo yaba atari asangiye n'umwicanyi umugambi wo kurimburra icyo gice cy'abantu.

542. Iryo sesengura ry'Urugereko rihuye n'imyanzuro yo kuwa 12 Ukuboza 1967 y'Urukiko rwa District ya Yeruzalemu n'iy'Urukiko rw'Ikirenga rwa Isiraheri yo kuwa 29 Gicurasi 1963 mu rubanza rwa Adolf Eichmann111. Mu kwiregura Eichmann avuga ko yari gusa igikoresho cy'ubutegetsi bw'abanazi. Urukiko rwa District n'Urukiko rw'Ikirenga zombi zize ikibazo cy'uburyozwe bukomoka ku cyaha cyo kuba icyitso maze zigera kuri iyi myanzuro:

> "Yaba umukozi usanzwe mu nzego z'ubutegetsi, cyangwa yaba umukozi usuzuguritse, mu mategeko ahana yacu, bazitwa abicanyi cyangwa bafatwe nk'umwicanyi cyangwa uwarimbuye imbaga"112.

543. Urukiko rwa District rwemeye ko Eichmann atariwe watekereje ubwa mbere ku giti cye "umuti rurangiza" ariko nk'uwari urangaje imbere abashyiraga mu bikorwa "uwo muti", yubahiriza amategeko y'abamukuriye ariko anafite n'ububasha bwihariye busesuye mu gushyira mu bikorwa izo ngamba, abyibwirije, yagombaga kuryozwa ku giti cye kimwe n'abamukuriye ibyaha yakoreye abayahudi. Na none kubirebana n'abo yategekaga bishe, "(...) uburyozwe bushingiye ku mategeko n'uburyozwe gatozi bw'uwo ariwe wese utanga undi kugira ngo yicwe, uko tubibona, si buto ahubwo bushobora no gusumba ubw'uwishe"113. Urwo Rukiko rwa District rwasanze ko kugira uruhare ubizi neza mu mugambi wo gutsemba imbaga biryozwa umuntu "nk'icyitso cy'abatsembatsembye bariya bantu kuva mu w'i 1941 kugeza mu w'i 1945, uruhare yagize uko rwaba rungana kwose"114.

544. Imyanzuro y'Inkiko zo muri Isiraheri muri urwo rubanza ituma hashyigikirwa ko mens rea cyangwa uburiganya bwihariye ngombwa kugira ngo icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko kibeho ari ukumenya gahunda y'itsembabwoko ijyanye n'ibikorwa bifatika byo kurangiza iyo gahunda. Icyo umuntu yakwemeza rero, ni uko ntaho bigaragara ko uburiganya bwihariye bw'icyaha cy'itsembabwoko bugomba kubaho kugira ngo icyaha cyo kuba icyitso cyangwa uburyozwe bukomoka ku cyaha cyo kuba icyitso bubeho nk'uko bigaragara muri aya magambo "ugambiriye kurimbura abantu cyangwa igice cyabo bahuriye k'ubwenegihugu, isano-muzi, ku ubwoko cyangwa ku idini.

545. Mu kwanzura, Urugereko rusanga Ushinjwa aba icyitso cy'abakora itsembabwoko iyo, abizi kandi abishaka, yarafashije cyangwa yarateye inkunga cyangwa yarasembuye umuntu cyangwa abandi bantu gukora itsembabwoko, azi neza ko uwo muntu cyangwa abo bantu bakoraga itsembabwoko, kabone niyo yaba atari afite umugambi wihariye wo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku ubwoko cyangwa ku idini kubera icyo bari cyo.

546. Urugereko rugiye noneho gusuzuma ikindi kibazo: igishobora guterwa, iyo ubigereranyije n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko giteganywa mu ngingo ya 2(3) e) ya Sitati, n'uburyo bwo kugira uruhare ruvugwa mu ngingo ya 6 ya Sitati yiswe "uburyozwacyaha bwa nyirubwite" cyane cyane mu gika cyayo cya mbere. Koko rero, ingingo ya 6(1) ya Sitati iteye itya: "Umuntu uwo ariwe wese wacuze umugambi, wawushishikarije abandi, wategetse, wakoze cyangwa ku bundi buryo ubwo aribwo bwose, agafasha kandi agashyigikira gucura umugambi, gutegura cyangwa gukora icyaha cy'ubugome kivugwa kuva ku ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 y'iyi Sitati, akiryozwa ku giti

cye". Ubwo buryo bwo gukora icyaha cyo kuba icyitso, buhiniye mu magambo "cyangwa ku bundi buryo ubwo aribwo bwose agafasha kandi agashyigikira (...)" bufitanye isano n'ibikorwa bifatika bigize icyaha cyo kuba icyitso nubwo ubwabyo bigize kimwe mu byaha bivugwa mu ngingo ya 2 kugeza ku ya 4 za Sitati harimo n'icyaha cy'itsembabwoko.

547. Ingaruka ni uko iyo umuntu ashinjwa kuba yarafashije, akanashyigikira mu gucura, mu gutegura no mu gushyire mu bikorwa itsembabwoko, ibimenyetso bigomba gutangwa ko uwo umuntu yari afite uburiganya bwihariye bwo gukora itsembabwoko; ni ukuvuga ko ibyo yakoze, yabikoranye umugambi wo kurimbura abantu bose cyangwa igice cyabo bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini kubera icyo bari cyo, naho nk'uko byavuzwe haruguru, ibyo ntibisabwa mu gihe umuntu aregwa kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko.

548. Ikindi gitandukanya icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko n'icyo gushyigikira gucura, gutegura cyangwa gushyira mu bikorwa itsembabwoko bitaganywa mu ngingo ya 6(1) ni uko, mu by'ukuri, icyaha cyo kuba icyitso gisaba ko haba igikorwa gifatika, ni ukuvuga kigaragarira mu bikorwa, naho gushishikariza bishobora kugaragarira mu kutagira icyo ukora cyangwa mu kwifata. Ni nayo mpamvu mu manza Jefferson na Coney, hemejwe ko umuntu wari uri bimugwiririye ahakorewe icyaha yagombaga kumenya ko kuba yari ahari bwari uburyo bwo gushishikariza nyirugukora icyaha kugikora115. Urukiko rusesa imanaza rwo mu Bufaransa narwo rwaciye urubanza muri ubwo buryo:

> "Agomba gufatwa nk'icyitso, umuntu watije umurindi abagizi ba nabi kubera gusa ko yagaragaye mu gico cyabo kandi yemera rwose umugambi mubisha wabo"116.

Mu rubanza Tadic, Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya narwo rwageze kuri iyi myanzuro:

> "Ibimenyetso biziguye cyangwa se ibindi biramutse bigaragaje cyangwa bituma ko kuba aho hantu byarabaye umuntu abizi kandi bikagira ingaruka itaziguye kandi ifatika ku ikorwa ry'icyaha, birahagije kugira ngo icyaha cyo kuba icyitso kibeho kandi kiryozwe"117.

**6.3.3 Gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko**

## ICYAHA CYO GUSHISHIKARIZA KU BURYO BUTAZIGUYE KANDI MU RUHAME GUKORA ITSEMBABWOKO, GIHANISHWA INGINGO YA 2(3)c) YA SITATI

549. Mu kirego cya 4, Porokireri ashinja Akayesu icyaha cyo gushishikariza abandi ku buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko, bihanishwa ingingo ya 2(3)c) ya Sitati.

550. Igihano cyamamaye kubera gushishikariza abandi gukora ibyaha bifite ingaruka zo mu rwego mpuzamahanga cyahawe Julius Streicher gitanzwe n'Urukiko rwa Nuremberg, kubera inyandiko zirwanya byimazeyo abayahudi yari yaratangaje mu kinyamakuru Der Stürmer. Urukiko rwa Nuremberg rwasanze ko kuba Streicher yarashishikarije icyaha cy'ubwicanyi n'itsembatsemba, mu gihe abayuhudi bicwaga mu Burayi bw'iburasirazuba mu buryo burenze ukwemera, ari ugutoteza koko ku mpamvu zishingiye kuri politiki n'isano-muzi zifitanye isano n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, bikagirana nanone isano n'ibyaha by'intambara nk'uko Sitati ibisobanura118.

551. Ubwo Amasezerano ku itsembabwoko yemezwaga, intumwa zemeje ko handikwamo rwose gushishikariza kutaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko nk'icyaha kihariye, kubera uruhare rwabyo rukomeye mu gutegura itsembabwoko: Kuri ibyo, intumwa ya Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti yagaragaje ko: *"ntibishoboka ko ibihumbi amagana by'abicanyi bakora ibyaha bingana gutyo batarabishishikarijwe, ibyo byaha bitarateguwe, kandi binashyirwe neza kuri gahunda. Muri icyo gihe, bishoboka bite kwemera ko abo babiteye, nabo babishyize kuri gahunda batahanwa kandi mu byukuri aribo batumye ayo mahano akorwa"119*.

552. Imiryango y'Amategeko y'ibihugu bya "Common Law" asa n'avuga ko gushishikariza ari uburyo bwihariye bwo gukora icyaha buhanwa uko buteye. Amategeko y'ibihugu bimwe bya "Civil Law" nka Hisipaniya, Argentina, Uruguay, Chili, Venezuela, Perou na Boliviya ateganya nayo ko icyaha cyo gusembura, gifitanye isano no gushishikariza gukora icyaha, ari uburyo bwihariye bw'ubufatanyacyaha120, ariko mu miryango myinshi y'amategeko ya "Civil Law", gushishikariza gukora icyaha nibyo kenshi bikunze gufatwa nk'uburyo bwo kuba icyitso.

553. Amategeko ahana ibyaha y'u Rwanda akomoka kuri iyo miryango koko, nk'uko byerekanywe haruguru, mu bisobanuro birebana no kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko, ayo mategeko y'u Rwanda ategenya ko gushishikariza gukora icyaha mu buryo butaziguye kandi mu ruhame cyangwa gusembura ari uburyo bw'icyaha cyo kuba icyitso. Koko rero, ingingo ya 91, alineya ya 4 ivuga ko "bazafatwa nk'ibyitso, abazaba babereye nyiri icyaha cyangwa bene icyaha igishuko cyo kugikora babikoresheje amadisikuru, urusaku cyangwa itera bwoba bibereye ahantu h'igiterane cyangwa mu nama, inyandiko, ibitabo cyangwa ibindi byanditswe na imprimeri biguzwe cyangwa byatangiwe ubuntu, byagurishijwe cyangwa byatangarijwe mu biterane cyangwa mu nama, aMatangazo amanitse cyangwa atamanitswe yeretswe rubanda, ariko ntibibuze ibihano byateganirijwe ubusembure bw'icyaha naho icyifuzwaga kitagezweho121.

554. Muri Sitati, gushishikariza gukora icyaha mu buryo butaziguye kandi mu ruhame biteganywa n'ingingo ya 2, igika cya 3 alineya c) nk'icyaha kihariye, gihanwa ubwacyo. Kuri icyo cyaha, Urugereko rusanga ari ngombwa kubanza gusobanura inshoza eshatu: gushishikariza; uburyo butaziguye kandi mu ruhame.

555. Mu mategeko ya Common Law, gushishikariza gukora icyaha bisobanura kwoshya cyangwa kwumvisha undi muntu ko agomba gukora icyaha122. Ikindi, mu manza zimwe zaciwe n'inkiko zo mu bihugu bya Common Law ziteganya ko iterabwoba cyangwa ubundi buryo bwo gushyira umuntu ku nkeke bishobora kuba uburyo bw'icyaha cyo gushishikariza gukora icyaha123. Imiryango y'amategko ya Civil Law, nk'uko byavuzwe haruguru, ihana gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame bikozwe mu buryo bwo gusembura; ubwo busembure bugasobanura igikorwa kigamije, ku buryo butaziguye, gusembura undi kugira ngo akore icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye hakoreshejwe amadisikuru, urusaku cyangwa itera bwoba cyangwa ubundi buryo bwose bwo gutumanaho hakoreshejwe ibyuma byumvikanisha amajwi cyangwa bigaragaza amashusho124. Ubwo busembure nk'uko busobanurwa muri Civil Law, buteye kimwe no gushishikariza mu ruhame kandi ku buryo butaziguye gukora itsembabwoko biteganywa n'ingingo ya 2 ya Sitati, ni ukuvuga ko bugomba kuba mu buryo butaziguye kandi mu ruhame.

556. Ikorerwa mu ruhame ry'icyaha cyo gushishikariza gukora itsembabwoko rishobora gusuzumwa by'umwihariko hifashishijwe ingingo ebyeri: aho kwakorewe no kumenya niba abarikorewe bari batoranyijwe cyangwa niba ryarashoboraga gukurikiranwa n'ubonetse

wese. Mu mategeko ya Civil Law, imanza zaciwe usanga zemeza ko amagambo yo mu ruhame ari ayavuzwe mu buryo buranguruye kandi bikabera ku karubanda125. Akanama gashinzwe amategeko mpuzamahanga gasanga gushishikariza mu ruhame birangwa no guhamagarira ku karubanda abantu gukora icyaha cyangwa kugihamagarira rubanda hakoreshejwe imenyeshwamakuru, nka radiyo cyangwa televiziyo126. Ni ngombwa kwibutsa ko igihe hemezwaga amasezerano ku itsembabwoko, intumwa zemeje ko gushishikariza mu umwiherero gukora itsembabwoko atari icyaha, bityo zigaragaza ko zishyigikiye ko hahanwa ishishikariza ryakorewe koko mu ruhame127.

557. Gushishikariza bitaziguye bivuga ko biba bikozwe mu buryo butaziguye kandi bigasembura ku mugaragaro undi muntu gukora igikorwa cy'ubugome; naho, gusaba gusa, gufifitse mu buryo butaziguye ntiguhagije kugira ngo habeho icyaha cyo gushishikariza mu buryo butaziguye128. Mu mategeko ya Civil Law, gusembura guhwanye no gushishikariza biba bitaziguye igihe bigamije ikorwa ry'icyaha runaka. Ubushinjacyaha bugomba kugaragaza isano nyakuri hagati y'igikorwa kiswe gushishikariza cyangwa se gusembura, n'icyaha kihariye129. Nyamara ariko, Urugereko rusanga ko ari byiza kwifashisha umuco n'ururimi runaka mu gusuzuma ishishikariza ritaziguye. Koko rero, disikuru imwe ivugiwe muri iki gihugu cyangwa muri kiriya izafatwa nk'aho itaziguye cyangwa iziguye hakurikijwe ababwirwa130. Byongeye kandi, Urugereko ruributsa ko ishishikariza rishobora kuba ritaziguye ariko kandi rigenekereje. Ni muri urwo rwego, intumwa y'igihugu cya Pologne yavuze mw'iyandikwa ry'Amasezerano ku itsembabwoko ko bihagije gucengeza mu baturage mu cyayenge urwikekwe ku bice by'abantu bamwe na bamwe ubumvisha ko abo bantu aribo nyirabayazana b'ingorane z'ubukungu cyangwa izindi kugira ngo ubibe umwuka mubi utuma bakora ibyaha131.

558. Urugereko ruzaha agaciro buri gushishikariza ukwako, ni rusanga ko, hakurikijwe umuco w'u Rwanda n'impamvu zihariye z'urubanza, gushishikariza gushobora gufatwa nk'aho kutaziguye cyangwa kuziguye, rugendera cyane cyane kumenya niba abantu bari bagenewe ubutumwa barumvise ku buryo butaziguye icyo bugamije.

559. Hashingiwe ku bimaze kuvugwa, biraboneka neza ko, uko amategeko agenga ibihugu ibi n'ibi yaba ateye kwose, gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame kugomba gusobanurwa, kugira ngo ingingo ya 2(3)c) yumvikanishwe, nk'uburyo butaziguye bwo gusembura umuntu cyangwa abantu gukora icyaha cy'itsembabwoko hakoreshejwe amadisikuru, urusaku cyangwa itera bwoba bibereye ahantu h'igiterane cyangwa mu nama, inyandiko, ibitabo cyangwa ibindi byanditswe na imprimeri biguzwe cyangwa byatangiwe ubuntu, byagurishijwe cyangwa byatangarijwe mu biterane cyangwa mu nama, aMatangazo amanitse cyangwa atamanitswe yeretswe rubanda, cyangwa ubundi buryo bwose bwo kumenyekanisha amakuru hakoreshejwe ibyuma bifata amajwi cyangwa byerekana amashusho.

560. Igitekerezo kihariye cy'icyaha cyo gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora icyaha cy'itsembabwoko kiri mu mugambi wo gutuma cyangwa gusembura mu buryo butaziguye undi muntu akora icyaha cy'itsembabwoko. Gisaba ko umunyacyaha agira ubushake, mu buryo akora, bwo gutuma umuntu cyangwa abantu abwira, bagira igitekerezo cyo gukora icyo cyaha cy'ubugome. Ni ukuvuga ko ushishikariza gukora icyaha cy'itsembabwoko nawe ubwe aba afite byanze bikunze igitekerezo cyihariye cyo kurikora: icyo kurimbura igice kimwe cy'abantu cyangwa bose basangiye ubwenegihugu, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini kubera icyo bari cyo.

561. Ikibazo rero Urukiko rwibaza ni ukumenya niba icyaha cy'ubugome cyo gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhamwe gukora itsembabwoko gishobora guhanwa kabone niyo kitaba cyarakurikiwe n'itsembabwoko. Imirimo ibanziriza Amasezerano ku itsembabwoko igaragaza ko abanditse ayo Masezerano batekereje kwerekana neza ko gushishikariza gukora itsembabwoko bishobora guhanwa, kwaba kwarakurikiwe cyangwa se kutarakurikiwe n'itsembabwoko. Nyuma ariko baje guhitamo, kubwiganze bw'amajwi, kutabikora. Urugereko rusanga bitaba impamvu yo kuvuga ko abanditsi b'ariya Masezerano bashatse kudahana ugushishikariza kutakurikiwe n'ikorwa ry'icyaha. Ariko rumaze gusuzuma imirimo yose, rusanga baremeje gusa ko hatakwandikwa mu buryo bugaragara ko ubwo buryo bwo gushishikariza bushobora guhanwa.

562. Amategeko y'ibihugu bya Common Law ateganya ibyaha bita "inchoate" (mu rurimi rw'icyongereza): igikorwa cy'ubugome ubwacyo kirahagije cyaba cyarageze ku mugambi cyari kigamije cyangwa kitarawugezeho. Ibyo byaha "inchoate" byo mu mategeko y'ibihugu bya Common Law bisa n'ibyo mu mategeko y'ibihugu bya Civil Law, bizwi ku izina ry'ibyaha biba byo kabone n'iyo umugambi ugamijwe utagezweho (infraction formelle) bikaba bitandukanye n'ibyaha biba byo ari uko umugambi ugamijwe wagezweho (infraction matérielle). Koko rero, nk'uko biteye ku byaha "inchoate", mu byaha biba byo kabone n'iyo umugambi ugamijwe utagezweho, hashinjwa gusa uburyo bwakoreshejwe. Mu yandi magambo, aho bitaniye n'ibyaha biba byo ari uko umugambi ugamijwe wagezweho, ibyo byaha bifatwa nk'ibyakozwe hatitaweho icyagezweho132. Abashingamategeko b'u Rwanda nabo basa nabavuga ko ibikorwa bisobanuye mu ngingo ya 91, alineya ya 4 y'amategeko ahana ibyaha ari ibyaha biba byo kabone n'iyo umugambi ugamijwe utagezweho kubera ko biteganyirijwe ibihano kabone niyo bitaba byarakurikiwe n'ibikorwa runaka. Ibyo aribyo byose, ni ngombwa kumenya ko ibyo byaha bidakurikiza itegeko rizwi riteganya muri rusange ko icyaha kidashobora guhanirwa kitageze ku gikorwa giteganywa n'itegeko. Urugereko rusanga impamvu ibyo bikorwa bigomba guhanwa mu buryo budasanzwe ari uko ubwabyo biba biteye ubwoba buhebuje kubera ko bigira ingaruka mbi cyane mu gihugu, kabone niyo bidakurikiwe n'igikorwa runaka. Urugereko rusanga icyaha cy'itsembabwoko kiri mu rwego rw'ibyaha bifite uburemere butuma gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame kugikora, bigomba ubwabyo guhanwa, n'ubwo uko gushishikariza kwaba kutarakurikiwe n'igikorwa nyirubwite yatekerezaga kugeraho.

### 6.4. Ibyaha byibasiye inyokomuntu (ingingo ya 3 ya Sitati)

### Ibyaha byibasiye inyokomuntu inkomoko

563. Ibyaha byibasiye inyokomuntu byemejwe muri Sitati no mu rubanza rw'Urukiko rwa Nuremberg, kimwe no mu itegeko n° 10 ry'Inama y'ubuyobozi yagenewe Ubudage. Ingingo ya 6 c) ya Sitati y'Urukiko rwa Nuremberg, ivuga ko bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu:

> "… Ibyaha byibasiye inyokomuntu: ni ukuvuga: ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, kumenesha, n'ibindi bikorwa birenze kameremuntu byakorewe abaturage b'Abasiviri, mbere cyangwa mu ntambara cyangwa ugutoteza kubera impamvu za politiki, z'ubwoko n'iz'idini kabone n'iyo ibyo bikorwa cyangwa iryo totezwa byaba byararenze cyangwa bitararenze ku mategeko y'igihugu byakorewemo (cyangwa byarakozwe bitewe n'icyaha icyo aricyo cyose Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha cyangwa gifitanye isano n'icyo cyaha)".

564. Ingingo ya II y'itegeko n° 10 ry'Inama y'ubuyobozi isobanura ibyaha byibasiye inyokomuntu mu buryo bukurikira:

> “c) Ibyaha byibasiye inyokomuntu – amarorerwa n’ibindi byaha, bitavuzwe byose, nk’ubuhotozi, itsembatsemba, ugushyira mu bucakara, kumenesha gufunga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato cyangwa ibindi bikorwa byose birenze kameremuntu byakorewe abaturage b’Abasiviri, kimwe no gutoteza kubera impamvu za politiki, z’ubwoko cyangwa z’idini, kabone niyo ibyo byaha byaba byaranyuranyije cyangwa se bitaranyuranyije n’amategeko y’igihugu byokorewemo133.

565. Ibyaha byibasiye inyokomuntu bikorerwa abaturage b’Abasiviri abo aribo bose kandi birahanwa kabone niyo byaba byarakozwe cyangwa bitarakozwe mu rwego rw’intambara mpuzamahanga cyangwa y’abenegihugu134. Koko, inshoza ibyaha byibasiye inyokomuntu, yemejwe mbere ya Nuremberg. Kuwa 28 Gicurasi 1915. Ibihugu by’Ubufaransa, Ubwongereza n’Uburusiya byemeje ubwicanyi bwakorewe Abanyarumeniya muri Turukiya, babwita “icyaha cy’ubugome gikorewe inyokomuntu cyakozwe n’abanyaturukiya. Ibihugu byishyize hamwe (Conseil de l’Entente) yihanangirije ku mugaragaro Turukiya ko abagize guverinoma n’abandi bose bagize uruhare muri ubwo bwicanyi bazaburyozwa ku giti cyabo”. Raporo y’Akanama gashinzwe kugaragaza uruhare rw’abashoje intambara kimwe n’irangizwa ry’ibihamo byatanzwe, yakozwe mu w’i 1919 n’Abahagarariye ibihugu byinshi kandi yohererejwe Inama y’Amahoro y’i Parisi (Conférence de Paix de Paris) yerekeye Amahoro nayo ivuga “ibyaha binyuranyije n’amategeko arengera ikiremwamuntu135.

566. Izo ngingo zo mu gihe cy’Intambara ya mbere y’isi yose zifite imvano kuri bimwe, ku byavuzwe na Martens ku masezerano y’i La Haye (IV) yo mu w’i 1907, iyo mvugo igendera ku «baturage n’abari mu mirwano barengerwa kandi bakagengwa n’amahame n’amategeko mpuzamahanga, nk’uko akomoka ku myifatire y’ibihugu byateye imbere, ku mategeko arengera ikiremwamuntu no ku myumvire ya rubanda». Mu w’i 1874, George Curtis yise ubucakara «Icyaha kibasiye inyokomuntu». Ibindi nk’ibyo «Ibyaha byibasiye inyokomuntu» cyangwa «Ibyaha by’ubugome byibasiye umuryango-muntu» nabyo ni ibyakera cyane mu mateka (reba 12 N.Y.L. Sch. J. Hum. Rts 545 (1995).

567. Urugereko rusanga inshoza «ibyaha byibasiye inyokomuntu» yarakomeje gutera intera kuva ku manza za Nuremberg na Tokiyo, cyane cyane mu manza Eichmann, Barbie, Touvier na Papon.

568. Mu rubanza rwa Eichmann, Uregwa Otto Adolf Eichmann yagombaga kuryozwa ibyaha birebwa n’Itegeko 5710/1950 ryerekeranye n’ibihano bya aba Nazi n’abo bafatanyije mu gushyira mu bikorwa gahunda izwi ku izina «umuti rurangiza ku kibazo cy’Abayahudi». Ikiciro cya I b) cy’iryo tegeko giteye gitya:

> «Ibyaha byibasiye inyokomuntu ni kimwe mu bikorwa bikurikira : ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, kwicisha inzara n"ibindi bikorwa birenze kameremuntu byakorewe abaturage b’Abasiviri abo aribo bose, kimwe no gutoteza bishingiye ku mpamvu zirebana z’ubwenegihugu, z’idini cyangwa za politiki»136.

Urukiko rwa district rwaregewe narwo rwagaragaje ko icyaha kibasiye inyokomuntu gitandukanye n’icyaha cy’itsembabwoko kubera ko itsembabwoko rirangwa n’uburiganya bwihariye budasabwa n’ibyaha byibasiye inyokomuntu137. Eichmann yaciriwe urwo gupfa n’Urukiko rwa district. Ajuririye icyo gihano, ubujurire bwe ntibwakiriwe n’Urukiko rw’Ikirenga.

569. Mu rubanza «Barbie», ushinjwa, Klaus Barbie wigeze kuba umukuru wa Gestapo i Lyon kuva m'Ugushyingo 1942 kugeza muri Kanama 1944, mu gihe Ubufaransa bwari bwarafashwe, yahaniwe mu w'1987 ibyaha byibasiye inyokomuntu kubera uruhare yari yaragize mu kumenesha no mu gutsembatsemba abaturage b'Abasiviri. Ubujurire bwe mu Rukiko resesa imanza ntibwakiriwe. Ku birebana n'uru rubanza, hazitabwaho igisobanuro gitangwa ku cyaha kibasiye inyokomuntu cyakurikijwe n'Urukiko rusesa imanza rw'Ubufaransa. Urwo Rukiko, mu rubanza rwaciye kuwa 20 Ukuboza 1985, rwavuze ibi bikurikira :

> «Bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu bidasaza nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 c) ya Sitati y'Urukiko mpuzamahanga rwa gisirikare rw'i Nuremberg yometse ku Masezerano y'i Londres yo kuwa 8/8/1945, kabone n'ubwo byaba byakwitwa ibyaha by'intambara k'ubwo ingingo ya 6 b) y'ayo Masezerano, ibikorwa birenze kameremuntu n'itotezwa byakozwe biri kuri gahunda mw'izina ry'igihugu gifite politiki yo guhakisha amatwara aya n'aya, ntibikorerwe gusa abantu kubera ko bahuriye ku isano-muzi cyangwa se ku idini ahubwo bigakorerwa n'abandi barwanya iyo politiki, uko baba babyifatamo kwose138.

570. Urukiko rusesa imanza, mu rubanza rwo kuwa 3 Kamena 1988, rwemeje ibyo rwabonye mbere maze rufata imyanzuro ikurikira:

> Kuba, ushinjwa wari warahamwe na kimwe mu byaha bivugwa mu ngingo ya 6 c) ya Sitati y'Urukiko rw'i Nuremberg, akora icyo cyaha, yarafatanije n'abandi mw'irangizwa ry'umugambi wacuzwe ugamije kumenesha cyangwa gutsembatsemba abaturage b'Abasiviri mu gihe cy'intambara cyangwa gutoteza bishingiye ku mpamvu za politiki, isano-muzi cyangwa idini, nticyari icyaha kihariye cyangwa impamvu nyongera cyaha, ahubwo yari ingingo ya ngombwa y'icyaha kibasiye inyokomuntu ari yo yuko ibikorwa byemejwe byakozwe biri kuri gahunda mu izina ry'igihugu gifite politiki yo guhakisha amatwara aya n'aya139.

571. Igisobanuro k'icyaha kibasiye inyokomuntu kigaragara mu rubanza Barbie kizwe mu buryo bunononsoye mu rubanza Touvier. Muri uru rubanza, Uregwa, Paul Touvier wahoze ari umukuru w'abantu bitwara gisirikare b'i Lyon ku ngoma ya «Vichy» mu Bufaransa, mu gihe bwari bwarigaruriwe n'Ubudage, yemejwe kuwa 29 Kamena 1994, ibyaha byibasiye inyokomuntu kubera uruhare yagize mu iyicwa ry'abayahudi barindwi i Rillieux, iryo yicwa ry'abayahudi ryabaye inkurikizi z'ubuhotozi bwakorewe, ku munsi uwubanziriza, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe itangaza-makuru muri Guverinoma ya Vichy, rikozwe n'abayigometseho.

572. Urukiko rw'Ubujurire, rukurikije igisobanuro cy'icyaha kibasiye inyokomuntu cyemejwe mu rubanza Barbie, rwavuze ibi bikurikira :

> «... Uwakoze icyaha kibasiye inyokomuntu ntashobora gufatwa atyo, igihe bitagaragajwe ko yagize uburiganya bwihariye ni ukuvuga impamvu yihariye yo kugira uruhare mu irangizwa ry'umugambi wacuzwe, akora ku buryo buri kuri gahunda ibikorwa birenze kameremuntu n'itoteza ashinjwa, mu izina ry'igihugu gifite politiki yo guhakisha amatwara aya n'aya»140.

573. Bityo Urukiko rw'ubujurire rwaciye urubanza ruvuga ko Touvier atashoboraga guhamwa n'icyaha kibasiye inyokomuntu kubera ko yakoze ibyo bikorwa bivugwa mw'izina

rya Leta ya «Vichy» itari ifite politiki yo guhakisha amatwara aya n'aya n'ubwo yafatanyaga n'Ubudage Nazi bwari bufite ku buryo bugaragara iyo politiki.

574. Urukiko rusesa imanza rwasheshe urubanza rw'Urukiko rw'Ubujurire ku mpamvu z'uko ibyaha byakozwe n'Ushinjwa abishishikarijwe n'umusirikare mukuru wa Gestapo, bikaba rero kubera izo mpamvu byarashoboraga kwegekwa ku Budage bw'abanazi, Leta yakoreshaga politiki yo guhakisha amatwara aya n'aya ikorerwa abantu kubera ubwoko bwabo cyangwa idini ryabo. Niyo mpamvu ibyo byaha by'ubugome byashoboraga kwitwa ibyaha byibasiye inyokomuntu. Nyuma, Urukiko rushinzwe kuburanisha ibyaha by'ubugome rwa Yvelines rwaje guhamya ku itariki ya 20 Mata 1994, Touvier ibyaha byibasiye inyokomuntu141.

575. Nyuma yaho, Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya rwaje guhamya igisobanuro cy'icyaha kibasiye inyokomuntu kemejwe mu rubanza rwa Barbie mu cyemezo cyarwo Vukovar ku itariki ya 3 Mata 1996, cyafashwe gishingiye ku ngingo ya 61 (Urubanza N° IT-95-13-R61), kugira ngo rugaragaze neza ibyo rwari rwabonye ko inyito y'ibyaha byibasiye inyokomuntu byashoboraga kwemerwa, abahohotewe baba Abasiviri cyangwa baba abari mu mitwe y'abigometse ku butegetsi.

> «29. [...] Niba icyaha kibasiye inyokomuntu nk'uko bivugwa mu ngingo ya 5 y'urwo Rukiko kidashobora gukorerwa abari mu mirwano uko basanzwe bazwi mu mateka, siko bimeze ku bantu baba barigeze kwitabira ibikorwa by'ubwigomeke. Nk'uko bivugwa na Komisiyo y'impuguke yashyizweho hakurikijwe icyemezo 780 cy'Inama ishinzwe amahoro ku isi, byumvikana neza ko ingingo ya 5 ikurikizwa mbere na mbere ku basivili, ni ukuvuga ku bantu batari abarwanyi. Nyamara, ibi ntibigomba gutuma imyanzuro ya huti huti ifatwa ku byerekeye abantu bigeze gukoresha intwaro ... Ni ngombwa gushaka ibisobanuro ku miterere y'ibintu muri rusange kugira ngo iyo ngingo yumvikane mu buryo bwashatswe ko yumvikana». (Doc S/1994/674. Igika cya 78).

576. Ibyo bimaze kugaragazwa bishingiye ku manza zaciwe. Mu rubanza rwa Barbie, Urukiko rusesa imanza rw'Ubufaransa rwaciye urubanza muri ubu buryo :

> «Ibikorwa birenze kameremuntu n'itotezwa byakozwe mu izina ry'igihugu gifite politiki yo guhakisha amatwara aya n'aya ku buryo buri kuri gahunda cyangwa ababikoze bishyize hamwe, bigakorerwa abantu kubera ubwoko bwabo cyangwa idini ryabo ndetse bigakorerwa n'abandi barwanya iyo politiki, uburyo baba bayirwanya ubwo ari bwo bwose, ibyo bikorwa byashoboraga kwitwa ibyaha byibasiye inyokomuntu». (Cass. Crim. 20 Ukuboza 1985).

577. Ingingo ya 7 ya Sitati y'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga ivuga ko ibyaha byibasiye inyokomuntu byumvikana nka kimwe mu bikorwa bikurikira iyo cyakozwe mu buryo bw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda, kibasiye abaturage b'Abasiviri kandi kizwi. Ubwicanyi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, kumenesha cyangwa kwimura ku gahato abaturage, gufunga cyangwa ubundi buryo bwo kuvutsa bikabije uburenganzira bwo kwishyira ukizana, hicwa amahame remezo y'amategeko mpuzamahanga, kwica urubozo, gusambanya ku gahato, ubucakara bushingiye ku gitsina, uburaya bw'agahato, gutera inda ku ngufu, ukugirwa ingumba ku ngufu kimwe n'ubundi bugizi bwa nabi bwose bwerekeranye n'igitsina buhwanije ubugome, ugutotezwa kw'igice cy'abantu cyangwa abaturage bashobora kumenyekana kubera impamvu za politiki, ubwoko, ubwenegihugu, isano-muzi, umuco, idini

cyangwa ivangura ry'ibitsina cyangwa se bishingiye ku zindi ngingo zizwi ku isi ko zidashobora kwemerwa n'amategeko mpuzamahanga zifitanye isano n'ibikorwa byavuzwe muri iki gika cyangwa ibindi byaha by'ubugome. Urukiko rufitiye ububasha bwo kuburanisha aribyo : ukunyerezwa, ivanguramoko, ibindi bikorwa birenze kameremuntu bisa nabyo bikorewe abantu hagamijwe kubababaza birenze urugero cyangwa kubangiriza umubiri, ubuzima cyangwa kubateza ubumuga bwo mu mutwe142.

**Ibyaha byibasiye inyokomuntu uko bisobanurwa mu ngingo ya 3 ya Sitati y'Urukiko**

578. Urugereko rusanga ingingo ya 3 ya Sitati igenera Urukiko ububasha bwo gukurikirana abantu bakoze ibikorwa birenze kameremuntu bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu. Urwo rwego rw'ibyaha rurangwa muri rusange n'ingingo enye za ngombwa zikurikira:

> i) Igikorwa kirenze kameremuntu kubera uko cyumvikana n'uko giteye, kigomba gutuma umuntu ababara birenze urugero cyangwa kikamumugaza bikabije cyangwa kikamutera uburwayi bwo mu mutwe cyangwa bwo ku mubiri;
>
> ii) Igikorwa kigomba kuba kiri mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda;
>
> iii) Igikorwa kigomba kuba kibasiye abaturage b'Abasiviri;
>
> iv) Igikorwa kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe cyangwa nyinshi zivangura, nk'izishingiye ku bwenegihugu, politiki, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini.

**Igikorwa kigomba kuba kiri mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda**

579. Urugereko rusanga hari ikigomba kuzuzwa ntakabuza. Igikorwa kigomba kuba kiri mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda; ntikigomba rero kuba igikorwa cy'ubugome kiri cyonyine. Nyamara ariko si ngombwa ko cyuzuriza icyarimwe izo ngingo ebyiri zivugwa143.

580. Kuba igitero kiri mu rwego rw'igitero rusange bikomoka ku miterere yacyo yo gukorwa n'abantu benshi bishyize hamwe kandi kenshi, bituma gikoranwa ubugome bukabije kandi kikibasira abantu benshi. Naho kuba igitero kiri kuri gahunda bisaba kuba cyarateguwe neza kandi mu buryo bumwe kandi kikarangizwa kugira ngo hubahirizwe politiki yumvikanyweho ikoresha uburyo bwinshi, bwaba ubwa Leta cyangwa se ubw'abantu ku giti cyabo. Si ngombwa ko iyo politiki iba yemewe ku mugaragaro nka politiki ya Leta. Nyamara ariko hagomba kubaho igisa na gahunda cyangwa politiki byateguwe mbere144.

581.

> "Igitero" gishobora gusobanurwa nk'igikorwa cyose kinyuranyije n'itegeko gisa nk'ibivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati, kuva kuri alineya a) kugeza kuri alineya i) (ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, n'ibindi ...). Ibikorwa bitarimo urugomo ubwabyo, harimo n'icyo gutegeka ivanguramoko, kizwi ko ari icyaha kibasiye inyokomuntu mu ngingo ya mbere y'Amasezerano mpuzamahanga yo mu w'1973 yerekeye ivanwaho n'ihana ry'icyaha cy'ivanguramoko, cyangwa se guhatira ku mugaragaro abaturage kwitabira igikorwa iki n'iki, bishobora gufatwa nk'igitero iyo bikorewe abantu benshi kandi biri kuri gahunda.

**Igikorwa kigomba kwibasira abaturage b'Abasiviri**

582. Urugereko rwumva ko, kugira ngo kibe icyaha kibasiye inyokomuntu, icyo gikorwa kigomba gukorerwa abaturage b'Abasiviri. Abaturage b'Abasiviri ni abantu batari mu mirwano ku buryo butaziguye, harimo n'abasirikare bashyize intwaro hasi n'abantu batagishoboye kurwana kubera uburwayi, ibikomere cyangwa indi mpamvu iyo ariyo yose145. Kuba mu baturage b'Abasiviri harimo abandi bantu bihariye batujuje ibiri mu gisobanuro gitangwa ku baturage b'Abasiviri, ntibibabuza gufatwa nk'Abasiviri146.

**Igikorwa kigomba kuba cyarakozwe bitewe n'impamvu z'ivangura**

583. Sitati igaragaza ko ibikorwa birenze kameremuntu byakorewe abaturage b'Abasiviri bigomba kuba byarabibasiye "kubera ubwenegihugu, imitwe ya politiki barimo, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini byabo. Ivangura rikorewe umuntu kubera amatwara ye ya politiki riba ryujuje ibisabwa no kuba mu mutwe wa "politiki nk'uko bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati. Ku birebana n'ibisobanuro bitangwa ku mpamvu z'ubwenegihugu, z'isano-muzi, z'ubwoko cyangwa z'idini, reba ibisobanuro byatanzwe n'Urugereko haruguru mu bika bibanziriza iki.

584. Ibikorwa birenze kameremuntu byakorewe abantu batujuje ibiri mu gisobanuro gitangwa ku gice cy'abantu barinzwe bishobora kuba ibyaha byibasiye inyokomuntu iyo banyirukubikora bari bafite umugambi wo kugaba ibitero ku gice cy'abantu barebwa n'ivangura kubera imwe mu mpamvu iyi n'iyi mu zivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati. Igitekerezo ngombwa kugira ngo habeho ikorwa ry'ibyaha byibasiye inyokomuntu147, kigomba kugaragazwa kwa nyirugukora icyaha.

**Ibikorwa bivugwa**

585. Ingingo ya 3 ya Sitati ivuga ibikorwa binyuranye bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu aribyo: ubuhotozi, itsembatsemba, gushyira mu bucakara, kumenesha, gufunga, kwica urubozo, gusambanya ku ngufu, gutoteza ku mpamvu za politiki, z'ubwoko, z'idini n'ibindi bikorwa birenze kameremuntu. Ibyo aribyo byose, ibyo bikorwa sibyo byonyine. Buri gikorwa kirenze kamere kubera imiterere yacyo gishobora kuba icyaha kibasiye inyokomuntu iyo cyujuje izindi ngingo za ngombwa. Ibyo bigaragarira mu ngingo ya 3 alineya i), ivuga ibindi bikorwa byose birenze kamere bitarondowe kuva kuri alineya a) kugeza kuri alineya h).

586. Urugereko rusanga Ushinjwa agomba kuryozwa ibyaha by'ubwicanyi, itsembatsemba, kwica urubozo, gusambanya ku ngufu n'ibindi byose bigize ibikorwa birenze kameremuntu kandi rusanga ari ibyo ruzasuzuma byonyine igihe ruzaba rugomba gutanga imyanzuro yarwo ku ngingo ya 3 ya Sitati.

**Ubwicanyi**

587. Urugereko rusanga ubwicanyi ari icyaha kibasiye inyokomuntu ku birebana n'ingingo ya 3 a) ya Sitati. Akanama gashinzwe Amategeko mpuzamahanga kagize icyo kavuga ku gikorwa kirenze kamere kigizwe n'ubwicanyi mu rwego rw'ibisobanuro by'ibyaha byibasiye inyokomuntu maze kemeza ko icyaha cy'ubwicanyi kigaragara kandi gisobanurwa neza mu mategeko ya buri gihugu; ko kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga atari ngombwa gutangira gusobanura icyo gikorwa kibujijwe.

588. Urugereko rusanga ingingo ya 3 (a) ya Sitati yanditse mu cyongereza ivuga "Ubwicanyi" naho ibyanditse mu gifaransa, hagasomwa "Ubuhotozi". Mu mategeko mpuzamahanga agendera ku muco, si "ubuhotozi" ahubwo ni ubwicanyi bugize icyaha

kibasiye inyokomuntu. Umuntu yakwemeza ko mu byanditse mu gifaransa, hari ikosa mu isemura.

589. Ku bw'Urugereko rwa mbere rw'iremezo, ubwicanyi ni ukwica ikiremwamuntu ubishaka kandi ku buryo binyuranije n'amategeko. Ibyangombwa bisabwa kugira ngo habeho ubwicanyi ni ibi bikurikira:

1. Uwahohotewe yarapfuye;

2. Urupfu rwatewe no gukora ikinyuranyije n'amategeko cyangwa kutagira icyo akora kandi cyaragombaga gukorwa binyuranyije n'amategeko by'ushinjwa cyangwa by'uwo akuririje;

3. Mu gihe icyaha cyakorwaga, ushinjwa cyangwa uwo akuriye, bari bagamije kwica uwahohotewe cyangwa kumumugaza bikomeye bazi ko ubwo bugizi bwa nabi bushobora kumuviramo gupfa; ko kandi urupfu rw'uwagiriwe nabi rwaba rukomoka cyangwa rudakomoka kuri ibyo bikorwa bye ntacyo bimubwiye.

590. Ubwicanyi bugomba kuba bwibasiye abaturage b'Abasiviri mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda. Uwishwe agomba kuba ari muri abo baturage b'Abasiviri. Uwagiriwe nabi agomba kuba yarishwe ku mpamvu z'ivangura kubera ubwenegihugu bwe, isano-muzi, ubwoko, politiki cyangwa idini.

**Itsembatsemba**

591. Rumaze gusuzuma ingingo ya 3 c) ya Sitati, Urugereko rusanga itsembatsemba ari icyaha kibasiye inyokomuntu mu miterere yacyo, gikorerwa igice cy'abantu kandi gitandukanywa n'ubwicanyi kubera ko gikorerwa abantu benshi; ubwo buryo bukaba atari ngombwa ku cyaha cy'ubwicanyi148.

592. Urugereko rusobanura ingingo ngombwa zigize icyaha cy'itsembatsemba muri ubu buryo:

1. Ushinjwa cyangwa uwakuriye bagize uruhare mw'iyicwa ry'abantu bamwe batunzwe agatoki cyangwa bavuzwe ku buryo bwumvikana neza;

2. Icyo ushinjwa yakoze cyangwa atakoze cyaragombaga gukorwa cyari kinyuranyije n'amategeko kandi cyagambiriwe;

3. Icyo Ushinjwa yakoze cyangwa atakoze cyaragombaga gukorwa kinyuranye n'amategeko kigomba kuba cyarabaye mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda;

4. Igitero kigomba gukorerwa abaturage b'Abasiviri;

5. Igitero kigomba guterwa n'impamvu z'ivangura zishingiye ku bwenegihugu, kuri politiki, ku isano-muzi, ku ubwoko cyangwa ku idini by'abakorewe icyaha.

**Kwica urubozo**

593. Urugereko rusanga ko kwica urubozo ari icyaha kibasiye inyokomuntu, nk'uko bivugwa mu ngingo ya 3 f) ya Sitati. Kwica urubozo bishobora gusobanurwa muri ubu buryo:

> “Igikorwa icyo aricyo cyose gikorewe umuntu kikamutera ububabare bukomeye cyane, bwaba ubwo ku mubiri cyangwa mu mutwe, hagamijwe ko uwo muntu cyangwa undi wundi agira ibyo atangaza cyangwa yemera, kumuhanira igikorwa we cyangwa undi muntu wundi yakoze cyangwa akekwaho kuba yarakoze, kumutera ubwoba cyangwa kumushyiraho inkeke cyangwa kubikorera undi uwo ariwe wese cyangwa kubera indi mpamvu iyo ariyo yose ishingiye ku ivangura iryo ariryo ryose igihe bene ubwo bubabare bwatewe n’umukozi wa Leta cyangwa undi muntu uwo ariwe wese ukora nk’umukozi wa Leta cyangwa uwo mukozi akaba yabishishikarije abandi cyangwa yarabyemeye ku mugaragaro cyangwa ku buryo buteruye149.

594. Urugereko rusobanura ingingo ngombwa zigize icyaha cyo kwica urubozo muri ubu buryo:

i) Uwakoze icyo cyaha agomba kuba, yarateye ku bushake ububabare bukomeye bwo ku mubiri cyangwa bwo mu mutwe ku mpamvu imwe cyangwa nyinshi zikurikira:

> a) Kugira ngo uwahohotewe cyangwa undi muntu uwo ariwe wese agire ibyo atangaza cyangwa yemera;
>
> b) Guhanira uwahohotewe cyangwa undi muntu uwo ariwe wese igikorwa bakoze cyangwa bakekwaho kuba barakoze;
>
> c) Kugira ngo atere ubwoba uwahohotewe cyangwa undi muntu uwo ariwe wese cyangwa abashyireho inkeke;
>
> d) Ku mpamvu iyo ariyo yose ishingiye kw’ivangura iryo ariryo ryose.

ii) Uwakoze icyaha ubwe ni umukozi wa Leta wakoraga akazi ashinzwe, cyangwa uwo mukozi akaba yarashishikarije abandi cyangwa yarabyemeye ku muragararo cyangwa ku buryo buteruye.

595. Urugereko rusanga na none ukwica urubozo ari icyaha kibasiye inyokomuntu mu gihe izi ngingo zikurikira zubahirijwe:

> a) Ukwica urubozo bigomba gukorwa mu rwego rw’igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda;
>
> b) Igitero kigomba kwibasira abaturage b’Abasiviri;
>
> c) Igitero kigomba guterwa n’impamvu y’ivangura iryo ariryo ryose rishingiye nko ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku idini no ku matwara ya politiki y’abahohotewe.

**Gusambanya ku gahato**

596. Mu gushaka kumenya impamvu gusambanya ku gahato ari icyaha kibasiye inyokomuntu nk’uko biteganywa n’ingingo ya 3 g) ya Sitati, Urugereko rugomba gusobanura gusambanya ku gahato icyo aricyo mu gihe nta gisobanuro na kimwe mu bizwi gihurizwaho na bose mu mategeko mpuzamahanga. Niba mu nkiko zimwe na zimwe z’ibihugu gusambanya ku gahato byarasobanuwe nk’igikorwa icyo ari cyo cyose cyo kwinjiza mu gitsina cy’undi muntu bitumvikanwaho, nk’igikorwa ubwacyo, bishobora ariko no gusobanura kwinjiza ibintu ibi n’ibi mu myenge y’umubiri w’undi idasanzwe igenewe muri

kamere yayo imirimo y'igitsina kandi/cyangwa gukoresha iyo myenge hagamijwe imibonano mpuzabitsina.

597. Urugereko rusanga gusambanya ku gahato ari uburyo bwo gusagarira undi kandi ko gusobanura ibintu n'imyanya y'umubiri bikoreshwa muri icyo cyaha bidatuma umuntu asobanukirwa neza ingingo z'ingenzi zacyo. Amasezerano arwanya icyaha cyo kwica urubozo n'ibindi bihano cyangwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, ntarondora ibikorwa runaka mu gisobanuro atanga ku cyaha cyo kwica urubozo, ahubwo ahitamo gutsindagira ku kitwa ubugizi bwa nabi buhanwa na Leta. Ku birebana n'amategeko mpuzamahanga, ubwo buryo bwo kubona ibintu bufite akamaro kanini. Kimwe no kwica urubozo, gusambanya ku ngufu bikoreshwa ku mpamvu z'iterabwoba, zo kumukoza isoni, kumutesha agaciro, kumukandamiza, kumuhana, kumugenzura cyangwa kumwica. Nko kwica urubozo, gusambanya ku ngufu ni icyaha gitesha umuntu agaciro kibaba nacyo mu by'ukuri ari uko kwica urubozo igihe cyakozwe n'umukozi wa Leta cyangwa n'undi muntu wese ukora nk'umukozi wa Leta cyangwa uwo mukozi akaba yarabishishikarije abandi cyangwa yarabyemeye ku mugaragaro ku buryo buteruye.

598. Urugereko rusobanura ko gusambanya ku ngufu, ari ugusagarira gushingiye ku gitsina gukorewe undi muntu abihatiwe. Ugusagarira gushingiye ku gitsina, gusambanya ku ngufu bikaba ari kimwe mu bikugaragaza, gufatwa nk'igikorwa icyo aricyo cyose gishingiye ku gitsina, gikorewe umuntu ku gahato.

Icyo gikorwa kigomba gukorwa:

a) Mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda;

b) Ku baturage b'Abasiviri;

c) Ku mpamvu z'ivangura rishingiye nko ku bwenegihugu, ku isano-muzi, kuri politiki, ku bwoko cyangwa ku idini by'uwagiriwe nabi.

### 6.5. Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II (Ingingo ya 4 ya Sitati)

599. Ingingo ya 4 ya Sitati iteganya ko Urukiko rufite ububasha bwo gukurikirana abantu batubahiriza cyangwa bategeka abandi kutubahiriza ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo kuwa 12 Kanama 1949 agamije kurengera abahohotewe mu gihe k'intambara n'Umugereka wayo wa II wo ku itariki ya 8 Kamena 1997. Ibyo byaha bigizwe, bitarondowe byose na:

a) Ibyaha byibasira ubuzima, imibereho myiza yaba iy'umubiri cyangwa iy'ubwenge, by'umwihariko ubwicanyi kimwe n'ibikorwa by'ubugome nko kwica urubozo, guca ingingo z'umubiri cyangwa ubundi bwoko bwose bw'ibihano byawukorerwa;

b) Ibihano rusange;

c) Gufata abantu ho ingwate;

d) Ibikorwa by'itera bwoba;

e) Guhungabanya agaciro ka muntu nko gukora ibikorwa bimutesha agaciro bimukoza isoni, gusambanya ku gahato, guhatira umuntu uburaya n'ibindi bikorwa by'iterasoni;

f) Isahura;

g) Ibihano byatanzwe n'ibyarangijwe bitabanjirijwe n'urubanza rwaciwe n'urukiko rwashyizweho mu nzira zemewe n'amategeko, ku buryo imihango y'iburanisha irengera uregwa yemewe n'Ibihugu byateye imbere yubahirijwe;

h) Gukangisha gukora ibyaha byavuzwe haruguru.

600. Mbere yo gusesengura ingingo zigize ibyaha byarandowe haruguru bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati, Urugereko rubona ari ngombwa kubanza kugira ibitekerezo rutanga ku ikoreshwa ry'ingingo ya 3 rusange n'iry'Umugereka wa II ku birebana n'uko ibintu byari biteye mu Rwanda mu mwaka w'1994 igihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

**Ikoreshwa ry'ingingo ya 3 rusange n' iry'Umugereka wayo wa II.**

601. Amasezerano ane y' i Jeneve yo mu w'i 1949 n'Umugereka wayo wa I wo mu w'i 1977 akurikizwa muri rusange ku mirwano yo mu rwego mpuzamahanga gusa, usibye ko ingingo ya 3 ihuriweho n'ayo Masezerano inarengera ku buryo budahambaye abantu bose bahungabanyijwe n'imirwano itari mu rwego mpuzamahanga; uko kurengera kuvugwa kandi kuzuzwa n'umugereka wa II wo mu w'i 1977. Mu mategeko mpuzamahanga arengera ikiremwa-muntu, kubyerekeye ishyirwa mu bikorwa ryayo, hatandukanywa ubwoko bw'imirwano yo mu rwego mpuzamahanga igengwa muri rusange n'amategeko agenga imirwano, intambara itari mu rwego mpuzamahanga (imirwano iri hagati y'abenegihugu) igengwa n' ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wa II n'imirwano itari mu rwego mpuzamahanga igengwa n'ingingo ya 3 rusange yonyine. Imyivumbagatanyo y'abenegihugu ntigengwa n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwa-muntu.

602. Imirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga itandukanywa n'iyindi n'ubukare bwayo. Iryo tandukanyirizo rikomoka ku bisabwa kugira ngo ingingo ya 3 rusange n'iy'Umugereka wa II bikurikizwe. Ingingo ya 3 rusange ikurikizwa "ku mirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga" mu gihe kugira ngo hubahirizwe Umugereka wa II, imirwano igomba kubera kubutaka bw'Igihugu cyashyize umukono ku masezerano, iyo mirwano igashyamiranya ingabo z'icyo gihugu n'ingabo zigometse cyangwa indi mitwe ifite intwaro igenzura igice kimwe k'icyo gihugu bituma ishobora gukora ibikorwa bya gisirikari ku buryo burambye kandi bwizwe no kubahiriza uyu Mugereka. Izo ngabo zigometse cyangwa iyo mitwe bakaba bayobowe n'ubutegetsi bushinzwe kumenya no kubazwa iby'izo ngabo. Amasezerano y'Umugereka wa II asobanura kandi akuzuza gusa ibisobanuro by'ingingo ya 3 rusange nta cyahinduye ku bigomba kuzuzwa kugira ngo iyo ngingo yubahirizwe aho kwerekana ingingo zishobora gushingirwaho mu gusobanura imirwano idafite icyo ihuriyeho n'imirwano yo mu rwego mpuzamahanga150.

603. Ariko rero ni ngombwa gushimangira ko impande zirwana zidafite uburenganzira bwo kugena ubukare bw'imirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga. Ni ngombwa kwibutsa ko Amasezerano ane y'i Jeneve kimwe n'Imigereka ibiri irebana nayo agamije mbere na mbere kurengera abakorewe ibyaha n'abashobora guhohoterwa n'imirwano. Abari mu mirwano baramutse bahawe uburenganzira bwo kugena uko Amategko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu agomba gukurikizwa, bashobora kugabanya ubukana bwayo. Bityo, hashingiwe ku ngingo ziboneye, ingingo ya 3 rusange

n'Umugereka wa II zirakurikizwa igihe hagaragajwe ko hari imirwano hagati y'abenegihugu yujuje ibisabwa kugira ngo iyo mirwano ifatwe ityo 151.

604. Mu kugena ububasha bw'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda ku byaha byakozwe152, Inama ishinzwe amahoro ku isi yemeje ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwa-muntu bishobora gukorwa mu gihe cy'imirwano ya mu rwego mpuzamahanga cyangwa ishyamiranyije abenegihugu:

> "Ku byerekeye imirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga, Inama yongeye mu bubasha bushingiye ku kiburanwa bw'Urukiko ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu bishobora gukorwa mu mirwano yo mu rwego mpuzamahanga n'ishyamiranyije abenegihugu, nk'icyaha k'itsembabwoko n'ibyaha byibasiye inyokomuntu; Inama yongeyemo kandi ibyaha binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu bishobora gukorwa gusa mu rwego rw'imirwano ishyamiranya abanegihugu nk'ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve; iyo ngingo nayo ikaba ivugwa mu buryo burambuye mu ngingo ya 4 y'Umugereka wa II.
>
> Ni ngombwa kuvuga ko muri Sitati y'Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda, Inama ishinzwe amahoro ku isi yahaye urwo rukiko ububasha buruta ubw'Urukiko rw'icyahoze kitwa yugosilaviya mw'ihitamo ry'amategeko akurikizwa, n'uko ishyira mu bubasha bwarwo bushingiye ku kiburanwa amategeko batasangaga ko ari ngombwa ngo abe muri bimwe bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco cyangwa ngo kutubahirizwa kwayo kube kwafatwa muri rusange nk'impamvu yatuma uwakoze icyaha akiryozwa ku giti cye. Ingingo ya 4 ya Sitati ikubiramo ibyaha bivugwa mu mugereka wa II utarigeze muri rusange wemezwa ku isi ko uri mu bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco; maze iyo ngingo ikaba ariyo yemeje ubwa mbere ko ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano 4 y'i Jeneve ari ibyaha"153.

605. Nubwo Inama ishinzwe amahoro ku isi yemeje ko, kubyerekeranye n'amategeko akurikizwa n'uru Rukiko, hagomba kuba igisubizo kirambuye kurusha uko amategeko akoreshwa n'Urukiko mpuzamahanga rw'icyahoze cyitwa Yugosilaviya yagenwe, mu y'u Rwanda hakaba haniyongeramo amategeko mpuzamahanga, hatitaweho kumenya niba ayo mategeko ari mu bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco cyangwa se, niba mu mategeko ashingiye ku muco, yaratumaga habaho uburyozwe bw'uwakoze icyaha ku giti cye, Urugereko rusanga ari byiza ko kuri iyo ngingo hasubizwa ikibazo cyo kumenya niba ingingo ya 4 ya Sitati ikubiyemo ingingo zitari mu mategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco uriho, mu gihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'birego byakorwaga. Bityo, Urugereko ruributsa ko mu ishyirwaho ry'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'icyahoze kitwa Yugoslaviya154, Umunyamabanga mukuru wa LONI yemeje ko iyubahirizwa ry'ihame"nta cyaha kibaho iyo nta tegeko rigiteganya *nullum crimen sine lege*" ryasabaga ko Urukiko mpuzamahanga rukurikiza amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu; yari akubiye nta gushidikanya na gato mu mategeko agendera ku muco.

606. Kubera izo mpamvu, Urugereko rushobora guhitamo kwibanda ku ibikubiye mu ngingo ya 3 rusange n'Umugereka wa II bikurikizwa muri urubanza aho gusuzuma gusa ibijyana n'umuco ingingo ya 4 ya Sitati igenderaho cyangwa gushyira imirwano ny'irizina mu rwego uru n'uru. Inama ishinzwe amahoro ku isi ntiyigeze ubwayo isobanura rwose

uburyo bwo gushyira imirwano mu rwego uru n'uru. Nyamara, biragaragara ko kubirebana n'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'icyahoze cyitwa Yugoslaviya, Inama ishinzwe amahoro ku isi, itagaragaza uburyo yakoresheje kugira ngo igere ku mwanzuro wayo, yemeje ko ishingiye ku masezerano ane y'i Jeneve, imirwano yo mu cyahoze cyitwa Yugosilaviya yari imirwano yo mu rwego mpuzamahanga. Na none, kuba yarongeyemo Umugereka wa kabiri mu bubasha bushingiye ku kiburanwa bw'urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda, bishobora gutuma umuntu atekereza ko Inama ishinzwe amahoro ku isi yasanze imirwano yo mu Rwanda irebwa n'uwo mugereka. Niyo mpamvu Urugereko rusanga atari ngombwa kumenya ubwoko bw'iyo mirwano kubera ko Inama ishinzwe amahoro ku isi yabugaragaje. Ingingo ya 4 ya Sitati yakurikizwa hatitaweho ibikubiye mu Mugereka wa II mu gihe imirwano nibura iteganywa n'ingingo ya 3 rusange. Niyo mpamvu Urugereko rwatanga imyanzuro yarwo rureba niba, ntagushidikanya na gato, harabayeho cyangwa hatarabayeho ibyaha bikomeye bigaragarira mu gikorwa kimwe cyangwa mu bikorwa byinshi bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati.

607. Ariko rero, Urugereko ruributsa uburyo Porokireri yateguye ibirego bimwe bishinjwa uregwa ari byo icya 6, icya 10, icya 12 kugeza ku cya 15. Ku birego bine bya mbere, ku byerekeye ububasha bushingiye ku kiburanwa, agendera ku ingingo ya 3 rusange yonyine ku byaha bivugwa mu gihe ku kirego cya 15, yongeraho ku buryo bweruye Umugereka wa II. Urugereko rusanga kwongeramo uwo Mugereka bitagura gusa ububasha bushingiye ku kiburanwa bwagenywe mw'ikubitiro n'Inama ishinzwe Amahoro ku isi. Ahubwo, Urugereko rusanga ari ngombwa kandi bikwiye kugena ku buryo butandukanye ikoreshwa ry'ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wa II. Bityo, niba icyaha runaka, nk'ikirego cya 15, gishinjwa hakurikijwe ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wa II, ntibihagije gukurikiza ingingo ya 3 rusange kugira ngo havugwe ntakabuza ko ingingo ya 4 ya Sitati n'Umugereka wa II nabyo byakurikijwe.

608.Ubu bigaragara neza ko ingingo ya 3 rusange yahawe agaciro nk'ako amategeko agendera kumuco kubera ko ibihugu byinshi bihana mu mategeko yabyo ahana ibyaha, ibikorwa byanyuranya n'ingingo ya 3 rusange, biramutse bikozwe mu gihe cy'imirwano ishyamiranya abenegihugu. Urugereko rwa mbere rw'iremezo rw'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'icyahoze kitwa Yugosilaviya narwo rwasanze mu rubanza Tadic155 ingingo ya 3 ya Sitati ya TPIY (amategeko ashingiye ku muco yo mu gihe cy'intambara) igizwe n'amategeko yose mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu agendera ku muco atarebwa n'ingingo ya 2, iya 4, n'iya 5 za Sitati ya TPIY, yarimo amategeko arengera yashyizweho hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 3 ihuriweho n'amasezerano y'i Jeneve ikoreshwa mu gihe k'imirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga; bityo urwo Rugereko rwakurikije mu by'ukuri icyemezo cy'Urugereko rw'ubujurire rwa TPIY rwari rwaciye urubanza ko ingingo ya 3 rusange iri mu bigize nta gushidikanya amategeko mpuzamahanga agendera ku muco, ko kandi hari amahame n'amategeko rusange arebana n'imirwano ishyamiranya abenegihugu ingingo ya 3 rusange ariko kandi hakaba hari n'ibindi byinshi biyakubiyemo156.

609.Nyamara nk'uko byavuzwe haruguru, Umunyamabanga mukuru asanga Umugereka wa II wose uko uteye, utemewe ku isi hose ko nk'uri mu bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco. Urugereko rw'Ubujurire narwo rwemera icyo gitekerezo mu gihe "ingingo nyinshi z'uwo Mugereka (II) zishobora gufatwa nk'izitangaza amategeko ariho cyangwa nk'izihuriza hamwe amategeko akivuka y'umuco [...] ariko atari zose157.

610. Niba Urugereko rwemera icyo gitekerezo ku birebana n'umugereka wa II kuri byose, ni ngombwa kwibutsa ko igika cya 2, cy'ingingo ya 4 cy'uwo Mugereka158, ari cyo gikwiye

gukurikizwa (uburenganzira bw'ibanze). Uburenganzira bw'ibanze buvugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati busubiramo kandi bukuzuza ibiteganywa n'ingingo ya 3 rusange159, kandi nk'uko byavuzwe haruguru, ubwo iyi ngingo ya 3 ifatwa nk'umuco, Urugereko rwemera ko ubwo burenganzira bwari mu mategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco igihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

**Uburyozwacyaha bwa nyirubwite**

611.Ntibihagije k'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rushinzwe gucira abantu imanza, kwemeza ko ingingo ya 3 rusange na bimwe mu bivugwa mu ngingo ya 4 y'Umugereka wa II, ari nabyo shingiro ry'ububasha bushingiye ku kiburanwa busobanurwa mu ngingo ya 4 ya Sitati, biri mu bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco. Nubwo ingingo ya 6 ya Sitati yemera koko uburyozwacyaha bwa nyirubwite ku byaha bivugwa mu ngingo ya 2, ya 3 n'iya 4 za Sitati, ni ngombwa ariko kugaragaza ko umuntu wakoze ibyaha arenze ku mategeko ashingiye ku muco, abiryozwa ku giti cye nk'uko umuco ubiteganya. Bitabaye ibyo, hakwemezwa ko ayo mategeko yibanda gusa ku ngingo zubahirizwa ku Bihugu no kubashyamiranye ariko ko adateganya ibyaha bigomba gushingirwaho kugira ngo abantu bashobore gucirwa imanza.

612.TPIY rwemeye ihame ry'uburyozwacyaha bwa nyirubwite kubera ibyaha bikomeye binyuranyije n' ingingo ya 3 rusange mu rubanza rwa Tadic. Ikibazo cyabajijwe muri ubu buryo imbere y'Urugereko rw'Ubujurire rwa TPIY:

> "N'ubwo Amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco akubiyemo amahame shingiro akurikizwa mu mirwano yaba ishyamiranyije abenegihugu cyangwa yo mu rwego mpuzamahanga, Uwajuriye yemeza ko ibyo bibujijwe bitatuma haba uburyozwe bwa nyirubwite iyo ibyaha byakozwe mu mirwano ishyamiranya abenegihugu; kubera izo mpamvu, ibyo bikorwa ntibishobora kuburanishwa n'Urukiko mpuzamahanga160".

613. Rukurikije ibyemezo by'Urukiko rw'i Nuremberg n'ingingo zimwe ku myifatire y'amahanga igaragaza ko ibihugu bifite gahunda yo gushyira mu rwego rw'ibyaha bikomeye ibikorwa binyuranyije n'amategeko n'amahane ashingiye ku muco byerekeye imirwano ishyamiranya abenegihugu rushingiye kandi no ku mategeko y'ibihugu yemera ikurikizwa ry'Amasezerano y'i Jeneve, Urugereko rw'ubujurire rwa TPIY rwafashe imyanzuro ikurikira:

> "Izo ngingo zose zihamya ko amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco yemera uburyozwacyaha ku bikorwa bikomeye binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange yujujwe n'andi mahame n'amategeko rusange arengera abahohoterwa n'imirwano ishyamiranya abenegihugu; yemera kandi uburyozwacyaha ku bikorwa binyuranyije n'amahame amwe n'amwe n'amategeko shingiro yerekeranye n'ibikoreshwa kimwe n'uburyo bwo kurwana mu mirwano ishyamiranya Abasiviri161.

614. Urugereko rwa mbere rw'Iremezo rwa TPIY rwakurikiye icyo gitekerezo mu rubanza rwa Tadic162.

615. Urugereko rusanga uwo mwanzuro w'Urugereko rw'Ubujurire rwa TPIY wakwemerwa kandi urangiza ikibazo mu byerekeranye n'ibyaha bikomeye binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange kimwe n'Umugereka wa II.

616. Byongeye kandi, ni ngombwa kuvuga ko hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 4 ya Sitati ya TPIR, "Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda" rufite

ububasha bwo gukurikirana abantu bakora cyangwa bategeka gukora ibyaha bikomeye binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'amasezerano y'i Jeneve yo kuwa 12 Kanama 1949 yerekeye kurinda abahohoterwa mu bihe by'intambara, kimwe n'Umugereka wayo wa II wo ku itariki 8 Kamena 1977 "(ntibishimangiye mu nyandiko y'umwimerere). Urugereko rwumva ko inshoza ibyaha bikomeye; isobanura icyaha kinyuranyije n'itegeko rirengera agaciro gakomeye ka muntu kandi icyo cyaha kigomba gutera ingaruka mbi zikabije k'uhohotewe, bityo rutera mu myanzuro y'Urugereko rw'Ubujurire mu rubanza rwa Tadic rwavuzwe haruguru mu gika cya 94. Urutonde rw'ibyaha bikomeye bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati bikomoka ku ngingo ya 3 rusange ivuga ibibujijwe by'ingenzi bigize intango yo kurinda abahohotewe n'intambara, no ku ngingo ya 4 y'Umugereka wa II nayo iteganya "uburenganzira bw'ibanze". Bityo, urwo rutonde rukubiyemo ibikorwa bikomeye binyuranyije n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu nkuko bwavuzwe haruguru bwemewe ko buri mu bigize amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco. Urugereko rusanga abakoze ibyo bikorwa bikabije bagomba nta shiti kubiryozwa ku giti cyabo.

617. Niyo mpamvu, kubirebana n'amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco, Urugereko rusanga kurenga kuri ayo mategeko bituma nyirubwite abiryozwa ku giti cye. Uretse kandi n'iyo ngingo ikomoka ku muco, Amasezerano y'i Jeneve yo mu w'i 1949 (na nyuma, ingingo ya 3 rusange) yemejwe n'u Rwanda kuwa 5 Gicurasi 1964, umugereka wa II wo wemezwa kuwa 19 Ugushyingo 1984, ko rero yakurikizwaga mu Rwanda igihe ibyaha bivugwa byakorwaga; byongeye kandi, ibyaha byose bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati byari bigize ibyaha by'ubugome hakurikijwe amategeko yo mu Rwanda yo mu w'i 1994. Niyo mpamvu abanyarwanda bari bazi cyangwa bagombaga kumenya ko mu w'i 1994 bashoboraga gucibwa imanza n'Inkiko zo mu Rwanda mu gihe bakoraga ibyaha bivugwa mu ngingo ya 4 ya Sitati.

**Imiterere y'imirwano**

618. Nk'uko byavuzwe haruguru, nitbihagije kugaragaza ko imirwano yabaye mu buryo busobanuye mu ngingo ya 3 rusange kugira ngo ingingo ya 4 yose ya Sitati ndetse n'Umugereka wa II bikurikizwe. Mu gihe cyose Porokireri ashinja ibyaha byakozwe mu rwego rw' ingingo ya 3 rusange n'umugereka wa II utuma icyaha kirushaho kuremera, agomba kugaragaza ko ibisabwa kugira ngo ingingo ya 3 n'umugereka II bikurikizwe, byuzuye. Ibyo biterwa nuko Umugereka wa II ari itegeko rigenewe cyane cyane kurengera abahohoterwa n'imirwano idafite icyo ihuriyeho n'imirwano yo mu rwego mpuzamahanga. Nyuma, Urugereko rusanga ari ngombwa kandi biboneye ko igihe cyose uwo Mugereka uvugwa mu birego by'ushinjwa, hasabwa ko, mbere yo kwemeza ko habayeho ibikorwa binyuranije n'ingingo ya 4 ya Sitati, hagaragazwa ko imirwano yujuje ibyangombwa bikubiye mu mugereka wa II.

**Ingingo ya 3 rusange**

619. Ingingo ya 3 rusange ikurikizwa ku mirwano iyo ariyo yose igihe iyo mirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga". Ni nacyo gituma haba ikibazo cyo kumenya ikigize imirwano. Mu Rubanza rwa Tadic mu birebana n'ingoboka mbanziriza rubanza y'iburabubasha, Urugereko rw'Ubujurire rwasanze ko "imirwano ivugwa igihe cyose hari [….] imirwano imara igihe hagati y'ubutegetsi bw'Igihugu n'imitwe y'abantu yishyize hamwe igafata intwaro cyangwa hagati y'imitwe imeze nk'iyo iri mu gihugu. Amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu akurikizwa kuva imirwano itangiye, agakomeza gukurikizwa na nyuma yayo kugeza [...]; mugihe cy'imirwano ishyamiranya abenegihugu, kugeza ubwo [ ] amasezerano y'amahoro agezweho; na none, Urugereko rusanga mu

bisobanuro byawo ku ngingo ya 3 rusange164, Umuryango mpuzamahanga utabara imbabare (CICR) kuri bimwe ingingo zifite akamaro yavanye mu bugororangingo ku mushinga w'Umugereka wa II igihe cy'Inama y'Abahagarariye ibihugu byabo y'i Jeneve yo mu w'i 1949; muri izo ngingo twavuga nk'izikurikira:

- Abigometse ku butegetsi bwemewe bafite ingufu za gisirikare zifite amategeko azigenga, ubutegetsi bubazwa ibikorwa byabo, ifasi bakoreraho izwi neza kandi bafite uburyo bwo kubaha no kubahiriza Amasezerano.

- Ubutegetsi bwemewe biba ngombwa ko bukoresha ingufu za gisirikare z'Igihugu kugira ngo burwanye abigometse bafite amategeko ya gisirikare bagenderaho kandi bafite igice k'Igihugu bagenzura.

  a) Ubutegetsi bwemewe bwemera abigometse nk'aho bari mu mirwano; cyangwa se

  b) Bwifata ubwabwo nk'aho buri mu mirwano;

  c) Bwafashe abigometse nk'aho bari mu mirwano kugira ngo hakurikizwe Amasezerano;

  d) Imirwano igomba kuba yarashyizwe ku murongo w'ibyigwa by'Inama Ishinzwe amahoro ku isi cyangwa by'Inama rusange y'Umuryango w'abibumbye ko ishobora guhungabanya amahoro ku isi, cyangwa ko ihungabanya amahoro cyangwa ko ari igikorwa cy'isagarira.

620. Ingingo zishingirwaho zavuzwe haruguru zigamije gutandukanya imirwano nyayo n'igikorwa gisanzwe cy'ububandi cyangwa se imyivumbagatanyo idateguwe, itanafite icyo ishobora kugeraho165. Inshoza "imirwano" ivuga ubwayo ukubaho kw'imirwano ishyamiranya ingabo zifite nibura amategeko zigenderaho166. Imvururu n'ishyamirana by'abenegihugu ntibifatwa rero nk'imirwano. Kugira ngo hemezwe ko habaye imirwano mu Rwanda mu gihe ibivugwa byakorwaga, ni ngombwa gusuzuma ubukare bwayo n'imitunganyirize y'inzego z' abayirimo.

621. Ibimenyetso byatanzwe ku birebana n'ibika kuva ku cya gatanu kugeza ku cya 11 by'Inyandiko y'ibirego167, nk'ubuhamya bwa Jenerali Dallaire byagaragaje ko habayeho intambara yashyamiranyije abanyagihugu, ni ukuvuga ingabo za Leta ku ruhande rumwe, FAR, na FPR ku rundi ruhande. Izo mpande zombi zari zifite amategeko azigenga kandi zifatwa nk'imitwe y'ingabo nyayo. Byongeye kandi ku byerekeye ubukare bw'imirwano, indorerezi zose, harimo MINUAR n'Intumwa zihariye z'Umuryango w'abibumbye zumvikanye ko imirwano hagati y'ingabo zombi ari intambara ishyamiranyije abenegihugu. Kubera izo mpamvu, Urugereko rwemera ko igihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga hari intambara idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga, ikaba rero igomba kugengwa n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo mu w'1949.

### Umugereka wa II

622. Nk'uko byavuzwe haruguru, Umugereka wa II ukurikizwa mu mirwano "ibera ku butaka bw'Igihugu cyashyize umukono kuri uyu Mugereka iyo ishyamiranyije ingabo z'icyo gihugu n'izigometse cyangwa n'indi mitwe y'ingabo ifite amategeko ayigenga kandi, ziyobowe n'ubutegetsi bubishinzwe, zigenzura igice kimwe k'Igihugu ku buryo zishobora gukora ibikorwa bya gisirikari bidatuza kandi byumvikanyweho no kubahiriza uyu Mugereka"

623. Niyo mpamvu, kugirango hemezwe ko ibyangombwa bifatika byuzuye kugira ngo Umugereka wa II ukurikizwe mu gihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, ni ngombwa kugaragaza ko :

i) Imirwano yaberaga ku butaka bw'Igihugu cyashyize umukono ku Masezerano, ni ukuvuga u Rwanda, hagati y'Ingabo zarwo n'izindi zitandukanyije nazo cyangwa imitwe ifite amategeko igenderaho;

ii) Ingabo zitandukanije n'iza Leta cyangwa imitwe y'ingabo ifite amategeko igenderaho zarwanaga ziyobowe n'ubutegetsi bubazwa ibikorwa byazo;

iii) Ingabo zitandukanije n'iza Leta cyangwa imitwe y'ingabo ifite amategeko igenderaho yagenzuraga igice kimwe k'Igihugu ku buryo zashoboraga gukora ibikorwa bya gisirikare bidatuza kandi byumvikanyweho;

iv) Ingabo zitandukanije n'iza Leta cyangwa imitwe y'ingabo ifite amategeko igenderaho zashoboraga gukurikiza Umugereka wa II.

624. Nk'uko ingingo ya 3 ibiteganya, izi ngingo zigomba gukurikizwa nta kubogama hatitaweho ibyo abari mu mirwano bitekerereza ubwabo. Ni ngombwa gutanga ibisobanuro bimwe byerekeranye n'izo ngingo mbere y'uko Urugereko rugira icyo rubivugaho168.

625. Inshoza "imirwano" yagize icyo ivugwaho mu cyiciro kibanza cyerekeranye n'ingingo ya 3 rusange. Birahagije kwibutsa ko imirwano itandukanye n'imidugararo y'abenebihugu kubera ubukare bwayo n'imiterere y'inzego z'abari mu mirwano. Umugereka wa II uvuga ko abarwana ubusanzwe ari ingabo za Leta n'izabigometse, cyangwa ingabo za Leta n'imitwe y'ingabo z'Inyeshyamba ifite amategeko igenderaho. Amagambo "Ingabo" z'Igihugu cyashyize umukono ku masezerao agomba kumvikana mu buryo busesuye, kuburyo areba ingabo zose zivugwa n'amategeko y'igihugu.

626. Ingabo zishyamiranye n'iza Leta zigomba kurwana ziyobowe n'ubutegetsi bushobora kubazwa ibikorwa byazo, bikaba bisaba ko uwo mutwe w'ingabo cyangwa izo ngabo zigometse kuza Leta ziba zifite inzego z'ubutegetsi zigenderaho. Izo nzego z'ubutegetsi zigomba gutuma izo ngabo cyangwa iyo mitwe y'abigometse bashobora gukora gahunda kandi n'ibikorwa bya gisirikare byumvikanyweho kandi bagashyiraho disipulini mw'izina ry'ubutegetsi bishyiriyeho. Ikindi ni uko izo ngabo zigomba gushobora kugenzura igice gihagije k'igihugu bituma ibikorwa bya gisirikare bibaho ku buryo bukomeza kandi bwumvikanyweho, kandi zikubahiriza Umugereka wa II. Ibyo bisobanura ko ibikorwa bya gisirikare bigomba guhoraho, kandi biri kuri gahunda. Igice k'Igihugu kigenzurwa n'abigometse ni icyatakajwe n'Ingabo za Leta.

627. Muri uru rubanza, ibimenyetso byagejejwe ku Rugereko byagaragaje ko igihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byabaga, mu Rwanda hariho imirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuzamahanga169. Urugereko, rumaze kubona na none ibyabaye bizwi na bose bigizwe n'inyandiko zimwe na zimwe zemewe z'Umuryango w'abibumbye zerekeye imirwano yo mu Rwanda yo mu w'i 1994, rusanga, usibye n'uko ingingo ya 3 rusange yubahirijwe, ibisabwa byose birebana n'Umugereka wa II bivugwa haruguru byarujujwe. Byaragaragajwe ko hariho imirwano hagati ya FPR iyobowe na Jenerali Kagame n'Ingabo za Leta, FAR. Ku butaka bw'u Rwanda FPR yari yemerewe kugenzura mu Masezerano y'amahoro ya Arusha, yongereyeho ubundi kugeza ku gice cya kabiri cy'Igihugu hagati y'ukwezi kwa Gicurasi 1994, kandi ikomeza ibikorwa bya gisirikare

bidatinze kandi byumvikanyweho kugeza ku ihagarikwa ry'imirwano ryo kuwa 18 Nyakanga 1994 yarangije intambara. Ingabo za FPR zari zifite disipulini kandi zumvira ubutegetsi bwazo. FPR na none yari yatangarije Umuryango mpuzamahanga utabara imbabare ko yiyemeje kubahiriza amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwa-muntu170. Urugereko rusanga imirwano ivugwa yarashyamiranyaga abenegihugu nk'uko bivugwa mu Mugereka wa II. Byongeye kandi, Urugereko rwemera nta gushidikanya ko imirwano yabaye mu gihe ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

**Abarebwa n'aya mategeko**

628. Ku birebana n'ububasha bushingiye ku baburanyi kubera kutubahirizwa kw'ingingo ya 3 rusange n'umugereka wa II, ni ngombwa gutandukanya inzego ebyili: 1) Urwego rw'abakorewe icyaha n', 2) Urwego rw'abakoze icyaha.

**Urwego rw'abakorewe icyaha**

629. Igika cya 10 cy'Inyandiko y'ibirego giteye gitya: "Mu bihe byose bivugwa muri iyi Nyandiko y'ibirego abakorewe icyaha bayivugwamo ni abantu batari bafite uruhare mu mirwano". Ni icyemezo cyo mu mizi y'urubanza ku birego bishingiye ku ngingo ya 4 kubera ko ibibujijwe n'ingingo ya 3 rusange bigamije kurengera abantu batari mu mirwano ku buryo butaziguye (ingingo ya 3 rusange, igika cya 1), naho ibibujijwe bivugwa mu ngingo ya 4 y'Umugereka wa II byo bikaba bigamije kurengera abantu bose batari mu mirwano ku buryo butaziguye cyangwa se batakiri mu mirwano; "ubwo buryo bubiri burasa cyane ku buryo Urugereko ruzabufata nkaho busobanura kimwe. Ikibazo cyo kumenya niba abakorewe icyaha bavugwa mu Nyandiko y'ibirego bari koko abantu batari mu mirwano ku buryo bweruye ni ikibazo kiriho kandi mu myanzuro yerekeranye n'ibyabaye kubirebana n'Inyandiko y'ibirego mu bika byayo kuva ku cya 5 kugeza ku cya 11, Urugereko rwasanze abo bantu batari mu mirwano ku buryo butaziguye.

**Urwego rw'abakoze icyaha.**

630. Amasezerano ane y'i Jeneve n'Imigereka yayo ibiri, nk'uko byavuzwe haruguru, yemejwe cyane cyane kugira ngo harengerwe abakorewe icyaha cyangwa abantu bashobora kugirirwa nabi mu mirwano. Ayo Masezerano areba rero cyane cyane abantu, kubera ubutegetsi bwabo, baryozwa kuba barateje imirwano cyangwa binjiye mu bundi buryo mu buyobozi bwayo. Urwego rw'abantu bashobora kubiryozwa rwagarukira akenshi ku ba komanda, abari mu mirwano n'abandi bari mu mitwe y'ingabo.

631. Ibyo aribyo byose, kubera ko ayo Masezerano mpuzamahanga agenewe mu buryo rusange kurengera ikiremwa-muntu, ntibikwiye guhagararira ku buryo budasubirwaho ku bantu barebwa n'ibikubiye mu ngingo ya 3 rusange no mu Mugereka wa II. Ibisabwa kimwe n'inshingano bivugwa mu Masezerano y'i Jeneve n'Imigereka yayo bikurikizwa gusa ku bantu b'ingeri zose bari mu mitwe y'ingabo zitegekwa mu rwego rwa gisirikare n'ubuyobozi bw'imitwe ishyamiranye ku bantu bari mu butumwa bwemewe bizwi ko bashyigikiye cyangwa batera inkunga ingabo kubera ko ari abategetsi, abakozi ba Leta cyangwa abandi bantu bari mu rwego rw'ubuyobozi cyangwa bahagarariye mu by'ukuri guverinoma. Ubwo buryo bwari gutuma ingingo za Sitati zishyirwa mu bikorwa noneho inshingano z'ibanze z'Amasezerano n'Imigereka yayo zikarushaho kugerwaho.

632. Inyandiko y'ibirego ntiyemeza ibyo aribyo byose neza ko Uregwa ari mu rwego rw'abantu bashobora kuryozwa ibikorwa bikomeye binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wayo wa II. Ntahavugwa ko Uregwa yari, mu rwego rw'akazi, umwe mu

bagize ingabo z'u Rwanda (mu buryo busesuye), bityo kubera ko yari umusiviri, ntarebwa n'ingingo ya 4 ya Sitati irebana n'itegeko rigenga imirwano.

633. Bizwi ko, guhera nibura igihe cy'Imanza za Tokiyo, abasiviri bashobora kuryozwa ibikorwa binyuranyije n'amategeko mpuza-mahanga arengera ikiremwa-muntu. Hirota, wari Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga w'Ubuyapani, yahaniwe i Tokiyo ibyaha byerekeranye "n'Ubusambanyi ku ngufu bwakorewe i Nanking"171. Izindi manza zaciwe intambara ya kabiri y'isi yose ikirangira, zemeje ntagushidikanya uburyozwe ku giti cyabo ku byaha by'intambara byakozwe n'abasiviri bari bafite icyo bahuriyeho na rumwe mu mpande zishyamiranye172. Ihame ryo kuryoza abasiviri ibyaha binyuranyije n'amategeko y'intambara rishingiye na none ku nshingano zo kurengera ikiremwamuntu z'Amasezerano y'i Jeneve n'Imigereka yayo, zo gutuma abahohoterwa n'intambara batibasirwa n'ayo marorerwa (sic).

634. Bityo, ibimaze kuvugwa bigaragaza ko amategeko y'intambara agomba kubahirizwa mu buryo bumwe ku basivili no ku bari mu mirwano uko basanzwe bazwi. Byongeye kandi, rwifashishije ibimaze kuvugwa, Urugereko rusanga ko igihe ibyo bikorwa byakorwaga, ushinjwa atari umusiviri usanzwe ahubwo yari burugumesitiri. Urugereko rusanga rero Ushinjwa ashobora kuba yari mu rwego rw'abantu baryozwa ibyaha bikomeye binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwa-muntu, by'umwihariko, binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange n'umugereka wayo wa II.

**Ifasi irebwa n'ayo mategeko**

635. Ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wayo wa II ntibiteganya kuburyo bugaragara uko bigomba kubahirizwa hitaweho ahakorewe icyaha. Nyamara ariko, Umugereka wa II wo usa n'ugira icyo ubivugaho aho uteganya ko ingingo ziwukubiyemo zireba abantu bose bibasiwe n'imirwano nk'uko yumvikana mu ngingo ya mbere. Ibivugwa ku Mugereka wa II173 bigaragaza neza ko uwo Mugereka urengera abantu bibasiwe n'imirwano aho baba bari hose ku butaka bw'Igihugu kiri mu mirwano. Uburyo ububasha bushingiye ku ifasi bukoreshwa ku mirwano itari iyo mu rwego mpuza-mahanga irebwa gusa n'ingingo ya 3 rusange bugomba kumvikana kimwe n'ubumaze kuvugwa: mu yandi magambo, iyo ngingo igomba kubahirizwa ku butaka bwose bw'igihugu kiri mu mirwano. Ni cyo cyemezo Urugereko rw'Ubujurire rwafashe ku birebana n'ububasha bwarwo mu Rubanza rwa Tadic aho rwasanze ko "amategeko akubiye mu ngingo ya 3 [rusange] akurikizwa n'ahatarangwa imirwano nyirizina174".

636. Bityo rero, kuba u Rwanda rwari mu mirwano yujuje ibisabwa n'ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wayo wa II bivuga ko ayo mategeko yakurikizwa ku butaka bwose bw'u Rwanda, bikareba rero, kubera izo mpamvu, n'ubundi bwicanyi bwabereye kure y'urugamba. Birumvikana ko amategeko aya n'aya atakubahirizwa mu karere aka n'aka k'igihugu (urugero: ingingo ya 3 rusange) ngo andi yubahirizwe mu kandi (urugero : ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wayo wa II) haseguriwe ariko ko uwakoze ibyaha aba atabikoze gusa ku mpamvu ze bwite.

**Umwanzuro.**

637. Ni uko ikurikizwa ry'ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wayo wa II ryasuzumwe kandi rifatirwa umwanzuro hakurikijwe igihe ibikorwa bikubiye mu Nyandiko y'Ikirego byakorewe. Urugereko nirwo ruzasuzuma ibyaha by'Ushinjwa kubirebana n'ingingo ya 4 ya Sitati. Iyo myanzuro irasobanurwa mu cyiciro cya 7 cy'urubanza.

79 Urubanza rwo kuwa 20 Ukuboza 1985. Bulletin des arrêts de la Cour de cassation, 1985, p. 1038 c.s).

80 Reba Virginia Morris na Michael P. Scharf, ibid. urup. 235.

81 Igika cya 692, urup. 270 Ubushinjacyaha buburana na Dusko Tadic Urubanza n° IT-94-I-T, 7 Gicurasi 1997, TPIY.

82 Reba Urutonde rw'Amuga y'Amategeko «Icyongereza – Igifaransa» y'Inama y'Iburayi (Conseil de l'Europe), Strasbourg, Mutarama 1997 rusobanura ko «incitment» (mu rurimi rw'icyongereza) ari incitation, instigation cyangwa provocation (mu rurimi rw'igifaransa) (gushishikariza) cyangwa reba «Inkoranya Igifaransa/Icyongereza» Larousse, cyangwa «Inkoranya Igifaransa/Icyongereza» Super Senior Robert Collins.

83 Ingingo ya 6 y'Amategeko shingiro ya Nuremberg, ingingo ya 7(1) ya Sitati ya TPIY n'ingingo ya 2(3)b) y'Umushinga w'Amategeko y'ibyaha bibangamira Amahoro.

84 Reba nk'ingingo ya 91 y'igitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda, yavuzwe kandi yasesenguwe haruguru mu mutwe wa 6.3.2.

85 Reba Virginia Morris na Michael Scharff, ibid. urupapuro rwa 239. Ibivugwa ku ngingo ya 2(3)f) y'Umushinga w'Amategeko w'ibyaha bibangamira Amahoro n'Akanama gashinzwe Amategeko mpuzamahanga, ingingo irebana no gushishikariza gukora icyaha cy'ubugome nk'uko ingingo ya 6(1) ya Sitati y'Urukiko ibiteganya.

86 Reba hepfo imyanzuro y'Urugereko ku cyaha cyo gushishikariza mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko. Umutwe wa 6.3.3..

87 Kuri icyo kibazo, reba na none hepfo imyanzuro y'Urugereko ku cyaha cyo gushishikariza mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko. Umutwe wa 6.3.3..

88 Reba ingingo ya 91 y'Amategeko ahana ibyaha muri «Codes et Lois du Rwanda», Université nationale du Rwanda, yahinduwe kuwa 31 Ukuboza 1994, vol. I, 2ème édition : 1995 urup. 395

89 Reba hepfo imyanzuro y'Urugereko ku cyaha cyo gushishikariza mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora icyaha cy'itsembabwoko. Umutwe wa 6.3.2.

90 Claude Pillard et alias. «Ibisobanuro ku Migereka yo kuwa 8 Kamena 1997 ku Masezerano y'i Jeneve yo kuwa 12 Kanama 1949» 1987, urup. 1036

91 Amasezerano mpuzamahanga yerekeye ikumira n'ihame ry'icyaha cy'itsembabwoko yemejwe n'Inama rusange y'Umuryango w'Abibumbye, kuwa 9 Ukuboza 1998.

92 Raporo y'Umunyamabanga mukuru yakozwe hakurikijwe igika cya 2 cy'icyemezo 808 (1993) cy'Inama ishinjwe Amahoro ku isi, 3 Gicurasi 1993, S/25704.

93 Itegeko-teka n° 8/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975, igazeti ya Leta 1975 urup. 230. U Rwanda rwemeye Amasezerano ku itsembabwoko ariko rugaragaza ko rutarebwa n'ingingo ya 9 y'ayo Masezerano.

94 Inyandiko mvugo z'Akanama ka 6 ka Komisiyo y'Inama rusange yo kuwa 21 Nzeri kugeza kuwa 10 Ukuboza 1948. Inyandiko zemewe z'Inama rusange.

95 «Porokireri Mukuru wa Leta ya Isiraheri aburana na Adolph Eichmann». Isiraheri, «Urukiko rwa District rwa Yeruzalemu, 12 Ukuboza 1961, byavuzwe muri «International Law Reports», vol. 36. 1968, urup. 340.

96 Inyandikomvugo y'Akanama ka 6 k'Inama rusange yo kuwa 21 Nzeri kugeza kuwa 10 Ukuboza 1948, Inyandiko z'Inama rusange.

97 Urukiko mpuzamahanga rw'Umuryango w'Abibumbye, 1995.

98 Reba cyane cyane Roger Merle na André Vitu, «Traité de Droit criminel», Cujas, 1984 (1ère édition, 1967), urup. 723 n'izikurikira.

99 Inyandikomvugo y'Akanama ka 6 k'Inama rusange yo kuwa 21 Nzeri kugeza kuwa 10 Ukuboza 1948, igitabo cyavuzwe, urup. rw'i 109.

100 Kuri icyo kibazo, reba Nahemiah Robinson «The Genocide Convention. Its origins as Interpretation» urup. rwa 15 uvuga ko abakorewe icyaha, nk'abantu, «barebwa cyane atari ukubera icyo bari cyo, ahubwo ari ukubera ko ari bamwe mu bagize igice cy"abantu barimo».

101 Urukiko mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya, icyemezo cy'Urugereko rwa mbere rw'Iremezo I, urubanza rwa Radovan Karadzie, Ratko Mladic (Imanza n° IT-95-5-R61 na n° IT-95-18-R61). Isuzumwa ry'ikirego mu bijyanye n'ingingo ya 61 y'amategeko areba imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso.

102 Ibid., igika cya 95.

103 Amahame y'Amategeko mpuzamahanga yemewe muri Sitati y'Urukiko rwa Nuremberg no mu rubanza rwaciwe n'urwo Rukiko yemejwe n'Akanama ka Loni gashinzwe amategeko mpuzamahanga, 1950.

104 Osborn's Consice Dictionary isobanura icyitso muri aya magambo: «umuntu uwa ariwe wese, yaba gatozi cyangwa icyitso, wafatanije n'undi mu gukora icyaha icyo aricyo cyose», Sweet and Maxwell, 1993, urup. rwa 6.

105 Imirimo ibanziriza Amasezerano ku itsembabwoko igaragaza ko kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko biteganywa gusa igihe itsembabwoko ryakozwe. Amasezerano ku itsembabwoko ntiyigeze ateganya ikurikirana ry'icyaha cyo kuba icyitso mu bwinjiracyaha bwo gukora itsembabwoko, kuba icyitso mu gushishikariza abandi gukora itsembabwoko cyangwa kuba icyitso mu bwumvikane bugamije itsembabwoko ; inshoza zasaga naho zitumvikana neza ku bihugu bimwe kugira ngo zishyirwe mu Masezerano.

106 Reba nk'ingingo ya 46 y'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha cya Senegali, ingingo ya 121-7 y'igitabo gishya cy'amategeko ahana ibyaha cy'Ubufaransa.

107 Reba ingingo ya 91 y'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha muri «Codes et Lois du Rwanda», Université nationale du Rwanda, uko cyavuguruwe kugeza ku itariki ya 31 Ukuboza 1994, Vol I. 2ème édition : 1995, urup. 395. Ku bisobanuro birebana n'icyitso mu mategeko y'u Rwanda, kureba na none ingingo ya 3 y'Itegeko-ngenga rigena imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe kuva ku itariki ya 1/10/1990, ryatangajwe mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda, umwaka wa 35, n° 17, itariki ya 1 Nzeri 1999 rivuga ko : «Mu ikurikizwa ry'iri tegeko-ngenga, icyitso ni uzaba yatanze inkunga ya ngombwa mu gukora icyaha cyangwa uwahishe cyangwa uwashishikariye mu buryo ubwo aribwo bwose abantu bavugwa mu ngingo ya kabiri y'iritegeko-ngenga».

108 Kureba nk'Urukiko rusesa Imanza rw'Ubufaransa, Crim. 24/12/1942. JCP 19 944, rutemera gukurikiranwaho icyaha cyo kuba 'icyitso umuntu watanze gusa inama yo --- gukora icyaha.

109 Urubanza rwa «National Coal Board iburana na Gamble», [1959] I QB II. Byahinduwe mu rundi rurimi n'abantu batabifitiye uburenganzira.

110 Urubanza «DPP for Northern Ireland iburana na Lynch», [1975] AC 653. Byahinduwe mu rundi rurimi n'abantu batabifitiye uburenganzira.

111 Eichmann, Op. Cit., urup. 340.

112 Ibid, urup. rwa 323, byahinduwe mu rundi rurimi n'abatabifitiye uburenganzira.

113 Urubanza rw'Urukiko rwa District, urup. rwa 179, byahinduwe mu rundi rurimi n'abatabifitiye uburenganzira.

114 Ibid, urup. rwa 14, byahinduwe mu rundi rurimi n'abatabifitiye uburenganzira.

115 Urubanza rwa Jefferson (1994) I AII ER 270 – Urubanza rwa Coney (1882) 8 QDB 534 : «Uwarezwe (...) wari uhari bimugwiririye (...) yagombaga kumenya ko kuba yari ahari bwari uburyo bwo gushishikariza, bari nyiri gukora icyaha kugikora» Reba Blackstone A5.7, urup. rwa 72.

116 Crim. 20 Mutarama 1992, amategeko ahana, 1992, 194.

117 Reba urubanza rw'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya, urubanza n° IT-94-I-T, «ubushinjacyaha buburana na Dusko Tadic», 7 Gicurasi 1997, igika cya 689.

118 Imanza za Nuremberg. Vol. 22, urup. rwa 502.

119 Inyandikomvugo z'akanama ka 6 k'Inama rusange yo kuwa 21 Nzeri kugeza kuwa 10 Ukuboza 1948. Inyandikomvugo z'Inama rusange, ijambo rya M. Morozov, urup. rwa 241.

120 Reba Jean Pradel, Droit pénal comparé, Précis Dalloz, 1995, urup. 277-278.

121 Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha, in «Codes et Lois du Rwanda», Kaminuza y'u Rwanda, uko cyavuguruwe kuwa 31 Ukuboza 1994, Volume I, 2ème édition : urup. rwa 395.

122 *«(...) someone who instigates or encourages another person to commit an offence should be liable to conviction for those acts of incitement, both because he is culpable for trying to cause a crime and because such liability is a step towards crime prevention». Andrew Ashworth. Principles of Criminal Law, Clarendon Press, Oxford, 1995, urup. rwa 462.*

123 *«The conduct required for incitement is some form of encouragement or persuasion to commit an offence, although there is authority which would regard threats or other forms of pressure as incitment». Ibid, urup. rwa 462.*

124 Reba nk'amategeko ahana ibyaha y'Ubufaransa asobanura gusembura muri aya magambo: bazahanwa nk'ibyitso mu gikorwa kiswe icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye abazaba babereye nyir'icyaha cyangwa bene icyaha igishuko cyo kugikora bakoresheje amadisikuru, urusaku cyangwa iterabwoba bibereye ahantu h'igiterane cyangwa mu manama, inyandiko, ibitabo, ibishushanyo, ... biguzwe cyangwa byatangiwe ubuntu, byagurishijwe cyangwa byatangarijwe mu biterane cyangwa mu nama, aMatangazo amanitse cyangwa atamanitswe yeretswe rubanda cyangwa ubundi buryo bwose bwo gutumanaho hakoreshejwe ibyuma byumvikanisha amajwi cyangwa bigaragaza amashusho. Itegeko n° 72-546 ryo kuwa 1 Nyakanga 1972 n'Itegeko n° 85-1317 ryo kuwa 13 Ukuboza 1985.

125 Urukiko rusesa imanza rwo mu Bufaransa, Urugereko rw'imanza nshinjabyaha, 2 Gashyantare 1950, Bull crim. n° 38, urup. rwa 61.

126 «The (...) Element of public incitment requires communicating the call for criminal action to a number of individuals in a public place or to members of the general public at large. Thus, an individual may communicate the call for criminal action in person in a public place or by technical means of mass communication, such as by radio or television». Draft Code of crimes Against the Peace and Security of Mankind, art. 2(3)(b) ; Report of the International Law Commission to the General Assembly, 51 U.N. GAOR Supp. (No. 10), at 26, U.N. Doc. A/51/10(1996).

127 Reba Year book of the United Nations, UN fiftieth Edition, 1945-1995, Martinus Nijhoff publishers, 1995, n'Inyandikomvugo z'Akanama ka gatandatu k'Inama rusange yo kuva kuwa 21 Nzeri kugeza kuwa 10 Ukuboza 1948, Inyandiko zemewe z'Inama rusange.

128 Gushishikariza ku buryo butaziguye bisaba rwose gutuma undi ahita akora igikorwa cy'ubugome, si ugusaba umuntu ku buryo bufifitse kandi buziguye. Umushinga w'amategeko ahana ibyaha bibangamiye amahoro n'umutekano w'abatuye isi, ingingo ya 2(3) f) : Raporo y'akanama gashinzwe amategeko mpuzamahanga mu Nteko rusange, inama ya 51. Inyandiko zemewe z'Inteko rusange, Inyongera n° 10 (A/51/10 (1996), urup. rwa 43.

129 Ingingo ya 23 y'itegeko ry'abafaransa ryo kuwa 29 Nyakanga 1881 rirebana no gusemburira gukora ibyaha by'ubugome n'ibyaha bikomeye. Reba isesengura rya André Vitu, Traité de Droit criminel, Droit pénal spécial, 1982.

130 Kuri ibyo, reba haruguru mu myanzuro y'Urugereko ku birebana n'ibimenyetso, ibyavuzwe byerekeranye n'isesengura ry'ururimi rw'ikinyarwanda rwashyikirijwe n'umutangabuhamya w'impuguke, Porofeseri Matiyasi Ruzindana.

131 Reba Inyandiko-mvugo z'Akanama ka gatandatu k'Inama rusange yo kuva kuwa 21 Nzeri kugeza kuwa 10 Ukuboza 1948, Inyandiko zemewe z'Inama rusange.

132 Merle na Vitu, ibid, urup. rwa 616.

133 International Law Reports, Vol. 36, urup. rwa 31.

134 Raporo y'Umunyamabanga mukuru yakozwe hakurikijwe igika cya 2 k'icyemezo 808 (1993) S/25704, igika cya 47.

135 Ibid, urup. rwa 178.

136 International Law Report; Volume 36; 1968 urup. rwa 30

137 ILR. Vol. 36, part 4, urup. rwa 5 kugeza kuya 41.

138 78 ILR 136-137.

139 ILR, urup. rwa 332 n'urwa 336, Gaz. Pal. 1988, II, urup. rwa 745.

140 ILR, urup. rwa 332 n'urwa 336, Gaz. Pal. 1988, II, urup. rwa 745.

141 Le Monde, 21 Mata 1994.

142 Sitati y'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga yemejwe n'Abahagarariye ibihugu byabo mu Umuryango w'Abibumbye ku ishyirwaho ry'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga ku itariki ya 17 Nyakanga 1998 i Roma.

143 Muri Sitati y'umwimwerere mu rurimi rw'igifaransa, ibyo bisabwa birajyana «mu rwego rw'igitero rusange kandi kiri kuri gahunda» ari nabyo bituma iyubahirizwa ry'iyi ngingo ireba ibintu byinshi. Mu gihe amategeko mpuzamahanga ashingiye ku muco asaba gusa ko icyo gitero kiba igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda, birashoboka ko ibyanditswe mu gifaransa byaba byarahinduwe nabi.

144 Raporo y'Akanama gashinzwe amategeko mpuzamahanga mu Nama Rusange, Inyandiko zemewe z'Inama rusange, Inyongera n° 10 (A/51/10) (1996).

145 Ni ngombwa kubona ko icyo gisobanuro gishyira Abasiviri mu bice by'abantu barengerwa n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve. Ibyo ariko nta mbogamizi biteye. Na none, mu cyemezo Vukovar cyo kuwa 3 Mata 1996 cyemejwe ku birebana n'ishingano y'ingingo ya 61, Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'igihugu cyahoze cyitwa Yugosilaviya rwemera ko ibyaha byibasiye inyokomuntu bishobora gukorwa iyo abahohotewe ari abantu bafashwe bari mu mutwe w'abirwanaho, bafashe intwaro igihe iki n'iki, kubera iyo mpamvu, bakaba bafatwa nk'abantu batakirwana kubera gufungwa.

146 Amasezerano y'inyongera ku Masezerano y'i Jeneve yo kuwa 12 Kanama 1949 yerekeranye n'irindwa n'abahohotewe n'imirwano mpuzamahanga, ingingo ya 50.

147 Iki kibazo cyasuzumwe mu rubanza rwa Porokireri na Dusko Tadic, urubanza N° IT-94-T, urubanza rw'Ishyirahamwe ry'abashyizwe ishyanga n'infungwa, abirwanyeho, abakunda igihugu n'abandi, baburana na Barbie, 78 Int'L.Rep.124, 125 (1995). Mu bujurire, Urukiko rusesa imanza rwasheshe kandi ruvanaho igice kimwe cy'urubanza kivuga ko Abagize umutwe wo kwirwanaho bashoboraga kuba abakorewe ibyaha byibasiye inyokomuntu igihe cyose umugambi wa ngombwa kugira ngo icyo cyaha kibeho, wari uriho.(Igika cya 641).

148 Idid, urup. rwa 97.

149 Amasezerano arwanya icyaha cyo kwica urubozo n'ibindi bihano cyangwa ibyaha by'ubugome, ibikorwa birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, ingingo ya mbere.

150 Reba ingingo ya mbere y'Umugereka wa II (ibyaha birebwa n'iyo ngingo)

151 Reba ibid, n'ibivugwa n'Umuryango mpuzamahanga utabara imbabare ku Migereka yo kuwa 8 Kamena 1977 y'Amasezerano y'i Jeneve yo kuwa 12 Kanama 1949, igika 4438 (byitwa: "Ibivugwa ku Mugereka wa II").

152 Reba raporo y'Umunyamabanga mukuru kubyerekeye ingingo zigomba gufatwa kugira ngo Urukiko mpuzamahanga rwagenewe u Rwanda rushobore gukora koko, igasaba ko ikicaro cy'Urukiko cyaba Arusha (5/1995/134) yo kuwa 13/2/1995.

153 Ibid, igika cya 11 n'icya 12.

154 Reba Raporo y'Umunyamabanga mukuru yakoreye Inama ishinzwe amahoro ku isi ku birebana n'ishyirwaho ry'Urukiko nshinjabyaha mpuzamahanga rw'icyahoze cyitwa Yugoslaviya (5/25704) yo kuwa 3 Gicurasi 1993, igika cya 34.

155 Reba urubanza Tadic rwaciwe na TPIY kuwa 7 Gicurasi 97, igika cya 609.

156 Reba urubanza rw'Urugereko rw'Ubujurire rwa TPIY mu rubanza Tadic rurebana n'ubujurire bw'abunganira ushinjwa ku byerekeye ingoboka mbanzirizarubanza y'iburanisha rwo ku itariki ya 2 Ukwakira 1995, igika cy'i 116 n'iya 134.

157 Ibid, igika cy'i 117.

158 Alineya f) ivuga ibyo ubucakara n'ishyirwa ry'abantu mu bucakara ubwo aribwo bwose, ntirimo.

159 Ku byerekeye ibihano rusange, reba icyabivuzweho mu gika cya 4535 kugeza ku cya 4536 cy'Ibivugwa ku Mugereka wa II.

160 Urubanza rwaciwe ku bujurire bw'uwarezwe ku ngoboka mbanziriza-rubanza y'iburanisha rwo kuwa 2 Ukwakira 1995, igika cy'i 128.

161 Ibid, igika cy'i 134

162 Reba Urubanza rwa Tadic, igika cya 613 rwo kuwa 7 Gicurasi 1997

164 Reba Umuryango mpuzamahanga utabara imbabare, Ibivugwa I ku Masezerano y'i Jeneve, ingingo ya 3, igika cya I – ingingo zikurikizwa.

165 Ibid.

166 Reba Ibivugwa ku Umugereka wa II, ibika kuva ku cya 4338 kugera ku cya 4341.

167 Reba imyanzuro ku byabaye, Ibirego rusange (ibika kuva ku cya 5 kugera ku cya 11 by'Inyandiko y'ikirego.

168 Reba muri rusange, Ibivugwa ku Mugereka wa II, ingingo ya mbere (ibikorwa birebwa n'Umugereka wa II).

169 Reba by'umwihariko inyandiko zishingirwaho mu "Myanzuro ku byabaye": Ibirego muri rusange (igika cya 5 kugeza ku cya 11 cy'Inyandiko y'ibirego)"

170 Raporo ya Komiseri Mukuru w'umuryango w'abibumbye ku byerekeye uburenganzira bw'ikiremwa-muntu nyuma y'ubutumwa bwe mu Rwanda kuwa 11 n'ukwa 12 Gicurasi 1994 (E/CN. 4/S-3/3.19Gicurasi 1994)

171 Reba imyanzuro rusange ku byerekeye amategeko- Uburyozwacyaha bwa nyirubwite (ingingo ya 6 ya Sitati)

172 Urubanza rwa Hodamar, Law Reports of Trials of War Criminals ("LRTWC"),vol. I urupapuro rwa 53 n'urwa 54 abaregwa ntibari abasirikare bo mu ngabo z'ubudage, ahubwo bari abakozi bo mu nzego za gisivili. Icyemezo cy'Akanama ka gisirikare gikurikiza itegeko ko amategeko cyangwa imico y'intambara bitareba gusa abari mu mirwano, bireba n'abasiviri; iryo tegeko rivuga kandi ko abasiviri bakorera abagengwa n'abo bashyamiranye ibikorwa binyuranye n'amategeko bashobora guhamwa n'ibyaha by'intambara. Reba nanone Urubanza rwa Lynchage n'Essen SM. LRTWC, vol.1 urupapuro rwa 88, muri urwo rubanza abasiviri batatu bahanwe kubera ubwicanyi bakoreye imfungwa z'intambara zitari zifite intwaro; kimwe n'Urubanza Zyklon B, LRTWC, vol.I urupapuro rwa 93: "icyemezo cy'Urukiko rwa gisirikare muri urwo rubanza ni urugero nyarwo rw'iyubahirizwa ry'itegeko rivuga ko ibikubiye mu mategeko n'imico y'intambara bitareba gusa abarwana, abakozi ba Leta n'abandi bategetsi, bireba kandi n'undi muntu uwo ariwe wese ushobora gutuma bitubahirizwa. Urukiko rwa gisirikari rwahereye ku ihame ko buri musiviri w'ikitso cyo kutubahiriza amategeko n'imico y'intambara nawe ubwe agomba kubiryozwa nk'uwakoze icyaha cy'intambara". (Byahinduwe mu rundi rurimi n'umuntu utabifitiye ububasha)

173 Ibivugwa mu Mugereka wa II, igika cya 4490.

174 Reba urubanza rw'Urugereko rw'ubujurire rw'icyahoze cyitwa Yugosilaviya mu rubanza rwa Tadic k'ubujurire rw'abaregwa kubyerekeye ingoboka mbanziriza rubanza y'ibukabubasha kuwa 2 Ukwakira 1995, igika cya 69.

## 7. IMYANZURO KUBIREBANA N'AMATEGEKO

### 7.1. Ikirego cya 6, icya 8, icya 10 n'icya 12. Ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 rusange (ubuhotozi n'ibikorwa by'ubugome) n'ikirego cya 15- ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II (guhungabanya agaciro ka muntu... nko gusambanya ku ngufu…)

638. Ku kirego cya 6, icya 8, icya 10 n'icya 12 byo mu Nyandiko y'ibirego, Akayesu agomba kuryozwa ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve yo mu w'1949, mu gihe ikirego cya 15 kimushinja ibikorwa binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Umugereka wayo wa II wo mu w' i 1977. Ibyo birego byose bishingiye ku ngingo ya 4 ya Sitati.

639. Byagaragajwe mbere ntagushidikanya na gato ko mu w'i 1994 mu gihe ibikubiye mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, hari imirwano idafite icyo ihuriyeho n'iyo mu rwego mpuza-mahanga yashyamiranyaga Leta y'u Rwanda na FPR175. Urugereko rwemeje ko iyo mirwano igengwa n'ingingo ya 3 rusange n'Umugereka wayo wa II.

640. Kugirango Akayesu abiryozwe hakurikijwe ingingo ya 4 ya Sitati, ni ngombwa ko Ubushinjacyaha bugaragaza ntagushidikanya na gato ko yakoreraga Leta y'u Rwanda cyangwa FPR, yubahiriza imigambi z'intambara za buri wese. Nk'uko byavuzwe haruguru, Akayesu yaryozwa ibikorwa bye ari uko hatanzwe ibimenyetso ko, kubera ubutegetsi bwe, yateje imirwano cyangwa yinjiye mu buyobozi bwayo ku bundi buryo ubwo aribwo bwose butaziguye. Ubushinjacyaha bukaba rero bugomba kugaragariza Urugereko no gutanga ibimenyetso ko Akayesu yari umusirikare ategekwa n'ubuyobozi bwa gisirikare bw'umwe mu mitwe ishyamiranye cyangwa ko yari mu butumwa bwemewe bizwi ko ashyigikiye abari mu mirwano, nk'umukozi wa Leta, nk'umuntu uri mu rwego rw'ubuyobozi cyangwa uhagarariye mu by'ukuri Guverinoma. Ariko nanone Urugereko ruributsa ko ingingo ya 4 ya Sitati ikurikizwa no ku basiviri.

641. Ibimenyetso byatanzwe mu rubanza byagaragaje ko mu gihe ibikubiye mu Nyandiko z'ibirego byakorwaga, Akayesu yari yambaye imyenda ya gisirikari afite n'imbunda, ko yafashije abasirikari bamaze kugera i Taba, abakorera imirimo imwe n'imwe nko kubabwira uko Komini iteye, gukora ikarita ya Komini, kuborohereza imirimo y'itumanaho hakoreshejwe radiyo, no kuba yaremereye abasirikari gukoresha amazu ya Komini. Kuri bimwe, Ubushinjacyaha bwagendeye kuri ibyo bimaze kuvugwa kugirango bugaragaze ko hari isano hagati y'ibikorwa bya Akayesu n'Imirwano. Byongeye kandi, Ubushinjacyaha bwagaragaje ko mu gutunga agatoki abantu ko ari ibyitso bya FPR, Akayesu yerekanye ko ibikorwa bye byari mu rwego rw'imirwano hagati ya Guverinoma na FPR.

642. Byagaragaye muri uru rubanza ko Akayesu yari ahagarariye ubutegetsi bwa Komini, akaba yarakoraga imirimo y'ubutegetsi ya gisivili mu rwego rw'ubutegetsi bwa Komini. Nyamara Porokireri ntiyagaragaje bihagije ukuntu kandi mu ruhe rwego Akayesu yafashaga Guverinoma mu mirwano yayo na FPR. Ku bw'Urugereko, kuba Akayesu yarambaye imyambaro ya gisirikare, akitwaza n'imbunda, ntibihagije kugira ngo bigaragaze ko yateye inkunga itubutse ingabo. Byongeye kandi, Urugereko rusanga inkunga idatubutse Uregwa yahaye abasiviri, nk'umutegetsi wa Komini, idahagije kugirango byemezwe ko yateye ingabo inkunga ku buryo bwimazeyo. Nanone Urugereko ruributsa ko byagaragaye ko iyo havugwa

ibyitso bya FPR mu mwuka bw'ibyabereye i Taba, Uregwa yari azi ko bazumva ko avuga abatutsi176. Ubwo yavugaga ibyitso bya FPR mu rwego rw'ibyabereye i Taba.

643. Kubera izo mpamvu kandi rukurikije ibimenyetso byose byatanzwe muri uru rubanza, Urukiko rusanga hataragaragajwe ku buryo budashidikanywaho na gato ko ibikorwa bya Akayesu muri Komini Taba, mu gihe kivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakozwe, byari bifitanye isano n'imirwano. Nanone kandi Urukiko rusanga hataragaragajwe ku buryo budashidikanywaho na gato ko Akayesu yari umusirikare cyangwa se ko yari mu butumwa bwemewe kandi bizwi ko ashyigikiye abari mu mirwano nk'umukozi wa Leta, nk'umuntu uri mu rwego rw'ubuyobozi cyangwa uhagaranije mu by'ukuri Guverinoma.

644. Niyo mpamvu, Urugereko rusanga ntagushidikanya na gato Yohani Pawulo Akayesu adahamwa n'ibyaha ashinjwa mu ku kirego cya 6 icya 8 icya 10, icya 12 n'icya 15 byemejwe mu Nyandiko y'ibirego.

### 7.2. Ikirego cya 5. Ibyaha byibasiye inyokomuntu (ubuhotozi).

645. Mu kirego cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego, Uregwa ashinjwa icyaha kibasiye inyoko-muntu (ubuhotozi) giteganywa n'ingingo ya 3 (a) ya Sitati ku bikorwa bivugwa mu gika cya 15 n'icya 18 by'Inyandiko y'ibirego.

646. Igisobanuro cy'ibyaha byibasiye inyoko-muntu harimo n'ingingo zigize ibyaha bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati, byarasuzumwe.

647. Ntagushidikanya na gato, Urugereko rwemera ko Ushinjwa yari mu nama yabereye muri Segiteri Gishyeshye mu gitondo cyo kuwa 19 Mata 1994, akanayifatiramo n'ijambo. Nyamara ariko, Urugereko rusanga bitaragaragajwe ntagushidikanya na gato ko mu gihe yafataga ijambo, Ushinjwa yatunze agatoki Rukundakuvuga cyangwa Emanweli Sempabwa ko ari abatutsi bagomba kwicwa, bikaba aribyo byaba byarabaviriyemo kwicwa.

648. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko mu gihe yashakishaga Efuremu Karangwa, Ushinjwa yafatanije n'abandi mw'ihotorwa rya Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomo, mu gihe yategekaga ko bicwa kandi nawe ubwe ari aho bahotorewe.

649. Urugereko rwemera ntagushidikanya nagato ko Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomo bari Abasiviri batari mu mirwano mu buryo butaziguye yaberaga mu Rwanda mu w'i 1994, ko kandi bishwe kubera gusa ko bari Abatutsi.

650. Urugereko rwanzura ko, mu gihe yategekaga ko Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomo bahotorwa, Ushinjwa yari afite nta gushidikanya na gato umugambi wihariye wo kubica mu rwego rw' igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'abasiviri bo mu Rwanda kubera ubwoko bwabo.

651. Urugereko rwemera nta gushidikanya na gato ko, hakurikijwe ingingo ya 6 (1) ya Sitati, mu gihe yategekaga ko Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomo bicwa, Ushinjwa ahamwa ku giti cye n'urupfu rw'abahotowe.

652. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko, ku itariki ya 19 Mata 1994, igitero rusange kandi kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'abasiviri bo mu Rwanda ko kandi imyitwarire ye yari mu rwego rw' icyo gitero.

653. Urugereko rubona ko ukwicwa kwa Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomo, ntagushidikanya na gato, ari ubuhotozi bwakozwe mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri bo mu Rwanda kubera ubwoko bwabo, bukaba rero ari icyaha kibasiye inyoko-muntu. Kubera izo mpamvu, Urugereko rwemeza ntagushidikanya na gato ko Uregwa ahamwa n'icyaha ashinjwa mu kirego cya 5 cy'Inyandiko y'ibirego.

### 7.3. IKIREGO CYA 7 IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU (ubuhotozi)

654. Mu kirego cya 7 cy'Inyandiko y'ibirego, Ushinjwa uregwa icyaha kibasiye inyoko-muntu (ubuhotozi) giteganywa n'ingingo ya 3 (a) ya Sitati ku bikorwa bivugwa mu gika cya 19 cy'Inyandiko y'ibirego.

655. Igisobanuro cy'ibyaha byibasiye inyoko-muntu kimwe n'ingingo zinyuranye zigize ibyaha bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati byarasuzumwe.

656. Urugereko rwemera nta gushidikanya na gato ko ku itariki ya 19 Mata 1994, Ushinjwa yafashe impunzi umunani, z'Abasiviri bari bafunze, batari mu buryo butaziguye mu mirwano yaberaga mu Rwanda mu w'1994, abashumuriza insoresore z'aho zitwaraga gisirikare zizwi ku izina ry'interahamwe, azitegeka kubica.

657. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko Interahamwe, zikurikije amabwiriza y'Ushinjywa, zamwiciye mu maso impunzi umunani ku Biro bya komini.

658. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko ategeka iyicwa ry'impunzi umunani, Ushinjwa yari afite umugambi wihariye wo kuzica mu rwego rw' igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri bo mu Rwanda kubera ubwoko bwabo, ko kubera izo mpamvu, aryozwa ku giti cye, ubuhotozi bwa ziriya mpunzi umunani.

659. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko, mu gutegeka iyicwa ry'impunzi umunani, ushinjwa ahamwa kugiti cye n'urupfu rw'abahohotewe hakurikijwe ingingo ya 6 (1) ya Sitati.

660. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko, kuwa 19 Mata 1994, igitero rusange kandi kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri mu Rwanda, ko kandi imyitwarire y'Ushinjwa yari mu rwego w'icyo gitero.

661. Nanone, Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko iyicwa ry'impunzi umunani ari ubuhotozi bwakozwe mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri kubera ubwoko bwabo, bukaba rero, ari icyaha kibasiye inyoko-muntu. Kubera izo mpamvu, Urugereko rwemeza nagushidikanya nagato ko Uregwa ahamwa n'icyaha ashinjwa mu kirego cya 7 cy' Inyandiko y'ibirego.

### 7.4. Ikirego cya 9- ibyaha byibasiye inyoko-muntu (ubuhotozi)

662. Mu kirego cya 9 cy'Inyandiko y'ibirego, Uregwa ashinjwa icyaha kibasiye inyoko-muntu (ubushobozi) giteganywa n'ingingo ya 3 ya Sitati ku bikorwa bivugwa mu gika cya 20 cy'Inyandiko y'ibirego.

663. Igisobanuro cy'ibyaha byibasiye inyokomuntu kumwe n'ingingo zigize ibyaha bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati byarasuzumwe.

664. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko kuwa 19 Mata 1994, Ushinjwa yategetse abantu bo muri ako karere kimwe n'insoresore zizwi ku izina ry'Interahamwe kwica abanyabwenge.

665. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko Interahamwe n'abantu bo muri ako karere, bakurikije amategeko bahawe n'Ushinjwa, bishe abarimu batanu aribo: umwarimu witwa Samweli, Tarisisi wiciwe imbere y'Ushinjwa, Tewojeni, Phoebe Uwineza na Fiyanse we.

666. Na none kandi, Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko abo barimu bari abasiviri batari mu buryo butaziguye mu mirwano yaberaga mu Rwanda mu w'i1994.

667. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko abo barimu batanu bishwe kubera ko bari abatutsi.

668. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko, ategeka iyicwa ry'abo barimu batanu, Ushinjwa yari afite umugambi wihariye wo kubica mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri bo mu Rwanda kubera ubwoko bwabo.

669. Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko, ategeka iyicwa ry'abo barimu 5, Ushinjwa ahamwa ku giti cye n'urupfu rw'abahohotewe hakurikijwe ingingo ya 6(1) ya Sitati.

670. Urugereko rwemera nta gushidikanya na gato ko ku itariki ya 19 Mata 1994, igitero rusange kandi kiri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri mu Rwanda kandi ko imyitwarire y'Ushinjwa yari mu rwego rw'icyo gitero.

671. Urugereko rero rukaba rwemera nta gushidikanya na gato ko iyicwa ryabo bantu batanu ari ubwicanyi bwakozwe mu rwego rw'igitero rusange kandi kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri kubera ubwoko bwabo, ko rero, ubwo bwicanyi ari icyaha kibasiye inyokomuntu. Niyo mpamvu, Urugereko ruhamya ko Uregwa ahamwa ntagushidikanya na gato n'icyaha ashinjwa mu kirego cya 9 cy' Inyandiko y'ibirego.

## 7.5. IKIREGO CYA 4. Gushishikariza kuburyo butaziguye kandi ku mugaragaro gukora icyaha cy'Itsembabwoko.

672. Ikirego cya 4 kireba ibikubiye mu gika cya 14 n' icya 15 by'Inyandiko y'ibirego birebana ahanini n' amadisikuru yaba yaravuzwe na Akayesu mu nama yabereye i Gishyeshye kuwa 19 Mata 1994. Porokireri ahamya ko, kubera amagambo ye, Akayesu yaba yarakoze icyaha cyo gushishikariza mu buryo butaziguye kandi kumugaragaro gukora itsembabwoko, icyaha gihanishwa ingingo ya 2 (3) c) ya Sitati.

673. Urugereko rwatanze imyanzuro yarwo kubyabaye bivugwa mu gika cya 14 n' icya 15 by'Inyandiko y'ibirego mu magambo akurikira. Rwemera ntagushidikanya na gato ko:

> (i) Mu masaha ya mu gitondo cyo kuwa 19 Mata 1994 Akayesu yagiye mu giterane cy'abantu barenga ijana cyari cyakoraniye I Gishyeshye gikikije umurambo w' interahamwe;
>
> (ii) Yaboneyeho akanya ko kubwira abaturage mu ruhame kandi kubera imirimo y'ububurugumesitiri yari ashinzwe n'ubutegetsi yari afite ku baturage, ayobora inama n'ibyayivugiwemo;

(iii) Akayesu yasabye mu magambo yumvikana abaturage kwishyira hamwe kugirango bikize uwo yise umwanzi umwe rukumbi: icyitso cy'Inkotanyi.

(iv) Hakurikijwe ubuhamya buhura bwagiye bugaruka muri uru rubanza kandi hakurikijwe ibimenyetso rwashyikirijwe na Dr. Ruzindana, nk'umutangabuhamya wahamagajwe nk'impuguke kubyerekeye indimi, Urugereko rwemera ntagushidikanya na gato ko abaturage bumvise ko Akayesu yabahamagariraga kwica Abatutsi. Akayesu nawe ubwe kandi yari azi neza ingaruka y'amagambo ye ku baturage n'uko kubahamagarira kurwanya ibyitso by'inkotanyi byafatwaga nko kubahamagarira kwica Abatutsi muri rusange.

(v) Mu nama yavuzwe, Akayesu wari washyikirijwe n'Interahamwe inyandiko zariho urutonde rw'amazina, yabwiye muri make abaturage ibizikubiyemo, yerekana cyane cyane ko ayo mazina yari ay'abantu b' ibyitso bya FPR.

(vi) Akayesu yabwiye abaturage ko kuri ayo malisiti harimo nk'izina rya Efuremu Karangwa, yavuze neza kandi yari azi neza ingaruka zabyo. Ubwe kandi yiyemereye n'imbere y'Urugereko ko, mu gihe ibyo ashinjwa bikubiye mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, uwo ariwe wese watungwaga agatoki ku mugaragaro ko ari icyitso cya FPR, byamushyiraga mu makuba.

(vii) Hari rwose isano hagati y' ibyavuzwe na Akayesu mu nama yo kuwa 19 Mata 1994 n'itsembatsemba ry'Abatutsi rya kurikiyeho muri Taba yose.

674. Rushingiye ku bimaze kuvugwa, Urugereko rwemera nta gushidikanya na gato ko kubera amadisikuru yavuzwe haruguru yavugiwe mu ruhame kandi ku karubanda, Akayesu yari agambiriye gucengeza mu buryo butaziguye mu bamwumvaga umutima mubi wo kurimbura Abatutsi. Niyo mpamvu Urugereko rusanga rero ko ibyo bikorwa bigize icyaha cyo gushishikariza mu ruhame kandi ku buryo butaziguye gukora icyaha cy'itsembabwoko nk'uko rwagisobanuye haruguru.

675. Byongeye kandi, Urugereko rusanga ko gushishikariza ku buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora itsembabwoko nk'uko byakozwe na Akayesu byaritabiriwe, binatera irimbuka ry'Abatutsi benshi cyane muri Taba.

## 7.6. Ikirego cya 11- Ibyaha byibasiye inyoko-muntu (kwica urubozo)

676. Hitaweho imyanzuro ikomoka ku bikorwa birebana n'ibivugwa mu gika cya 16, icya 21, icya 22 n'icya 23 by'Inyandiko y'ibirego, Urukiko rusuzuma uburyozwa-cyaha bw'ushinjwa ku kirego cya 11, ibyaha byibasiye inyokomuntu (kwica urubozo), bihanishwa ingingo ya 3 f) ya Sitati y'Urukiko, kubera ibikorwa yakoze igihe abagiriwe nabi U, V, W, X, Y na Z bakubitwaga.

677. Urukiko rurasanga ibimenyetso birebana n'ikubitwa ry'abagiriwe nabi batavugwa mu mazina mu gika cya 16, icya 17, icya 21, icya 22 n'icya 23 by'Inyandiko y'ibirego byaragaragajwe mu rubanza; urugero ni umugabo J wavuze ko yakubiswe urushyi naho umuvandimwe we agakubitwa n'Ushinjwa. Kubera ko ikirego cya 11 n'icya 12 biri mu murongo umwe n'ibikorwa bijyana n'ikubitwa ry'abagiriwe nabi U, V, W, X, Y na Z, Urukiko ruzibanda, mu rwego rw'amategeko, kuri ibyo bikorwa byonyine.

678. Urukiko rusanga ko mu gika cya 16 cy'Inyandiko y'ibirego, havugwa ko Uregwa yakangishije uwagiriwe nabi U kumwicira umugabo n'umwana. Umwanzuro w'Urukiko kubyabaye ni uko Ushinjwa atakangishije kwica umugabo n'umwana b'uwagiriwe nabi U, ahubwo ko ari we yabikangishije. Urukiko rusanga ibyavuzwe mu Nyandiko y'ibirego byagejejwe k'Uregwa ku buryo buhagije ibirego ashinjwa hubahirijwe uburenganzira bwe bwo kwiregura. Mu by'ukuri yateye ubwoba uwagiriwe nabi U. Kuba iryo terabwoba ryaba ryaramukoreweho cyangwa ryarakorewe umuryango we, Urukiko rusanga ntacyo byungura ku birebana n'amategeko.

679. Urukiko rusanga igika cya 21 cy'Inyandiko y'ibirego kivuga abapolisi ba Komini "ntikivuge interahamwe, n'ubwo mu gika cya 23 havugwa abagabo bategekwaga na Yohani Pawulo Akayesu". Mu myanzuro yarwo kubyabaye, Urukiko rwasanze Mugenzi wenyine ariwe wari umupolisi wa Komini. Undi muntu wagize uruhare rukomeye mu ibazwa no mu ikubitwa by'uwagiriwe nabi Z, ahari no mu ibazwa ry'uwagiriwe nabi W ni Interahamwe Farasisiko. Kubera ko Farasisiko na Mugenzi bombi babikoraga mu maso y'Ushinjwa kandi babitegetswe nawe kuburyo butaziguye nka burugumesitiri, Urukiko rusanga ko ku birebana n'Ushinjwa, ibikorwa bya Farasisiko bishobora gufatwa kimwe nk'ibya Mugenzi.

680. Urukiko rubona ko Ushinjwa ubwe yagize uruhare mu ikubitwa ry'uwagiriwe nabi Y amukubitisha inkoni mu mugongo, no mu ikubitwa ry'uwagiriwe nabi Z amunyukanyuka mu maso, akamutsikamisha ikirenge mu maso igihe abandi bamukubitaga. Ushinjwa yaba yarababajije ibibazo ariko ntibivugwa neza mu gika cya 21 n'icya 23 by'Inyandiko y'ibirego ko yakoze ibikorwa by'urugomo bihohotera umubiri. Nyamara ariko Urukiko rusanga ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego byaramenyeshaga bihagije Uregwa ibyabaye kandi ko uruhare rugaragara yabigizemo rwasuzumwe mu rubanza hubahirijwe amategeko. Kubera izo mpamvu, Urukiko rusanga Ushinjwa ashobora kuryozwa uruhare rutaziguye yagize mu ikubita n'ubwo urwo ruhare atarushinjwa ku buryo bweruye mu bika birureba by'Inyandiko y'ibirego.

681. Urukiko rwumva ko "Kwica urubozo" bivugwa mu ngingo ya 3 f) ya Sitati yarwo nk'uko bisobanurwa n'Amasezerano y'Umuryango w'abibumbye arebana no kwica urubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, birenze kamere cyangwa bitesha umuntu agaciro, ni ukuvuga "igikorwa icyo aricyo cyose gikorewe umuntu kikamutera ububabare bukomeye cyane, bwaba ubwo ku mubiri cyangwa mu mutwe, hagamijwe ko uwo muntu cyangwa undi wundi agira ibyo atangaza cyangwa yemera, kumuhanira igikorwa we cyangwa undi muntu wundi yakoze cyangwa akekwaho kuba yarakoze, kumutera ubwoba cyangwa kumushyiraho inkeke cyangwa kubikorera undi uwo ariwe wese cyangwa kubera indi mpamvu iyo ariyo yose ishingiye ku ivangura iryo aririyo ryose igihe bene ubwo bubabare bwatewe n'umukozi wa Leta cyangwa undi muntu uwo ariwe wese ukora nk'umukozi wa Leta cyangwa uwo mukozi akaba yabishishikarije abandi cyangwa yarabyemeye ku mugaragaro cyangwa ku buryo buteruye".

682. Urukiko rusanga ko ibikorwa bikurikira byakozwe n'Ushinjwa cyangwa byakozwe n'abandi ahari abibashishikarije cyangwa abyemeye kuburyo bweruye cyangwa buteruye, biranga icyaha cyo kwica urubozo:

(i) Ibazwa ry'uwahohotewe U n'Ushinjwa ku biro bya komini kuwa 19 Mata 1994 akangishwa kwicwa

(ii) Ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Y, hanze y'inzu ye, ryakozwe na Mugenzi n'Ushinjwa kuwa 20 Mata 1994;

(iii) Ibazwa ry'uwahohotewe Y, akangishwa kwicwa, n'Ushinjwa n'ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Y abazwa na Mugenzi, Ushinjwa ahari, ahacukurwaga amabuye y'agaciro i Buguli kuwa 20 Mata 1994;

(iv) Ibazwa ry'uwahohotewe W, akangishwa kwicwa, n'ushinjwa mu gisimu cy'i Buguli kuwa 20 Mata 1994;

(v) Ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Z, mu gihe k'ibazwa rye, n'Ushinjwa na Mugenzi na Farasisiko Ushinjwa ahari, muri Segiteri Gishyeshye kuwa 20 Mata 1994;

(vi) Guhatira uwahohotewe Z gukubita uwahohotewe Y mu gihe yabazwaga na Farasisiko imbere y'Ushinjwa muri Segiteri Gishyeshye kuwa 20 Mata 1994.

(vii) Ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Z n'uwahohotewe na V bikozwe na Mugenzi na Farasisiko, n'ibazwa ry'uwahohotewe V, akangishwa kwicwa, n'Ushinjwa hanze y'inzu y'uwahohotewe V kuwa 20 Mata 1994.

683. Kubera izo mpamvu, Urukiko rwemera uruhare rw'Ushinjwa ku kirego cya 11 hakurikijwe ingingo ya 6 1) ya Sitati yarwo rwo kuba yarakoze ibikorwa byo kwica urubozo bikurikira, ibyo bikorwa bikaba bigize ibyaha byibasiye inyoko-muntu biteganywa n'ingingo ya 3 a) ya Sitati yarwo:

(i) Ibazwa ry'uwahohotewe U, akangishwa kwicwa, ryakorewe kuwa 19 Mata 1994 ku biro bya komini.

(ii) Ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Y, hanze y'inzu ye, kuwa 20 Mata 1994.

(iii) Ibazwa ry'uwahohotewe Y, akangishwa kwicwa, ryakorewe ahacukurwaga amabuye y'agaciro i Buguli kuwa 20 Mata 1994;

(iv) Ibazwa, ry'uwahohotewe W, akangishwa kwicwa, ryakorewe ahacukurwaga amabuye y'agaciro i Buguli kuwa 20 Mata 1994;

(v) Ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Z muri Segiteri Gishyeshye kuwa 20 Mata 1994;

(vi) Ibazwa ry'uwahohotewe V, akangishwa kwicwa, ryakorewe hanze y'inzu ye kuwa 20 Mata 1994;

684. Urugereko rusanze Ushinjwa ahamwa n'icyaha gikubiye mu ikirego cya 11 hakurikijwe ingingo ya 6 1) ya Sitati yarwo, cyo kuba yarategetse ateruye, yarashishikarije, yarafashije kandi agashyigikira ibikorwa byo kwica urubozo bikurikira, bigakorerwa imbere ye n'abantu babikoraga mu izina rye, ibyo bikorwa bikaba bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu nk'uko bivugwa mu ngingo ya 3 a) ya Sitati yarwo;

(i) Ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Y, hanze y'inzu ye bikozwe na Mugenzi kuwa 20 Mata 1994;

(ii) Ikubitwa inkoni ry'uwahohotewe Y mu gihe cy'ibazwa rye na Mugenzi ahacukurwaga amabuye y'agaciro i Buguli kuwa 20 Mata 1994;

(iii) Ikubitwa inkoni ry'uwagiriwe nabi Z, mu gihe yabazwaga na Mugenzi na Farasisiko muri Segiteri Gishyeshye kuwa 20 Mata 1994;

(iv) Guhatira uwahohotewe Z gukubita uwahohotewe Y mu ibazwa rye na Farasisiko muri Segiteri Gishyeshye kuwa 20 Mata 1994.

**7.7. Ikirego cya 13 (gusambanya ku gahato) n'icya 14 (ibindi bikorwa birenze kamere-muntu) – Ibyaha byibasiye inyoko-muntu**

685. Kubera imyanzuro yafashwe ku byerekeye ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina biteganywa mu gika cya 12 A n'icya 12 B by'Inyandiko y'ibirego, Urugereko rurasuzuma uburyozwa cyaha bw'Ushinjwa ku kirego cya 13 [ibyaha byibasiye inyokomuntu (gusambanya ku gahato), bihanishwa ingingo ya 3 g) ya Sitati yarwo n'icya 14 [ibyaha byibasiye inyokomuntu (ibindi bikorwa birenze kamere-muntu), bihanishwa ingingo ya 3 i) ya Sitati].

686. Urugereko rugomba gusobanura inshoza "gusambanya ku gahato" kuko nta gisobanuro cyayo na kimwe gisanzwe kizwi cyemewe mu mategeko mpuzamahanga, kugira ngo rushobore kureba ukuntu ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byaba bigize ibyaha byibasiye inyokomuntu hakurikijwe ingingo ya 3 g) ya Sitati yarwo. Urugereko rusanga abagabo benshi barakoresheje ijambo "gusambanya ku gahato" mu buhamya bwabo. Rimwe na rimwe Ubushinjacyaha n'Ubwunganizi nabo bashatse kumenya mu magambo yeruye uko gusambanya ku gahato byagenze kugira ngo bashobore kwerekana icyo abatangaguhamya bumvaga iyo bakoreshaga ijambo "gusambanya ku gahato". Urugereko ruragaragaza ko nubwo gusambanya ku gahato, bivuga mu mategeko y'igihugu iki n'iki, imibonanompuza bitsina itumvikanyweho, bishobora mu buryo butandukanye no kuba ibikorwa byo kwinjiza ibintu no/cyangwa gukoresha imyenge y'umubiri itagenewe ubusanzwe imibonano mpuza bitsina muri kamere yayo. Ku bw'Urugereko, nk'uko umugabo wiswe KK yabisobanuye mu buhamya bwe, igikorwa nk'icyo Interahamwe zakoze zinjiza igiti mu myanya ndangagitsina y'umugore usamba kiranga gusambanya ku gahato.

687. Urugereko rubona ko gusambanya ku gahato ari bumwe mu buryo bwo gusagarira undi kandi ko imvugoshusho y'ibintu n'iy'ibice by'umubiri bikoreshwa muri icyo cyaha idatuma umuntu yumva ingingo zikigize; rubona kandi ko, kubera umuco karande, hari ibintu bidashobora kuvugirwa mu ruhame kandi ruribuka agahinda kenshi n'ingorane abatangabuhamya bagize mu gusobanura ingingo ku yindi ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byababayeho. Amasezerano y'Umuryango w'Abibumye agamije kurwanya icyaha cyo kwica urubozo n'ibindi bihano cyangwa ibyaha by'ubugome, birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, ntarondora ibikorwa byihariye mu gisobanuro cyayo cyo kwica urubozo, ahubwo yerekana urwego rw'ubugizi bwa nabi buhanwa na Leta. Urugereko rubona ko ubwo buryo bwo gucyemura ikibazo bufite akamaro kanini mu rwego rw'amategeko mpuzamahanga. Kimwe no kwica urubozo, gusambanya ku gahato bikoreshwa ku mpamvu zo gutera umuntu ubwoba, kumwandagaza, kumutesha agaciro, kumuhana, kumwica ahagaze, kumupyinagaza cyangwa kumugira ingaruzwamuheto. Kimwe no kwica urubozo, gusambanya ku gahato ni icyaha gitesha umuntu agaciro kandi mu by'ukuri gifatwa kimwe n'ukwica urubozo iyo gikozwe n'umukozi wa Leta cyangwa undi muntu uwo ari we wese ukora nk'umukozi wa Leta cyangwa uwo mukozi akaba yarabishishikarije abandi cyangwa yarabyemeye ku mugaragaro cyangwa ku buryo buteruye.

688. Kubw'Urugereko, gusambanya ku gahato ni ukwinjiza ku gahato ikintu icyo ari cyo cyose mu gitsina cy'undi muntu. Urugereko rufata ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina,

burimo no gusambanya ku gahato, nk'igikorwa cyose kerecyeranye n'igitsina gikorewe umuntu ku gahato. Ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina ntibugarukira gusa ku gikorwa cyo kwinjiza igice cy'umubiri mu kindi, bubumbabumba n'ibindi bikorwa byose bidafite aho bihuriye no kwinjiza igitsina mu kindi, yemwe habe n'ihuza ry'imibiri. Ibyo umugabo wiswe KK yasobanuye avuga ko Ushinjwa yategetse Interahamwe kwambika ubusa umukobwa w'umunyeshuri no kumukoresha ku ngufu imyitozo ngorora mubiri mu kibuga cy'ibiro bya komini, imbere y'abaturage, biranga ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina. Ahangaha Urugereko rwo rusanga agahato katarangwa byanze bikunze no gukoresha ingufu. Ibikangisho, iterabwoba, amendere, n'ubundi buryo bw'ubugizi bwa nabi butera ubwoba cyangwa buhangayikisha bishobora kugaragaza agahato gashobora kuba karanga ibihe bimwe na bimwe, nk'urugero, imirwano cyangwa kuba Interahamwe zari zitwaje imbunda mu mpunzi z'abagore b'abatutsi ku biro bya Komini. Ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina bibarirwa mu bikorwa birenze kamere muntu bivugwa mu ngingo ya 3 i) ya Sitati y'Urukiko, mu bikorwa bihungabanya agaciro ka muntu, bivugwa mu ngingo ya 4 e) ya Sitati no mu bikorwa bitera ubumuga bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe bivugwa mu ngingo ya 22 b) ya Sitati.

689. Nk'uko Porokireri yabisobanuye, Urugereko rusanga ibirego kuva ku cya 13 kugeza ku cya 15 bishingiye ku bikorwa byabaye bivugwa mu gika cya 12 A) n'icya 12 B) by'Inyandiko y'ibirego. Ibivugwa muri ibyo bika by'Inyandiko y'ibirego byibanda gusa ku bikorwa byabereye mu biro cyangwa hafi y'ibiro bya komini. Ku biro bya komini habereye ikubitwa iz'akabwana, isambanya ku gahato, ubuhotozi, kandi ibimenyetso byaratanzwe; bityo, Urugereko ntirushobora gufata umwanzuro numwe ku byerekeye ikirego cya 13, icya 14 n'icya 15 ushingiye ku mategeko.

690. Urugereko rusanga kandi, rukurikije ibivugwa mu gika cya 12 A) n'icya 12B), ikirego cy'Ushinjwa gishingiye ku ngingo imwe gusa ya 3 g) (gusambanya ku gahato) n'iya i) (ibindi bikorwa birenza kameremuntu) ya Sitati y'Urukiko, kidashingiye ku ngingo ya 3 a) (ubuhotozi) cyangwa f) (kwica urubozo). Na no ne kandi rukurikije ibivugwa mu gika cya 12 A) n'icya 12 B), Uregwa ashinjwa hakurikijwe ingingo imwe gusa ya 4 e) (gutesha umuntu agaciro) ya Sitati, ntashinjwa hakurikijwe ingingo ya 4 a) (ibikorwa bibangamira amagara, ubuzima n'imibereho myiza y'umubiri cyangwa y'ubwenge by'abantu, cyane cyane ubwicanyi, kimwe n'ibikorwa by'ubugome, tuvuge nko kwica urubozo, guca ingingo zimwe z'umubiri n'ubundi bwoko bwose bw'ibihano bibabaza umubiri. Kubera ko ntahandi mu Nyandiko y'ibirego ibyo bika bivugwa byongera gushingirwaho ku byerekeye izindi ngingo za Sitati yarwo zishobora gukoreshwa, Urugereko rwemeje ko Ushinjwa ataryozwa inkoni n'ubwicanyi, ibikorwa byiswe ibyaha byibasiye inyokomuntu cyangwa byiswe ibyaha binyuranyije n'ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve. Ariko kandi Urugereko ruragaragaza ko rushingira ku gika cya 12 A) na B) ku birebana n'ibirego kuva ku cya 1 kugeza ku cya 3 (itsembabwoko) kandi rurasuzuma ikubitwa n'ubwicanyi hamwe n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n' igitsina kubirebana n'ibyo birego.

691. Urugereko rubona ko Ushinjwa yagombanga kumenya kandi mu by'ukuri yamenye ko ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina byarimo bikorerwa mu biro bya komini cyangwa hafi yabyo kandi ntiyafata ingamba nimwe yo kubibuza cyangwa yo guhana ababikoze. Ku birebana n'ibirego kuva ku cya 13 kugeza ku cya 15, Urugereko rusanga Ushinjwa aryozwa ku giti cye ibyaha bibikomokaho hakurikijwe ingingo ya 6.3) ya Sitati y'Urukiko. Nk'uko bivugwa mu Nyandiko y'Ibirego, hakurikijwe ingingo ya 6.3), "umuntu aryozwa nk'umuyobozi ku giti cye ibyaha byakozwe n'uwo akuriye, iyo yari azi cyangwa yaragombaga kumenya ko uwo ayobora yiteguraga gukora ibyo byaha cyangwa ko yabikoze ariko ntafate ingamba za ngombwa kandi zikwiriye kugira ngo ibyo byaha bidakorwa

cyangwa ngo ahane ababikoze”. Nubwo habonetse ibimenyetso bituma hemezwa ko hariho isano y’ubukuru hagati y’Ushinjwa n’Interahamwe zari ku biro bya komini, Urugereko rubona ko nta nahamwe bivugwa mu Nyandiko y’ibirego ko Interahamwe ziswe “insoresore zitwara gisirikare zitwaje intwaro” zo muri ako karere zayoborwaga n’Ushinjwa. Iyo sano ni ingingo y’ingenzi y’icyaha kivugwa mu ngingo ya 6.3). Umuntu yashobora kumva ko ihindurwa ry’Inyandiko y’ibirego kugira ngo hongerwemo bishya bishingiye ku ngingo ya 6.3) ryongereyemo ikirego cy’uburyozwacyaha bw’ukuriye undi, busabwa n’iyo ngingo ya 6.3). Kugirango Ushinjwa atarenganywa, Urugereko ruririnda kubyumva muri ubwo buryo. Kubera ibyo, Urugereko ntirwemera gusuzuma uburyozwacyaha bw’Ushinjwa rushingiye ku ngingo ya 6.3).

692. Rushingiye ku ngingo ya 6.1 ya Sitati y’Urukiko, Urugereko rusanga, nk’uko Ushinjwa yabyivugiye, yarategetse ku buryo bweruye, yarashishikarije, yarafashije kandi yarashyigikiye abandi gukora ibikorwa bikurikira by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’ igitsina:

> i) Ibikorwa byinshi byo gusambanya ku gahato byakorewe abari n’abategarugori icumi barimo umutangabuhamya wiswe JJ bikozwe n’Interahamwe nyinshi mu kigo ndangamuco cy’ibiro bya komini;
>
> ii) Isambanywa ku gahato ry’umutangabuhamya wiswe OO n’Interahamwe Antoni mu murima wari hafi y’ibiro bya komini;
>
> iii) Kuba Shantali yarahatiwe kwiyambura no kugenda yambaye ubusa ku biro bya komini.

693. Urugereko rusanga, hakurikijwe ingingo ya 6.1 ya Sitati y’Urukiko, Ushinjwa yarafashije kandi yarashishikarije abandi gukora ibikorwa bikurikira by’ ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina ubwo yemeraga ko bikorerwa mu biro bya komini cyangwa hafi yabyo, ubwa mbere yari mu biro bya komini naho ubwa kabiri n’ubwa gatatu byakorewe mu maso ye, ubwo yafashaga abandi gukora ibyo byaha kubera amagambo ashishikaza yakoresheje mu gihe cy’ibindi bikorwa by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina; ayo magambo yagaragazaga nta shiti ko ibyo bikorwa byari byemewe n’ubutegetsi, cyane cyane ko nawe yari umutegetsi; naho ubundi ntibiba byarabaye.

> i) Ibikorwa byinshi byo gusambanya ku gahato byakorewe abari n’abategarugori 15, ndetse n’umutangabuhamya wiswe JJ nawe yari abarimo, bikaba byarakozwe n’Interahamwe nyinshi mu kigo ndangamuco cy’ibiro bya komini;
>
> ii) Umugore wasambanyijwe ku gahato n’Interahamwe hagati y’amazu abiri y’ibiro bya komini, mu maso y’umutangabuhamya wiswe NN;
>
> iii) Kuba yarambitse ubusa ku ngufu umugore wa Tarisisi amaze kumetegeka kwicara mu byondo hanze y’ibiro bya komini mu maso y’umutangabuhamya wiswe KK.

694. Urugereko rubona, hakurikijwe ingingo ya 6.1) ya Sitati y’Urukiko ko Ushinjwa, kuba yaragombaga kumenya ko ibikorwa by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina byakorwaga, yarafashije kandi yarashishikarije ibikorwa by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina bikurikira ubwo yemeraga ko bikorerwa mu biro bya komini cyangwa hafi yabyo, ubwo yafashaga abandi gukora ibyaha kubera amagambo ashishikaza yavuze mu gihe cy’ibindi bikorwa by’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina; ayo magambo yagaragazaga

ko nta shiti ibyo bikorwa byari byemewe n'ibutegetsi, cyane cyane ko nawe yari umutegetsi, naho ubundi ntibiba byarabaye:

i) Umutangabuhamya wiswe JJ wasambanyijwe ku gahato n'Interahamwe yamujyanye hanze y'ibiro bya komini, ikamusambanyiriza ku ngufu mu ishyamba riri hafi yabyo;

ii) Murumuna w'umutangabuhamya wiswe NN wasambanijwe ku gahato ku biro bya komini n'Interahamwe;

iii) Ibikorwa byinshi byo gusambanya ku gahato byakozwe n'Interahamwe bigakorerwa Alegisiya, umugore wa Ntereye na bishywa be babiri, Luwiza na Nishimwe hafi y'ibiro bya komini;

iv) Kuba yarategetse ku ngufu Alegisiya, umugore wa Ntereye na bishywa be babiri Luwiza na Nishimwe kwambara ubusa, hanyuma akabahatira gukora mu ruhame imyitozo ngorora mubiri, bambaye ubusa hafi y'ibiro bya komini.

695. Urugereko rwagaragaje ko habaye ibitero rusange kandi biri kuri gahunda byibasiye abatutsi b'Abasiviri iTaba no mu Rwanda hose muri rusange hagati y'itariki ya 7 Mata no mu mpera za Kamena 1994. Rusanga ko gusambanya ku gahato n'ibindi bikorwa birenze kameremuntu byakorewe mu mazu ya komini Taba cyangwa hafi yayo, byari mu rwego rw'icyo gitero.

**IKIREGO CYA 13**

696. Hakurikijwe ingingo ya 3 g) ya Sitati, Ushinjwa ahamwa n'ibikorwa byo gusambanya ku gahato bikurikira:

i) Gusambanywa ku gahato n'Interahamwe k'umutangabuhamya wiswe JJ yamujyanye hanze y'ibiro bya komini, ikamusambanyiriza ku ngufu mu ishyamba riri hafi yabyo;

ii)Ibikorwa byinshi byo gusambanya ku gahato byakorewe abari n' abategarugori 15 harimo n'umutangabuhamya wiswe JJ, bigakorwa n'Interahamwe nyinshi mu kigo ndangamuco cy'ibiro bya komini;

iii) Ibikorwa byinshi byo gusambanya ku gahato byakorewe abari n'abategerugori 10 harimo n'umutangabuhamya wiswe JJ, bigakorwa n'Interahamwe nyinshi mu kigo ndangamuco cy'ibiro bya komini;

iv) Gusambanywa ku gahato n'Interahamwe yitwa Antoni, k'umutangabuhamya wiswe OO mu murima wo hafi y'ibiro bya komini;

v) Gusambanywa ku gahato n'Interahamwe k'Umutegarugori hagati y'amazu abiri y'ibiro bya komini, mu maso y'umutangabuhamya wiswe NN;

vi) Gusambanywa ku gahato n'Interahamwe kwa murumuna w'umutangabuhamya wiswe NN ku biro bya komini;

vii) Ibikorwa byinshi byo gusambanya ku gahato byakorewe Alegisiya, umugore wa Ntereye na bishywa be babiri, Luwiza na Nishimwe, bigakorwa n'Interahamwe hafi y'ibiro bya komini.

**IKIREGO CYA 14**

697. Hakurikijwe ingingo ya 3 i) ya Sitati, Ushinjwa ahamwa n'ibindi bikorwa birenze kameremuntu bikurikira:

> i) Kuba yarambitse ubusa ku ngufu umugore wa Tarisisi hanze y'ibiro bya komini, amaze kumutegeka kwicara mu byondo, mu maso y'umutangabuhamya wiswe KK;
>
> ii) Kuba yarahatiye Shantali kwiyambura no kuba yaramutegetse kugenda yambaye ubusa mu ruhame ku biro bya komini;
>
> iii) Kuba yarahatiye kwiyambura Alegisiya, umugore wa Ntereye na bishywa be babiri Luwiza na Nishimwe, no kuba yarabategetse gukora mu ruhame imyitozo ngororamubiri bambaye ubusa hafi y'ibiro bya komini.

**7.8. Ikirego cya mbere – Itsembabwoko, Ikirego cya kabiri – Kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko.**

698. Ikirego cya mbere kirebana n'ibyabaye byose bivugwa mu Nyandiko y'ibirego. Porokireri ashyigikira ko kubera ibikorwa bivugwa mu bika kuva ku cya 12 kugeza ku cya 23 by'Inyandiko y'ibirego, Ushinjwa yaba yarakoze icyaha cy'itsembabwoko gihanishwa ingingo ya 2.3) mu gika cyayo a) ya Sitati.

699. Ikirego cya 2 nacyo kirebana n'ibyabaye byose bivugwa mu bika kuva cya 12 kugeza ku cya 23 by'Inyandiko y'ibirego. Kubera ibyo bikorwa, Ushinjwa yaba yarabaye, nk'uko Porokireri abivuga, icyitso cy'abakora itsembabwoko, icyaha gihanishwa ingingo ya 2 3) mu gika cyayo e) ya Sitati.

700. Urugereko, mu myanzuro yarwo irebana n'amategeko akurikizwa, rwerekanye haruguru ko rusanga icyaha cy'itsembabwoko n'icyo kuba icyitso mu itsembabwoko ari ibyaha bibiri bitandukanye, ko rero umuntu umwe adashobora kuba gatozi kandi ngo yongere abe icyitso mu icyaha kimwe. Ingaruka y'itabangikanwa ry'inyito y'itsembabwoko n'iy'ubwitso mu itsembabwoko ni uko Ushinjwa adashobora guhamwa n'ibyo byaha bibiri bikomoka ku gikorwa kimwe. Ubwo rero Ubushinjacyaha bwahaye buri kirego inyito ebyiri, iy'itsembabwoko n'iy'ubwitso mu itsembabwoko, Urugereko rusanga bikwiye muri uru rubanza gutangira hamwe imyanzuro yarwo ku byerekeye ikirego cya 1 n'icya 2, kugira ngo rwemeze, kuri buri gikorwa cyagaragajwe, niba cyashobora kuba icy'itsembabwoko cyangwa icyo kuba icyitso mu itsembabwoko.

701. Ikibazo ni ukumenya rero ubwoko bwaba bwarakorewe iryo tsembabwoko. Nubwo Porokireri atabivuze ku buryo bweruye mu Nyandiko y'ibirego, bigaragara neza, hakurikijwe ibirego byatanzwe, ubuhamya bwatanzwe n' imyanzuro y'Ubushinjacyaha, ko itsembabwoko ryaba ryarakorewe ubwoko bw'Abatutsi. Ingingo ya 2 (2) ya Sitati, kimwe n'Amasezerano ku itsembabwoko, iteganya ko itsembabwoko rishobora gukorerwa abantu bahuriye k'ubwenegihugu, isano-muzi, ubwoko cyangwa idini. Urugereko rwibajije haruguru mu myanzuro yarwo ku byerekeye amategeko akoreshwa ku cyaha cy'itsembabwoko niba abantu barinzwe bagarukira gusa kuri ziriya ngeri twavuzwe cyangwa se niba hatagombaga kubarirwamo n'ingeri iyo ari yose y'abantu bafite aho babarizwa hadahinduka kandi hahoraho kimwe na za ngeri enye. Urugereko, uko rubibona, rwerekanye ko igitekerezo cy'abanditse Amasezerano ku itsembabwoko gikwiriye kubahirizwa hakurikijwe imirimo yateguye icyo gitekerezo cyari kigamije nta gushidikanya kurinda ingeri iyo ari yose y'abantu ihoraho kandi ifite aho ibarizwa hadahinduka.

702. Rushingiye ku ngingo rwashyikirijwe mu iburanisha, Urugereko rusanga Abatutsi bari bagize agatsiko kitwa ubwoko, hakurikijwe uko Leta yabyitaga mu Rwanda mu w'1994. Bityo rero, indangamuntu y'umunyarwanda yari yanditsemo, muri icyo gihe, ijambo "ubwoko" mu kinyarwanda cyangwa "ethnie" mu gifaransa, iryo jambo ryasobanuraga "UBUHUTU" cyangwa "UBUTUTSI". Byongeye kandi, Urugereko rwasanze buri mutangabuhamya w'umunyarwanda yarasubizaga igihe cyose nta gutekereza, nta gushidikanya, ibibazo bya Porokireri byerekeranye n'ubwoko bwe. Bityo, Urugereko rusanga Abatutsi bari bagize agatsiko gahoraho kandi gafite aho kabarizwa hadahinduka igihe ibivugwa byabaga.

703. Kubera ko ari uko biteye, ku byerekeye buri kirego kivugwa mu Nyandiko y'ibirego kandi rukurikiza imyanzuro rwafashe ku byabaye bivugwa kuva ku gika cya 12 kugeza ku cya 23 by'Inyandiko y'ibirego, Urugereko ruremera nta gushidikanya na gato ibikubiye mu mirongo ikurikira.

704. Urugereko rubona, ku birebana n'ibirego bivugwa mu **gika cya 12**, ko byagaragajwe ko, nka burugumesitiri, Uregwa, muri icyo gihe cyose kivugwa mu Nyandiko y'ibirego, yari ashinzwe kubungabunga umutekano w'abaturage no kubahiriza amategeko muri komini ya Taba kandi ko yari afite ububasha nyabwo ku bapolisi ba komini. Uretse n'ibyo, "nk'umuyobozi" wa komini Taba, wari umwe mu bantu baho bakomeye, abaturage baramwubahaga bagakurikiza amategeko ye. Ushinjwa yiyemereye ubwe imbere y'Urugereko ko yari afite ububasha bwo gukoranya abaturage kandi ko bakurikizaga amabwiriza yabahaga. Na none byaragaragajwe ko Abatutsi benshi cyane biciwe i Taba hagati y'itariki ya 7 Mata no mu mpera z'ukwezi kwa Kamena 1994, kandi icyo gihe yari burugumesitiri w'iyo komini. Ubwo yari amaze kumenya ko ubwicanyi buriho, yaburwanyije, agerageza no kubuhagarika kugera gusa kuwa 18 Mata 1994 ; kuva kuri iyo tariki, uretse no kutagerageza kubungabunga umutekano w'abaturage muri Komini ye, ahubwo ibikorwa by'ubugizi bwa nabi n'ubwicanyi byakorewe mu maso ye ndetse rimwe na rimwe, we ubwe, agatanga amategeko yo gutera Abatutsi ubumuga bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe, ndetse hari n'Abatutsi yategetse ko bicwa.

705. Kubw'Urugereko, ibyo bikorwa biryozwa Ushinjwa ku giti cye kubera ko yategetse, yakoze cyangwa k'ubundi buryo ubwo aribwo bwose, yafashije kandi yashishikarije abandi gutegura ubwicanyi, kubushyira mu bikorwa no guteza abagize ubwoko bw'Abatutsi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe. Urugereko rubona rero ko, nk'Umuyobozi wo mu rwego rw'ibanze, kuba Ushinjwa atararwanyije ubwo bwicanyi n'iryo sagarira ry'ubusugire bw'umubiri n'ubwo mu mutwe bwari uburyo buteruye bwo gushishikariza; bukaba noneho bwararushijeho kuba bubi ubwo byakorerwaga mu maso ye.

706. Ku birebana n'ibivugwa mu **gika cya 12 (A) n'icya 12 (B)** by'Inyandiko y'ibirego, Ubushinjacyaha bwagaragaje ntagushidikanya na gato ko, hagati y'itariki ya 7 Mata n'impera z'ukwezi kwa Kamena 1994, Abatutsi benshi bashakaga ubuhungiro ku biro bya komini ya Taba bakubitiwe kenshi n'Interahamwe mu mazu y'ibiro bya komini cyangwa hafi yayo. Bamwe muri bo barishwe. Abatutsikazi benshi bagiriwe ku ngufu ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, baciwe ingingo zimwe z'umubiri kandi basambanyijwe mu ruhame ku gahato, inshuro nyinshi, kandi akenshi bigakorwa n'abantu barenze umwe. Gusambanya ku gahato aba tutsikazi byari kuri gahunda, umwe mu bagiriwe nabi abivuga muri aya magambo : «Uko wahuraga n'abagabaga ibitero, bagusambanyaga ku gahato». Hari ingero nyinshi zerekana ukuntu Abatutsikazi basambanyijwe ku gahato n'ukuntu bagiriwe ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina mu biro bya komini cyangwa hafi yabyo. Byaragaragajwe ko abapolisi ba komini bitwaje imbunda kimwe n'Ushinjwa ubwe, biboneye n'amaso yabo

ibikorwa bimwe byo gusambanya ku gahato n'iby'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina. Uretse n'ibyo, byaragaragaye ko inshuro nyinshi, Ushinjwa yashishikarije gukora ibyaha by'ubugome kubera ko byakorerwaga mu maso ye, kubera imyifatire ye no kubera amagambo ye. Umwe mu bagiriwe nabi yatangarije Urukiko ko Ushinjwa yaba yarabwiye Interahamwe zarimo zisambanya abagore ku gahato, ati : «Ntimuzongere kumbaza uko umututsikazi ameze[177]». Urugereko rusanga ibyo ari ugushyigikira kuburyo buteruye ibikorwa byo gusambanya ku gahato byakorwaga.

707. Kubw'Urugreko Ushinjwa arahamwa ku giti cye n'ibirego ashinjwa haruguru kubera ko yashishikarije abandi gutegura ubwicanyi cyangwa kubushyira mu bikorwa no guteza abagize ubwoko bw'Abatutsi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe.

708. Urugereko rwerekanye haruguru, ko ku birebana n'ibirego bivugwa mu gika cya 13 cy'Inyandiko y'ibirego, Porokireri atarwemeje mu buryo budashidikanywaho na gato ko ibyo bikorwa byabayeho.

709. Naho ku birebana n'ibivugwa mu gika cya 14 n'icya 15 by'Inyandiko y'ibirego, byaragaragaye ko Ushinjwa, mu museke wo kuwa 19 Mata 1994, yagiye mu giterane cyari cyabereye i Gishyeshye, aboneraho umwanya wo gufata ijambo mu ruhame, yayoboye inama n'ibyayivugiwemo. Nibwo yasabaga abaturage gushyira hamwe kugira ngo bikize icyo yise umwanzi umwe rukumbi : icyitso cy'Inkotanyi ; abaturage bumvise ko Ushinjwa yabahamagariraga kwica Abatutsi. Ushinjwa nawe ubwe yari azi neza ingaruka z'amagambo ye ku baturage kandi ko kubahamagarira kurwanya ibyitso by'Inkotanyi byafatwaga nko kubasaba kwica Abatutsi muri rusange. Ushinjwa wari washyikirijwe n'Interahamwe inyandiko ziriho lisiti y'amazina; muri iyo nama yavuze mu magambo make, ibyari bikubiye muri iyo nyandiko yerekana cyane cyane ko ayo mazina yari ay'ibyitso bya F.P.R. yaburiye ku buryo bweruye abari muri iyo nama ko Efuremu Karangwa yari kuri iyo lisiti. Ushinjwa yiyemereye imbere y'Urugereko ko muri icyo gihe, gufatwa ku mugaragaro nk'icyitso cya F.P.R. byagukururiraga ibyago. Ayo magambo yavugiwe muri iyo nama n'Ushinjwa yakurikiwe muri Taba ako kanya n'itsembatsemba rusange ry'Abatutsi.

710. Ku birebana n'ibyo bikorwa bishinjwa Uregwa mu gika cya 14 n'icya 15 by'Inyandiko y'birego, Urugereko ruributsa ko rwemeye haruguru ko ibyo bikorwa bigize icyaha cyo guhamagarira mu buryo butaziguye kandi kumugaragaro gukora itsembabwoko, icyaha giteganywa n'igika c) cy'ingingo ya 2(3) ya Sitati, kikaba icyaha gitandukanye n'icy'itsembabwoko[178].

711. Ku birebana n'ibirego bya Porokireri bivugwa **mu gika cya 16** cy'inyandiko y'ibirego, Urugereko ruremera ntagushidikanya na gato ko kuwa 19 Mata 1994, yakangishije inshuro ebyiri umutangabuhamya U, umututsikazi, kumwica, mu gihe cy'ibazwa rye. Yamufungiranye mu biro bya komini amasaha menshi, mbere yo kumurekura. Kuwa 20 Mata 1994, nimugoroba, mu isaka ry'inzu y'uwagiriwe nabi V, w'Umuhutu, Ushinjwa yahise amukangisha kumwica. Hanyuma, umupolisi wa komini witwa Mugenzi n'uwo bita Farasisiko n'Interahamwe, bamukubise inkoni n'ikibuno cy'imbunda, Ushinjwa ahibereye ; izo nkoni zamuvunnye urubavu.

712. Urugereko rusanga ibyaha Uregwa ashinjwa byerekeye abagiriwe nabi U na V bigize ibikorwa bikomeye byateje abo bagiriwe nabi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe. Ibyo ari byo byose, k'ubw'Urugereko, ibikorwa byakorewe uwagiriwe nabi U, umututsikazi, birahama Ushinjwa ku giti cye kubera ko yakoze cyangwa ku bundi buryo ubwo aribwo bwose yafashije kandi yashishikarije ibikorwa bikomeye byateje umuntu wo mu bwoko bw'Abatutsi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe. Naho ku byerekeye ibyakorewe V,

Urugereko rusanga byarabaye k'Umuhutu, bityo bikaba bidashobora kuba icyaha cy'itsembabwoko cyakorewe ubwoko bw'Abatutsi.

713. Ku birebana n'ibivugwa mu gika cya 17, Porokireri ntiyashoboye kwemeza Urugereko ko ibyo bikorwa byabaye ku buryo budashidikanywaho na gato.

714. Naho ku birebana n'ibivugwa mu gika cya 18 cy'Inyandiko y'ibirego, byagaragaye ko ahagana ku itariki cyangwa ku itariki ya 19 Mata 1994, Ushinjwa ari kumwe n'agatsiko k'abantu yategekaga, bashenye inzu ya Efuremu Karangwa, n'iya nyina mu gihe bashakishaga Karangwa. Nyuma y'ibyo, bagiye gusaka inzu ya muramu wa Efuremu Karangwa muri komini ya Musambira, bahasanga abavandimwe be batatu. Ubwo abo bavandimwe aribo Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizositomi Gakuba bageragezaga guhunga, Ushinjwa yatanze itegeko ryo kubafata. Yategetse ko bicwa kandi nawe yabigizemo uruhare.

715. K'ubw'Urugereko, ibyo byaha bihama Ushinjwa ku giti cye kubera ko yategetse, yakoze, yafashije, yashishikarije gutegura ubwicanyi cyangwa kubushyira mu bikorwa no kubera ko yateje abagize ubwoko bw'Abatutsi ubumuga bw' umubiri n'ubwo mu mutwe.

716. Ku birebana n'ibivugwa mu gika cya 19, Urugereko rusanga byaragaragajwe ko ku itariki cyangwa ahagana ku itariki ya 19 Mata 1994, Ushinjwa yakuye muri kasho ya komini Taba impunzi umunani zari zivuye muri komini Runda, akazishimuriza Interahamwe kandi azitegeka ko zizica. Izo Nterahamwe zabicishije intwaro gakondo zinyuranye, zirimo imihoro n'udushoka, imbere y'ibiro bya komini; izo mpunzi ziciwe mu maso y'Ushinjwa wavuze ati : «Nimugire vuba». Bishwe kubera ko bari Abatutsi.

717. Urugereko rusanga ibyo byaha bihama Ushinjwa ku giti cye kubera ko yategetse, yafashije, yashishikarije kwica no guteza abagize ubwoko bw'Abatutsi ubumuga bwo ku mubiri n'ubwo mu mutwe.

718. Porokireri yagaragaje ko, nk'uko bivugwa mu gika cya 20 cy'Inyandiko y'ibirego, kuri iyo tariki, Ushinjwa yategetse abaturage kwica abanyabwenge no gushakisha umwarimu witwaga Samweli, wazanywe ku biro bya komini akicishwa umupanga bamukubise mu muhogo. Ku mabwiriza y'Ushinjwa, abarimu ba komini Taba barishwe. Mu barimu bishwe, harimo abitwaga Tarisisi Twizeyumuremyi, Tewojene, Foyibe Uwineza na fiyanse we utazwi izina. Bishwe n'abaturage n'Interahamwe, bicishijwe imipanga n'ibikoresho byo mu buhinzi ku muhanda unyura imbere y'ibiro bya komini. Tarisisi yiciwe neza mu maso y'Ushinjwa.

719. K'ubw'Urugereko, ibyo byaha bihama Ushinjwa ku giti cye kubera ko yategetse, yafashije, yashishikarije gutegura ubwicanyi cyangwa kubushyira mu bikorwa no kubera ko yateje abagize ubwoko bw'Abatutsi ubumuga bwo ku mubiri n'ubwo mu mutwe.

720. Urugereko rubona ko ibivugwa mu gika cya 21 ari ukuri. Byaragaragajwe ko ku mugoroba wo kuwa 20 Mata 1994, Ushinjwa ari kumwe n'Interahamwe ebyiri n'umupolisi wa komini witwaga Mugenzi, yitwaje imbunda, yagiye mu rugo rw'uwagiriwe nabi Y, Umuhutukazi w'imyaka 69, kugira ngo amubaze aho Alegisiya, umugore wa Porofeseri Ntereye, yaba aherereye. Mw'ibazwa rye kandi mu maso y'Ushinjwa, uwagiriwe nabi yakubiswe inshuro nyinshi ; yakubiswe cyane cyane mu mutwe n'umupolisi wa komini akoresheje umutwe w'imbunda. Bamuzanye ku ngufu, hanyuma Ushinjwa amutegeka kuryama hasi. Akayesu ubwe yamukubise inkoni mu mugongo. Nyuma yaho,

yamuryamishije imbere y'imodoka, amukangisha kumunyura hejuru ngo niba atamubwiye ibyo yarakeneye kumenya.

721. Nubwo ibyo bikorwa byateye uwagiriwe nabi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe, Urugereko rusanga byarakorewe umuhutukazi. Bityo, bikaba bidashobora kuba icyaha cy'itsembabwoko cyakorewe ubwoko bw'Abatutsi.

722. Urugereko ruremera ntagushidikanya na gato, ku birebana n'ibivugwa mu gika cya 22 n'icya 23 by'Inyandiko y'ibirego, ko Ushinjwa, ku mugoroba wo kuwa 20 Mata 1994, yahatiye uwagiriwe nabi W, mw'ibazwa rye, kuryama imbere y'imodoka, hanyuma amukangisha kumunyura hejuru. Kuri uwo mugoroba, Ushinjwa ari kumwe n'umupolisi wa komini witwa Mugenzi n'undi witwa Farasisiko, w'Interahamwe, yahase ibibazo abagiriwe nabi Z na Y. Ushinjwa yakandagiye mu maso y'uwagiriwe nabi Z, bimuviramo kuva amaraso; muri icyo gihe,Z yakubitwaga na wa mupolisi na ya Nterahamwe, bakoresha ikibuno cy'imbunda. Iyo Nterahamwe yahatiye uwiswe Z gukubita inkoni uwiswe Y. Abo bagiriwe nabi bombi uko ari babiri babohewe hamwe, bituma Z abura umwuka. Ubwo Z nawe yakubitishijwe umugongo w'umuhoro mu mugongo.

723. K'ubw'Urugereko, ibyo byaha bihama Ushinjwa ku giti cye kubera ko yategetse, yakoze, yafashije kandi yashishikarije gutegura cyangwa gushyira mu bikorwa ibikorwa byateje abagize ubwoko bw'Abatutsi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe.

724. Nk'uko byavuzwe haruguru, Urugereko rusanga, ntagushidikanya na gato, Ushinjwa aryozwa icyaha ku giti cye hakurikijwe ingingo ya 6 (1) ya Sitati kubera ko yategetse, yakoze cyangwa k'ubundi buryo ubwo aribwo bwose yafashije, yashishikarije ibikorwa byavuzwe haruguru mu myanzuro y'Urugereko kubirebana n'igika cya 12, icya 12(A), icya 12(B), icya 16, icya 18, icya 19, icya 20, icya 22, n'icya 23, by'Inyandiko y'ibirego bigize ubwicanyi bwibasiye abagize ubwoko bw'Abatutsi n'ibikorwa bikomeye byabateje ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe.

725. Ubwo Porokireri yemeje kuri buri gikorwa cyavuzwe haruguru inyito ebyiri mu rwego rw'amategeko, iy'itsembabwoko n'iyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko, Urugereko rusanga, nk'uko byavuzwe haruguru, izo nyito zombi zitabangikanywa, bityo rukaba rugomba kwemeza imwe muri zo kuri buri gikorwa.

726. Muri urwo rwego, Urugereko ruributsa ko, mu myanzuro yarwo yerekeranye n'amategeko akurikizwa, rwagaragaje ko Ushinjwa aba icyitso cy'abakora itsembabwoko iyo, kubushake kandi abizi neza, yafashije, yateye inkunga cyangwa yateye abandi gukora icyaha cy'itsembabwoko, azi neza umugambi mubisha wabo w'itsembabwoko nubwo Ushinjwa ubwe atari yaritswemo n'icyo gitekerezo kihariye cyo kurimbura igice kimwe cy'abantu cyangwa bose bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini kubera icyo bari cyo. Rwananzuye ko ingingo ya 6(1) ya Sitati iteganya uburyo bw'ubufatanyacyaha ufasha kandi ushishikariza n'ubwo ubwo buryo bufitanye isano n'ingingo zifatika zigize icyaha cyo kuba icyitso, buhamya ku giti cye Ushinjwa icyaha cy'itsembabwoko iyo byagaragaye ko yari afite uburiganya bwihariye bwo gukora itsembabwoko, ni ukuvuga umugambi wo kurimbura igice kihariye cy'abantu; uwo mugambi ukaba atari ngombwa kugira ngo umuntu abe icyitso mu itsembabwoko.

727. Urugereko rugomba rero kwemeza muri uru rubanza niba Ushinjwa yari afite cyangwa atari afite uburiganya bwihariye bugize itsembabwoko igihe yakoraga ibyaha byavuzwe haruguru, ni ukuvuga umugambi wo kurimbura igice kimwe cy'abantu cyangwa bose kubera icyo baricyo.

728. Nk’uko rwabigaragaje mu myanzuro yarwo kubyerekeranye n’amategeko akurikizwa ku cyaha cy’itsembabwoko, Urugereko rusanga igitekerezo kigenga igikorwa gishobora kugaragazwa n’ibintu bimwe na bimwe[179]. Rusanga umugambi w’tsembabwoko watumye igikorwa kibaho inter alia ushobora kugaragazwa n’ibikorwa n’imvugo by’Ushinjwa cyangwa se na none uwo mugambi ushobora kugaragazwa muri rusange n’umwuka ibindi byaha byamaganwa byibasiye ku buryo buri kuri gahunda icyo gice cy’ahantu byakozwemo; ibyo byaha byakorwa n’Ushinjwa cyangwa byakorwa n’abandi.

729. Ku birebana mbere na mbere n’ibikorwa n’imvugo by’Ushinjwa byo mu gihe cy’ibivugwa mu Nyandiko y’ibirego, Urugereko ruremera ntagushidikanya na gato, rushingiye ku bimenyetso byose rwagejejweho mu rubanza, ko, Ushinjwa yavuze inshuro nyinshi disikuru zasaga nkaho zihamagarira gukora itsembabwoko. Ku birebana n’ikirego cya 4 by’umwihariko, Urugereko rwasanze mu myanzuro yarwo Ushinjwa aryozwa ku giti cye icyaha cyo guhamagarira abantu kandi ku mugaragaro mu buryo butaziguye gukora itsembabwoko. Ku bw’Urugereko, icyaha cyo guhamagarira abandi mu buryo butaziguye kandi ku mugaragaro gukora itsembabwoko kigaragarira mu mugambi wihariye wo gukoresha cyangwa guteza undi gukora itsembabwoko, ni ukuvuga ko ushishikariza gukora itsembabwoko nawe aba afite byanze bikunze uwo mugambi wihariye w’itsembabwoko: ariwo wo kurimbura igice kimwe cy’abantu cyangwa bose, bahuriye ku bwenegihugu, ku isano-muzi, ku bwoko cyangwa ku idini kubera icyo baricyo.

730. Na none muri icyo gihe cyose cy’ibivugwa mu Nyandiko y’ibirego[180], Urugereko rwagaragaje ko hariho itsembabwoko ryakorewe ubwoko bw’Abatutsi mu Rwanda mu w’i 1994. Kuba amarorerwa atagira ingano yarakorewe Abatutsi, kuba yarasakaye hose atari muri komini ya Taba gusa, ahubwo yarabaye mu Rwanda hose, no kuba abicwaga baratoranywaga biri kuri gahunda kandi byagambiriwe kubera ko bari mu bwoko bw’Abatutsi, nta wundi muntu wo mu bundi bwoko wahigagwa, bituma Urugereko na none rubona ntagushidikanya na gato ko Ushinjwa yari yaritswemo n’umugambi w’itsembabwoko mw’ikorwa ry’ibyaha byavuzwe haruguru.

731. Ku birebana by’umwihariko n’ibikorwa bivugwa mu gika cya 12(A) n’icya 12(B) by’Inyandiko y’ibirego aribyo : gusambanya ku gahato n’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina, Urugereko rurashimangira ko, ku bwarwo, bigize itsembabwoko nk’ibindi bikorwa bindi iyo byakozwe mu mugambi wihariye wo kurimbura, igice kimwe cy’abantu cyangwa bose, bibasiwe kubera icyo baricyo. Koko rero gusambanya ku gahato n’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina bigize ntagushidikanya na gato ibikorwa biteza abagiriwe nabi ubumuga bw’umubiri n’ubwo mu mutwe181, ndetse bikaba ari, nk’uko Urugereko rubibona, kimwe mu buryo bukabije bwibasira ubusugire bw’uwagiriwe nabi, kuko ababazwa kabiri mu mubiri we no mu bwenge bwe. Rumaze gusuzuma ibimenyetso byose rwagejejweho, Urugereko ruremera ko ibikorwa byo gusambanya ku gahato n’iby’ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina byavuzwe haruguru, byakorewe gusa abagore b’Abatutsikazi; babaye benshi mu guhazwa agashinyaguro mu ruhame, baciwe ingingo zimwe z’umubiri, banasambanywa ku gahato, akenshi inshuro nyinshi, akenshi mu ruhame, mu mazu y’ibiro bya komini cyangwa ku karubanda, akenshi bikozwe n’abagaba ibitero barenze umwe. Uko gusambanya ku gahato kwagize ingaruka yo kurimbura no kwica bahagaze abagore b’Abatutsikazi, imiryango yabo n’ubwoko bwabo. Ubugizi bwa nabi bwerekeranye n’igitsina bwari mu bigize umugambi mubisha wo kurimbura by’umwihariko Abatutsikazi kandi bwashyigikiye ku buryo bwihariye irimbura ryabo n’iry’ubwoko bwabo kubera icyo bari cyo.

732. Ugufatwa ku gahato kw’ Abatutsikazi kwari kuri gahunda, kwibasiye abatutsikazi muri rusange kandi bo gusa. Umututsikazi washatswe n’Umuhutu yagejeje k’ Urugereko ko

atasambanyijwe ku ngufu kuko ubwoko bwe butari buzwi. Mu rwego rw'ibikorwa byo guhamagarira Abahutu kwibasira Abatutsi, Abagore b'abatutsi bafashwe nk'ibikoresho. Urugero, byagejejwe k'Urugereko ko, mbere yo gufatwa ku gahato no kwicwa, Alegisiya, umugore wa Porofeseri Ntereye na bishywa be babiri, bategetswe ku gahato n'Interahamwe kwambara ubusa, banahabwa itegeko ryo kwiruka no gukora imyitozo ngororamubiri "kugira ngo berekane aMatako y'abatutsikazi". Interahamwe yasambanyije Alegisiya ku gahato yaravuze, imunaga hasi kandi inamwurira iti: «reka noneho twumve uko igituba cy'Umutitsikazi kimeze». Nk'uko byavuzwe haruguru, Ushinjwa nawe ubwe, yabwiye Interahamwe zafataga abagore ku gahato, ati: «Ntimuzongere kumbaza na rimwe uko umututsikazi amera». Uko kugaragaza ubwoko hakoreshejwe igitsina kwerekana neza ko abagore b'abatutsi bakorewe ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina kubera ko bari Abatutsi gusa. Ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina bwari intambwe imwe muri gahunda yo kurimbura Abatutsi, kubica bahagaze, kubazinutsa ubuzima bwabo n'ubw'ababo.

733. Rushingiye ku buhamya bwinshi rwagejejweho, Urugereko rusanga inshuro nyinshi, ugufata ku gahato kw'Abatutsikazi bo muri Taba kwari kujyanye n'umugambi wo kubica. Ugufata ku gahato kwakorewe kenshi hafi y'ibyobo rusange aho babaga bajyanye abo bagore ngo bahabicire. Umwe mu bagiriwe nabi yavuze ko Abatutsikazi babaga bafashwe, bashoboraga kujyanwa n'abaturage bamaze kwemera ko bazabagarura ngo bicwe. Nyuma y'ifatwa ku gahato mu kivunge, umutangabuhamya yumvise Ushinjwa avuga: «ejo bazicwa» kandi koko barishwe. Kubera izo mpamvu, Urugereko rusanga neza ugufatwa ku gahato n'ubugizi bwa nabi bwerekeranye n'igitsina, nk'ibindi bikorwa bikomeye byateye Abatutsi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe byari bigamije kubababaza no kubaca imyanya imwe y'umubiri ndetse na mbere yo kubica, mu mugambi wo kurimbura ubwoko bw'Abatutsi, bababaza bikabije ababugize.

734. Mu kwanzura ku bimaze kuvugwa, Urugereko rusanga mbere na mbere ibikorwa byavuzwe haruguru ari ibikorwa bivugwa mu ngingo ya 2(2) ya Sitati, ibikorwa bigize ingingo zifatika z'icyaha cy'itsembabwoko, arizo ubwicanyi bwakorewe Abatutsi, cyangwa ibikorwa bikomeye byateye Abatutsi ubumuga bw'umubiri n'ubwo mu mutwe. Urugereko ruremera na none ntagushidikanya na gato ko ibyo bikorwa binyuranye byakozwe n'Ushinjwa mu mugambi wihariye wo kurimbura ubwoko bw'Abatutsi kubera icyo baricyo. Bityo Urugereko rusanga ibyabaye bivugwa mu gika cya 12, icya 12(A), icya 12(B), icya 16, icya 18, icya icya 19, icya 20, icya 22 n'icya 23 by'Inyandiko y'ibirego kandi byagaragajwe haruguru, bigize icyaha cy'itsembabwoko, icyo kuba icyitso kitarimo, kandi kubera iyo mpamvu, Ushinjwa ahamwa ku giti cye n'icyaha cy'itsembabwoko.

### 7.9. Ikirego cya 3 – Ibyaha byibasiye inyoko-muntu (itsembatsemba)

735. Ku kirego cya 3 cy'Inyandiko y'ibirego, Uregwa ashinjwa icyaha cyibasiye inyokomuntu (itsembatsemba), giteganywa n'ingingo ya 3(b) ya Sitati kubera ibivugwa mu bika kuva ku cya 12 kugeza ku cya 23 by'Inyandiko y'ibirego.

736. Ibisobanuro by'ibyaha byibasiye inyokomuntu, harimo n'ingingo zinyuranye zigize ibyaha bivugwa mu ngingo ya 3 ya Sitati, byarasuzumwe.

737. Urugereko ruremera, ntagushidikanya na gato ko, mu gihe yashakishaga Efuremu Karangwa kuwa 19 Mata 1994, Ushinjwa yagize uruhare mu ihotorwa rya Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira na Yohani Kirizosotomu ategeka ko bicwa no kuba yari aho bahotorewe.

738. Urugereko ruremera, ntagushidikanya na gato ko, kuwa 19 Mata 1994, Ushinjwa yafashe impunzi munani, azigabiza insoresore zitwara gisirikare zo muri ako karere, zari zizwi ku izina ry'Interahamwe, azitegeka kwica izo mpunzi.

739. Urugereko ruremera, ntagushidikanya na gato, ko Interahamwe n'abaturage bo muri ako karere, bishe abarimu batanu, babitegetswe n'Ushinjwa, aribo : Porofeseri witwa Samweli, Tarisisi wiciwe mu maso y'Ushinjwa, Tewojeni, Foyibi Uwineza na fiyanse we.

740. Urugereko ruremera, ntagushidikanya na gato, ko izo mpunzi munani na Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira, Yohani Kirizosotomu, Samweli, Tarisisi, Tewojeni, Foyibi Uwineza na fiyanse we, bari Abasiviri batari bafite uruhare mu buryo butaziguye mu mirwano yabereye mu Rwanda mu w''1994 kandi bakaba barishwe bazira ko bari Abatutsi.

741. Urugereko ruremera ko, mu gutegeka iyicwa ry'izo mpunzi umunani n'irya Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira, Yohani Kirizosotomu, Samweli, Tarisisi, Tewojeni, Foyibi Uwineza na fiyanse we, Ushinjwa yari yaritswemo ntagushidikanya na gato n'umugambi wihariye, wo gushoza irimburwa ry'abantu bamwe, mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri mu Rwanda, kubera ubwoko bwabo.

742. Urugereko ruremera, ntagushidikanya na gato, ko ategeka iyicwa ry'impunzi umunani n'irya Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira, Yohani Kirizosotomu, Samweli, Tarisisi, Tewojeni, Foyibi Uwineza na fiyanse we, Ushinjwa ahamwa ku giti cye n'icyaha hakurikijwe ingingo ya 6(1) ya Sitati, kubera urupfu rw'abo bantu.

743. Urugereko ruremera ntagushidikanya na gato ko, kuwa 19 Mata 1994, igitero rusange kandi kiri kuri gahunda cyagabwe ku baturage b'Abasiviri bo mu Rwanda kandi imyitwarire y'Ushinjwa yari mu rwego rw'icyo gitero.

744. Kubera izo mpamvu zose, Urugereko rwemeje ubuhotozi bwagiriwe izo mpunzi munani na Simoni Mutijima, Tadeyo Uwanyirigira, Yohani Kirizosotomu, Samweli, Tarisisi, Tewojeni, Foyibi Uwineza na fiyanse we, bugize ntagushidikanya na gato icyaha cy'itsembatsemba cyakozwe mu rwego rw'igitero rusange cyangwa kiri kuri gahunda kibasiye abaturage b'Abasiviri kubera ubwoko bwabo kandi kubera izo mpamvu, kikaba ari icyaha cyibasiye inyokomuntu. Bityo, Urugereko rwemeje ko Ushinjwa ahamwa nta gushidikanya na gato n'icyaha cy'ubugome ashinjwa mu kirego cya 3 cy'Inyandiko y'ibirego.

---

175 Reba haruguru "Imyanzuro ku mategeko akurikizwa ku birebana n'ingingo ya 4 ya Sitati Itsembabwoko mu Rwanda mu w'1994?."

176 Reba haruguru "Imyanzuro ku gika cya 14 n'icya 15 by'Inyandiko y'Ibirego."

177 "Ntihazagire umbaza uko umututsikazi yari ameze ngo kandi mumenye ko ejo ngo nibabica nta kintu muzambaza."

178 Reba imyanzuro y'Urugereko ku kirego cya 4.

[179] Reba haruguru, Imyanzuro y'Urugereko ku byerekeranye n'amategeko akurikizwa.

[180] Reba haruguru imyanzuro y'Urugereko ku byerekeranye n'itsembabwoko ryakorewe ubwoko bw'Abatutsi mu Rwanda mu w'i 1994.

181 Reba mu mirongo ibanziriza iyi, imyanzuro y'Urugereko mu gice cy'amategeko akurikizwa ku cyaha cy'ubugome cy'itsembabwoko, cyane cyane mw'isobanura ry'ibikorwa bigize itsembabwoko.

## 8. ICYEMEZO CY'URUKIKO

KUBERA IZO MPAMVU, rumaze gusuzuma ibimenyetso byose n'ingingo z'ababuranyi,

URUGEREKO ku bwumvikane bw'abacamanza, rwemeje ibikurikira :

| | |
|---|---|
| Ikirego cya 1 : | Ahamwa n'icyaha cy'itsembabwoko |
| Ikirego cya 2 : | Ntahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso cy'abakora itsembabwoko |
| Ikirego cya 3 : | Ahamwa n'icyaha kibasiye inyokomuntu (Itsembatsemba) |
| Ikirego cya 4 : | Ahamwa n'icyaha cyo kuba yarahamagariye abantu mu buryo butaziguye kandi kumugaragaro, gukora Itsembabwoko |
| Ikirego cya 5 : | Ahamwa n'icyaha kibasiye inyokomuntu (Ubuhotozi) |
| Ikirego cya 6 : | Ntahamwa n'icyaha cyo kuba atarubahirije ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Ubuhotozi) |
| Ikirego cya 7 : | Ahamwa n'icyaha kibasiye inyokomuntu (Ubuhotozi) |
| Ikirego cya 8 : | Ntahamwa n'icyaha cyo kuba atarubahirije ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Ubuhotozi) |
| Ikirego cya 9 : | Ahamwa n'icyaha kibasiye inyokomuntu (Ubuhotozi) |
| Ikirego cya 10 : | Ntahamwa n'ibyaha cyo kuba atarubahirije ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Ubuhotozi) |
| Ikirego cya 11 : | Ahamwa n'ibyaha kibasiye inyokomuntu (Kwica urubozo) |
| Ikirego cya 12 : | Ntahamwa n'icyaha cyo kuba atarubahirije ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve (Ibikorwa by'ubugome) |
| Ikirego cya 13 : | Ahamwa n'icyaha kibasiye inyokomuntu (Gusambanya ku gahato) |
| Ikirego cya 14 : | Ahamwa n'icyaha kibasiye inyokomuntu (Ibindi bikorwa birenze kameremuntu) |
| Ikirego cya 15 : | Ntahamwa n'icyaha cyo kuba atarubahirije ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Ingingo ya 4(2) (e) y'Umugereka wayo wa II (Ugutesha umuntu agaciro, nko gusambanya ku gahato, ibikorwa bitesha agaciro n'ibindi bikorwa by'iterasoni) |

Byanditswe mu cyongereza no mu gifaransa,

Byashyizweho umukono Arusha, kuwa 2 Nzeri 1998,

| | | |
|---|---|---|
| Umukono | Umukono | Umukono |
| Laïty Kama | Lennart Aspegren | Navanethem Pillay |
| Perezida w'Urugereko | Umucamanza | Umucamanza |

(Ikirangantego cy'Urukiko)
ICTR-TPIR